

**UBUSOBANURO
BW' UBUHANUZI
BW'IGITABO
CYA DANIEL
N'IBYAHISHUWE**

Ubusobanuro

Bw'ubuhanuzi

bwa Daniel

Byateguwe na A.L.Hands

2^{ème} Edition, Avril, 2004 revisée par

INTEGUZA YA KRISTO

AMASHAKIRO

| | |
|---|----|
| Interuro..... | 5 |
| Ubuhanuzi bwa Daniel (Ibirego)..... | 9 |
| Ibyireguzo..... | 11 |
| Ibindi biduhamiriza igitabo cya Daniel..... | 14 |
| Igice cya 1..... | 17 |
| Igice cya 2..... | 26 |
| Igice cya 3..... | 30 |
| Igice cya 4..... | 31 |
| Igice cya 5..... | 33 |
| Igice cya 6..... | 36 |
| Interuro y'umugabane wa Kabiri..... | 38 |
| Igice cya 7..... | 44 |
| Uko akanwa kavuze ibikomeye..... | 50 |
| Uko yarengenije abera..... | 51 |
| Inama yo guhindura ibihe n'amategeko..... | 54 |
| Igice cya 8..... | 56 |
| Uko havuyeho igitambo gihoraho..... | 59 |
| Igice cya 9..... | 62 |
| Igice cya 10..... | 66 |
| Igice cya 11..... | 67 |
| Igice cya 12..... | 81 |

UBUSOBANURO BW'IGITABO CYA DANIELI

INTERURO

1. Igitabo cya Danieli cyahoze ari igitabo kibumbye kitumvikana. Ubuhanuzi bukirimo bwahoze buyobera abasomyi ba BIBLIYA uhoreye kera kose. Imana yashatse ko biba bityo. Reba Dan. 12:4,9.
2. Imana yageneye ubwo buhanuzi abo mu minsi y'imperuka, aribo twe.
 - a. Byahanuwe ko ubwenge bwo gusobanura ubuhanuzi n'ibihishwe buzagwira mu minsi y'imperuka, abantu bakajarajarira hirya no hino mu Byanditswe Byera bashaka ubusobanuro bwabwo. Dan. 12:4.
 - b. Arik ngo ababi ntibasobanukirwa nabwo. Dan. 12:10. Bigereranye na I Kor. 2:14.
 - c. Madame White yarabisongeye ati : « Uko turushaho kwegera imperuka niko dukwiriye gushimikira ubuhanuzi bwa Danieli, abizera baramutse basobanukiwe neza n'igitabo cya Daniel imitima yabo yahinduka ukundi ». *Abahanuzi n'abami, p. 547,548 na T.M 114.*
3. Isengesho ryacu ribe :
 - a. Kutagira umutima n'ingeso byanduye byatuvutsa ubwenge buhishwe twagenewe.
 - b. Gusaba Imana ngo ibyo tuzajya twumva bidukoreremo, biduhindure ukundi, tube twiteguye guhagarara tudatsinzwe imperuka nigera.

URUFATIRO RW'IBY'AMATEKA YA DANIELI

1. Ibyanditswe muri Danieli byerekeye i Babuloni, aho Abayuda babaga bamaze kunyagwa. Byongeye kandi harimo ibitekerezero by'ibihugu bitari bimwe. Kugira ngo twumve iby'icyo gitabo neza, tuba dukwiriye :
 - a. Kumenya ikarita ya *Palestina, i Buyuda, i Yerusalem, Israeli, i Samaliya, Egiputa, Nili, Yorodani, Galiraya, Azia Nto, Azia Ngari, Uri, Ninewe, i Bugiriki, Italia, Roma, Uburayi, Ashuli, Mesopotamiya, Babuloni, Eufurate, Tigrisi, Inyanja y'umunyu, Inyanja itukura, Ikigobe cya Perse, Mediterane, Arabia, Ararati.*

b.Kumva neza amateka ya contexte,kuko Danieli ari igitabo
 cy'amateka : kirimo imigabane ibiri, umugabane wose urimo ibice6:
 1. Igice cya 1-6 : Ibitekerezo by'amateka, uretse icya 2.
 2. Igice cya 7-12 : Ubuhanuzi, ariko bwose bwerekelye
 amateka y'isi.

2. Ubwami bwa BABULONI bwahanzwe nyuma y'umwuzure wabaye mu mwaka w' 1656 isi iremwe. Ni ukuvuga mu mwaka w' 2348 M.K, Itang. 10:9,10, hatubwira ko NIMURODI ari we wahanze umudugudu w' i Babuloni.

Dore amasekuruza ye :

| NOWA | | | |
|-------------------------------|----------------------|---------------------|----------------|
| SHEMU | HAMU | YAFETI | |
| KUSHI NIMURODI i Babeli | KANAANI Palestina | MISLIAMU Egiputa | PUTI Libiya |

Yafeti yatuye mu bihugu by'Uburiyi iburengerazuba. Aba Shemu berekera mu gisiza cya Shinali bagera mu majyepfo ku nyanja y'Ubuhinde, ahitwa Uri y'Abakaludaya, ari naho Aburahamu yavukiye. Bene Hamu bagana i Palestina, bararomboreza bagera no muri Afrika, ariko si bose. Bamwe bajya i Mesopotamiya. Nibo bubatse umunara w' i Babeli, ariho hahindutse umurwa ukomeye wo mu Bwami bwa Babuloni hanyuma.

Inkomoko y'amazina : Babeli na Babuloni

- BAB-ILU : risobanurwa ngo : Irembo ry'Imana imwe.
- BAB-ILON : risobanurwa ngo : Irembo ry'imana nyinshi.

2. Bene Nowa bamaze gutatana batyo indimi nyinshi zibabuza kunga ubumwe ngo bagire ubwami bumwe, ahubwo baba mu midigudu myinshi; umudugudu wose wifitiye uwawo mwami. I Mesopotamiya
3. (Babeli na Uri) hari imidugudu ikomeye.

4. Hari amahane n'intambara hagati y'iyo midugudu myinshi n'Abami. Reba urugero mu *Itang. 14:1,2.* Amaherezo **HAMURABI** yigaruriye igisiza cyose cy' i Shinali, ahaħanga ubwami bwa mbere bw'i Babuloni nko mu mwaka w' 1850 M.K.

5. Ubwami bwa mbere bwa Babuloni bwagejeje nko mu 1700 M.K, bwigarurirwa n' Abahiti (bene Yafeti bari baturutse i Burayi nko mu 2000 M.K.) batura muri Azia nto, icyo gihugu cyose barakirangiza; bubaka umurwa wabo ukomeye i BOGAZI-KOYI (niho hitwa HATTU). Bamaze kwigarurira Aziya nto bakomeza kwigarurira ibihugu by' i Palestina bagera no mu Egiputa, bakura Abanyegiputa ku ngoma. Ubwo hari mu gihe cya Yosefu.

Bagitangira kugera i Palestina, bamwe berekeza iburasirazuba bagera i Mesopotamiya. nuko nko mu 1700 M.K bahanga ubwami bw'abenegihugu. HITITE niryo zina bise abo banyamahanga babateye. Mu Ruheburayo ni GOYIMU, na none risobanurwa ngo: **Amahanga. Itang. 14:1.**

6. Kuva mu 1500 M.K ubwami bwo mu Egiputa burakomera. Mu gihe cya Yosefu ibikomangoma byo mu Egiputa birahaguruka, byirukana ba banyamahanga bibatwara ubwami bwabo, maze ubwami bwabo buragara. Nibwo himye Farao utaramenye Yosefu. *Kuva 1:8.* Abanyegiputa bigarurira Palestina, bageze mu majyaruguru hari Mesopotamiya, ariko ho ntibahatsinda. Muri icyo gihe cyo gukomera k' ubwami bwa Egiputa, wibuke ko :

- Mu 1590 M.K. Yosefu yatanze.
- Mu 1526 M.K. Mose aravuka.
- Mu 1446 M.K Mose akura Abaheburayo mu Egiputa.
- Mu 1406 M.K. bagera i Kanaani.

7. Kuva mu 1700M.K. kugeza mu 1500 M.K. i Mesopotamiya hakomeje gutegekwa n' abanyamahanga (Abahitite, maze hanyuma Abakasite nabo baturutse mu misozi y'i ZAGROSI hateganye n' Inyanja y'i Kaspia).

8. Ubwami bw'Abashuli butangira kugara muri 750, (TIGLATI) PALESERI wa III (3) yigarurira i Mesopotamiya n'i Palestina. Abami b'i Buyuda n'Israeli, baba abo kumusorera. Bagejeje ku ngoma SHALMANASERI V, Farawo wo mu Egiputa washatse kwikinga umwanzi ubegereye yoshyu Hosea, umwami wa Israeli, kugomera Abashuli. Nuko Shalmanaseri agaba ingabo ku murwa wa Samaria, barawugota, abawurimo bawuhezemo imyaka 3. Muri 721 M.K.

umudugudu bawucamo icyuho barawutsinda, Abisiraeli bajyanwaho iminyago, babatuza mubihugu by' Abamedi biri hakurya y'i Tigrisi. Ingoma ihanguka ityo.

Shalmanaseri azana Abashuri abatuza i Samariya, babyarana abana n'Abisiraeli bakeya bari bacitse ku icumu baba ubwoko bushya bwitwa ABASAMALIYA, bakangana n'Abayuda urunuka.

9. Abashuri bakomeza kwigarurira ibihugu by'ikusi (amajyepfo), batera no mu Egiputa, ariko muri icyo gihe ab'i Babuloni batangira kubyutsa umutwe. Nuko Abashuri bunga ubumwe n' Abanyegiputa kugira ngo bakizwe akaga k'ab'i Babuloni. Muri 612 M.K. ab'i Babuloni bakubira hamwe n'Abamedi batsinda Ninewe umurwa mukuru w'Ashuri, maze ubwami bwa kabiri bwa Babuloni bwima ingoma. Umwami NEBOPORAZALI, muri 605 M.K. aratanga, azungurwa n'umuhungu we NEBUKADINEZARI, aba umwami ukomeye cyane yagura ubwami bwe kuruta mbere hose.

10. Icyakora Nebukadinezari atarima ingoma ya se, akiri umugaba w'ingabo yateye Palestina yigarurira ibihugu byahoze bitegekwa n'Abashuli. Nibwo DANIELI na bagenzi be b'imfura bajyanywe i Babuloni ari iminyago. Nebukadinezari amaze gutera i Buyuda akomeza kugana mu majyepfo agambiriye kwigarurira na Egiputa. Agiye kuhatera, ubutumwa bumugeraho ko Neboporazali yatanze, asubira i Babuloni yima, ingoma ya se.

11. Hashize imyaka 19, ubugome bw'Abayuda buranga, Nebukadinezari atera i Yerusalem, arahatsiratsiza ajyana Abayuda hafi ya bose i Babuloni ho iminyago, ubwami bw'i Buyuda buhanguka ubwo muri 586 M.K

AMATARIKI YO KWIBUKWA :

Mu 2348 M.K : Umwuzure.

Mu 1850-1700 M.K. : Ubwami bwa I bwa Babuloni.

Mu 1700-1500 M.K. : Abahitite bagara.

Mu 1500-1200 M.K. : Egiputa yigarurira ibihugu.

Mu 1446 M.K. : Mose abatura Abaheburayo.

Mu 1406 M.K. : Bagera i Kanaani.

Muri 750-612 M.K. : Abashuri bakomera cyane.

Muri 721 M.K. : Abashuli bahangura ubwami bwa Israeli.

Muri 612 M.K. : I Ninewe hagwa, Neboporazali akomera.

Muri 605 M.K. : Nebukadinezali yima ingoma i Babuloni.

Muri 586 M.K. : Ab'i Babuloni bahangura ingoma y'i Buyuda

UBUHANUZI BWEREKEYE DANIELI :

1. Mu ijana rya 19 N.K. ubwo inyigisho za Evolutionisme **zatangiraga kumvikana**, habonetse abantu b'abagenzuzi bagerageza uko bashoboye kose ngo bahinyuze Bibiliya ivuga ko byose byaremwe n'Imana. Ibitabo bibasiraga cyane ni ibirimo ubuhanuzi, kuko aribyo byerekana ko hariho ufite ububasha bw'indengakamere bwo kumenya iby'ejo, maze bagerageza gushaka impamvu zatuma abantu bakura umutima kuri Bibliya bagahinyura ubuhanuzi ngo si ubuhanuzi ahubwo ngo byanditswe amateka amaze kuba.

2. Kuko igitabo cya Danieli cyuzuyemo ubuhanuzi kandi butangaje, barakigenzura cyane, maze ngo : Harimo ibimenyetso bikomeye byinshi bigaragaza ko kitanditswe kera mu gihe cya Nebukadinezali mu ijana rya 6 M.K.. Izo mpamvu batanga ni izi :
 - a. Igitabo cya Danieli cyanditswe mu buryo bw'umuntu wa gatatu. Iyo Danieli acyandika aba yarabyiyerekejeho. *Dan. 5:6.*
 - b. Kirimo amagambo y'indimi enye, kandi uburyo bw'ayo magambo n'indimi butwemeza neza ko kitanditswe mu ijana rya 6, kuko :
 - Uruheburayo rurimo amagambo ya vuba atari rwa Ruheburayo bavugaga kera mu myaka 600-500 M.K.
 - Kirimo Urunyaramaya rwavugwaga hakurya ya Tigrisi. Iyo Danieli acyandika ntabwo aba yararukoresheje kuko ubwami bwa Babuloni bware bukomeye mu kinyejana cya 6 M.K .Ntibari kuvuganira ibwami imbere ya Nebukadineza mu rurimi rw'abanyamahanga.
 - Kirimo amagambo y'Uruperesi n'Urugiriki ngo kuko ayo moko yakomeye cyane hanyuma, Daniel ntイヤヤガ gukoresha indimi zabo. Noneho ubwo zibonetse muri icyo gitabo biratugaragariza ko cyanditswe ubwami bw'Abamedi n'Abaperesi bumaze gukomera.
 - c. Byongeye kandi kirimo amakosa mu by'amateka yo mu gihe cya Nebukadineza :

1. *Dan. 1:1* havuga ko Nebukadineza yari Umwami ubwo yateraga i Yerusalem. Nyamara tuzi ko atari umwami, ko yari igikomangoma n'umugaba w'ingabo.

2. *Dan. 1:1* ngo byabaye mu mwaka wa gatatu wo ku ngoma ya Yehoyakimu ari ku ngoma. Nyamara *Yer. 25:1* ngo ni mu mwaka wa kane.

3. *Dan. 4:20-22,30* havuga ko Nebukadineza yari Umwami ukomeye cyane, wagize cyane umuhati wo kongera umurwa we mu isi. Twebwe tuzi ko atigeze akomera kandi si nawe wubakaga cyane i Babuloni, ahubwo ni SEMIRAMISI.

4. *Dan 5* : havuga ko Abamedi n'Abaperesi bahanguye ingoma y'i Babuloni Berushazali ariwe uri ku ngoma. Arikò amasekuruza y'Abami b'i Babuloni n'amateka yabo uko byanditswe n'abanyamateka b'Abagiriki ba kera avuga ko Umwami uheruka w'i Babuloni yari Nabonidusi. Ndetse iryo zina ngo Berushazali ntiryigeze rivugwa na rimwe muri ayo mateka.

5. Kubw'ibyo byose abahinyuzi ngo iyaba Danieli ariwe wanditse icyo gitabo ntiyari gufudika atyo ku bigaragara cyane. Tuzi noneho ko igitabo cya Danieli cyanditswe nyuma cyane nko mu 168 M.K. ubwo Abayuda bari mu kaga k'intambara yabayeho hagati y'Abamakabe.

Intandaro yayo ngiyi :

ALEXANDRE mukuru, umwami ukomeye cyane watumye ubwami bw'Abagiliki bugara cyane bumaze gusimbura ubw'Abamedi n'Abaperesi; amaze gutanga ubwami bwe bwigabanyamo kane, butwarwa n'Abagaba b'ingabo be bane, aribo : *Seleukusi, Lysmakusi, Pitolemi, Kasanderi*. Seleukusi yatwaraga mu Basiliya (Palestina ya ruguru). Uwo yazunguwe n'abandi maze bigejeje ku wa 8 *Antiokusi Epifanusi*, uwo ashegera ubwoko bwe byasaze, ashaka ko bose bahuza idini n'imigenzo bya Kigiliki, abategeka kureka gukebwa, kwirengagiza isabato, kujya barya ingurube no gusenga ibigirwamana by'Abagiliki. Maze bamwe banze kudohoka, atuma abasirikare ngo bahumanye urusengero, (ubuturo bwera) rw'i Yerusalem ku ngufu, babuze n'ibitambo bya buri munsi. Bagiye gutamba ingurube ku gicaniro cyo mu buturo bwera, MATATIASI arabahagurukira akoresheje imbaraga, hashize imyaka 3 Abayuda batsinda Abasiliya beza ubuturo bwera basubizaho ibitambo. Uwo munsi wabaye umunsi mukuru cyane n'ubu Abayuda baracyawukomeza. Reba uko uvugwa muri *Yoh. 10:22*.

Ba bahinyuzi bavuga ko igitabo cya Danieli cyahimbwe n'Umuyuda nko mu 168 M.K. ubwo iyo ntambara yateraga i Buyuda

batareza ubuturo bwera. Ngo impamvu zo kugihimba muri icyo gihe no kubeshya ngo cyanditswe kera ni izi :

a. Gushaka uburyo bwo kubarema agatima ngo bashikamire mu kaga nk'aka Danieli na Bagenzi be, ntibimure Imana naho akarengane kazabageza kure.

b. Gushaka kubaha ibyiringiro ko bazatsinda Antiochus Epiphanes, ngo iby'icyo gihe barimo byahanuwe kera cyane kandi ubwo buhanuzi buhamya ko amaherezo azaba meza:

1. Ihembe rito ryo muri *Dan. 7:8,24,25 na 8:11,12* ni Antiochus Epiphanes.

2. Guhumanya ubuturo bwera no gukuraho ibitambo by'iteka byahanuwe muri *Dan. 8:11*.

3. Ariko ngo amaherezo bizasubizwaho n'ubuturo buzezw. *Dan. 8:13,14*.

IBYIREGUZO BYACU :

1. *Ku kirego cya mbere* : Ngo cyanditswe mu buryo bw'umuntu wa gatatu.

a. Ibice bya mbere bya bindi 6 nibyo byanditse mu buryo bw'umuntu wa gatatu, ibisigaye uko ari 6 byanditse mu buryo bw'umuntu wa mbere. Reba *Dan. 10:7* uko abyiyerekezaho.

b. Akamenyero k'abanditsi bo muri Bibliya, ni ako kutihimbaza bivuga, nka Mose. *Kuva 2:11,14,21; Guteg. 1:1*. Na Yohana wiwise umwigishwa Yesu yakundaga aho kwivuga yabivuze mu buryo bw'umuntu wa gatatu. *Yahana 13:23*.

2. *Ku kirego cya kabiri* : Ngo Uruheburayo ni urwa vuba si urwawugwaga mu kinyejana cya 6 :

Ibindi bitabo byo mu Isezerano rya Kera byose niko bimeze. Icyabiteye ni uko impapuro Abahanuzi banditse mbere na mbere zasazaga, abandi bakabyandukura, maze amagambo ya kera atagikora bakayasimbuza amashyashya yumvikana mu gihe cyabo. Izo mpapuro nazozasaza abandi bakabyandukura bityo bityo na none bagasimbuza Uruheburayo rwa kera urwo mu gihe cyabo.

3. *Ku kirego cya gatatu* : Iyo Danieli acyandika ntaba yarakoresheje Urunyaramaya rw'abanyamahanga bari hakurya i Tigrisi.

a. Ubumenyi bw'abacukura mu matongo (ARCHEOLOGIE) buhinyuza icyo kirego, kuko injyo n'amabehe biriho imanzi z'inyandiko ya kera n'inzibutso z'amabuye aba kera bakorogoshoyeho, ibyo byose

bitwerekko Urunyaramaya rwari ururimi rw'akarande kera. Abanyaramaya bari abacuruzi cyane bigatuma bazerera cyane; kandi ururimi rwabo rwari rworoshye bituma ruba gikwira.

b. Ibyanditswe ku nzibutso n'ibishushanyo byo muri Azia nto byakozwe kera nko muri 800 M.K biri mu Runyaramaya.

c. Muri Mezopotamiya no muri Ashuri habonetse inzandiko z'ubucuruzi zanditswe ku mabaho n'ibipimo by'uburemere byahozeho uhoreye muri 800-500 M.K. byanditsweho urunyaramaya.

d. Ndetse no mu Egiputa habonetse ibizingo bigaragaza ko Urunyaramaya rwahavugwaga naho uhoreye muri 500-400 M.K

e. Kuri izo mpamvu si igitangaza kugira ngo ab'ibwami babwiré umwami mu Runyaramaya, arirwo Rusiliya ruvugwa muri Dan. 2:4. Ahubwo Urunyaramaya nirwo rwavugwaga ahagutse cyane mu ijana rya 6 M.K.

4. *Ku kirego cya kane* : Ngo kirimo Uruperesi nUrugiriki rwavugwaga hanyuma cyane.

a. Kirimo amagambo 17 gusa y'Uruperesi. Twibuke ko Abaperesi bigaruriye Babuloni mu gihe cya Danieli, kandi si ugushidikanya ururimi rwabo rwari rwaratangiye kumvikana i Babuloni batarahahindura, ubwo Abaperesi batangiraga kuza mu gihugu cy'i Mezopotamiya buhoro buhoro, hamwe n'abatasi babo.

b. Amagambo y'Urugiriki ni 3 gusa, nayo yose ni amazina y'ibicurangwa bivugwa muri Dan. 3:5. Abagiriki bari abaririmbyi cyane kandi bagakunda ibishushanyo bibajwe (Arts). Si ugushidikanya ubwo ab'i Babuloni batumizaga ibicurangisho by'Abagiriki bakomeje kubyita amazina yabyo mu Kigiriki, kubera ko batari babifite batarabibonana Abagiriki.

5. *Ku kirego cya gatanu* : Ngo kirimo amafuti menshi y'iby'amateka, Dan. 1:1 havuga ko umwami Nebukadineza yanyaze i Yerusalem. Nyamara ntiyari umwami, ahubwo yari umugaba w'ingabo.

Ni koko. Nyamara iyo umuntu amaze guhabwa isumbwe n'icyubahiro benshi cyane tumuvuga dukoresheje izina ry'isumbwe n'icyubahiro. Tuba tuvuga ibyo yakoraga atararihabwa. Tuzi ko Nebukadineza yari amaze kwima ingoma ubwo Danieli yandikaga igitabo cye.

6. *Ku kirego cya gatandatu* : Ngo Dan. 1:1 na Yer. 25:1
haravuguruzanya ku matariki.

a. Ntabwo havuguruzanya, ahubwo ubwo Nebukadineza yateraga
Yerusalemu hari ku ngoma ya Yehoyakimu mu mwaka wa 3 koko. Icyo
gihe Nebukadineza yari atarima ingoma.

b. Mu mwaka ukurikiyeho wo ku ngoma ya Yehoyakimu niho
yimitswe amaze guhururira iwabo, aba ariho ahabwa rya sumbwe
n'icyubahiro; hari mu mwaka wa kane koko.

7. *Ku kirego cya karindwi* : Ngo Nebukadineza ntiyari umwami ukomeye
nkuko muri Danieli abivuga, kandi siwe waguye i Babuloni, ahubwo ni
Semiramisi.

Ubuhamya bwinshi bumaze kuboneka mu matongo, butwemeza
nta shiti ko Nebukadineza yari umwami ukomeye waguye ubwami bwe
bitangaje. Hari amatafari menshi cyane mu matongo y'i Babuloni ariho
imanzi ze. Abacukuzi bo mu matongo (Archeologues) bamaze gusuzuma
amatongo yaho, basanze umurwa w'i Babuloni wari ufite umuzenguruko
wa Km 4 ubwo Nebukadineza yimikwaga, arawagura ageza ubwo
umuzenguruko ureshya na Km 64.

- Inkike zaho zari zifite umubyimba wa m 8.

- Yazubatseho iminara miremire yo kurinda umurwa, m 250.

Umwami-kazi yari Umumedi-kazi wakumburaga imisozi y'iwabo, maze
amuremera imisozi miremire mu mudugudu hagati ateraho ibiti
n'umurima w'indabyo. Mu mateka y'isi ya kera iyo misozi yo muri
Babuloni yabarwaga ko ari kimwe mu bitangaza 7 bihebuje byo mu isi
yose. Ntawe uhakana ko Nebukadinezari yari umugabo w'umwubatsi
w'igitangaza. Amabehe bavumbuye muri Mesopotamiya araduhamiriza
ko Semiramisi atigeze ategeka i Babuloni. Ntiyari n'uwi Babuloni,
ahubwo yari umugabe-kazi w'Abashuri.

8. *Ku kirego cya munani* : Ngo Berushazali siwe wari ku ngoma ubwo
Babuloni yahangurwaga n'Abamedi-Peresi. Umwami uheruka ni
Nabonidusi, nta na rimwe izina Berushazali riboneka mu masekuruza
y'Abami b'i Babuloni. uko twayahawe n'abanyamateka b'Abagiriki ba
kera, ni ibihimbano, ntiyigeze abaho.

a. Mu 1861 N.K umucukuzi witwa *TALBOT* yatangaje mu igazeti
ko mu matongo y'urusengero rw'i Babuloni basengeragamo Ukwezi,

yavumbuyemo amabehe ariho inyandiko. Kuri rimwe hariho isengesho ry'uwiswe Nabonidusi asabira umuhungu we BEL-SHAR-UTSURI.

b. Mu 1862 N.K. urundi rwandiko ruravumburwa ruvuga uburyo i Babuloni hanyazwe n'Abamedi. Ngo muri icyo gihe umwami Nabonidusi ntイヤari ahari, yari mu kiruhuko ahitwa Tema ahamara imyaka, ariko ngo umuhungu we asigara i Babuloni. Ngo niwe wari uhari ubwo haterwaga n'Abamedi.

c. Mu 1916 N.K. bavumbuye na none urundi rubihamya. Birumvikana ko Berushazali ariwe wasigariye se Nabonidusi i Babuloni ubwo Abamedi bahanyagaga. Ariko ayo mateka yibagiranye i Babuloni hamaze kugwa.

Iyo igitabo cya Danieli cyandikwa mu gihe cy'Abamakabe, nticyari kuvuga ko umwami uheruka ari Berushazali. Ariko ubwo kivuga ko ariwe, ntikivuge Nabonidusi, ni ibimenyetso bikomeye bitwereka ko icyo gitabo cyanditswe ayo mateka ataribagirana. kandi amagambo ya *Dan 5:7* asigaye yumvikana neza. Umutware wa mbere uvugwa ni Nabonidusi, uwa kabiri ni Umuhungu we Berushazali. Uwajyaga gusobanura inyandiko yo ku rusika niwe wajyaga kuba umwami wa gatatu mu bwami bw'i Babuloni.

Ibindi biduhamiriza ko igitabo cya Danieli cyanditswe mbere y'ijana rya kabiri M.K

1. Hari ibitabo 16 byitwa Apocripha byanditswe hagati y'Amasezerano yombi. Bimwe birimo ibihimbano bivuga ibyabaye mu gihe cya Danieli nkaho ababihimbye bari bahari.

Urugero : Indirimbo y'abana bera batatu, ngo ni amagambo bagenzi ba Danieli batatu baririmbye bari mu itanura. Abayuda banze kwemera ibyo bitabo ngo bidahwanya icyubahiro n'ibindi 39 byo mu Isezerano rya Kera, kubera izi mpamvu :

- a. Bigaragara ko bimwe ari ibihimbano byahimbwe mbere cyane.
- b. Nyuma ya Malaki yanditse igitabo cye nko muri 444 M.K. Nta undi muhanuzi wakurikiyeho keretse hashize imyaka 400 mu gihe cya Yohana Umubatiza.

Umunyamateka w'Umuyuda wa kera yanditse ko Abayuda bamaze kubona abahanuzi bashizeho, bakoranya Ibyanditswe Byera byari bimaze kwandikwa, babikubirà mu gitabo kimwe.

Ibyo byanditswe byahumetswe n'Imana tubyita **CANON**. Iyo y'Abaperesi mu ijana rya 5 hagati M.K Nuko bya bindi bya gufungwa kandi nta wazunguye Malaki. Igitabo cya Danieli cyo cyari muri Canon.

2. Igitabo cya Danieli cyahoze ari gitabo cyubahwa uhereye kera kose kandi na Danieli yari ikirangirire uhereye kera : Ezekieli yabayeho ubwo Nebukadineza yari ku ngoma yari amuzi, *Ezek. 14:14,19,20; 28:3*. N'umwami w'i Tiro yari amuzi, nicyo cyatumye Ezekieli abona uko amugereranya na Danieli, amwandikira. Abayuda babagaho hagati y'Amasezerano yombi baramwubahaga cyane, bamubariraga hamwe n'abahanuzi babo 48; ibitabo byinshi bandikaga bivuga ibya Danieli. Na Yesu yavuze ko Danieli ari umuhanuzi ukwiriye kwitabwaho. *Mat. 24:15,16*.

Yesu amaze gusubira mu ijuru, abanditsi b'Isezerano Rishya baramwubahaga. Ndetse mu Isezerano Rishya harimo imirongo 32 itondagura amagambo yo muri Danieli. Nta na rimwe Yesu yigeze asesereza ku magambo yo muri Apocripha.

3. Igitabo cya Danieli kirimo amagambo 15 y'Urunyakadi. Nirwo rwakomotse ku mudugudu wahanzwe nyuma y'Umunara w'i Babeli na Nimurodi. *Itang. 10:10*. Urwo rurimi rwa kera rwose rwari rumaze guhenebera mu gihe cya Nebukadineza, hari hakiriho abantu bakeya gusa baruvuga. Bigeze ku ngoma y'Abaperesi rushiraho. Abo mu gihe cy'Abamakabe ntibari baruzi. Niba igitabo cya Danieli cyaranditswe mu gihe cy'Abamakabe se umwanditsi yari kurubwirwa n'iki ko yakoresheje amagambo yo muri rwo ?

4. Yosefu yanditse iki gitekerezo mu gitabo cye cy'amateka cyerekeye Alexandre, umwami w'Abagiriki mu mwaka wa 332 M.K ariwo mwaka Alexandre yahanguye ubwami bw'Abaperesi ubwo yateraga umudugudu w'i Tiro.

Akiwugota yatumye ku bakuru b'i Yerusalem ngo bamutwerere ingabo n'intwaro. Umutambyi mukuru wategekaga i Yerusalem arazimwima

kubw'isezerano ryo kugandukira Dario bari barasezeranye. Umwami Alexandre abonye icyo gisubizo azabiranywa n'uburakari, amaze gutsinda i Tiro agana i Yerusalemu ngo abibahore.

Umutambyi abiburirwa mu nzozi, maze ategeka abatambyi bose kwambara imyenda yera de bakajya gusanganira Alexandre. Abibonye atyo yikubita imbere yabo ababwira uburyo nawe yarose inzozi akiri iwabo mu Bugiriki ngo : muri izo nzozi yabonye umutwe w'abantu bambaye ibishura byera baje kumusanganira.

Nuko ya migambi yo kuharimbura ayidohokaho, ajyana n'abatambyi mu mudugudu atamba igitambo, maze Umutambyi mukuru amwerekera mu gitabo cya Danieli ubuhanuzi bumwerekeyeho. *Dan. 8:21.* Wibuke ko ibyo byabaye muri 332 M.K

Abahinyura igitabo cya Danieli ngo ntibishoboka ko umuntu yahanura ibitangaza uko biri muri icyo gitabo bigasohora! Ahubwo bakavuga ko byanditswe nyuma ayo mateka amaze kubaho.

Igisubizo : Niyo abantu bakwemeza ko igitabo cya Daniel cyanditswe mu 168 M.K., harimo ubuhanuzi bwinshi bwari butarasohora muri icyo gihe bwasohoye nyuma.

Danieli yahanuye ibya Mesiya avuga umwaka azatangiriramo umurimo we n'umwaka azatangamo, n'uwo ubutumwa buzatangira kubwirizwa mu banyamahanga. Ko ibyo byasohoye se uhoreye muri 27 N.K, si ubuhanuzi ?

Indunduro :

Nta mpamu ihari yatuma tutizera ko Danieli ari igitabo cyanditswe kera mu ijana rya 6 M.K. Impamu zose abahinyuzi batanga iyo tuzigenzuye, aho kudushidikanyisha, zirushaho kutwemeza ko igitabo cya Danieli ari ijambo ry'Imana bwite.

Igice cya mbere: IHIRIKWA RY'INGOMA Y'ABAYUDA

AMAKURU Y'INCAMUGONGO

I. Imana yahaye Abaheburayo i Kanaani ho gakondo y'iteka ryose, yashatse ko i Yerusalemu hazahoraho iteka ryose, kandi ko Abaheburayo bazahinduka ubwoko bukomeye cyane mu isi yose. Reba amasomo abihamya :

- a. *Guteg. 4:6.* Abanyamahanga bajyaga gutangarira Abaheburayo.
- b. *Guteg. 28:1.* Uwiteka Imana yawe izagusumbisha amahanga yose yo mu isi. *Itang. 12:2* ngo nzaguhindura ubwoko bukomeye.
- c. *Guteg 28:11-13* Imana yabageneye kuzagwiza ubutunzi : Uwiteka azaguhindura umutwe, ntazaguhindura umurizo. Uzaba hejuru gusa, ntuzaba hasi.
- d. *Yes. 45:14.* Abanyegiputa n'abandi bari kuzakeza Abaheburayo.
- e. *Yes. 19:18-22.* Imana yashatse ko Abaheburayo bazihanisha Abanyegiputa.
- f. *Yes. 60:12.* Ubwami n'ishyanga bitazemera kugukorera bizashiraho. Ayo magambo yabwirwaga Abaheburayo.
- g. *Zek. 12:2,3,8,9.* Imana yavuze ko i Yerusalemu hazahungabanya amahanga yose ashaka kuhatera iti : « Uwo munsi nzashaka kurimbura amahanga yose yateye i Yerusalemu ». *Zek. 14:16* ngo : « Uzarokoka mu mahanga yateye i Yerusalemu yose azajya azamuka uko umwaka utashye ajye gusenga Umwami Uwiteka Nyir'ingabo. »
- h. *Yer. 17:25* ngo : « Uyu murwa Yerusalemu uzahoraho iteka. »
- i. *Yoeli 3:19,20* hati : « I Buyuda hazahoraho iteka n'i Yerusalemu ibihe byose. »

II. Tumaze kugereranya ayo magambo y'igitangaza na *Dan. 1:1,2* turibaza tuti : « Ni iki cyatumye Imana yemera ko umwami w'umupagani atera mu gihugu cy'Abayuda kandi yarashatse ko bazahora hejuru gusa, atari hasi »?

Igisubizo: *Yer. 18:6-10* : uhoreye kera kose amaherezo yo kwimura Imana yabaye kunyagwa.

Adamu na Eva banyazwe ingobyi ya Edeni bigomwa ubugingo buhoraho kubwo kwimura Imana bakimika Inzoka. Mu 2348 M.K abo mu gihe cya Nowa bazize kwimura Imana. Nyuma y'umwuzure abantu

bamaze kuyimura na none yitoranyiriza Aburahamu ngo ayibere umugabo wo kuyihamya. Imukura i Mesopotamiya imuuyana i Kanani ho mu mahuriro y'inzira ziva i Burayi no muri Azia no muri Afrika, ngo amenyekanishe iby' Imana y'ukuri. Mu mwaka wa 1951 M.K Abanyakanaani banga kureka imigenzo yabo ya kabutindi. Imana niko kuuyana bene Aburahamu mu Egiputa, ba bandi birindirije kuzahanirwa ibyaha byabo biramutse birenze urukiriro. Abaheburayo bageze mu Egiputa bananirwa no kwihanisha Abanyegiputa, bafatanyiriza hamwe nabo gukurikiza imigenzo ya gipagani. Imana ntiyaherako ibibahora, ahubwo ikomeza kubiringira, niko kubakura mu Egiputa ituma bamara umwaka muzima i Sinai ishaka kubahwitura no kubihanisha.

Muri uwo mwaka wa 1446 M.K ibaha guhitamo bakiri i Sinai, ibaburira uko bizamera nibasubira mu nzira yo kuyimura. Soma witonze *Lewi 26:3-5,14-16,27,31-33*, wite ku buhanuzi buvuga ko ingaruka yo kwimura Imana ari :

- Kurya inyama z'abana babo.
- Guhinduka amatongo n'imisaka kw'imidugudu yabo.
- Kunyagwa ubwabo no gutatanira mu mahanga.

Bavuye i Sinai bagiye kwinjira i Kanaani (1446 M.K) barabyirengagiza baragoma, Imana ntiyabasiga aho, ahubwo ibaheza mu butayu imyaka 40 yifuza kubihanisha. Iyo myaka ishize mu 1406 M.K bageze kuri Yorodani, bakiri hakurya y'i Yeriko, Mose abasezeraho, yongera kubaburira no kubaha guhitamo, abibutsa ko nibaramuka bimuye Imana amaherezo yabo ari ukunyagwa bakajyanwa mu mahanga. *Guteg. 28:25,64.*

Bamaze kubaka urusengero ku ngoma ya Salomo muri 940 M.K. Imana yongera kubahwitura ibibutsa imigisha cyangwa imivumo biri imbere yabo, 1 Abami 9:6-8. Ariko bitereye agati mu ryinyo, Salomo atanze, ubupolitike buratangira ubwami bwigabanyamo kabiri :

- Imiryango 10 iba ubwami bw'Abisraeli baherera mu ruhande rwa ruguru, umurwa mukuru ukaba *Samariya*.
- Indi miryango 2 ihanga ubwami bw'i Buyuda, baherera mu majyepfo. Umurwa mukuru wabo uba *Yerusalem*.

Abaheburayo bose bakomeza gusaya mu byaha, ariko Abisraeli bo barashayisha, Imana ibatumaho abahanuzi benshi ibabwira ko amaherezo yabo ari ukunyagwa nibatihana, 1 Abami 14:15 ngo bazajyanwaho iminyago bahere mu gihugu kiri hakurya ya Ufurate, ntibabyitaho. Nuko

mu mwaka wa 721 M.K Abashuri barabatera, babajana mu Bamedi, 2 *Abami* 17:6,7 ibyabo ntibyongera kumvikana ukundi, bamerayo. Imana yashatse ko Abayuda bakurikiza icyigisho bakihana, binangira imitima, Imana ibatumaho abahanuzi batari bamwe. Wibuke ko Yesaya yahanuye ibya bene Hezekiya, 2 *Abami* 20:12-20. Yeremiya nawe yarabisongeye, 17:24,25, barangga barabyirengagiza.

Muri 605 M.K Nebukadineza atera i Yerusalem asaka urusengero ajyana abasore b'impura (arivo bene Hezekiya) ho iminyago. Yehoyakimu asigara ku ngoma, *Yer.* 25:8,9 bakomeza kugoma, hashize imyaka 8 Nebukadineza akura Yehoyakimu ku ngoma, amusimbaza Yehoyakina, nabwo ntibyagira kivurira. Hashize imyaka 3 Nebukadinezari yongera kubatera, ajyana ab'i Yerusalem hafi ya bose i Babuloni, asiga Matani se wabo wa Yehoyakina ku ngoma, nawe amaze kumusezeranira ko atazagomesha abantu. Nuko Nebukadineza amuhindurira izina, amwita Zedekiya (ngo Yehova arakiranuka) ngo rihore rimwibutsa ya ndahiro ye, 2 *Abami* 24:12-14,17, ariko nawe abura umutima, 2 *Abami* 24:19, Ezekiel amuburira yeruye, ariko ntiyabumva, *Ezek.* 12:13. Amaze imyaka 11 ari ku ngoma birananirana, maze muri 586 M.K Nebukadinezari atera i Yerusalem ubwa gatatu, arahazimagiza rwose, ahangura ubwami bw'Abayuda, 2 *Abami* 25:8-15. Soma witonze *Yer.* 44:2-6.

INDUNDURO :

Bibiliya itubwira ko icyatumye ibyo byago bigera ku Baheburayo ari uko

- a. Banze kwitandukanya n'ingeso za gipagani zose bamaramaje. *Yer. 25:5-11; 2 Ngoma 36:14.*
- b. Banze gukomeza isabato uko bikwiriye. *Yer. 17:19-27.*
- c. Banze kwita ku buhanuzi Imana yabatumyeho. *2 Ngoma 36:15-20; Yer. 25:3- 11.*
- d. Abami babo nibo bashayishaga mu bibi, bakababera icyitegererezo kibi.

Ibyigisho by'inkoramutima twakwigira kuri ibyo, 1 Kor. 10:11.

- a. Kwanga gucika ku ngeso za gipagani aho ziva zikagera, amaherezo yacu azaba kimwe n'ay'Abayuda. Tuzaba twivukije amahirwe yo kuzibera mu gihugu cyasezeranijwe.
- b. Abanga gukomeza isabato y'Imana babyitumye amaherezo yabo bazabona ingaruka nk'iz'Abayuda.
- c. Kutumvira ni inkomoko y'amakuba yose. Utumviye se na nyina yumvira ijeri. Tumyenye ko icyaha kizadukoraho.
- d. Nkuko abami b'Abayuda babereye ingabo zabo amendeze yo kurimbuka, niko n'abayobozi bo mu itorero kuri ubu bashobora kwandurisha abakristo babo ingeso mbi. Uyobora abandi burya aba ari mu kaga, kuko uretse no kubazwa ibye gusa, azabazwa n'iby'abandi bamwigiyeho. *Yakobo 3:1; Ezekiel 3:17,18.* N'ubundi ngo: uwiba ahetsé aba yigisha uwo mu mugongo.

Icyatumye Imana yemera ko Abayuda bajyanwa i Babuloni :

- Kubabera igihano gituma bihwitura, *2 Abami 25:8-15.*
- Kubabera amendeze yo kumenyekanisha Imana mu batayizi, *Ezek. 12:16.* Igitabo cya Danieli ni igitekerezo cy'uburyo abasore bagerageje mu ruhande rwabo gusohoza imigambi y'Imana.

Ibyerekeye amatariki avugwa mu gice cya mbere :

Dan. 1:1. Mu mwaka wa 3 wo ku ngoma ya Yehoyakimu, uwo mwaka ni uwuhe ?

Dore uburyo tubimenya:

1. Tugereranya za lisiti z'Abastronotes (Abagenzuzi b'ibyo mu kirere) n'ibyanditswe byavumbuwe mu matongo y'i Babuloni. Izo lisiti z'Abastronotes zitubwira ibihe ukwezi kwagiye kwijima mu myaka yashize uhoreye ku kuremwa kw'isi (Kandi uko kwijima k'ukwezi kugira gahunda idahinduka). Kuri izo lisiti bigaragara ko kwijimye kuri 22/4/621 M.K. Ubwo bumenyi bubangikanye n'ubwanditswe ku ibehe bavumbuye. Iryo behe rivuga ko ukwezi kwijimye mu mwaka wa 5 wo ku ngoma ya Neboparazali se wa Nebukadineza. Ibyo tubibangikanyije n'yo tariki tumaze kuvuga, biragaragara ko hari mu mwaka wa 621 M.K. tuzi ko Neboporazali yategetse imyaka 21 yose hamwe. Nuko rero ubwo ukwezi kwijimaga hari mu mwaka wa 5; ni ukuvuga ko hashize imyaka 16 akazungurwa n'umuhungu we Nebukadineza.

2. Ku rindi behe bavumbuye rivuga ko ukwezi kwijimye na none mu mwaka wa 37 wa Nebukadineza. Za lisiti z'Abastronotes zivuga ko ukwezi kwijimye tariki 4/7/668 M.K na none birahura.

3. Tubugereranye n'ibyo Yosefusi yanditse mu gitabo cye cy'amateka ya kera, atondagura amagambo y'umunyamateka witwaga Berosi ati : « Nebukadineza yatumwe na se gutera i Palestina no mu Egiputa, atsinda i Palestina mu mwaka se yatanzemo, ariwo Nebukadineza yimyemo ingoma. Kubwo gukurikiza iby'Abastronotes n'ibyanditswe ku mabehe, tumaze kumenya ko hari mu mwaka wa 605 M.K. Noneho Berosi yongeraho ko muri uwo mwaka ariho Nebukadineza yimye, amaze gutsinda Palestina.


Ibyo ni ukuvuga ko umwaka wa gatatu wo ku ngoma ya Yehoyakimu nawo wari 605 M.K.

4. Uwo mwaka wa 605 M.K. tuwufasheho urufatiro dusobanukirwa n'indi myaka yo muri Bibliya yerekeye ingoma ya Nebukadineza.

- a. 2 *Ngoma* 36:5 ngo Yehoyakimu yimye imyaka 11.
- b. *Dan.* 1:1. Nebukadineza yamuteye amaze imyaka 3 ku ngoma. Ni ukuvuga ko yari asigaje imyaka 8 ku ngoma.
- c. 2 *Abami* 24:12 harabyemeza neza ngo Nebukadineza yateye i Buyuda muri 605 M.K. + 8 = 597 M.K.
- d. Muri uwo mwaka wa 597 Nebukadineza yakuye Yehoyakimu ku ngoma amusimbuza Yehoyakina.
- e. 2 *Ngoma* 36:9 ngo Yehoyakina yimye amezi 3 gusa n'iminsi 10. Ubwo hari muri uwo mwaka na none,

Nebukadineza amusimbuza Zedekiya.


f. 2 Ngoma 36:11 ngo Zedekiya yimye imyaka 11:
 (597 M.K. + 11 = 586



INCAMAKE Y'AMATARIKI Y'INGENZI

- 4004 M.K. : Kuremwa kw'isi.
- 2348 M.K : Umwuzure.
- 1951 M.K : Kuvuka kwa Aburahamu.
- 1876 M.K. : Yimukira i Kanaani.
- 1661 M.K : Yakobo mu Egiputa.
- 1446 M.K : Mose akura Abisiraeli mu Egiputa.
- 1406 M.K : Bagera i Kanaani.
- 1050 M.K : Bahanga ubwami.
- 931 M.K : Bigabanyamo kabiri.
- 721 M.K : Abashuri bahangura Abisiraeli.
- 625 M.K : Neboporazali yima ingoma i Babuloni, ategekera Abashuri.
- 605 M.K : Nebukadineza atera i Yerusalem, yima ingoma y'i Babuloni.
- 597 M.K : I Yerusalem haterwa ubwa 2 n'ab'i Babuloni.
Yehoyakina yima.
- 586 M.K : Nebukadineza atsiratsiza i Yerusalem.
- 457 M.K : Hatangwa itegeko ryo gusana Yerusalem.
- 444 M.K : Malaki yandika ubuhanuzi bwe.
- 168-165 M.K: Akarengane gatewe na Antiokusi Epifanusi
mu gihe cy'Abamakabe.

AMASEKURUZA Y'ABAMI BAHERUKA I BUYUDA



Reba ubusobanuro bw'amazina avugwa mu nteruro y'igice cya mbere.

Danieli : Umucamanza wanjye ni Imana, *Itang. 49:6.*

Yehoyakimu : Yehova ashlyira hejuru.

Yehoyakina : Yehova arakomeza.

Zedekiya : Yehova arakiranuka.

Nebukadineza : Rigizwe n'ibi bice : Nabo-Kudurri-Utsur.

Nabo : Izina ry'ikigirwamana cy'i Babuloni.

Risobanurwa ngo *Nabo* arinda urubibi.

(1-5) hatubwira uko i Yerusalemu hatewe, bakanya imfura z'i Yerusalemu. Ijambo ngo amugabiza (2) ritugaragariza ko :

a. Imana ikorera mu bantu bayo no mu bapagani. Niyo igena ibintu byose ngo bisohoze imigambi yayo. *Dan. 2:21.*

b. Nubwo satani azana ibyo yibwira ko bizakoma mu nkokora imigambi y'Imana, nabyo Imana ibikoresha ishaka gusohoza imigambi yayo. Kubw'ibyo, ibintu byose ari ibibi, ari ibyiza, bifatanyiriza hamwe kuzanira abakunda Imana ibyiza. *Rom. 8:23.*

c. Abategetsi bose bashyizweho n'Imana ngo basohoze imigambi yayo. Nubwo uwababo batabyemera, ni abagaragu bayo. *Rom. 13:3,4; Yer. 25:9; 27:6; Yes. 44:28.*

Ijambo ngo ibintu bimwe : Ibyo byajyanywe muri 605 ibindi muri 597 M.K maze muri 586 M.K. abimara mu rusengero, ararusenya rwose. 2 Ngoma 36:18,19.

Mu rusengero rw'imana ye : Ni i Shinari, *Dan. 1:2 h'i Babuloni. imana ni BEL-MARDUK.*

Kuva i Buyuda kugera i Babuloni ni Km 1500, kuko banyuraga mu nzira itaziguye berekeza ikasikazi mu Busiliya, mu misozi y'aho uruzi Ufurute na Tigrisi bikomoka, bashaka kureka inzira y'ubutayu bw'iburasirazuba bwa Palestina, maze bamanukira mu gisiza cyo hagati y'inzu.

Ku ngoma ya Nebukadineza :

a. Inkike ndende zubakishijwe amatafari y'umuhondo arabagirana nk'izuba, zifite ubugari bwa m 8, zari zizengurutse umurwa wose wa Km 64.

b. Hari umudugudu uhebuje iyo mu isi yose, uruzi Ufurute rukawunyuramo hagati.

c. Hari umugende w'amazi mugari hagati yazo.

d. Yazubatseho iminara 250 y'abarinzi.

e. Ba Danieli binjiye mu irembo rya Ishitari ikigirwamana cyo kubyara, banyura mu muhanda nyabagendwa wo kwiyerekana, baca ku nyumba y'ibwami yari uburyo bwabo, bagera kuri cya gitangaza cy'umusozi Nebukadineza yaremeye umwami-kazi, bagera ku rugo rw'ingoro rwitwa ESAGILA. Muri rwo harimo umunara wa ETEMENAKI muremure cyane, wari ufite inzego 7 zigerekeranye. Uburebure bwawo ni m 100, n'ubugali ndetse n'ubuhagarike ni m 100. Ku musozo hejuru hari ingoro y'abasenga-zuba (Bel-marduk). Abacukuzi bo mu matongo (Archeologues) basanze ko uwo munara wubatswe na zaho zisize ubushishi ziurimo na bugingo n'ubu. Urusengero rwa Bel-marduk nirwo ibinyagano byabitswemo bimaze guturwa icyo kigirwamana. Ibyo birori byo kwishima hejuru ya Yehova birangiye, ba Danieli bajyanwa mu Nyumba y'ibwami.

Icyatumye Nebukadineza anyaga abasore b'imfura :

Ni uko abami ba kera bagiraga akamenyero ko kunyaga abo mu nzu y'umwami watsinzwe, ngo babe ingwate, maze bizatume wa mwami yitondera kuganduka, kugira ngo bitazakora ku bana be banyazwe.

Bigaragara ko imigambi ya Nebukadineza yari ingenzi, kuko yafataga neza abo yanyaze, *Dan. 1:4,5*, kuko yari umwami w'amajyambere, yashatse kuzamura abo muri koloni ze kubwo gusimbuza abami n'abatware imfura zabo zigiye kaminuza i Babuloni, zizi amajyambere ya Babuloni, kandi bazi uburyo bw'umwami wabo.

Abakaludaya ni bande ? : Nibo Banyaramaya bahoze batuye mu misozi y'i Zagrosi hakurya ya Tigrisi. Bimukira i Shinari, baba ibyegera by'ibwami, ari imfura mu gihugu n'abategetsi b'abandi. Mu gihe cya Danieli babaye abajyanama b'ibwami n'abahanga b'ishuri ry'i Babuloni, bakaba abigisha b'ingenzi cyane.

Abakaludaya bari abanyabwenge mu bya Astronomie, Science, Histoire, Philosophie na Mathematique, ni nabo babihanze. Kuko basengaga izuba kandi umwaka ukagira amezi 12, bafashe 12 ho urufatiro rw'imbare. Ngiyo inkomoko yo kubara za douzaine, kugabanya umunsi mu masaha 12 y'amanywa na 12 y'ijoro, kugira Inch 12 muri Foot imwe no kugabanya uruziga muri dègre 360 (12 inshuro z'iminsi y'ukwezi.) Bagiraga ubwenge mu Bumago, mu bupfumu no mu bukonikoni

(6-14) hatubwira abana b'ingenzi Nebukadineza yanyaze nuko yabitiriye imana ze, uburyo batonnye ku mwami, uburyo birinze kwiyandurisha ibiryo bizira by'ibwami, bakagaragara neza kuruta ababyemeye.

IBYO KURYA

Imana yashize urubibi ku biribwa n'ibitaribwa, *Itang. 7:2; Yes 66:17; Abalewi 11.* Twibuke ko Yesaya yanditse igitabo cye muri 750 M.K. Ibyaterekerejwe nubwo ntacyo bitwara umuntu w'Imana, *I Kor. 8:4-7,9-13; 10:27-31* yashatse kwirinda igisa n'ikibi cyose ngo kitabera inkomyi aboroshye, bikabaviramo kurimbuka. *I Tes. 5:22.*

VINO : Risobanura ikinyobwa kivuye ku mbuto, cyaba gishya cyangwa igishaje. Imana yashyize urubibi hagati ya vino nziza na vino mbi. *Imig. 23:31 na Yes. 65:8.*

IBYIGISHO TWAKURA MURI IKI GICE CYA 1 :

1. Kuba umugabo nyakuri, nubwo abandi badohoka, bakimura Imana, bakava mu kuri. Kugambirira mu mutima kutiyanduza, kumenya Umwami wacu nka Danieli, tukirinda kumuhemukira kubwo gukeza undi mwami naho yaba umunyacyubahiro w'umutegetsi.

Nguko uko umukristo wese akwiriye gukurikira uwo yitiriwe (Kristo), akagera ikirenge mu cye, nubwo abandi bose bamuhana.

2. Kwitondera imirire yacu kubwo gusobanukirwa n'uko imibiri yacu ari insengero z'Umwuka Wera uzirana n'ibyanduye, akanga gukora ku buryo budakwiriye.

Kubw'ibyo tuzahabwa ubwenge bujijutse, isumbwe n'icyubahiro mu bantu, kuramba dufite ubuzima buzira umuze, nkuko tubona icyitegererezo mu mirongo 15-21. *Zirikana Mat. 6:31,33.*

3. Kugira kwizera gukomeye tukamenya ko Imana ikorera ibitangaza ku bantu bayo, batarinze kwiyandurisha ibyo kurya cyangwa ibindi bintu bizira ngo dukunde tubebo. Ba Danieli barabyibushye nubwo batatungwaga n'ibyo abantu bibwira ko ariyo bibyibushya. Nta mata, nta mavuta, keretse ibishyimbo n'amazi gusa. Bene uko kwizera Imana ntiyabura kukumvira.

4. Birababaje cyane kubona abapagani barusha abakristo imico myiza. Nebukadineza yari umuntu uzirkana abandi. Yari azi kubabarira abandi ndetse n'abahemu. Ntiyarwaraga inzika kandi yakundaga abantu

bitangaje. Mbese abakristo bameze nkawe muri iki gihe ni bangahe ?
Zirikana Mat. 18:21,22.

* * * * *

Igice'cya kabiri: IGISHUSANYO NEBUKADINEZA YAROSE

IMPAMVU Y'IBYABAYE MURI IKI GICE :

1. Kugira ngo Imana imenyekanire i Babuloni. Imana yashatse ko imenyekana muri za koloni za Babuloni zari zikwiriye mu isi yose. Imana yashatse kumenyekana i Babuloni kugira ngo abantu bayo bafatwe neza, bakire amahane badashiraho kandi aribo yari itezeho kujya barinda iby'ukuri kwayo. Abayuda nibo bonyine bari bazi ukuri kwayo.
2. Nebukadineza yizeraga ko azahoraho iteka, kandi ko ubwami bwe butazahanguka. Ibyo tubimenyeshwa n'urwibutso rwavumbuwe mu matongo y'i Babuloni ngo : « Nahesheje abaturage b'i Lebanon amahoro, sinakundira umuntu wese kugira icyo abatwara, mpashinga urwibutso rugaragaza ko ndi: « Umwami uhorahora iteka ryose. » Bisa nkaho amajyambere atangaje yadukiye muri Babuloni muri icyo gihe yatumye Nebukadineza yibwira ko ari umutoni ku mana ze kandi ko zizamubeshaho iteka.
3. Icyatumye Imana imuha kurota inzozi ikazimwibagiza :

- a. Kwari uguhinyuza icyo gitekerezo yari afite
- b. Yashatse guhuza Nebukadineza na Daniel, aribo bari abagabo bakomeye muri icyo gihe, ngo Daniel abone uburyo byo kwihanisha Nebukadineza, bibe intandaro yo gusohozza imigambi yayo muri icyo gihe.


Ubusobanuro bwimbitse :

IZAHABU : Ni umutwe gusa. Ibyo byari uburyo bwo guhinyuza ibyiringiro bya Nebukadineza byo guhoraho iteka. Izahabu ni icyuma cy'igiciro cyinshi. Igaragaza icyubahiro, ububasha n'ubukire, *Itang. 41:42; Zab. 19:9,10; Yobu 28:12-17.*

Ubwami bw'i Neo-Babulonia bwahanzwe na Neboporazali muri 626 M.K., bwahindutse izahabu koko. Muri 612 M.K. bwatsinze ubw'Abashuri, busigara butegeka isi yose. Nibwo bwahindutse izahabu, ubwiza. Icyubahiro n'ubutunzi by'i Babuloni ntibyarondorekaga.

Uretse Nebukadineza, na Yeremiya yahawe ubuhanuzi bwerekereye Babuloni, Imana imugaragariza ko ubwami bwaho butazahoraho iteka, ahubwo yerura ko buzahangurwa bugeze ku ngoma y'umuhungu wa Neboporazali (Umwuzukuru we).

Dore uko byasohoye :



IFEZA : Ni igituza n'amaboko.

Amaboko 2 agaragaza ko ubwo bwami buzagirwa n'amahanga 2 abumbiye hamwe. Niko byagenze kandi ubwo Nabonidusi n'umuhungu we Berushazali bari ku ngoma, batewe n'ingabo z'Abamedi n'Abaperesi, zirabanesha, zihangura ingoma yabo.

Inkomoko y'Abamedi n'Abaperesi :

Abamedi bakomotse kuri Yafeti, n'Abaperesi ni uko. Abamedi ni bene Madai, *Itang. 10:2*. Nko mu 2000 M.K bene Yafeti batangiyie gusubira mu bihugu by'iburasirazuba, bagera i Palestina no mu Egiputa. Abandi bimukira muri Azia nto bahanga ubwami, abandi bigarurira

ubwami bw'i Mesopotamiya, abandi bakwira mubihugu byo hakurya ya Tigrisi.

Bwa mbere Abamedi nibo bari bakomeye, ariko muri 550 M.K. Kuro w'Umuperesi arakomera, asimbura Abamedi ku ngoma yabo agira Dario w'Umumedi umugaba w'ingabo ze.

Muri 539 M.K. atuma Dario kwigarurira i Babuloni, amaze gutsinda uwo murwa, Kuro amugabira ingoma y'i Babuloni kujya ahamutwarira, *Dan. 9:1.*

Yesaya yahanuye ibya Kuro nko muri 750 M.K. Kuro yari umwami ukomeye koko. Aya magambo yanditswe nawe yavumbuwe mu matongo, arabigaragaza : « Uhoreye ku nyanja yo haruguru ukageza ku nyanja yo hepfo, igihugu cyose Umwami wanjiye yangabiye, hamwe n'umurwa w' Babuloni, nahahesheje ikuzo n'amajyambere mu bihugu byose n'ahatuwe hose. Ninje Kuro Umwami w'isi, Umwami ukomeye w'amaboko. Umwami w'i Babuloni n'impande enye z'isi. ninje rubyaro rw'umwami rudashira. Imitegekere yanjiye ikunda Bel na Nabu, bakayishimira. Kubw'imitengekere yanjiye myiza, abami bose basigaye bidamarariye mu nyumba zabo uhoreye ku nyanja yo haruguru ukageza kuyo hepfo. Abami bose bo mu bihugu by'iburengerazuba batuye ikoro riremereye, bageze i Babuloni bansoma ibirenge. Ninje wubatse ingoro z'imana, nziha ubuturo bw'iteka. Izo mana nagaruye zijiye zinyibuka iteka uko bukeye, zinsabire kuri Bel ziti : « Ureke Umwami ugusenga na Kambusi umuhungu we n'ibihugu byabo bisigare mu mahoro. »

Ariko izo mana ze ntizagenga amahoro yo muri iy'isi. Ubwami bw'ifeza nabwo bwarahangutse.

UMURINGA : ni Abagiriki

1. Inkomoko y'ubwo bwami : Nyuma y'umwuzure, nta bwami bukomeye bwabaga mu Burayi. Umudugudu wose wagiraga umwami wawo. Hanyuma mu ntara ya Makedonia ho mu Bugiriki ahahereranye n'iburasirazuba haduka umusore, arakomera. Yitwaga *ALEXANDRE*, yigira umugaba w'ingabo, anesha imidugudu y'Ubugiriki, aba umwami wa mbere w'Ubugiriki bwose.

2. Amaze guhangga ubwami bw'iwabo, ashaka uko yabwagura yerekeje iburasirazuba, anesha amahanga ameze nk'umuriro wo mu bishingwe. Amaze koromya Azia nto na Palestina na Egiputa, agera mu Buperesi abatsinda mu rugamba rwabaye muri *ARBELA* muri 331 M.K. Ibyo byose yabikoze mu myaka 8 gusa. Amaze kwigarurir isi, arizwa nuko

adashoboye kugera mu yandi masi ngo nayo ayigarurire, agwa i Babuloni amaze imyaka 33 y'ubukuru.

UBWAMI BW'IBYUMA : ni Ubwami bwa Roma.

- Umurwa wa Roma wubatswe na *Romulusi* muri 753 M.K aba umwami wawo wa mbere.
- Nyuma hakurikiyeho abami 8 bigarurira imihana yose izengurutse Roma. Icyakora babaye imbura-mbabazi, batwaza abantu igitugu cyane. Ku ngoma ya 8 abantu baragoma, bahanga Repubulika nko muri 500 M.K.
- Repubulika yabo ikomeza kugara buhoro buhoro, yigarurira ibihugu igeria i Babuloni, muri Afrika, mu Burayi ndetse no mu Bwongereza. Mu 168 M.K batsinda Abagiriki ku rugamba rw' i *PIDYNA*, bahangura ubwami bwahoze ari ubwa Alexandre. Bamaze kumenagura ubw'abandi bwose, bashyiraho *PAX ROMAN*. Ubwami bwa Roma bwari icyuma koko, kuko mu bwami bwose aribwo bwakabije gukomera no kuramba bukageza muri 476 N.K. Muri uwo mwaka niho bwahanguwe n'Ababarbaro b'amoko atari amwe aturutse mubihugu by'amajyaruguru, baba inkomoko yo kudahuza kw'Abanyaburayi kugeza na n'ubu. Amoko 10 yateye mu bwami bwa Roma nibo kimeza-miryango y'amahanga ari mu Burayi ubu. Ayo moko niyo agereranya ubwami bw'amano yo ku birenge (ibumba n'icyuma).

UBWAMI BW'IBUYE : Ubwo bwaturutse hejuru bwikubita ku birenge by'igishushanyo. Ni ubwa Kristo buzaturuka hejuru muri iki gihe cyacu. Soma winira *Dan. 2:45, Mat. 24:44.*

IBITWEMEZA KO TUGEZE MU MANO Y'IGISHUSHANYO

1. *Dan. 2:43* ngo ntibazafatanya. Yesu nawe yahanuye ko mu minsi y'imperuka hazaba amahane namatage mu bantu, bangana, bicana, badashyira hamwe. Ntawahakana ko tugeze muri ibyo bihe, *Mat. 24:6-13*.

2. Igishushanyo cyaremwe mu byuma by'uburyo butari bumwe kandi budahwanyije agaciro uhoreye ku izahabu ukageza ku ibumba. Ibyo ni ukugararagaza uburyo abantu bazahenebera mu by'Umwuka uko ibihe bihaye ibindi. Ntiduteze kubona abantu bakira ubwo butumwa buhamye bw'iby'Umwuka, *2 Tim. 3:13*.

3. Dukurikije ubu buhanuzi bwa Danieli 2, biragaragara ko Imana yashatse ko ubukomere bw'ubwami buzajya bwimukira

iburengerazuba. Uhoreye kuri Babuloni ukageza i Roma wasanga ariko byagenze. Kuri ubu uwoko bukomeye ku isi nta gushidikanya ni Amerika, ituye iburengerazuba. Tugeze ku iherezo ry'inzira.

* * * * *

Igice cya gatatu : MU ITANURA RY'UMURIRO

A. BYABAYE RYARI ?

Daniel 3:2 hatubwira ko Nebukadineza yahamagaje abatware bose ngo bitabe i Babuloni. Yeremiya 15:59 havuga ko Zedekiya yajyanye n' umutware w' Abashashi i Babuloni mu mwaka wa kane w' ingoma ye. Zedekia yimye ingoma muri 597 M.K. Umwaka wa kane w' ingoma ye ni muri 593 M.K. Mbese yari agiyeyo kumara iki ? Si ukwitaba umwami Nebukadineza ?

B. KUKI BYABAYEHO ?

1. Ni umurimo wa satani:

- a) Yanangiye umutima wa Nebukadineza bituma ahinyura ubusobanuro bw' inzozi zo mu gice cya 2, niko kurema *igishushanyo cy' izahabu*.
- b) Yashatse gukuraho ba basore b'Abaheburayo bari barengeye Imana y' ukuri.
- c) Yashatse gutuma abantu bahinyura ijambo ry'Imana ryavugwaga na Yeremiya (Yeremiya 27: 6,7), no gutuma ibya Yehova bihinyuka.

2. Imana yaretse satâni akoresha imigambi ye mibi, nyamara iriyubahisha:

- a) Nebukadineza yongeye korosha umutima. *Daniel 3:28*
- b) Mu cyimbo cyo kurimbuka ba basore barushaho kujya mbere. *Daniel 3:30*.
- c) Mu cyimbo cyo guhinyura Yehova, abatware bose bava I Babuloni bamaze kwemezwa n' imitima yabo ko Yehova atameze nk'imana z'abanyamahanga.
- d) Nguko uko Imana ireka ibibi bigakora ngo bisohoze imigambi yayo. Rya tanura ryashyiriweho kwica abayo, niryo yakoresheje yihimbaza, inimenyekanisha. *Abaroma 8:28,31*.

**Igice cya kane: UMWAMI AJYA KURISHA HAMWE
N'INYAMASWA**

Ibyo byabaye mu mwaka wa karindwi cyangwa uwa munani w'ingoma ye. Nta jambo na rimwe ryabonetse mu matongo cyangwa mu banyamateka ba kera ribivuga. Ni muri Danieli igice cya 4 habivuga gusa kandi bibabaje cyane. Byanditswe na Nebukadineza ubwe cyangwa abyandikishije amagambo ye ubwe.

A. IGITUMA IBYANDITSWE BYAVUMBUWE MU MATONGO Y' I BABULONI BITAVUGA AMAKURU Y'IMYAKA 8 IHERUKA YO KU NGOMA YA NEBUKADINEZA.

Abakaludaya nibo mpuguke kandi nibo bandikaga amateka. Ibyabaye kuri Nebukadineza ntibyabashimishije, kuko byahinyuzaga amagambo yabo yo gushyeshya umwami ngo azahoraho iteka.

B. INTERURO Y' IGICE:

Nubwo ari igitekerezo gishishana kandi gikojeje isoni cyerekeje kuri Nebukadineza, yaranditse ati: « nishimiye kubyerura » (4:2). Yari amaze kwhiana by'ukuri yiyumvamo ko Imana yamukijije akaga gakabije, niko kwifuza kubiganira. Kandi ni koko ukize inkuba arayiganira. Iyo umuntu abaye uwa Yesu by'ukuri, akaba yarabaye icyaremwe gishya ari mu byo gukira kamere mbi, ntiyabura gushaka kubiganira n'abandi ndetse uwakiriye agakiza ka Yesu by'ukuri ntiyakwiyumanganya ngo atabibwira abandi.

C. UBUKURE BW'I BABULONI:

Nebukadineza yamaze imyaka nka 35 ku ngoma. Yari amaze kwigarurira ibihugu, ubutunzi bwaho bugana i Babuloni kubw'imisoro yabo. Umurwa we wabaye agahano n'akataraboneka ariwe wawaguye cyane. Kudamarara kwe kwamuteye kwibagirwa inzozi ze zo mu gice cya 2 n'ibyabaye mu gice cya 3, asobwa ni ibi:

1) Abantu bose ni nk'ibyatsi. Babaho none ejo bagashiraho. Ntawe urih Kubwe ahubwo twese tubeshwaho n'Imana buri kanya

(Yesaya 40:6, 1 Petero 1:24).

2) Ntawikiza. Ubukire bwose tubuhabwa n'Imana ari ingabire yayo

(Gutegeka. 8:18).

3) Kwibona kubanziriza kugwa (Imigani 16:18, Matayo 19:30). Nubwo ayo magambo ya Yesu yerekeje ku kubaho gutaha, no muri uku kubaho Imana inyaga umuntu ubutunzi afite ibitewe n'umutima mubi we. Imana ntihana umuntu itabanje kumuburira no kumuha akanya ko kwhiana; nicyo cyatumye iha Nebukadineza kurota inzozi zo muri iki gice.

D. UBUTWARI BWA DANIELI :

1) Abakaludaya bavuze ko bananiwe gusobanura inzozi. Nyamara si uko zari inzozi zidasobanutse, kuko n'umwami ubwe yari asobanukiwe nuko icyo git'i ari we, ni uko azahanwa. Dore uko Danieli yabivuze ataragira icyo amusobanurira (4:17).

Ibyatumye Abakaludaya batabwira Nebukadineza ubusobanuro, ni uko babuze uburyo bahimba ibyo kumushyeshya. Batinye ko nibamubwira ibimubabaza abica. Nyamara Danieli amaze kugera imbere y'umwami abanza kujiinganya (4:19) ariko arikomeza, maze yerurira Nebukadineza byose atabebera.

2) Amaze kumubwira byose amuha uburyo bwo kwhiana. Ngibyo ibimenyetso by'inshuti nyanshuti (reba 4:27).

IGIHANO GISOHORA KURI NEBUKADINEZA:

Imana yamuhyae amasaha 12 ngo yisubireho. Nebukadineza abonye ko ibihe bikomeje guhita, yinangira umutima yanga kwicisha bugufi.

Reba uko yirataga: Ibyabonetse mu matongo y'i Babuloni n'urwibutso yahashinze: « nnyewe natumye i Babuloni haba umurwa wera de. Ni ibyirato by'imana zanjye zikomeye. Ni nnyewe wawaguye kurusha abambanjirije bose. Ni nnyewe watumye insengero z'imana-kazi zicya nk'amanywa. Nta mwami wo mu bami bose wigeze kurema. Nta wambanjirije wigeze kubaka ibihwanije akagero n'ibyo nakoreye Marduk. Nakwije ibikoresho byo muri ESAGILA,...kubw'ibyo inzira yo kubaho kwanjye ibe ndende, nishime n'urubyaro rwanjye...Izina ryanjye riragakuzwa mu bihe bizaza byose kubw'amajyambere nagize ».

Ikindi cyitegerez cy'uko yirataga (*Danieli 4:30*) ubisome byose urebe ukuntu byose abyiyerekezaho ubwe. Iyo ndwara yabereye igihamya gihinyuza mu buryo bubiri:

- Babwiraga Nebukadineza ko azahora ku ngoma iteka, noneho aba nk'inyamaswa yo mu ishyamba, imvura ikamunyagira, agatondwaho n'ikime nijoro.

- Ab'i Babuloni bibwiraga ko ibisazi biterwa nuko umuntu aganderewe n'abazimu. Ibyo nabyo byatumaga Abakaludaya bashoberwa kuko bajyaga kubwira Nebukadineza ko ari umutoni ku mana.

AMAHEREZO MEZA Y'IGIHANO:

Yubuye amaso ye areba ku ijuru agarura akenge; n'ubundi niho umukiro n'ubwenge bituruka (4: 34). Yasobanukiwe nuko ubwami bw'Imana aribwo buzahoraho iteka ryose (4: 34). Abantu ni nk'ybusa imbere y'Imana, niyo ibaha byose (4: 35). Ntawe ubasha gukoma Imana mu nkokora. Ijambo ryayo naho ryatinda ntirizahera (4: 35). Abibone Imana ibasha kubacisha bugufi (4: 37).

Igice cya gatanu: IKIGANZA CYANDIKAGA

Nubwo Nebukadineza yihannye kandi abakomotse kuri we bakaba bari bazi uburyo Imana yamugaragarije ingaruka yo gukora nabi, ntibabyitayeho. Ubwami bwatangiye guhenebera mu maboko y'abami bamusimbuye kandi uko barushagaho gusaya niko Abamedi n'Abaperesi bakomeraga.

Amel-Marduk amaze imyaka 2 ku ngoma agwa ku rugamba barwana n'Abamedi n'Abaperesi, azungurwa n'umukwe wa Nebukadineza witwaga NEGLISALI (560-556), aba icyohe ibintu bitangira gucika. Amaze imyaka ine ku ngoma azungurwa n'umuhungu we LABASHIR-MARDUK (556-555), ariko we arushaho gushayisha. Nuko bamukura ku ngoma ayimazeho amezi 9 gusa, bamusimbuza NABONIDUSI (555-539).

Muri iyo minsi nko muri 555-556 M.K. Kuro anyaga Abamedi intebi y'ubwami. Nabonidusi abonye ukuntu ubwami bwa Kuro butangiye gukomera, agirana amasezerano yo gutabarana na KROESUS umwami w'i LIDIA (Azia nto) na AMASUS wo mu Egiputa. Byongeye gutera aba Lidia arabatsinda. Bukeye atsinda ingabo za Nabonidus mu OPISI ku nkengero y'i Tigrisi, yambuka uruzi yongera gutera ingabo za Nabonidus i SIPPAR ku nkengero ya Ufurate; ubwo hari kuwa 11/10/539, Belushaza ahungira i Babuloni. Ku 13/10/539 M.K. umunyamateka w'umugiriki witwa ZENOFONI atubwira ko i Babuloni bagiraga umunsi mukuru wo kwinywera no gukesha inkera bisambanira. Nuko uwo munsi ugeze, Belushaza ntiyibuka ko igihugu cye kiri mu kaga ko kwigarurirwa

n'abanzi, ararika abatware be igihumbi ngo baze mu birori banywe banezerwe.

IBYEREKEYE IBIORI :

- Abanyamateka bahamya ko ab'i Babuloni bari basinze icyo gihe.
- Abacukuzi bo mu matongo (Archeologues) bamenye icyumba abatumiwe na Berushazali barimo ubwo ikiganza cyandikaga ku rukuta. Icyo cyumba ni icyo mu Nyumba y'umwami iteganye n'irembo ry'i Shinari, gifite uburebure bwa m 108, n'ubugari bwa m 36.
- Kugira ibirori bifite abararikwa bangana bityo ntibyari inzaduka. Ibehe bavumbuye i Nimurudi ryanditswe ku ngoma y'Abashuri rivuga ko. umwami Ashur-Nasipal yaratse abantu 69.574 arabatunga, arabafungurira, amara iminsi 10.

Umurongo wa 7 :

Umwenda w'umuhengeri : Niwo w'ubugabe.

Umukufi w'izahabu : Ikimenyetso cy'icyubahiro mu bwami, *Itang. 41:42.*

Umutware wa 3 mu bwami : Wibuke ko iri jambo ari ubuhamya bumwe dutanga twemeza ko igitabo cya Danieli kitanditswe mu ijana rya 2 M.K. ubwo bari bamaze kwibagirwa ko Nabonidusi atari we watwaraga i Babuloni ubwo baterwaga n'Abamedi.

Umurongo wa 10, 11 :

Hari ikosa abahinduzi bakoze : Si umwami-kazi ni umugabe-kazi. Ni nyina wa Berushazali uvugwa aho kuba umugore we.

Havuga ko Nebukadinezali ariwe se wa Berushazali bitewe nuko kari akamenyero ku ba kera kwita abana, abuzukuru, abuzukuruza n'ubuvivi bw'umuntu izina rya nyir'umuryango.

Umurongo 18-24 :

Irimo amagambo ya Danieli ahwitura umwami. Yasesengure neza, nawe uramenya icyo Berushazali yazize, ubigereranye na *Mika 6:8.*

Imirongo 25-28 :

Mene : Ijambo ry'Urunyaramaya, ndetse n'andi yari yanditse ku rukuta nayo ni uko. Icyatumye umwami atayasobanukirwa, ni uko muri icyo gihe bandikaga amagambo bayatandukanyije ari Ururandaryi. Byongeye kandi amagambo yo ku rukuta ntiyari amagambo ashytse :

Mene : risobanurwa ngo Barwa, 5:26.

Tekeli : risobanurwa ngo Pima, 5:27.

Upharsin : risobanurwa ngo umugabane cyangwa imigabane (Ibice). Iryo jambo rikomoka ku nshinga PERES = Kugabanya. Ni naryo bitaga Abaperesi.

Umurongo wa 28 bawuhinduye nabi. Dukurijke Urunyaramaya, ibikwiriye n'ibi : « Ubwami bwe buragabanijwe. Peres si kugabwa, ni ukugabanya. Gereranya na Yer. 27:6-7.

Guhanguka k'umutwe w'izahabu

Bibiliya ibivuga mu magambo ahiniye hafi cyane, 5:30,31. Nta handi ho muri Bibliya hatubwira uko byagenze, ariko hari amagambo menshi cyane yanditswe na Yesaya muri 750 M.K. na Yeremiya muri 605 M.K. atubwira imiburo ya Babuloni, ahanura uko bizamera nibatihana.

- a. i Babuloni hazagwa nubwo hakomeye bitangaje, *Yes. 47:1-3; Yer. 50:1,3,35,40; 51:53,58.*
- b. Hazahinduka ibirundo by'amatongo habe ikidaturwa, *Yes. 13:19-22; Yer. 51:29,37.*
- c. Umubisha azaturuka ikasikazi, *Yer. 50:1-3,9,41,42.*
- d. Nibo Bamedi, *Yes. 10:17; Yer. 51:11,28.*
- e. Bizaba ku ngoma y'umwami witwa Kuro, *Yes. 45:1,3,4* n'ahandi henshi.

Tuzi neza ko nubwo Nebukadineza yaburirwaga yabanje gusuzugura Ijambo ry'Imana. Amaze guhanwa bikabije, arihana yemera ko ingoma y'Imana ariyo yonyine izahoraho iteka ryose yandika icyo gice akigenera abo mu bwami bwe bose, arundurira kuri aya magambo : « Abibone Uwhiteka abasha kubacisha bugufi, *Dan. 4:37* ».

Nubwo ayo magambo yabaye uruhererekane mu bamusimbuye ntibayitayeho. Ingaruka y'agasuzuguro yagaragaye ku ngoma ya Berushazali biba icyuzuzo cy'amagambo ya Nebukadinezali : « Ntawe ubasha gukoma Imana mu nkokora kuko Bibiliya itatubwira uko byagenze mu inyagwa rya Babuloni, dukwiriye guhindukirira Abanyamateka n'Abarcheologues, aho dukura ubumenyi bw'ibyabaye mu ijoro Berushazali yishwe n'inkingi ya Kuro. Ibehe ryanditswe na Nabonidusi, n'abanyamateka baronse ibyanditswe mu gitabo cya Yosefusi, Zenofoni, Herodotusi.

Igitekerezo uko kivugwa nabo ni iki : « Ingabo za Kuro zamaze kunyaga iz'i Babuloni mu Opisi n'i Sippar zigana i Babuloni zihibasiye, zihageze zisanga hari umudugudu udashoboka. Dario agabanya ingabo mu mitwe 3 : umwe usigara aho uruzi rwa Ufurate *rwinjirira* mu mudugudu, ruca munsi y'inkike y'ikasikazi.

Undi mutwe Dario awujyana mu butayu ahari icyobo kinini cyacukuwe kera bubaka inkike z'umurwa, bacukura umugende uhuza icyo cyobo n'uruzi, maze bararugomorora, amazi agana muri cya cyobo, uruzi rurakama, ba bandi basigaye inyuma babonye rukameye baravogera baca munsi y'inkike, bagezemo basanga uruzi rukikijwe n'izindi nkike ndende impande zombi. Amahirwe nuko basanze abaturage bibagiwe gukinga inzugi z'imiringa zo muri izo nkike. Nubundi Imana yari yarabahanuriye ko izabatanga imbere ibaringaniriza uburyo. Ubusinzi bw'uwo mukuru bwatumye basanga n'abarinzi basinziriye, babacura inkumbi bagana ku rugo rw'umwami. Abarinzi baho nabo bari basinze, nabo babacura inkumbi. Abandi babonye ingabo z'abanyamahanga mu murwa batuma intumwa kuri Berushazali ngo umurwa bawufashe impande zose bawumaze. Umwami ngo abyumve atyo, ntiyabyemera, yiterera agati mu ryinyo nkuko yari abisanganywe, akingura urugi atabyitayeho, ingabo zari zimutegereje hanze zimurabutswe ziramugwira, zimutsinda ku gasi. Ibishushanyo n'ubutunzi n'ifeza babikura mu rusengero babihambira mu ngingo z'amafarashi n'ingamiva *babijyana* iwabo, Dario aba ariwe wima ingoma y'i Babuloni, ahategekera kuro. N'ubundi Uwiteka ngo: « Niko ijambo riva mu kanwa *kanjye* izamera, ntirizagaruka ubusa, ahubwo rizasohoza ibyo rishaka, rizashobora gukora ibyo naritumye. » Yes. 55:11.

* * * * *

IGICE CYA GATANDATU :DANIEL MU RWOBORW'INTARE

Iby'icyo gice byabaye igihe ubwami bw'lfeza bwari butangije kwiganzura mu isi yose. Ibuka uko Kuro yimye ingoma muri 550 M.K agaherako agatsinda Kroesus w'i Lidia. Muri 540 M.K aca icyuhu mu nkike za Opis, akahigarurira muri 539 M.K., tariki 11/10 ingabo z'i Babuloni zirahunga, Dario yambutse uruzi atera i Sippar.

Le 13/10/539 M.K agera i Babuloni ubwaho. Barahigarurira bataruhije baharwanira. Abantu bari bamaze guhararukwa ingeso mbi za Berushazali kandi Kuro yari yumvikanye ko ari umutegetsi w'ingenzi. Nuko agera i Babuloni hashize ibyumweru bibiri, abantu bamuha impundu, ariko cyane cyane Abayuda kuko Yesaya yari yarabahanuriye ko Kuro uwo azabasubiza i Yerusalem ngo bahasane, *Yes. 44:28.*

Uburyo Kuro yari atandukanye n'abandi bami babanje :

Abashuri bari imbura-mbabazi, bishe abasaza n'abana nta mpuhwe. Bamaze kubaca mu gihugu bahasiga ibirundo by'ibiganza baciye ku bo bafashe mpiri, batwika umudugudu. Wibuke uko i Samariya habaye muri 721 M.K.


Nebukadineza nawe yajyanaga abantu ho iminyago, imidugudu yabo akayisenya. Kuro we siko yameraga. Ageze i Babuloni ntacyo yahatwaye, abategetsi baho arabakomeza, ndetse na Nabonidusi amusiga i Tema ngo ahamutegekere. Yagiraga na gahunda yo gusubiza abanyagano iwabo. Ibyo ntibyashimije Satani, ashaka ko yabona uko amurimbura.

Ikigeragezo cyageze kuri Danieli :

1. Cyatewe n'ishyari ry'abandi bategetsi kuko Danieli yabarushaga imico myiza no gukiranuka mu mirimo, 6:4; babuze uko bamurega kubw'imigenzereze ye mu mirimo , bahindurira ku kubaho kwe kw'imuhira ngo bakugenzure.
2. Ikigeragezo cya 2 ni ukudasenga umuntu, gutanga ubuhanya bweruye ko umukritso asenga Imana ubudasiba. Danieli yamenyekanye ko asenga Imana iteka, 6:16, yangaga guhisha uwo mucyo naho byamwaka ubugingo.

Indunduro :

Amateka y'Abamedi n'Abaperesi, amaze gushyirwaho impeta y'umwami ntiyakuka rwose. Reba *Esteri 1:19; 8:8; Dan. 6:15.* Iki gice cyongera kugaragaza uburyo Imana ihindura imigambi ya satani ubusa, ikiyogezza kubwo kubaho k'umugabo wanze kudohoka.



INTERURO Y'UMUGABANE WA KABIRI

Ibice 6 biheruka byo muri Danieli byuzuye ubuhanuzi. Ubuhanuzi mu Rugiriki ni Profeteia risobanura ngo *Ibivuga mu cyimbo cya...* Ubuhanuzi ni ubutumwa Imana icisha mu bahanuzi bayo burimo imiburo, inama, gutesha no kwigisha ibyerekeye ibyahise, ibiriho n'ibizaza. Ni umucyo utumurikira mu nzira izatugeza mu bugingo buhoraho, *2 Pet. 1:19.*

Ubuhanuzi bwo muri *Danieli 7-12* bwerekereye ibizaba, cyane cyane ibyo ku mperuka. Bwatanzwe kugira ngo tumenye aho tugeze mu ruhererekane rw'ibihe, tumenye aho duhagarariye, tubone kwitegura ngo dushyire hamwe dutebutse umunsi w'Umwami wacu.

Kuko ubuhanuzi bwa Danieli burimo amarenga menshi n'amayo berane, ibindi birimo bikaba byarasohoye ku buryo butangaje, hari abantu bamwe batemera ko ari ubuhanuzi, ngo byanditswe bimaze kubaho, kandi ngo ni ibyahimbwe bitumvikana by'amateshwa. Kuko ubuhanuzi na Bibliya ari magirirane, niba ubuhanuzi butizerwa, na Bibiliya niko imeze.

Dore impamvu 7 zituma twizera n'ibyiringiro byose ko Bibliya ari ijambo ry'Imana bwite :

1. Amateka yo muri Bibliya ni ay'ukuri no kwizerwa :

Mu ijana rya 19 N.K ubwo inyigisho za Evolutionisme zatangiraga kwaduka, abayoboke bazo bagenzuye Bibliya cyane ngo bayishakemo impamvu zo kuyikerensa, bayigereranya n'ibinyamateka byanditswe n'Abagiriki n'Abaroma uhoreye nko mu gihe cya Alexandre mu ijana rya 4 M.K., basanga amateka amwe yo muri Bibliya atandukanye n'ayo abo bagabo banditse, bati : « noneho Bibiliya irimo amakosa kuko iciye ukubiri n'amateka y'Abagiriki n'Abaroma.

Ingero batanga :

a. Bibliya ivuga kenshi iby'ishyanga ryitwa Abahitite, abanyamateka ntibigeze babavuga, ngo kubw'ibyo Abahitite ntibigeze babaho, ni ibihimbano byo muri Bibliya. Nyamara aba Archeologues Ninewe, i Hattu (Bogaskei), i Nuzi n'i Mari; i Ninewe bahabonye amabehe asaga 10.000 yanditswemo ubutumwa n'ibitekerezo byinshi hatararimbuka, muri 612 M.K i Hattu bahavumbuye amabehe asaga 16.000 agaragaza ko uwo mudugudu wari umurwa mukuru w'Abahitite. Nta mumenyi ugihakana ko Abahitite batigeze babaho.

b. Abanyamateka bavuga ko Umwami uheruka i Babuloni ari Nabonidusi. Bibiliya ivuga ko ari Berushazali, kandi mu masekuru y'abami baho yanditswe n'Abagiriki n'Abaroma nta Berushazali uvugwamo. Tumaze kubona ukuntu Archeologie yareguye Bibiliya kuri icyo.

c. Bibiliya ivuga ko umwami w'Abashuri yitwaga SARGONI V. Abanyamateka bo mu ijana rya 4 ntibamuvuga. Noneho abahinyuza bat : « Ibyo muri Bibiliya ni ibinyoma. » Ariko kuri ubu tumaze kumenya ko mu matongo y'inyumba ya Sargoni y'ibwami n'ibyanditswe ku mabehe yavumbuwe i Ninewe bigaragaza ko ariwe wasimbuye Shalmaneza V, nta undi ujijutse ugishindikanya kuri ayo mateka yo muri Bibiliya.

2. Ubumwe bwo mu butumwa bwa Bibiliya : Igitabo cya mbere cyo muri Bibiliya « Yobu » cyanditswe na Mose ari i Midiani nko mu 1480 M.K. hakurikiraho ibindi 65 byanditswe n'abantu batari bamwe nka 35 b'amahara kwinshi; abami nka Dawidi, abarobyi nka Yohana, abakarani nka Ezira na Matayo, umuganga Luka, umushumba Amosi; abo bose banditse bari ahantu hatari hamwe. Itangiriro cyanditswe na Mose ari i Sinai, Yobu i Midiani, Yesaya i Palestina, Ezekiel i Mesopotamiya, 1 Korinto muri Azia nto, Abaroma mu Bugiriki, Ibyahishuwe kuri Patimo.

Kandi rero kuva igihe Mose yanditse igitabo cya mbere kugeza kuri Yohana yandika Ibyahishuwe, hacie imyaka isaga 1500. Ariko igitangaza nuko ibyanditswe muri Bibiliya byose bitabusanje, nta bihabane bihari, nta bihinyuzanya, ahubwo byose bigendera hamwe nk'urushunzi rumwe. Ibyo ntibyari gushoboka iyo abanditsi bose batayoborwa n'Umwuka umwe ariwo w'Imana.

3. Kuramba kwa Bibiliya : Bataravumbura imashini zicapa

(Gutenberg mu kinyejana cya 15 N.K) ibitabo byose byandikwaga n'abantu. Kubw'ibyo byari bike cyane, no mu myaka y'ibihumbi za Bibiliya zari nkeya cyane, nazo satani akagerageza kuzimaraho, agatuma Abaheburayo bazirengagiza kugeza ubwo zibagirana rwose. Wibuke ko bayivumbuye mu matongo y'urusengero ku ngoma ya Yosiya. Ni Imana yarinze iyo Bibiliya imwe kugira ngo idasibangana rwose, satani akayiteza abanzi bavuye inyuma y'itorero nka Antiokusi Epiphanis. Yesu amaze gusubira mu ijuru, satani yatumye itorero rihenebera kugeza ubwo ribujije abantu gusoma Bibiliya zabo, bakazitwikana n'abo basanze bazisoma (wibuke ibya Husi), bakazihindura mu Kilatini kitazwi n'abantu benshi, bakanaziheza muri za Bibliothèque. Niho Luther yavumbuye Bibiliya, atuma ubugorozi bugera mu itorero.

Ntibishoboka kumaraho Bibiliya. Wibuke uko Voltaire yabigenje akerensa Bibiliya agahanura ko imyaka ijana nimara gushira nta mukristo uzaba akirangwa mu gihugu. Nyamara imyaka 30 amaze gupfa, urugaga rw'abacapyi bahanga ibiro byabo mu nzu ya Voltaire, na n'ubu Bibiliya imaze guhindurwa mu ndimi zisaga igihumbi n'ijana. Ukuri guca mu ziko ntigushya.

4. Kudahinduka kwa Bibiliya: Abahinyuzi bat: ibyanditswe mbere na mbere ntabwo tubifite, n'ababyandukuye mbere nta gushidikanya bashyizemo amakosa. Kubw'ibyo ntibishoboka kumenya ubutumwa bwa Bibiliya uko bwari mbere na mbere.

Tubisuzume: Tuzi ko Abaheburayo ba kera bandikaga bibaruhiye cyane. Nta nyajwi bandikaga kandi ntibatandukanya amagambo. Itangiriro 1:1 handikwaga gutya : « mbrnmbrmnyrmyjrns. » Gukora ibimeze gutyo ntibyoroshye. Icyakora bamaze kuva i Babuloni bashyiraho gahunda yo gutandukanya amagambo n'iyo kugabanya mu mirongo ibyanditswe. Ibyo byabaye muri 700 N.K ubwo urugaga rw'Abayuda rwashyiragaho gahunda yo kwitondesha abacapyi. Ni koko rero birashoboka ko mbere ya 700 N.K abakarani bandikaga amafuti menshi, ariko Imana yatubikiye ubuhamya butangaje bwagaragariye ku biziga byahishuwe mu buvumo bw'i QUMRAN. Ibyo biziga byahahishwe mu gihe cya Yesu, kandi bimwe byanditswe atarovukira ku isi, nyamara ntibitandukanye n'ibyo dufite muri Bibliya kuri ubu. Imana yatanze Ijambo ryayo yayoboye abakarane bajyaga baryandukura kera.

4. Ubutumwa bwa Bibliya : Bunyuranye n'imyizerere y'abandi bose ba kera. Abo mu isi yose bizeraga ko hariho imana nyinshi zifite irari n'igishinja bimeze nk'iby'abantu, zikajya zicana, zisambana, zibana, zibeshya, amaherezo zigapfa.

Nicyo cyatumaga nabo bagira bene izo ngeso mbi. Muri Bibliya havuga Imana imwe rukumbi, Yera, Ihoraho, itameze nk'abantu, kandi yifuza ko abantu baba beza nkayo. Noneho niba Bibliya yarahimbwe n'umuntu wa kera ntiyajyaga guhimba ibinyuranye n'imyizerere yabo. Ubutumwa bwo muri Bibliya buhabanye na kamere ya kimuntu ni ubuhamya ko itahimbwe n'umuntu, ahubwo ifite inkomoko y'indenga-kamere.

6. Ububasha bwa Bibliya bwo guhindura abantu : Nta kindi gitabo cyabashije guhindura umuntu nka Bibliya; hariho ibyitegererezo byinshi twatangaho urugero rw'imbaraga itangaje iyirimo. *Heb. 4:12.*

7. Gusohora k'ubuhanuzi bwayo : Abahinyuzi bavuga ko ubuhanuzi bwa Bibliya ari ibyanditswe bimaze kuba. Ariko se twavuga iki ku buhanuzi bwerekeye Messia? Ntawe uhakana ko ibyo mu Isezerano rya Kera byanditswe Yesu ataravukira muri iy'isi. Aho havuga heruye ko Messia azaza hati:

- a. Azakomoka mu bantu. Ntazamanuka mu ijuru ashagawe n'abamalaika.
- b. Azakomoka mu muryango wa Yuda, ku nzu ya Dawidi. Yesu yari Umuyuda koko.
- c. Azavukira i Betelehemu, niko byagenze.
- d. Azatangira umurimo we muri 27 N.K. Nibwo yabatijwe aba Kristo.
- e. Azapfa arenganye, nihashira iminsi 3 azuke. Niko byagenze.

Ibyo byahanuwe mu myaka magana menshi Yesu ataravukira mu isi. Ndetse ubwe nawe yajyaga asomera abigishwa be ubuhanuzi bumwerekeyeho akiri mu isi, *Luka 24:27,44*. None se yari kubishobora ate niba ubwo buhanuzi bwaranditswe nyuma? Byongeye kandi ko hari ubuhanuzi bwinshi bwerekeye kuri iyi minsi turimo ubu, bujya busohorera mu maso yacu uko bukeye bukira, hari uwahakana ko Bibiliya itahumetswe n'Imana?

Ibyerekeye amarenga n'ibishushanyo bya gihanuzi :

Icyatumye Imana icisha ubuhanuzi mu buryo bw'amarenga n'ibishushanyo bitumvikana vuba :

- Kubuhisha ababi n'abatubaha Imana, *Dan. 12:10; Luka 8:10.*
- Kubuhisha ubwoko bw'Imana igihe cyabwo kitaragera, kugira ngo bubakomeze nibaramuka bacogoye babonye ko hakiri igihe kirekire.
- Gutuma babwumva neza bamaze kbusobanukirwa.

Iby'ingenzi bijya biboneka hato na hato ni ibi :

| | | |
|-----------------|---|---|
| Umwana w'intama | Ni Yesu | Lewi 4:32; Ibyah. 5:13. |
| Intare | Ukomeye | Dan. 7:4; Ibyah. 5:5. |
| Ikiyoka | Leta ya satani | Ibyah. 12:9, |
| Umugore | Itorero | 2 Kor. 11:2; Yer. 8,14,20. |
| Umugeni | Itorero | Ibyah. 21:2. |
| Umukwe | Kristo | 2 Kor. 11:2; Ibyah. 19:7. |
| Umwari | Itorero riboneye | 2 Kor. 11:2; Yes. 37:22. |
| Malaya | Itorero ryononekaye | Yes. 1:21; Ibyah. 17:1,2. |
| Gusambana | Ni ukubangikanya ibibi n'ibyiza mu itorero. | Ibyah. 18:3 Guteg.28:13; Itang.3:15 Guteg.28:13; Ibyah12:4. Itang.9:4; Ibyah. 12:11. |
| Umutwe | Icyingenzi, umukuru. | Yobu 28:20,21; 2 Ngoma |
| Umurizo | Ikitari ingenzi | 16:9; Ibyah 4:8. 5:6. |
| Amaraso | Ubugingo | Imig. 15:2; Dan. 7:8. |
| Amaso | Ubwenge, ubugenzuzi | Habak. 1:6,8; Dan. 7:4,6. |

| | | |
|----------------|---------------------------|-------------------------|
| Akanwa | Kuvuga, imvugo | Dan. 7 :8 ; Imig. 15 :2 |
| Amababa | Ubwihute | Hab.1 :6,8 ;Dan.7 :4,6 |
| Ihembe | Ubwami, Ishyanga | Dan 8 :21 ; Lk 1 :69 |
| Izahabu | Agaciro, Kubonera | It. 41 :42 ;Dan. 5 :57 |
| Ibyuma | Gukomera | Dan 2 :40 ;Ibyah2 :17 |
| Umweru | Kubonera | Yes. 1 :18 ; Ibyah 6:2 |
| Umukara | Kwandura, Ububi, urupfu | Zab 23:4;Yobu 30:30 |
| Umuhengeri | Ubugabe, ubugoryi, ibyaha | Dan 5:7; Yes 1:18 |
| Umucyo | Ubutumwa bw'ukuri | 2 Kor 4:4; Ibyak13:47 |
| Umwijima | Ibinyoma, ibyaha, urupfu | 1 Tes 5:4; 1 Yoh 2:9 |
| Imvura | Umwuka Wera | Hos 6 :3 ; Yes 5 :6 |
| Umuyaga | Amahane, intambara | Dan 11 :40 ; Hos 8 :7 |
| Umusaruro | Imperuka | Yer 8 :20 ;Ibyah 4 :15 |
| Amasaka | Abeza | Mat 3 :12 |
| Umurama, | Ababi | Mat 3 :12 ; Ezek 2 :6 |
| urukungu | | Mat 13 :7,23 |
| Amazi | abantu, amoko | Ibyah 17 :15,1 |
| Umusozi | Umurwa, ishyanga, ingoma | Zek 8 :3 ; Yer 51 :25 |
| Ibuye (Urutare | Kristo | Mat 16 :18 |
| Ikamba | Gutsinda | 2Tim 4:7,8 Ibyah 6 :2 |
| Inkota (icumu | Intambara | Yoeli 3 :9,10 |
| Birindwi | Byuzuye, bishyitse | It 2 :3 ; Kuva 25:37 |
| Alfa | | Ibyah 1:8,11; 21:6 |
| Omega | | Ibyah 1:8,11; 21:6 |
| Umunsi | | Kub 14:34; Ezek 4:6 |

IBIRI MU BICE 7-12 MURI MAKE

1. Igice cya 7 : Danieli yabonye inyamaswa 4 ziva mu nyanja : Intare, Idubu, Ingwe, Inyamaswa y'inzaduka ifite amahembe 10.

2. Igice cya 8 : Yabonye imfizi y'Intama n'Isekurume y'ihene y'ihembe rirerire, rimaze kuvunika hamera amahembe 4, kuri rimwe muri yo hamera agahembe gato karakura cyane gakuraho iby'ukuri gasenya Ubuturo bwera, karikakaza.

3. Igice cya 9 : Danieli yari yarasomye ubuhanuzi bwa Yeremiya asanga igihe cyo gusubira i Palestina cyegereje amaze kubara imyaka, maze asabira ubwoko bwe ku Mana ngo babaturwe bidatinze, Gabulieli aramubonekera amubwira ko itegeko ryo gusana Yerusalem rizatangwa bidatinze, ariko ngo umudugudu uzongera kurimburwa hanyuma ubuturo bwera busigare busenyutse kugeza aho Nyiribihe byose azazira akarimbura umurimbuzi.

4. Igice cya 10-12 : Hashize imyaka 2 uhereye igihe Gaburieli yabonekeye Danieli uko byanditswe mu cya 9, yongera kumubonekera ubuheruka, arondora ibizaba ku ngoma y'Abamedi n'Abaperesi, amahane azaba hagati y'umwami wa ruguru n'uwo hepfo, bikageza ku mperuka ubwo Imana izarokora abayo. Igice cya 10 n'interuro y'iro yerekwa, icya 12 kikaba indunduro yaryo.

IGICE CYA KARINDWI

(1) Mu mwaka wa mbere wo ku ngoma ya Berushazali : Muri 539 M.K. Tuzi ko Nabonidusi yamuhyaye gutegekana nawe nko mu gihe Kuro yimaga ingoma i Bumedi n'i Buperesi, agahangura iya Babuloni kubwa Berushazali.

(2) Imiyaga 4 : Intambara cyangwa amahane byakwiriye mu isi yose. Inyanja nini : Ahatuwe n'abantu benshi. Icyo gihe hari mu Burayi, ari naho hari intebé nkuru y'isi.

(3) Inyamaswa 4 : Ubwami bune (umurongo 17,23). Kudasangira ubwoko : Kutava mu karere kamwe.

(4) Intare : Ubwami buteye ubwoba kandi bukomeye kubw' imitegekere.

Amababa abiri : Ubwihute mu kwigarurira ibihugu bungana n'ubw'igisiga kiguruka, Habak. 1:6,8b.

Gushikuzwa kwayo : Kurangiza kwigarura isi.

Guhagarara nk'umuntu : Gutegekana ubwenge n'ubuhanga.

Umutima nk'uw'umuntu : Kwita ku kiremwa-muntu. Ibuka ko yabitagaho nubwo yabaga yarabanyaze nka ba Daniel.

(5) Inyamaswa ya kabiri : Ubwami bw'Abamedi n'Abaperesi.

Kweguka uruhande rumwe : gukomera kwa bamwe. Impande ebyiri ni Abamedi n'Abaperesi. Urwegutse ni Abaperesi barushaga abamedi gukomera.

Gusa n'idubu : Kugira amahane cyane.

Imbau 3 zo mu mikaka : Imbaraga 3 (ingabo z'ugutatu) bwabanje kurwanya ngo bushobore kwigarura isi aribwo Lidia (ariyo Libiya y'ubu) muri 547 M.K., Babuloni muri 539 M.K., Egiputa muri 525 M.K.

Guconcomera inyama nyinshi : Kubabaza no kwica abantu benshi kugeza ubwo bahindutse inyama gusa.

(6) Ingwe : Ubwami bw'Abagiriki. Nkuko ingwe inyaruka, niko Abagiriki bihuse nkayo kane mu kwigarura isi. babugereranyije n'ingwe kuko bwari bukanganye, ntawizeraga kutazatsindwa nabwo. Alexandre agitangira kwagura ubwami bwe yagenze urugendo rw'iminsi 11 kuva mu Bugiriki ajya i Babuloni, Km 500 zisaga. Kuva muri 331 M.K kugeza muri 323 M.K. ubwo yatangaga yagenze Km 18.000, ari nta mwami wundi wigeze koromya ibihugu atyo.

Imitwe ine : Abami bane bigabanyije ubwami mo kane nyuma y'intambara yabereye mu Ipsus, Alexandre amaze gupfa. Abo bari abagaba be :

- a. *Kasandeli* : yafashe Ubugiriki.
- b. *Lysimakusi* : yafashe Aziya Nto.
- c. *Seleukusi* : yafashe Uburusiya na Mesopotamia.
- d. *Ptolemy* : yafashe Egiputa na Palestina yepfo.

Bamaze kugabana ibihugu gutyo ntibarakwicara hamwe ngo banyurwe, maze amahane yabo arakomeza. Hashize imyaka 20 Lysimakusi yigarurira Kasandeli, Seleukusi nawe atsinda Lysimakusi aramwica. Ubwo hasigara abami babiri, umwe ategeka ibihugu bya ruguru, undi ategeka ibyo hepfo. Ibya ruguru (ikasikazi) hategewa na Seleukusi, ibyo hepfo (Ikusi) aba Ptolemy.

(7) Inyamaswa ya 4 y'inzaduka : Ubwami bwa Roma. Kuba inzaduka n'uko yishe abantu benshi kandi ikica na Kristo Umuremyi, ntacyo yitayeho.

Kudasa n'izindi : kudahangurwa nk'uko ubundi bwami bwahanguwe. Aho gusimburwa n'ubundi bwami, bwasimbuwe n'amahanga 10, yabuteye akigabanya ubwami mo ibice 10. Byongeye kandi nuko nta bwami bwarambye nka Roma ku ngoma (168 M.K.- 476 N.K.). Ayo mahanga 10 niyo mahembe 10 yari ku mutwe w'iyo nyamaswa.

Amahèmbe10 :

*ABADAGE, ABABIRIGI, ABONGEREZA, ABESPANYORI,
ABAPORTIGALI, ABASUWISI, ABAFARANSA, ABAHERULL,
ABA VANDALI n'ABOSTRAGOTI.*

(8) Ihembe ritoya ryameze : Roma Nkristo (Gatolika = ubupapa).

Atatu yakuwe : Abaheruli, Abavandali, Abostrogoti basimburwa na Vatikani, intebé y'Ubupapa. Soma imbonera-rugo niba wayibona.

Amaso asa n'ay'umuntu : Imitgekere cyangwa imigenzurire nk'abami.

Akanwa kavuga ibikomeye : Gutegeka ibintu birwanya Imana. Kubwiriza ibirwanya Imana.

Tubisesengure neza :

Danieli yahagaritse umutima cyane amaze kwerekwa iby'ihembe rito bituma arwara kubw'igitekerezo gishishana cy'ibizaba ku bwoko bw'Imana biturutse kuri iryo hembe rito. Ihembe rito Danieli yeretswe rigereranya umwami, ariko utandukanye n'abandi bami, Dan. 7:24, akazaduka yoroheje, nyuma akarusha abandi gukomera, 7:8,7:20.

Azaduka mu gihe cy'abami 10 hagati yabo, 7:8,24. Abandi bami 3 bazanyagwa kubwe, 7:8,24. Azagira akanwa kavuga : azaba umubwiriza, 7:8.

Amagambo ye azaba ari ayo kugomera Imana, 7:8,25.

Azarwanya abera b' Imana ndetse yende kubanesha, 7:21.

Azahabwa uburenganzira bwo gukomera no gukora ibyo mu gihe cy'imyaka 1260, (7:25).

Azakomwa mu nkokora no kuza kw'Isumba byose, 7:22.

Mu iherezo ry'ingoma ye urubanza ruzashingwa, 7:26, Imana izima ingoma yayo muri iyi si, 7:27.

Uwo ni nde?

Hari abibwira ko ari Antiokusi VI Epifanisi, kubw'akarengane yarenganyije Abaheburayo mu 168 M.K.-165 M.K. Nyamara sibyo, kuko :

- a. Antiokusi yabayeho mbere y'amahembe 10. Wibuke ko ayo mahembe yatangiye ubwo yahanguraga Roma muri 476 N.K.
- b. Byahanuwe ko uwo mwami azakomera cyane mu myaka 1260. Akarengane ka Antiokusi kamaze imyaka 3 gusa.
- c. Byahanuwe ko iryo hembe rizagumaho kugeza ku mperuka y'isi; Antiokusi yatanze mu 164 M.K. Uretse n'imperuka, Antiokusi yatanze Yesu ataraza mu isi bwa mbere.

Yohana nawe yeretswe iby'uwo mwami :

- a. Ibyah. 12:4-6; 13-15. Reba uko igihe cy'akarengane, 12:6-14, gihuye n'ikivugwa muri Dan. 7:25, hagakubitiraho no kutugaragariza ko kazatangira Kristo amaze gusahurirwa mu ijuru, Ibyah. 12:5.
- b. Ibyah. 17:1,6 herura ko akarengane k'Abakristo kazaturuka ku itorero ryangiritse. Bigereranye n'amafarashi 2, cyane cyane iya 2 yo mu Byah. 5:2-4. Ongera ugereranye umutima wa Yohana amaze kubona ibya malaya uwo, n'uwa Danieli yari afite amaze kumenya ibya rya hembe rito.

Mbese hari ubwo abakristo bononekaye bigeze gutera abandi bakristo? Mu 1488 N.K. hariho umugabo w'umukristo witwaga Alberti Kantano, akaba umunyacyubahiro mu itorero ryc, atumwa n'umukuru w'itorero gutera abakristo babaga ahitwa i Val Louise ho mu Alps, agaba ingabo. Agezeyo asanga abaturage baho bahunze, abavumbura aho bari bihishe mu buvumo. Izo ngabo zibibonye gutyo zirunda ibiti ku muryango w'ubuvumo, zirabikongeza, hapfiramo abantu 3.000 n'abana babo 400.

Mbese uwo Kantano yari atumwe na nde? Yahoye iki abo bakristo se ?
Ni umukuru w'itorero ry'i Roma. Yabahoye ko banze kwakira inyigisho z'iryo torero ziciye ukubiri n'ibyanditswe muri Bibliya.

Tuzabigarukaho mu mpapuro zikurikira. Birahagije kuvuga ko yicishije abantu inzovu inshuro nyinshi, abagabo, abagore n'abana. Yesu n'intumwa ze bahanuye hakiri kare ko akarengane kazagendana n'abahanuzi b'ibinyoma n'abiyita Kristo.

Paulo mu gihe cye hariho bamwe bari bamaze kuvuga ko Kristo yaje. Nicyo cyatumye yandikira Abatesalonike, 2 Tes. 2 :3,4, avuga ko umunsi w'Umwami utazaza hatabanje kuboneka ubuhakanyi n'ubuyobe, kandi ko

ubwo buyobe buzayoborwa n'uwigara mu rusengero yiyekekana ko ari Imana. 2 Tes. 2:7,8 hagaragaza ko ubuyobe bwari butangiye kuza, ariko rwihihwa. Iyo mirongo uyisome neza, uyigereranye n'ibyo twabonye haruguru.

Petero nawe yarabisongeye, 2 Petero 2:1-3 ati : « Abigisha b'ibinyoma (nibo kanwa kavuga ibikomeye) bazaduka muri mwe (itorero). Bazazana inyigisho zirema ibice rwihereranwa. » Yesu agihanga itorero nta bice byari bihari, ahubwo bose bizeraga kimwe, Ef. 4:5. Amatorero cyangwa amadini menshi yahindutse nyuma kubw'inyigisho zitandukanye zazanywe n'abigisha b'ibinyoma.

Paulo ubwo yasuraga abakuru b'itorero rya Efeso, yababwiye ibyanditswe mu Byak. 20:29, havuga ko abazazana ibice mu itorero bazaturuka mu bakuru b'itorero, Ibyak. 20:28-31. Paulo yandikiye umukuru w'itorero witwa Timoteyo urwandiko arushaho kumusobanurira ibimenyetso by'abazirema ibice kubw'inyigisho zidahuje na Bibliya, 1 Tim. 4:1-3.

Yohana mu rwandiko rwe rwa mbere yeruye ko mu gihe cye itorero ryari rimaze kwigabanyamo kabiri, 1 Yoh. 2:18,19. Yohana yapfuye mu iherezo ry'ijana rya mbere N.K. Dufite ibindi bimenyetso byerekana ko mu gihe cya Yohana hari amatage mu itorero bitewe n'abazana inyigisho z'ibinyoma. Irenaus yanditse ibya Yohana ati : « Yohana yagiye kwiyuhagirira mu nzu mu Efeso, asangamo Sirintusi, amurabutswe arasimbuka, arataka ati : « Yemwe duhunge inzu itatugwira. Dore Sirintusi umwanzi w'ukuri kw'Imana ayrimo. » Sirintusi uwo yari uwo mw'Alexandria.

Amendeze y'inyigisho ziciye ukubiri n'ijambo ry'Imana n'amatage :

1. Sitefano amaze kwicwa, haduka akarengane mu Bayuda, gatuma abakristo batatanira mu bihugu by'abapagani, Ibyak. 8:1. Imana yabaye hamwe nabo baratsinda kuko bari imbonera, Ibyah. 6:2, bihanisha abantu bensi nubwo akarengane kabagezeho no mu banyamahanga bamaze kwakira ubukristo. Abo bakristo bagize amatorero ahantu hane: muri Antiyokiya, Alexandriya, i Byzantum (Konstantinople) n'i Roma.

2. Akaga katangiye mu itorero ubwo :

- Abapagane bihanaga batamararamaje, bakinjira mu itorero bakaziririza imitukiro n'imiziririzo ya gipagani.
- Abakuru b'itorero bamwe boroheje inyigisho zimwe zari zihabanye n'ubupagani, kugira ngo bitarushya abapagani kwhiana ibirenze urugero.

- Akaga gakomeye cyane katangiye gatewe n'umwami w' i Roma witwa Konstatino. Mbere y'igihe cye abami bose barenganyaga abakristo bitangaje, ariko akarengane katumye baba beza. Mu gihe cya Konstatino, avuga ko yahindutse umukristo, nuko abakristo bava ikuzimu bajya ibuntu, bibabera intandaro yo kwangirika. Konstantino ntiyihanye by'ukuri, yanze kubatizwa, abyemera abonye ko agiye gupfa, nabwo akomeza kuraguza. Kuba umukristo kwe ntikwavuye ku mutima, yabitewe n'impamvu 2 :

a. Yabonye ko abami b'i Roma bamubanjirije bose bapfuye nabi, yibwira ko babitewe nuko basheshe amaraso y'abakristo. Umwami umwe gusa washaje neza ni se wa Konstantino, kandi ntigigeze arenganya abakristo. Konstantino abibonye atyo arinira, atinya gukora ku bakristo ngo batazamukoraho nawe.

b. Hari amatage kubw'Ababarbaro bateraga mu bwami bwe, ashaka uburyo bwatuma yunga ubumwe n'amoko menshi. Abonye ko mu moko hafi ya yose ari abakristo, yigira inama yo gutona kuri bo, ngo abone inshuti mu moko atari amwe. Niko kuvuga ko abaye umukristo.

- Muri 313 N.K. yatanze itegeko ry'imrimo rivuga ko :

Abakristo banyazwe ibyabo, babigarurirwa.

Ntihakagire umukristo uzongera kurenganira mu gihugu cye.

Ntihakagire umuntu uvuguruza umukuru w'itorero.

- Byari kuba byiza ko abakristo bagarura ubuyanja ntibabe bagihigwa nk'inyamaswa, ariko akaga ka mbere karashize haza aka kabiri.

Mu gitekerezo tugeze mu gihe cy'ifarashi ya 3, Ibyah. 6:5, kubera Konstatino wari umaze kuba umukristo, abakristo bariraye (umurengwe wica nk'inzara), abatware bamwe bategeka abantu guhinduka abakristo byanze bikunze, benshi babikora bya nikize, batabishaka, bapfa gufata impu zombi.

Konstantino ubwe yigize umutegetsi w'iby'itorero atuma inyigisho za gipagani zibona ishyikizo mu itorero. Icyitegererezo : Muri 321 N.K yategetse ko abantu bose bo mu midugudu baruhuka umunsi w'izuba, maze abakristo b'i Roma bahatirwa kuwubangikanya n'isabato yera.

Kubw'ibimeze bityo, inyigisho z'amahame bakurikizaga i Roma zitangira gutandukana n'iz'i Konstantinople, n'iz'Antiyokiya no muri Alexandria, imyigishirize y'i Roma iba ariyo ihabwa isubwe kuko itorero ry'inyarurembo ritabura kurusha ayandi icyubahiro.

Konstatino ubwe yubahirije umukuru w'itorero ry'i Roma amufata bupfura, ngo bibe intandaro yo gutuma abakristo bose bamukunda, bakamugandukira. Bukeye Konstatino agabira uwo mukuru w'itorero inyumba ya cyami yari i Latrani i Roma.

Muri 330 N.K Konstatino yimukira i Byzantium (Aziya nto), noneho umukuru w'itorero ry'i Roma, aho gutegeka iby'itorero gusa, akubitiraho n'ubutegetsi bw'ighugu. Niko gufatanya ubutegetsi n'ubupolitike. Ngaho jya wasobanukirwa n'ibyo mu Byah. 17:1,2.

Uko akanwa kavuze ibikomeye, Dan. 7:8 :

- a. INNOSENTI I (402 N.K) : Ninje mukuru w'itorero wo mu isi yose.
- b. SIXTUS III (432 N.K) : Nashyiriweho n'Imana guhagarikira itorero ryose.
- c. SYMAKUSI (498) : Umukuru w'itorero ry'i Roma ni umucamanza uhagarariye Imana muri iy'isi.
- d. PAPA afite icyubahiro n'ikuzo bihebuje. Ntabwo ari umuntu gusa ni n'Imana; ari mu cyimbo cy'Imana; ... Papa yitwa Nyiri ubutungane rwose kuko ari ko ari koko. Nuko rero ni umwami ukomeye wera, ni umwami w'abami. Nicyo gituma yambara amakamba atatu agerekeranye agaragaza ko ari umwami wo mu ijuru, uwo mu isi n'uw'ibiri munsi y'isi. Ubutware bwa Papa si ubwo gutwara ibyo mu ijuru no mu isi n'ibyo munsi y'isi gusa, ahubwo atwara n'abamalaika, ahebuje bose. Iyaba byashobokaga ko batekereza ibiciye ukubiri cyangwa bagacumura, baciriweho iteka na Papa, bagacibwa na Papa.

Papa afite icyubahiro n'ubushobozi biheranije, nicyo gituma afatanya na Kristo guca imanza. Nuko rero icyo Papa akora cyose bisa n'aho kiva mu kanwa k'Imana. Papa abasha guhindura amategeko y'Imana ho hato kubw'ububasha bwe butari ubw'umuntu, ahubwo ari ubw'Imana. Niwe uri mu cyimbo cy'Imana muri iy'isi. Afite ububasha bwose bwo kuboha no kubohora intama zayo. Aya magambo yanditswe mu gitabo cya Gatolika cyitwa *Prompta Bibliotheca, vol. VI, p. 25-29*. Cyanditswe mu 1746 N.K cyongera gucapwa i Roma mu 1899 N.K mu icapiro ryitwa *Imprimerie de Propagande*.

51

- e. Papa Leo XIII : Mu rwandiko yandikiye Abagatolika bose mu 1894 N.K. agira ati : « Ndi muri iy'isi mu cyimbo cy'Imana Nyiri ubushobozi bwose. »

f. Ku ikamba rya Papa handitswe aya magambo ngo : **VICARIVS FILI DEI**, asobanurwa ngo : « *Uri mu cyimbo cy'Umwana w'Imana*. Ibuka ubusobanuro bwa Anti-Kristo rero.

(9-14) : Danieli yakomeje kwitegereza kugeza ubwo imperuka ije, Kristo agarutse, ahabwa ubutware. yabangamiye ya Leta cyangwa bwa bwami (Roma) kugeza ubwo yabonye burimbuwe bugatabwa mu muriro, hamwe na rya hembe ryavugaga ibikomeye (Ubupapa cyangwa Gatolika). Ngayo amaherezo yayo.

Inyamaswa yanyazwe ubutware : Ni za zindi 3 za mbere : Babuloni, Medi-Peresi, Abagiriki. Ngo nta teka bazacirwaho ritewe no kurenganya abera.

(15-24) : ndetse kugera kuri 27, Danieli yarasobanuje by'amashirakinyoma abwirwa uko bizamera kugeza imperuka.

(25) : Azavuga ibyo kugomera Isuma byose : Iryo jambo kugomera mu Ruheburayo ni TSAD. mu Rugiriki ni ANTI risobanurwa ngo : Uri mu cyimbo cya... ayo magambo afite icyo ahuriyeho.

Ukurikije ibyo byarushaho guhindura neza Dan. 7:25 ngo : « Niwe uzavuga ibyo kwishyira mu cyimbo cy'Isuma byose. » Uko byasohoye tumaze kubivuga haruguru.

Bigereranye na 2 Tes. 2:4 na Dan. 11:36,37.

Uretse no kwerura mu magambo ko ari mu cyimbo cy'Imana, Papa anabigaragarisha inyigisho ze :

- Bibliya muri 1 Tim, 2:5 iti : « Hariho umuhuza umwe w'Imana n'abantu, ni Kristo. » Papa abihakanisha inyigisho ze zo kwaturira Abasaserdoti ibyaha, Penetensiya, Indurugensiya.

- Heb. 9:26-28 hati : « Imana yatanze Yesu ngo atambwe rimwe gusa. » Papa ati : « Umusaserdoti atambe Yesu Kristo buri munsi mu Misa. »

- Ibyak. 4:12 hati : « Nta rindi zina ryahawe abantu gukirizwamo. » Papa ngo ntawe uzajya mu ijuru yaranze kumuyoboka. Ngo ni iteme rikomeye (PONTIFEX MAXIMUS)

Azarenganya abera b'Isuma byose

Twibuke ko abakristo bahanze amatorero akomeye muri Antiyokia, Alexandriya, Konstantinople n'i Roma. Mu gihe cya Yohana, inyigisho

zizana ibice mu itorero zari zimaze kuboneka mu itorero. Konstantino amaze kwimukira i Konstantinople, itorero ryaho rigirana amakimbirane n'iry'i Roma kubw'umukuru wavyo witwa Ariusi. Umukuru w'itorero ry'i Roma ngo uwo mukuru Ariusi yigisha inyigisho z'ibinyoma.

Muri 325 N.K. Konstantino akoranya inama z'itorero i NICASA, zitegeka ko umukuru w'itorero ry'i Roma arusha uw' i Konstantinople icyubahiro, Arius bamucira mu Iluriko, bamubuzanya n'abayoboke be kwamamaza inyigisho zabo, barang Bazisakaza hose, bahindura ABAHERULI, ABAVANDALI, n'ABOSTROGOTI abigishwa babo. Ayo moko yibasira gukuraho itorero ry'i Roma n'inyigisho zaryo.

Abavandali barabanje batera i Roma barahasakiza, barahatwika muri 476 N.K. Abaheruli bakura Romulusi ku ngoma barayihangura, bashyiraho itegeko ngo : « Nta mukuru w'itorero ry'i Roma uzatorwa umwami wabo atabanje kumwemera.

Ab'itorero ry'i Roma bibanga munda, niko gutabaza ZENO wari wicaye ku ntebe y'ubwami i Konstantinople, agambana ku Bostragoti birukana Abaheruli mu Italiya, abakristo b'i Roma batangira gutoteza Ariusi, maze Teodoriki umwami w'Abostrogoti ati : « Nimumutoteza kubw'inyigisho zanyu tutemera natwe tuzabatoteza kubw'izacu mutemera. Ahita ategeka umukuru w'itorero ry'I Roma kubuza ako karengane, amutuma mu bihugu by'iburasirazuba ngo ntakagaruke atabirangije, abitunganyije.

Abavandali uko bari basigaye ari aba Ariusi, bakomeza gutera amahane n'ab'i Roma. Muri 533 N.K Justiniani umwami w'i Konstantinople ashaka guhosha amahane, ati : « Umukuru w'itorero ry'i Roma niwe mutwe w'amatorero yose, bose bakwiriye kumwumvira, ntibamuvuguruze. Nyamara itegeko rye ribura uburyo kubw'Abavandali n'Abostrogoti.

Muri 534 N.K. agaba ingabo anesha Abavandali. Muri 538 N.K umugaba we Berizariusi atsinda Abostrogoti, arabirukana, umukuru w'itorero ry'i Roma ariruhutsa, arishyira arizana nta nkomyi. Nguko uko amahembe 3 yakuweho, irito rigakura.

Dore uko Papa yarenganyije abera b'lsumba byose :

1. Kuva ubwo Papa ahindukirira abanze kwakira inyigisho ze, ati : « Mutazemeye mukivuguruza, nzabacura inkumbi. Akarengane katangiye buhoro buhoro, hashize igithe haba ibishishana, Papa afatanya na Leta, iba

ariyo imusohoreza imigambi ye yose, ari ukwica abagabo n'abagore, abasaza n'abana nta mbabazi. »

Dore uko Papa INNOCENT III yandikiye abakuru b'amatorero :

Muri uru rwandiko rwanjye, nnyewe intumwa ya Kristo, mbahaye itegeko ridakuka ko mugomba gushaka uburyo bwose, bwo kurimbura abaciye ukubiri n'inyigisho zacu. Ndetse mukwiriye kwirukana, mugaca mu mihana yanyu yose umuntu wese wandujwe nabo n'uwigize kubagenderera. Mujye mukoresha imbaraga z'ububasha bwose z'itorero mufite, mukubitiyeho no kubagaruza inkota z'abatware b'ibihugu. »

INNOCENT IV nawe ati : « Abahakanyi nibamara gutangwa mu maboko ya Leta n'umukuru w'itorero. Bourgmestre mukuru akwiriye kubahana atajuyaje hatarashira iminsi itanu. » Papa ategeka ko abantu bose bemera kumutabarira bakica abanzi be, bazahabwa Indurgensiya zitabura kubasohoza mu ijuru.

2. Akaga kagera ku bakristo banze guca ukubiri n'Ijambo ry'Imana, barahunga bibera mu misozi no mu mavumo, baba mu bidaturwa, batatanira hose, mu Bwongereza, mu Buhinde, mu Bushinwa, ndetse hanyuma bamwe bambuka inyanja bahungira muri Afrika yo hepfo, muri Amerika ya ruguru.

Nubwo Imana yakundiye bamwe ko babaho, abenshi banyuze mu gikombe cy'igicucu cy'urupfu. Urugero ni ba bandi bihishe mu buvumo bwo mu ALPS bishwe na Albert Kantano mu 1488 N.K (3.000).

Ubundi bashingaga ibiti bisongoye bakabibambaho abo bitaga abahakanyi, abandi bakabacagagura, bakabakerera, abandi bakabashyiramo urutambi bakabajugunya mu muriro , bagaturika. Abandi babacaga amaboko n'amaguru bagasiga igihimba gitereye aho. Abantu b'abanyamaboko bagondaga igiti, cyagera bugufi bagafata umuntu bakamuzirika ukuguru gishinze, amaboko bakayazirikira kuri cya kindi bagonze, maze bakakirekura kikamushibukana, igice kimwe kikagenda, ikindi kigasigara ku giti gishinze, kikiri kizima. Urukiko rwo muri Espagne rwatumye abantu 31.912 batwikwa bagashya bumva, 290.000 babagirira ibya mfura mbi barabanoza. Mu Buholandi ku ngoma ya CHARLES V hishwe abasaga 50.000, no ku ngoma y'umuhungu we hapfa abandi 25.000, abandi Badage n'Ababiligi basaga 50.000 babura ubugingo bazira kunyogwa; gutwikwa, no guhambwa babona. Mu

Bufransa, ku munsi wa Mutagatifu Bartolomao, abanyedini b'i Roma barashega, muri iryo joro bica abakristo 30.000. Amakuru yabyo ageze i Roma , Abakardinali baraterana bashaka kumva neza uko byagenze. Bamaze kubyumva ibyishimo birabasaba, bagirira Papa GREGOIRE XIII Tedeum y'impundu. Ni igitekerezo kirekire kandi kibabaje bitavugwa. Bavuga yuko abazize itorero ry'i Roma barenga 50.000.000 ! Yohana yabonye ko malaya asinze amaraso y'abahowe Yesu, aratangara ! Ibyah. 17:6.

AZIGIRA INAMA YO GUHINDURA IBIHE N'AMATEGEKO

a. *Ibihe* : Mu Ruheburayo ni ZEMAN. Iryo risobanurwa ngo : Igihe cyashizweho, cyategetswe. Iryo jambo niryo bahinduye Umunsi muri Dan. 2:16. Bigereranye na za Bibliya zo mu zindi ndimi. Imana yeretse Danieli ko uwo mukuru w'itorero azigira inama yo guhindura zeman. Si ukuvuga ko azabikora ni ukubishaka. Guhindura ibihe cyangwa iminsi byashyizweho n'Imana, ntibishoboka.

Kubwo gushaka guhindura n'ibihe, hashyizweho Ingenga-bihe (Kalendali) isimbura iyahoze ho mbere no mu gihe cya Yesu. Mu kwezi kwa 10/1582 N.K. niho ubwo buhanuzi bwasohoye butangirana n'iyi Kalendali dufite yitiriwe Papa GREGOIRE, ikagira iminsi 365 na $\frac{1}{4}$, isimbura iya JULIEN yatangiye muri 44 M.K. ifite iminsi 360.

Kuba Yesu yaravutse agasanga iyo Kalendali iriho ntagire icyo ayinengaho, ikanahura n'ubuhanuzi, nuko ariyo yemewe n'Imana. Abantu baribeshya ariko Imana ntibeshya. Iyo Kalendali ya Papa rero yatangiranye n'itariki 31/10/1582 N.K. Bitari n'ibyo gusa, amasaha nayo arabiranga. Iyo ubajije umuntu isaha, uko bakubwira mu Kinyarwanda siko bivugika mu zindi ndimi. Saa moya itandukanye na sept heure.

b. *Amategeko* : Itorero Gatolika ryigisha ko abakristo badakwiriye kuruhuka umunsi w'isabato, kandi ari umunsi wategetswe n'Imana. Ibyo biboneka muri *Gatigisimu isobanuye*, p. 126, igice cya 2.

Reba uko Abagatolika bavuga ku bubasha bwa Papa n'amategeko : « Papa afite ububasha bwo guhindura amategeko y'Imana ho hato, kuko ububasha bwe butari ubw'umuntu, ahubwo ni ubw'Imana. » *Prompta Bibliotheca*, Vol. VI, p. 29.

« Papa afite ububasha bwo gukuraho amategeko ya Yesu Kristo... ashobora kuyarenzaho, agatuma ibifutamye bibibihinduka ibyiza bitunganye kubwo gufutura no' guhindura amategeko. » *God speaks to modern man, p. 317.*

Gereranya amategeko y'Imana yanditswe muri Bibliya n'aya Gatolika uko yanditse muri Gatigisimu yabo, urebe aho bitandukaniye.

Uretse n'ayo gusa yahinduye n'amategeko y'iminsi :

Bibliya iti : Umunsi utangira nimugoroba, *Itang. 1:5,8,13,19,23,31; Lewi 23:32.* Gatolika iti : « Umunsi uzajya utangira saa sita z'ijoro. » Ibyo byatangiranye na Kalendali ya Papa Gregoire na none. Bibiliya iti : « Umwaka ugira iminsi 360. » Papa ati : « Ugira 365 n'amasaha 6, ndetse hazajya habaho umwaka udasanzwe rimwe mu myaka 4.

Wari uzi ko mbere hose Kalendali Romain itaratangira, buri gihe tariki 25/12 habaga ari ku cyumweru (Dimanche).

Bizarekerwa mu maboko ye kugeza aho ibihe, n'igihe n'igice cy'igihe bizashirira :

Gereranya Dan. 7:25 (Ibihe) na Dan. 12:7; Ibyah. 11:2,3; 12:6,14; 13:5-7.

Iyo mirongo yose ivuga iby'igihe kimwe.

Igihe = Umwaka 1 : iminsi 360 (Ibyah. 12:14 na 12:6).

Ibihe = Imyaka 2 : iminsi 720.

Igice cy'igihe = amezi 6 : iminsi 180.

Byose bikaba iminsi 1.260.

Mu buhanuzi umunsi ni umwaka, Kub. 14:34 na Ezek. 4:6.

Igihe n'ibihe n'igice cy'igihe = imyaka 1.260.

Iyo myaka 1.260 yatangiye ubwo ya mahembe 3 yari amaze gukurwaho, agasimburwa na VATICAN muri 538 N.K. Ubupapa bugategeka Iyobokama n'Ubupolitike ku isi yose.

Iyo myaka yarangiye mu 1798 N.K ubwo ubupapa bwakurwagaho na NAPOLEON w'Umufransa, Papa PIO VI akabohwa na BERTIER, akagwa muri gereza i Valance. Ni nacyo gihe Ubupapa bwamaze imyaka 131 bwaranyazwe icyubahiro, butanavugwa. Bigereranye na Ibyah. 13:3; 2 Tes. 3: 4.

(26) Urubanza ruzashingwa :

- Antikristo amaze kugaragara, 7:8b,9a.

- Nyuma y'imyaka 1.260, (7:25b,26).
- Abera batarahabwa ubwami, 7:26,27.

Urwo rubanza rufite imyanya 3 :

- Urushingwa n'Imana Yesu atagaruka kurobanura abera mu babi.
- Uruzacibwa n'abakiranutsi bari mu ijuru mu myaka 1.000.
- Uruzacibwa n'Imana nyuma y'imyaka 1.000.

Bisome ukurikiranyije : Dan. 7:9,10; Ibyah. 20:4; Ibyah. 20:11.

Umwanya wa mbere w'urubanza nurangira :

- Kristo azahabwa ubwami bwo mu ijuru, 7:13,14. Gereranya na Luka 19:12-15.
- Abera bazahabwa ubwami butazahanguka, 7:27.
- Ihembe rito rizaba ryaranyazwe ububasha ryahoranye mu myaka 1260: Ngo buzarimbuka kugeza imperuka. Ni ukuvuga imyaka 1000 irangiye.

Umwanya uheruka nurangira :

- Ubwami bw'abera b'Imana buzaza kuri iyi si, Ibyah. 21:2,3.
- Ibyaremwe byose bizahamya ko Imana Yera kandi itabera, ariko ubuhanuzi buzasohora : Ibyah. 5:12-14; Fil. 2:10; Yes. 45:23.
Inkozi z'ibibi zizarimbuka buheriheri, Ibyah. 21:2,3.
- Hazumvikana ijwi ngo : « Birarangiye. » Ibizaba birangiye se ni ibiki? Ni iby'inama y'agakiza, intambara ya satani n'Imana, urubanza rw'Imana.

*** *** ***

IGICE CYA MUNANI

Iri yerekwa ryabaye mu mwaka wa 3 umwami Berushazali agiye ku ngoma. Bitewe nuko uwo mwami atamaze umwaka ku ngoma, kuvuga ko hari mu mwaka wa 3 w'ingoma ye, ni ukuvuga uhereye igihe yimye ingoma. Ni muri 537 M.K rero. Ubwami bwa Babuloni rero ntibuvugwa muri iki gice kuko bwari bwarahangutse.

Danieli yabonye imfizi y'intama ihagaze ku ruzi. Uruzi kuko rugirwa n'amazi nk'inyanja, rugereranya abantu benshi, amoko. Kuko ari Ulai ruri i Bumedi n'i Buperesi, biggereranya abantu bo muri ibyo bihugu, birebe muri Dan. 8:20.

UBUSOBANURO BW'ICYO GICE

(8:1) Umwaka wa 3 wa Berushazali : Muri 537 MK.

(8:2) Uruzi Ulai ruba i Medi-Peresi. Si mu buhanuzi biri kuvugwa.

(8:3) Imfizi y'intama : Ubwami bwa Medi-Peresi.

Amahembe 2 : Ibyo bihugu byombi byishize hamwe, 8:20.

Kuba nk'intama : Nuko amahembe yayo areba inyuma.

Bigasobanura ko bwari bugiye guhanguka.

Iryasumbaga irindi : Ni Abaperesi barushaga Abamedi gukomera.

(8:4) Yari ishyamye yerekeye: Ubwo bwami bwagukaga bwerekeye:

- Iburengerazuba : I Lidiya (547 M.K).

- Ikasikazi : I Babuloni (539 M.K).

- Ikusi : Mu Egiputa (525 M.K).

Nta yindi nyamaswa yayihagaze imbere : Nta bwami bwashoboye gutsinda Abamedi-Peresi cyangwa kurwanirira ibyo bihugu uko ari bitatu.

(8:5) Isekurume y'ihene : Ubwami bw'Abagiriki, 8:21.

Idakoza amaguru hasi : Bwigaruriye isi vuba cyane

Ikwira isi yose : Butegeka isi yose.

Ihembe rigaragara cyane : Alexandre, umwami wabo wa mbere, 21b.

(8:6) Itera ya mfizi y'intama : Ubwo bwami burwanya ba Bamedi-Peresi.

Ifite imbaraga n'uburakari bukaze : Nta mpuhwe cyangwa kuvugana.

(8:7) Iyivuna ya mahembe yombi : Ubwo bwami bukuraho ba Bamedi n'Abaperesi.

Iyikubita hasi, irayisiribanga : Burabatsinda, ntibongera kubyutsa umutwe.

(8:8) Igira imbaraga nyinshi : Burakomera cyane.

Ihembe rinini riravunika : Umwami Alexandre arapfa.

Hamara amahembe 4 mu cyimbo cyaryo : Ubwami bwe babwigabanya ari bane : Seleukusi, Lisiinakusi, Kasandeli, Pitolemy. Ongera ubisome imbere.

(8:9) Kuri rimwe muri ayo mahembe : Ku bwami bumwe bwo muri ubwo bune, ni kubwa Seleukusi.

Hashamikiraho agahembe gato : Ako ko gatandukanye na ka kandi ko muri Dan. 7:8.

Muri Dan. 7:8 havuga Roma nkristo gusa (Ubupapa = Gatolika).

Irya mbere rikomoka ku nyamaswa ya 4, naho iri rikomoka ku ya 3.

Irya mbere ryabonetse amahembe 10 amaze kugaragara. Imirongo

9,10 havuga Abakayisari b'i Roma. 10-12 havuga Roma Nkristo (Ubupapa).

Karakura cyane kaba rinini : Nta bwami bwigeze gukomera nk'ubwa Roma; bwatwaje amahanga inkoni y'icyuma, bumaze kuyamena bushyiraho PAX ROMANA (Umusoro wabo).

Ryerekera ikusi : Mu Egiputa kwa Pitolemy (30 M.K).

Ryerekera iburasirazuba : Mu Burusiya kwa Seleukusi (65 M.K).

Ryerekera mu gihugu gifite ubwiza : I Buyuda (mu gihugu gitemba amata n'ubuki) Kaizali yahahinduye intara y'ubwami bwe.

(8:10) Rigera mu ngabo zo mu ijuru : Izo ngabo ni :

a. Abakuru b'Abayuda n'abategetsi babo. Tuzi ko ubutegetsi bw'Abayuda bwagiye mu maboko y'ubwami bwa Roma, na Yesu agatambwa ku itegeko rya Pilato w'Umuroma.

Umurongo wa 23 havuga ko ubwami bwa Roma bwatangije ubwa ya Sekurume bugiye gushira. Niko byagenze kuko Roma yatangiye kubwa Seleukusi na Ptolemy, bushamikiye kubwa Seleukusi. Roma yabanje kwigarurira i Makedoniya kwa Kasandeli na Lysimakusi

(168 M.K), ikurikizaho aha Seleukusi (65 M.K), iherutsa aha Ptolemy (30 M.K).

b. Abamalayika bo mu ijuru. Ubupapa bwarikujije kugeza ubwo bwireshyeshya n'abamalaika ngo busanga buhebuje bose. Ongera urebe ku mpapuro zabanje. Soma mu gitabo cya Gatolika cyitwa *Prompta Bibliotheca, Vol. VI, p. 25-29*.

Ingabo zimwe n'inyenyeri zimwe ribijugunye hasi. Ingabo zajugunywe hasi ni abamalayika, ubwo ubupapa bwahamyaga ko bushobora kubaciraho iteka bukanabaca baramutse bacumuye cyangwa batekereje ukubiri. Ibyo nabyo biboneka muri icyo gitabo cyo haruguru.

Inyenyeri ni abakristo. Bajugunywe hasi ubwo bahigwaga bakicwa cyane kugera ubwo basaga miliyon 50.

(8:11) Ririkuza, ryiresheshya n'Umugaba w'Ingabo : Bigereranye n'iby'akanwa kavuga ibikomeye n'ahavuga ububasha bwa Papa

n'amategeko. Hari n'amazina ya Yesu bihaye kwitwa: Umwami w'abami, nyamara reba Ibyah. 19:16. Musenyeri (Monseigneur).

Rimukuraho igitambo gihoraho : Ubutambyi bwa Kristo babuhinduye ubusa kuri ubu buryo :

- Aho gutakambira Imana mü izina rya Yesu, biyambaza Abatagatifu, ubwo rero bashyizeho abatambyi benshi mu buturo bwera bagahita bapfa kuko hatinjiramo abarenze umwe.

- Aho kubwira Imana yonyine ibyaha byabo ngo bejeshwe amaraso ya Kristo, babibwira Padri.

- Ku magambo bihamiriza mu gitabo cyabo cyitwa *Dignity and Duties of the Priest, p. 26* na *The Holy Sacrifice of the Mess, p. 42*; n'ibindi.

Uko ryamukuyeho igitambo gihoraho.

a. Misa : Igitambo cy'i Kalvali si impóngano ihagije y'ibyaha. Ahubwo Kristo akwiriye gutambwa n'umusaserdoti buri munsi mu buryo bw'igitambo cya Misa. Ukalistiya iyo imaze kwezwa n'umusaserdoti kubw'amagambo avuga, ihinduka umubiri w'Umwami wacu bwite, ugatambwa kuri Altali. Ni Kristo ubwe utambwa bundi bushya kubw'abapfuye n'abazima.

Icyubahiro cy'umusaserdoti kigregarira ku bushobozi n'urutabi afite ku mubiri wa Kristo... Iyo amaze kwatura amagambo ya Konsecration, Kristo agomba kwishyira mu maboko ye... mu buryo bwa Sakramento. Bijya bidutangaza kumva ko Imana yumviye ijwi rya Yosua (10:14) igatuma izuba rihagarara. Ařiko tujya dutangara kurutaho iyo twumvise ko, kubwo kumvira amagambo y'Abaseserdotи bayo bavuga bati : HOC EST CORPUS MEUM, Imana imanukira mu ntoki, ikaza kuri Altali, ikajya aho bayishatse hose, ikaza kensi uko bayishatse, n'aho bayibwiye hose, ikishyira mu maboko yabo, aho ndetse baba abanzi bayo. N'ijo imaze kubazaho, isigara aho ngo bayigire uko bashatse. Bashobora kuyishyira aho bashyatse, bakayikura hamwe bakayijyana ahandi, babishatse bakayikingira muri TABERNAKURO cyangwa kuyamburira kuri Altali, cyangwa kuyisohora mu Kilizya, bashatse bakayirya inyama zayo cyangwa bakayigaburira abandi.» Ibyo byanditswe na Mutagatifu ALPHONSE de LIGUOR mu gitabo cya *Dignity and Duties of Priest, p. 25.*

Mutagatifu Agustino abimeh̄ye aratangara ati : « Mbega icyubahiro cy'Abaseserdotи! Mu biganza byabo harimo umumaro ungana

n'uw'inda ya Bikira Mariya Mutagatifu », ngo abe ariho ikibondo cyayo kibonera umubiri! Kubw'ibyo Abasaserdoti bitwa ababyeyi ba Yesu Kristo, kandi rero twabita Abaremyi ba Rurema kuko, kubw'amagambo yabo barema Yesu muri Sakramento ngo abone kuba gatozi yo gutambirwa Data Uhoraho. Nkoko byari bihagije ku Mana ubwo yaremehaga kuvuga... bikaba, niko bihagije ko Umusaserdoti avuga ati : « HOC EŠT CORPUS MEUN, umutsima ukaba atari umutsima, ahubwo ari umubiri wa Yesu Kristo, Mutagatifu Bernadine w'i Sienna yaravuze ati : « Imbaraga z'Umusaserdoti nizo mbaraga z'ubumana, kuko guhindura umutsima mo umubiri bigomba imbaraga zihwanye n'izo kurema isi. » *Dignity and Duties of the Priest, p. 32.*

« Buri Musaserdoti atamba igitambo gihebuje, kandi icyo gitambo ni Umwana w'Intama w'Imana ukuraho ibyaha by'abari mu isi, *Catholic Doctrine as Defined by the Council of Trent; The Holy Sacrifice of the Mess, p. 54.*

Misa ntagatifu igira umumaro uruta uw'igitambo cy'i Kalvali, kuko kuza mu misa bitwungura kuruta uko byari kutwungura iyo tuba i Kaluvali, ubwo Yesu yapfaga. *The Peoples' Manuel; The Holy Sacrifice of the Mess, p. 42.*

Nihagira uvuga ko igitambo cya Misa..., ari urwibutso gusa rw'igitambo cyatambwe ku musaraba, atari igitambo bwite cy' impongano, avumwe. Ibyo byategetswe na za Nama za Kiliziya z'i Trent.

Itorero ry'i Roma ryigisha ko bidahagije gutega amakiriro kuri Yesu Kristo. Ngo ni ngombwa kwitwara ku Musaserdoti ngo atubere umuhuza n'Imana, anatubarire ibyaha byacu.

Suzuma ibi byanditswe by'iryo torero :

« Igihe Umusaserdoti avuga ati : EGO TE ABSOLVO (ndakubabariye) aba ari mu cyimbo cy'Umukiza ubwe. Icyo Imana ibashishwa n'ubushobozzi bw'ubumana bwayo, nicyo Umusaserdoti ashobozwa no kuvuga ngo EGO TE ABSOLVO APICATIS TUIS (Nkubabariye ibyaha byawe) ». Alphonse de Liguor, *OP.CIT. p.34.*

« Isumbwe ry'Umusaserdoti riruta iry'abamalayika, kuko nabo bubaha Abasaserdoti. Abamalayika bose bo mu ijuru ntibashobora kubabarira umuntu icyaha na kimwe... Nubwo abamalayika baba bahari,

bakwiriye kurindira ko agaragaza ubushobozi bwe, kuko ari nta n'umwe mu bamalaika ufite urufunguzo rwo gufunga cyangwa gufungura... »

Mutagatifu Fransis wa Asise aravuga ati : « Ndamutse mbonye malaika n'Umusaserdoti bahagararanye, nabanza kwicisha bugufi imbere y'umusaserdoti, hanyuma nkabona kuramutsa malaika, *Ibid. p. 31.* Gereranya ibyo bishyira Umusaserdoti hagati y'umuntu n'Umukiza we n'iyi mirongo :

- Heb. 4:14,16; 1 Tim. 2:5; 1 Yoh. 2:1; Ibyah. 4:12; Zab. 130:4, 32:5.

Ubuturo bwera busenyuke : ubwo buturo buvugwa ni umutima w'umuntu. Gusenyuka ni kuvana ibyiringiro kuri Kristo.

Ubu imitima ya benshi yavuye kuri Kristo bayerekeza kuri Mariya, ku Batagatifu, ku bapfuye, kuba Pastoro no ku bandi bantu. Ibyo byose byaturutse kuri Roma Nkristo yashyizeho akarengane na Indulugensiya ngo abantu babyemere ku gahato cyangwa bahitemo gupfa. Ibyah. 17:5,6.

(8:12) Iby'ukuri ribijugunya hasi : Ijambo ry'Imana (Bibliya) ubwo bwami buyigira igitabo cyaciwe na Kiliziya, isimbuzwa na GATIGISIMU.

Rikajya ribasha ibyo rigambiriye : Uko bashatse kwishyira hejuru, bakabyandika muri Gatigisimu akaba aribyo bigisha kuko Bibliya ibaciraho iteka.

(8:13) Abera bahavugwa ni abamalaika.

(8:14) Iminsi 2.300 : Ni imyaka 2300, Kub. 14:34 na Ezek. 4:6.

Ubuturo bwera bubone kwezwa : Imitima y'abantu ibone kwakira ubutumwa bwiza bw'imiburo iheruka. Kristo abone gutangira guca imanza kuko ukuri kuzaba kwongeye kujya ahagaragara (Kweza ubuturo bwo mu ijuru).

(8:15-26) Danieli yasobanuriwe uko iyo gahunda izakurikirana.

(8:24) Imbaraga ntizizaba ari ize : Si ubwo bwami buzaba bwikoresha, ahubwo ni ikizaba cyabwihanzemo. Ni iza Satani.

Azarimbura abakomeye n'ubwoko bw'abera : Ubwo bwami (Roma mpagane) bwise benshi bashakaga kwigomeka.

Urugero : ku ngoma ya Kaisari Adriane ubwo Abayuda bigomekaga, ntiishwe ab'Imana gusa hapfuye n'abandi : ngabo abakomeye. Roma nkristo nayo yahitanye abantu 50.000.000 basaga kuko banze kuyiyoboka. N'ubu twiteguye kuzapfamo abandi tutazemera kumanura ibendera ry'Imana SABATO, ngo tuzamure irya PAPAUTE ryashyizweho nyuma le 7/3/321 N.K. Ngubwo ubwoko bw'abera.

(8 : 25) Azagira imigambi ituma abashishwa byose n'uburyarya : Azakora ku buryo azagera ku cyo yagambiriye, akoresheje uburiganya n'ubucakura. Ndetse azakoresha ibimenyetso bikomeye n'ibitangaza by'ibinyoma. Azaca bugufi yigire nka Malaika mwiza yizeze abantu ibitangaza, maze abanze kwemera ukuri ngo bakizwe, bazamufasha mu migambi ye. Mat. 24 :24 ; Rom. 1 :24-26 ; reba n'Ibyah. 13 :13.

*** *** ***

IGICE CYA CYENDA : URUHEREREKANE RW'IMYAKA 2.300

Mu gice cya 8 Danieli yeretswe ibiteye amatsiko (15), Gabrieli atumwa kubimusobanurira (16) byose arabirondora, ariko agiye kumusobanurira uby'ubuturo bwera (26) ararabirana amara iminsi arwaye, nuko Gabrieli asubira mu ijuru atarabirangiza.

Danieli yamaze koroherwa, akomeza kubizirikana ariko ntiyamenya ubusobanuro bw'ibyerekeye ubuturo bwera. Yibwiraga ko ubuturo bwera ari ubw'i Yerusalem, 9 :16,17, akibwira ko ya minsi 2300 igira ihuriro n'igihe bari bakwiriye kumara i Babuloni, ngo babone gusubira i Yerusalem. Niko gushishikarira gusoma ubuhanuzi bwose bwerekeye ku bunyage bwabo uko bwanditswe muri Yeremiya, arabusoma asanga muri Yer. 25 :11 ; 29 :10 ko Imana yari yarabageneye imyaka 70 bari i Babuloni, bakabona gusubira i Yerusalem. Ubwo bagombaga kuzahava muri 535 M.K (605-70).

(9 :1) Mu mwaka wa 1 wa Dario w'Umumedi : Ni muri 539 M.K.

(9 :1-21) Danieli yarasomye ngo amenye igihe bazamara i Babuloni ; arasenga, yatura ibyaha bacumuye, asaba imbabazi, maze Gaburieli agaruka kumusobanurira ibyari byasigaye bidasonuwe.

(9:22) Nzanywe no kukungura ubwenge : Nzanywe no kuguhugura, no kugusobanurira.

(9:23) Malaika amumenyesha ko yumviwe agitangira gusenga.

(9:24) Ibyumweru 70 : Imyaka 490 = (iminsi 490 = 70 X 7 = imyaka dukurikije Ezek. 4:6).

Ubwoko bwa Danieli : Abayuda

Umurwa wera: Yerusalem

Ibicumuro bicibwe: ibivugwa ni ibyahoraga bisohozwa mu ijuru na satani. Byaciwe rero ubwo yabuzwaga kuzongera kuhakandagira ajyanywe no kurega (Ibyahishuwe 12:10; Yohana 12:31).

Gukiranirwa gutangirwe impongano: ibyaha bitangirwe igitambo gihoraho, kitari intama cyangwa inuma, n'ibindi...

Haze gukiranuka kw'iteka: Kristo gukiranuka kwacu yizerwe ubuzira herezo, ahore yeza abantu be.

Ibyahanuwe bifatanishwe ikimenyetso: ubuhanuzi n'amategeko byerekane uwo byasuraga. Imana itangire kuvuganira n'abayo mu kanwa k'Umwana wayo.

Ahera hasigwe amavuta: Imitima y'abantu igaruke ku Mana (Yohana 12:32)

(9:25) Itegeko ryo gusana Yerusalem, bayisana: Uhoreye igihe bazatangira itegeko rigakurikizwa. Iryo ryatanzwe na Artazerusi muri 457 M.K. rihita rikurikizwa. Ezira 7.

Mesiya Umutware : Kristo Umwami. Yesu yabaye Messiya amaze kubatizwa, ijwi rimaze kumuhamya, Mat. 3:16,17. Yesu yabatijwe muri 27 N.K.

Hazacamo ibyumweru 7 : Imyaka 49 yo gusana Yerusalem.

Ibyumweru 62 : Imyaka 434 yo gutegereza Messia.

Bizakorwa mu bihe biruhije : Bazahasana ari intambara y'abababuza gusana. Birebe uko byagenze muri Nehemiya 4:16-23.

(9:26) Ibyumweru 62 nibishira, Messia azakurwaho : Nyuma y'iminsi yo gutegereza Messia, ni ukuvuga nyuma y'imyaka 49 yo gusana, na 434 yo gutegereza, bikaba nyuma y'imyaka 483 kuva ku itegeko ryo gusana, Kristo azabambwa apfire k'umusaraba. Niko byagenze; nyuma ya 27 N.K, hagati mu cyumweru cya 70 niho yabambwe. Hari muri 31 N.K.

Ntacyo azaba asigaranye cyangwa atari kubwe : Ntabwo azaba yizize ni koko kandi yapfuye nta cyaha yakoze, nitwe yazize ngo dukizwe ibyaha byacu abidukujeho amaraso ye. Ibyaha byacu nibyo bamujijije.

Abantu b'umutware uzaza bazarimbura ubuturo bwera: Ingabo za TITO (70 N.K.) zizasensa urusengero rwa Yerusalem; ubuturo bwera buvugwa hano si imitima noneho, ni urusengero rw' i Yerusalem, Luka 21:20. Ibyo byabaye muri 70 N.K ku ngoma ya Tito.

Iherezo rye ni nk'utembanywe n'uruzi: Uwo ntazamara igithe ku ngoma. Niko byanagenze ntiyatinze ku bwami.

Intambara n'ibyago bizarinda bigeza imperuka : Guhera icyo gihe intambara yo kurwanya abantu b'Imana ntizigera ishira kugeza ku kugaruka kwa Kristo. Ibyago bivugwa n'ingorane ku bakristo biterwa n'abanzi b'Imana.

(9:27) Uwo mutware asezerana na benshi isezerano ry'icyumweru 1:

- Umutware ni Messiya (25) ariwe Yesu Kristo. Isezerano ni ubutumwa bwiza bwo mu Isezerano Rishya kuva kuri Matayo kugeza ku Ibyahishuwe.

- Rizamara icyumweru kimwe : Ubwo butumwa bwabwiwe Abayuda mu myaka 7 ariyo minsi 7 y'icyumweru mu buhanuzi.


Nikigera hagati, azabuzanya ibitambo n'amaturo : Ubwo butumwa yabuvuze mu myaka itatu n'igice, maze arabambwa, arapfa, bukomeza kuvugwa mu Bayuda n'intumwa ze.

Ubwo yapfaga, umwenda ugabanya Ahera n'Ahera cyane watabutsemo kabiri. Ibyo byagaragazaga ko umurimo w'ubutambyi mu isi urangiye, ko Kristo ariwe ubaye igitambo n'umutambyi. Amaturo avugwa ni kefa z'ifu, isogi, nyiragasogereza n'ibindi....Luka 11:42.


Umurimbuzi azaza ku ibaba ry'ibizira : Satani azafatira aho azane ibirwanya gahunda y'Imana. Uko niko yabigenje: Yesu amaze kwerekana ko ariwe gitambo n'Umutambyi, ubwo umwenda washanyukaga, satani yateje Abayuda kongera kuwudoda, ntibemera ko Kristo yashohoje byose uko byakorerwaga mu buturo bwera.

Kugeza imperuka yategetswe ko uburakari buzamusandazwaho : Ibyo bizira bizageza igithe isi izashirira, satani, abe bafatanyije n'abo yigaruriye batabwe mu muriro.

ICYO NI IGISHUSHANYO CYEREKANA UKO
IBYUMWERU 70 BYAGENZE



IKI GISHUSHANYO KIREREKANA UKO IMYAKA 2300
YAGENZE



Ubuturo bwo mu ijuru buzezwa : Ahera hazasigwa amavuta. Dan.8 :14
 ngo ubuturo buzezwa. Iryo jambo : « kwezwa » mu Ruheburayo
 ryanditswe ngo : Tsadaq. Rigasobanura ngo : Gutsindishirizwa,
 kugaragara ko ukiranuka, Gusubizwa mu cyubahiro. Reba uko
 ryahinduwe muri Yobu 11:2; Yes. 43:9; ugereranye na Bibiliya
 y'lcyongereza.

Nkuko ubuturo bwo mu *isi bwezwaga n'amaraso y'ihene yashushanyaga
 Kristo, ubuhumane bugashyirwa ku mutwe w'ihene (Azazeli)

yashushanyaga satani yoherwaga, niko n'ubuturo bwo mu ijuru buzezwa ubwo umugayo wose uzashyirwa ku mutwe wa satani, ingabo zo mu ijuru zose zikamenya ko inkomoko y'ibibi byose atari Imana ahubwo ko ari Satani.

Ubu Imana iri mu rubanza (mu maso y'abo mu ijuru bose) kubw'ibyo yakoze ubwo yacaga satani mu ijuru. Ubwo izatsindishirizwa rero satani akagaragara yeruye ko ariwe nkomoko y'ibibi byose, nibwo amahoro adendeje azagaruka mu ijuru. Ubuturo bwose bw'ibyo Imana yaremye bukaba bwejejwe.

IGICE CYA CUMI : IYEREKWA RY'INTAMBARA ZIGEZA IMPERUKA

Mu mwaka wa 3 w'ingoma ya Kuro ni muri 537 M.K.

Danieli yihamiriza ko ibyo yabonye byamusobanukiye.

Ibyumweru 3 by'akababaro ka Danieli, abitewe no kudasobanuka k'ubuhanuzi. Icyamubabaje ni imitima y'abantu be (Abayuda). Bensi banze gusohoza itegeko ryo gusana Yerusalem, kubw'imitima yabo inangiye. Danieli yibabaje cyane atarya, atanywa kubwo kwita ku Mana kubera ibicumuro by'ubwoko bwe. Yibwiraga ko Imana yongereye igihano kubw'ibicumuro byabo (4-9). Havuga uko Danieli yagiye mu iyerekwa, abantu bari kumwe nawe bagahunga, bakamusiga wenyine; yabona ibyo yeretswe agacika intege akarabirana.

Umugabo yabonye ni Kristo ubwe, Ibyah. 1 :13-15.

(10-21) Hatubwira uko Danieli yasubizwagamo imbaraga ariko akongera akabura intege ataramara kubwirwa. Malaika yari azanywe no kumubwira ibizaba mu minsi y'imperuka, umwami w'i Buperesi amutinza iminsi 21 amubuza.

Kumubuza kuvugwa : Guhosha intambara Kuro yashakaga gushoza igihe cyagenwe kitaragera.

Uwo wamubwiraga ibyo byose ni Nyiri kwa kuboko kwamubyukije (10).

Ni malaika rero si uwo mugabo yabonye. Uwafashaga uwo malaika guhosha izo ntambara ni Mikayile (Mika :Usa, Eli : Imana. Usa n'Imana ni Kristo) niwe Yesu Kristo.

Mbese dukurikije Dan. 10 Yesu yaje mu isi kurwana na Kuro ?

Yaraje, ariko intambara yarwanye si iy'imiheto cyangwa amacumu, 2 Kor. 10:4,5. soma Efeso 6:11,12.

Mme White aragira ati : « Ubwo satani yashishikariraga gutuma abatware bo mu bwami bwa Medi-Peresi bagirira abantu b'Imana nabi, abamalaika nibo barengeye abo banyagano, abo mu ijuru bose bakabizirkana babyitayeho cyane. Kubw' ubuhanuzi bwa Danieli, natwe twahawe kurabukwa kuri iyo ndwano ikomeye yabaye hagati y'imbaraga y'ibyiza n'iy'ibibi.

Ibyumweru 3 Gabrieli yakomeje gukirana n'ubushobozu bw'umwijima ashaka kugwabiza imigambi ya satani yari yashyize mu mutima wa Kuro; ndetse iyo ntambara itarashira Kristo ubwe aza kumufasha. Gabrieli ati : “ Umutware w'ubwami bw'i Buperesi yamaze iminsi 21 ambuza, nyuma Mikaeli, umwe wo mu batware bakomeye aza kuntabara, ntinda mu bami b'i Buperesi. Abo mu ijuru ntacyo basize batakoze ngo bahagarare ku bantu b'Imana, amaherezo baranesha, ingabo za satani zikomwa mu nkokora iminsi yose ya Kuro n'umuhungu we Kambusi wimye ingoma imyaka 7 n'igice. *Abahanuzi b'abami, p. 571, 572.*

Ariko intambara yari itararangira rwose, kandi ntizashira keretse satani amaze gutsembwaho.

Mu gice cya 11 Danieli yahishuriwe uburyo Tsaba izakomeza kuramba kugeza ubwo Mikaeli ubwe azagoboka abantu be, akabahagararaho aje kubajyana mu ijuru, Dan. 12:1-3.

IGICE CYA 11: UKO IZO NTAMBARA ZIZAKURIKIRANA

Iki ni igice gitangaje cyane kuko kigaragaza kikanarondora iby'intambara nyinshi zajyaga kubaho hagati y'amahanga, zifite aho zihurira n'abantu b'Imana. Umurongo wa mbere uhera ku ngoma ya

- Medi-Peresi, maze igitekerezo kikagera muri 12:3, ubwo Mikaeli azarokora abantu be akabajyana ahatazaba Tsaba ukundi.
- Uvugwa ni Malaika.
 - Icyatumaga afasha Dario no kumukomeza, nuko ariwe wahawe na Kuro kumutegekera i Babuloni aho Abayuda bari batuye, Dan. 9 :1.
 - n Hazima abami 3 b'i Buperesi : Abazunguye Kuro ku ngoma ni aba Kambusi, Simerdisi, Dario I (w'Umuperesi).

Uwa 4 azarusha abandi bose ubutunzi cyane : Uwo ni Zerusi. Ni nawe witwaga Ahasuerusi n'Abayuda. Ubutunzi bw'uwo mwami ukomeye bugaragarira muri Esiteri 1 :1-9. uhasome witonze cyane n'ibya Tsaba yabaye ku Bayuda mu gihe cy'uwo mwami muri Esteri 3 :8-11.

Azahagurutsa ingabo ze zose kurwanya ubwami bw'i Bugiriki : yarabikoze koko abitewe nuko Abagiriki bari batangiye kubyutsa umutwe. Nyuma ye hakurikiyeho abandi bami 9 b' i Buperesi ariko b'abanyantege nke. Zerusi niwe waherukije gutera Abagiriki.

- (1) Hazima umwami ukomeye : Ni Alexandre wigaruriye isi, akarizwa nuko adashoboye kugera ku yandi masi ngo ayigarurire nayo.
- Azategekesha imbaraga nyishi : Iyibutse uko yoromeje ibihugu yihuta bitangaje, akarangiza urugendo rwa Km 18.000 mu myaka 8 gusa.
- (2) Namara gukomera ubwami bwe buzatagarana : Ubwami bwe nibumara gukomera, azapfa. Niko byagenze, maze ubwami bwe bugabanywamo 4 n'abagaba b'ingabo ze.
- Ntibuzazungurwa n'urubyaro rwe : ishyari niryo ryamaze abo mu rubyaro rwe hamwe n'amakimbirane. Bamaze kwicwa hijma ba Antigonidi, na none Tsaba iracana, bigejeje muri 301 M.K intambara yabereye i Pesus ihesha abagaba be 4 kwigabanira ubwami.

Ntibuzategekwa uko yari asanzwe abutegeka : Kuko we yabutegekaga wenyine bukubiye hamwe, abandi bakarinda kubwigabanya kane.

- (3) Umwami w'ikusi azakomera : Uwo ni Ptolemy (Egiputa, ikusi).
- Umwami w'ikusi azakomera : Uwo warushije Ptolemy amaboko ni Seleukusi. Wibuke ko ariwe wari

wikubiye intara za Kasanderi na Lysimakusi. Muri iki gice hari igitekerezo cy'amakimbirane n'intambara zabaye hagati y'umwami w'ikusi n'uwig'ikasikazi, kuko Abayuda baturaga hagati, maze izo ntambara n'amakimbirane bikabakoraho bibataye hagati.

Nihashira imyaka bazuzura : Abo ni Ptolemy na Seleukusi.

Umukobwa w'umwami w'ikusi azasanga umwami w'ikasikazi kugira ngo abuzuze : Uwo mukobwa ni Berenike mwene Ptolemy washyingiwe Antiokusi II. Ptolemy yabikoze azi ko bizabuzuza.

Ariko uwo mukobwa azabura imbaraga ze : Ptolemy yamaze gutanga, Antiokusi yigarurira umugore wa mbere witwaga Laodike yirukana Bernike kuko yari amaze kumuhararukwa.

Umugabo nawe ntazahagarara ngo akomere : Laodike amaze kugaruka ashaka uburyo yakwhorera kwirukanwa kwe, aroga uwo mugabo Antiokusi II.

Uwo mukobwa azatanganwa n'abamuzanye : Laodike amaze kwica umugabo we ahindukirira Berenike amwicishanya n'Abanyegiputa bamuzanye kwa Antiokusi II. Nguko uko inama ya Ptolemy yo kunga ubumwe n'umwami w'ikasikazi yagize amaherezo mabi. Aho guhosha amahane, Tsaba irusaho kuba mbi y'ayo mahanga yombi.

(7-13) Harondora intambara yateye hagati y'ayo mahanga yombi umwami w'ikusi n'uwig'ikasikazi.

(4) uwo mu rubyaro rwe wakomotse ku gishyitsi cye (7) : Ni umuvandimwe we bwite, Ptolemy Eugete wahise akoranya ingabo akimara kwima akerekeza ikasikazi ajyanywe no guhorera mushiki we Bernike wari amaze kwicwa na Laodike muka Antiokusi II. Amaze kuhasiribanga, ajyana iminyago mu Egiputa, maze amara imyaka igeru kuri 5 yigamba hejuru y'umwanzi we Seleukusi Callinisi mwene Laodike.

(5) Iminyago yatwaye twabonye uko yayitwaye, kugeza ubwo asahuye no mu nzu ya Seleukusi Callinisi, wasimbuye Antiokusi II.

(10-11) Abahungu ba Seleukusi bafata imigambi yo kurwanira ubwami bwa se, bitegura kujya gutera umwami w'ikusi. Uwo nyine Ptolemy Philoparter wari ku ngoma nyuma ya Ptolemy Eugete araterwa maze hagenda we. Egiputa yongeye gutsinda muri iyo ntambara y'i Raphia yo muri 217 M.K.

(12-13) Kubera kutamenya Imana no kudasobanukirwa n'ubwibone bwe, Ptolemy wishimiye ko yatsinze, arihimbaza. Yari afite ingabo zikomeye impande zose, nyamara azira ubwenge buke bwe no kutibaza. Yazize gukiraniwa n'ubusinzi, abantu babonye uko yabaye ntibongera kumwitaho. Abibonye atyo ahita yiyahura, asiga ku ngoma Ptolemy Epiphanie.

Ibyo byafashije umwami w'ikasikazi gutegura intambara yo kongera gutera uw'ikusi. Uwo mwami w'ikasikazi arundanya benshi barimo Philipe umwami w' i Makedoniya wabagiriye inama yo kugabanya Egiputa abandi barni ngo bayigabane.

(14) icyo gihe benshi bazahagurutswa no kurwanya umwami w'ikusi :
Tugeze mu gihe cya Antiokusi Epifanisi umwami wa 8 wo mu rubyaro rwa Seleukusi. Uwo yashatse gutera ikusi, kandi harishingiwe na Roma kuko bari bayitabaje, Roma yamubuza akayima amatwi maze igithe kimwe ateye Ubugiriki mu 197 M.K. Abaroma bararakara cyane bahita bamutera batsindira ku rugamba i Magnesia. Antiochus ahunga i Siria nk'imbwa ihunze ishyize umurizo mu maguru. Kuva ubwo Antiochus yemera gutegekwa no gusuzugurwa n'Abaroma.

Ab'inguguzi bo mu bwoko bwawe : Ni Abayuda gito bemeye guhakana idini yabo bagashyira hamwe na Antiochus Epiphanisi gusohoza ubopolitike.

Bazahaguruka kugira ngo basohoze ibyerekanywe mu nzozi :
Ibyerekanywe n'ibi :

IGIHORAH = igitambo cya buri munsi kizakurwaho n'ubuturo bwera busenyuke, Dan. 8 :11-13.

Bati ubwo byahanuwe reka tubisohoze. Uko babikoze tubisanga muri ibi bitabo :

1 Makabe 1:7-25, 41-64.

2 Makabe 6: 1-11.

Yosefus : Antiquities II, vol. 4

Wibuke iby'akarengane kageze ku bantu b'Imana bo mu Bayuda banze kudohoka muri icyo gihe cy'akaga.

(15). Umwami w'ikasikazi azaza atere umudugudu ugoswe n'inkike : Wibuke ko akarengane ka Antiochus katangiye mu 168 M.K. Muri uwo mwaka niho Abaroma batsinze Abagiriki ku rugamba rw' i Pydne, bakomeza kwigarurira ibihugu.

Kuri izo mpamvu, noneho abami bajyaga baturuka ikasikazi bazanywe no kurwanya ab'ikusi ntibari bakiri aba Seleukusi, ahubwo ni Abaroma. Ni umwami w'i Roma uvugwa muri uyu murongo, wateye umurwa wa Yerusalem muri 63 M.K. amaze kuwuzenguruka no guhezamo abawurimo bose, bamaramo amezi 3 babona gutsinda.

(16) Igihugu gifite ubwiza : Ni Palestina. Muri icyo gihe nibwo ubwami bw'i Roma bwigaruriye Palestina.

(17) Azikiranura n'umwami w'ikusi : Azamushyingira umukobwa we. Ubu buhanuzi buvuga ibyajyaga kuba ku ngoma ya Kaisari Yuliusi. Umukobwa uvugwa ni CLEOPATRE mwene Ptolemy (izina ry'ubwami). Ugushyingirwa kuvugwa hano si uk'ukuri ; Kaisari ntiyamugize umugore we bwite. N'ubundi ngo icyo yabigiriye ni ukugira ngo azazanire ubwami bwa Egiputa kurimbuka. Ariko imigambi ye ntizuzura; ntabwo azahindura icyo gihugu. Nubwo Cleopatre yasambanye na Kaisari, ntarakemera kuba umugore we kuko iyo abikora yari kuba amwihanye n'ubwami bwe. Se wa Cleopatre yamaze gupfa yari yaraze ubwami uwo mukobwa we.

(18) Undi mutware azashyira iherezó ku gasuzuguro yabasuzuguraga : Uyu murongo uvuga iby'ubugome bwari kuzaduka mu bwami bwa Kaisari Yuliusi. Nkuko yajyaga asuzugura abandi bami bato bo mu bwami bwe niko hatangiye kuboneka hamwe na hamwe abantu bamugaruriye agasuzuguro ke, bat : « nkuko wadusuzuguye niko natwe tugusuzuguye. Ntabwo twemera ko udugegeka, ahubwo nitwe tugutegeka ». Ibyo byagaragaye cyane muri Aziya Nto, za Koloni za Afrika, no muri Espania.

(19) Azahindukirira ibihome byo mu gihugu cye bwite : Kubw'ibyo azasubira i Roma iwabo abone kujya inama n'abatware be n'abagaba be baturaga i Roma mu bihome byaho, babone uburyo bazacubya amahane n'agasuzuguro.

Ariko azasitara agwe ye kuzaboneka ukundi : Ugusitara kuvugwa hano ni uko mu bupolitike. Kaisari yasubiye iwabo ashaka inama ku bayobozi yiringiraga, aba aribyo bimusitaza kuko bamuciriye igico bakamwica. Koko yaguye ubutazabyuka ukundi.

(20) Bukeye hazahaguruka undi mu cyimbo cye : Uwo ni OCTAVIUSI wahimbwe Kaisari Augusto, wazunguye Yuliusi.

Niwe uzohereza umukoresha w'ikoro mu gihugu gifite ubwiza : Ibyo byasohoye Yesu agiye kuvuka. Ni nabyo byatumye Yosefu na Mariya bajya i Beterehemu kandi atwite. Soma Luka 2:1-3 ; mu Kinyarwanda ngo bagiye kwandikwa. Mu cyongereza ngo bagiye gutanga umusoro.

Nihashira iminsi mike azarimbuka atazize uburakari cyangwa intambara : Augusto yapfuye atazize ikindi keretse indwara gusa, amaze gusaza, afite imyaka 76 y'ubukuru. Muri iyo minsi ya Tsaba byari igitangaza ngo umwami apfe ashaje, atazize abanzi cyangwa kwiyahura. Nicyo cyatumye ubuhanuzi bubyerura.

(21) Bukeye mu cyimbo cye hazahaguruka undi w'insuzugurwa : Uwo ni Kaisari Tiberio, umuhungu w'umugore Augusto yacyuye. Byageze mu gihe cyo gutora uzasimbura Augusto ku ngoma amaze gutanga, uwo mugore asaba Kaisari ko aba Tiberio wo kumuzungura, undi aranga ngo ni insuzugurwa cyane, ngo ntakwiriye kwambara umuhemba w'i Roma. Kaisari ahera ko atora Agrippa, ariko kubwo kwhakirizwa Augusto amaze gupfa, Tiberio ahabwa kuzungura Augusto. Uko yabishoboye bigaragara mu buhanuzi bukurikiyeho.

Azaza mu gihe cyo kwirara, azihesha igihugu kwhakirizwa kwe : Igihe cyo kwirara ni PAX ROMANA. Nubwo amahoro yari yuzuye mu gihugu, mu Budage habaye amahane mu gihe cya Augusto yari ashaje, Tiberio agaba ingabo, ageze mu Budage ahava intwari cyane aratsinda, agaruka iwabo neza bituma Augusto apfa kumurambikaho ibiganza, amuraga ubwami. Nubwo yabaye umwami ku izina ariko ubuhanuzi ngo ntazahabwa icyubahiro cy'ubwami, byamusohoyeho.

Ntawamwubashye; ingeso ze za kabutindi zamunyaze icyubahiro mu maso ya rubanda bose, hanyuma ariyufura ava ibwami i Roma ajya gutura ku kirwa cya Kapri, amaherezo ye yicwa n'abantu ba Leta. Umwe wo muri abo bagabo, yaravuze ati : « Uyu mugabo yasinze rimwe gusa mu kubaho kwe. » yashakaga kuvuga ko kuva yanywa agasinda atigeze asinduka , arinda apfa.

(22) Ingabo zizatemba imbere ye nk'umwuzure, zimenagurike : Aya magambo yerekeye intambara no gutsinda kwa Tiberio.

Ndetse n'umutware w'isezerano nawe ni uko : Dan. 9:27 : hahanura ko Yesu yagombaga gupfa ku ngoma ya Kaisari Tiberio. Luka 3:1 hatubwira ko Yohana yatangiye kubwiriza ibya Yesu ku ngoma ya Tiberio, ubwo Pontio Pilato yari umutegeka w'i Yudaya.

(23) Nibamara gusezerana nawe azamuriganya : iri jambo gusezerana nawe rishobora gusobanurwa mu buryo 3 :

1. Gusezerana n'abigishwa ba Yesu nawe, nk'uko Petero yabikoze amusezeranira ko atazamuhana na hato naho byageza gupfa, maze bakiri mu murima wa Getsemani ijambo rya kabiri rigasohora ngo azamuriganya, kuko Yesu yagambaniwe n'abatari mu ruhande rwe agafatwa n'abasirikare ba Kayisari Tiberio.
2. Gusezerana kw'Abayuda na Pilato bahamya ko ari nta undi mwami bashaka utari Tiberio, Yoh. 14 :15 ; ukuriganya kuvugwa ni ukwa Pilato wemeye kubamba Yesu atariho urubanza, Mat. 27 :22-24.
3. Gusezerana kw'abatambyi bakuru n'Abafarisayo na Pilato mu cyimbo cya Tiberio, Mat. 27 :62-28 :6, bariganya Yesu mu ntekerezo z'abantu, Mat. 28 :11-15.

Nubwo azaba afite abantu bake : Abavugwa n'ingabo za Tiberio zari i Yerusalemu icyo gihe. Abensi babaga i Kayisaria ahabaye umurwa mukuru mu gihe cy'ubutegetsi bwa Kaisari.

(24) Mu minsi yo kwirara : Ni ukuvuga mu gihe cya Pax Romana amaze kwiganzura hose, uretse mu Buyuda banganye n'aya mahanga bari batuye muri bo.

Azatera ahantu harumbuka hose ho mu gihugu : Kubw'amahane y'Abayuda muri 63 N.K, Kaisari Nero yarabateye arimbura imirimia, asaka amazu, atwika igihugu, ariko nta mudugudu yateye ubwe. Nubwo yigiriye inama yo gutera ibihome byabo bikomeye 24b, ntiyabikoze, keretse muri 66 N.K.

(25) Ubu tugeze ku gihe agahenge gashize, intambara zigiye gukomeza. Kugeza ku murongo wa 27 hatubwira ko bizaza mu buryarya. Abo bami bavugwa ni Mariko Antoni (w'ikasikazi) na Cleopatre, (umwamikazi w'ikusi)bishyize hamwe bakarwanya Kaisari.

(28) Kuko Abayuda uretse kugomera abanyamahanga, noneho bagomera n'ubutegetsi bw'i Roma, bituma Kaisari atuma Cestus Callus umutegetsi w'i Busiria, gutera i Yerusalemu. Muri 66 N.K ingabo ze zigera ku nkike y'ikasikazi h'urusengero.

Zimaze kuhananirwa zirigendera, abakristo babibonye batyo bamenya ko ubuhanuzi bwasohoye, Mat. 24 :15, nuko bariyarura, barahunga, bajya ahitwa i Pella.

Muri uyu murongo wa 28 aya magambo ngo arakariye isezerano ryera agaragaza umutima Kaisari yari afitiye Abayuda, ariko bo babaye ubwoko bw'Imana bwatoranyijwe kubw'isezerano ryera bari barasezeranye nayo. Aya ngo : maze asubire mu gihugu cye yasohoye ubwo ingabo ze zagiye zitigaruriye Yerusalem.

(29) Mu minsi yategetswe : Uko iminsi yagenwe n'Imana. Bya byumweru 7 byari bigiye gushira. Muri 67 N.K VESPAניה yibasiye ibihugu byose by'i Buyuda arimbura ibihome byaho, atsinda i Korazini, i Betsayida, i Kaperinaumu n' i Galilaya imidugudu yari yaramaze kwemera Kristo ho Mesiya. Mu mwaka wa 69 N.K Vespania ahabwa ingoma, aha umuhungu we gutwara mu cyimbo cye i Buyuda. Uwo rero niwe TITO.

(30) Inkuge z'i Kitimu zizamutera : Iyo ntambara yo hanyuma itazamera nk'iya mbere (29) niyo ivugwa muri uyu murongo wa 30. Uyu rero uratubwira ibyo muri 476 N.K ubwo Ababarobaro bateraga ubwami bwa Roma bakabwigabanya.

"Kitimu" isobanura impande zose n'ibirwa byose bya Mediterane mu Ruheburayo. Abavandali bateye i Roma basahura imigi bakoresheje amato yabo menshi bahururanye. Roma isigara mu bwigunge kuko nta bikoresho yari isigaranye. Icyubahio n'ubushobozi bya Roma mpagane bishirira aho.

Ubundi bwami buratangira, aribwo bugereranywa n'ihembe rito, 7:8, burwanya abo Bavandali, ndetse Abaheruli n'Abostrogoti, bihinduka Vatican. Umwami w'abami w'i Roma witwaga Yustiniani, amaze kwirukana Abavandali i Roma atinya kugera ku ngando zabo kuko ingabo z'i Roma zitari zigikomeye nka mbere. Inkunga yaje kumugeraho iturutse ku mukuru w'itorero ry'i Roma ngo ahashye rwose, atsiratsize Abavandali n'utwabo, kuko uwo mukuru w'itorero yabitaga abanzi ba Kristo bitewe nuko bakurikije Arius umukuru w'itorero ry'i Konstantinople wanze kwemera ko inyigisho n'imihango bya gipagani byinjira mu itorero.

Azasubirayo yitaye ku baretse isezerano : Abo ni abakuru b'itorero Gatolika ry'i Roma bashyize iruhande ivanjili (ubutumwa) ya Yesu Kristo bakagira Bibliya igitabo cyaciwe na Kliziya Gatolika.

Kubwo kurwanya Abavandali n'abandi bose nkabo, Yustiniani atanga itegeko rikomeye ngo : "Umukuru w'itorero ry'i Roma abaye umutwe w'itorero ku isi yose, ni umuçamanza utavuguruzwa. Nguko uko muri 538 N.K hatangiye ububasha bwa Gipapa bw'i Roma, ubuhanuzi buruzura, isi itangira kwinjira mu mwijima wo mu myaka yo hagati (Moyen âge).

(31) Azahagurutsa ingabo ze zonone ubuturo bwera n'igihome : Tuvuye kuri Roma Mpagane tugeze ku Bupapa. Umugi wa Roma wari warasahuwe n'icyo gihome, umurwa mukuru wari warashyizwe i Konstantinople. Umukuru w'itorero ry'i Roma yishyira mu rwego rw'Abapapa (data) yishingikirije ku bubasha bw'abagaba b'ingabo no ku ngabo ngo bamufashe gushyiraho ubwami bwagombaga gutwara isi yose mu myaka 1260. Abo bagaba n'izo ngabo bakoreshwu muri ubwo buryo.

Ubuturo bwera : buvugwa hano ni imitima y'abantu yashenye no gushyiraho ikizira cy'umurimbuzi (inyigisho zipfuye) aribyo kurwanya ukuri nyakuri kwa Kristo. Ibuka ibyanditwe imbere (uko bamukuyeho igitambo gihoraho).

Bakureho igitambo gihoraho : Iri jambo ntiribamo. Mu gifaransa (Commentaire de Daniel 8:11) baraduhakanira. Havugwa gusa « Igihoraho » (le perpétuel ou le continual) bisobanura Inkunga y'Imana. Impamvu yo gukuraho igihoraho ni ukugira ngo bategure inzira y'ikizira cy'umurimbuzi. Ubwo ni ukuvuga ko icyatumye babuza abantu gutega amakiriro kuri Kristo gusa bashakaga uburyo inyigisho zabo zizashyigikirwa zikemerwa. Ingabo nizo zasimbuye igihoraho.

Bashyiraho ikizira cy'umurimbuzi : Ni inyigisho zashyizweho zigahabwa kubahirizwa ku ngufu, zigatera abantu: aho kwiringira inkunga y'Imana, biringira imbaraga za gisirikare, aho kwishyingikiriza ku Mana bishyingikiriza ku bantu. Nyamara soma iyi mirongo wiymire uko bihabanye n'ukuri: Yes. 2:22;51:12,13; Yer. 17:5,6.

(32) Abaca mu isezerano azabayobesha kubashyeshyenga : Turebe uburyo butandukanye bwo gushyeshyenga yakoresheje :

1. Abapapa batangira kwigana Bibliya bakurikije ubushake bwa gipagane.

2. Kugira ngo babone abayoboke benshi, inyigisho za Bibliya bazitesha agaciro bongeramo ibishyigikira abapagane. Gusenga ibigirwamana byinjira mu itorero rya gikristo, itegeko rya kabiri mu mategeko 10 y'Imana rivaho imbonankubone. Kugira ngo buzuze uwo mubare 10 nkuko Bibiliya ibivuga.
3. Isabato y'ukuri, urwibutso rw'irema, ishyirwa buhoro buhoro iruhande isimbuzwa umunsi wa mbere (Dimanche), uwo basengagaho izuba; Ikimenyetso cy'ubutegetsi bwo mu ijuru cyigizwayo gityo.
4. Bavuga ko Bibliya Yera itagomba gusomwa na bose, ngo irakomeye kuyisobanukirwa; ko abayobozi bakuru bonyine aribo bazajya bayigisha, bakanayihindura. Muri ubwo buryo Umwuka w'Imana wera bawupfobya mu ibanga.
5. Inyigisho zipfuye zihamya ko abapfuye baba badapfuye rwose, zatanze urwaho rwo kwiyambaza Bikira Mariya n'abatagatifu. Kubw'ibyo abantu bakura amaso kuri Kristo, Umuhuza wacu wenyine n'Imana. Uwo tuboneramo agakiza n'imbabazi, bayahanga ku bantu bakora ibyaha nkabo.
6. Papa n'abakuru b'itorero bihaye uruhushya rwo kubabarira ibyaha, icyo Kristo wenyine ashobora gukora. Abantu bayoborwa ku kwishingikiriza ku mirimo yabo bwite ngo babone agakiza, aho kwishingikiriza gusa ku gukiranuka no ku gakiza kazanywe n'Umwana w'Imana.
7. Ukwigenga mu by'iyobokamana bikurwaho. Abantu batemeye kwigisha ukwizera badashobora guhamya, bahanishwa igifungo, kugirirwa nabi no kwicwa, bihitana ibihumbi byinshi by'abantu bakinishaga kwigisha ko Kristo ariwe Mucunguzi wenyine.

Abaca mu isezerano bavugwa ni abemeye ko inyigisho za Papa ari ukuri bakirengagiza isezerano ry'Imana Bibiliya.

Abazi Imana bazakora iby'ubutwari : Nubwo byagenze gutyo hirya no hino hasigaye abishingikirije ku Mana gusa. Umwami Yesu yakomeje kugira impande zose no mu bihe byose abigishwa n'intumwa bamukoreraga uko bikwiriye. Twavuga nk'Abavodois b'i Piemont

bahagarariye umucyo kugira ngo natwe tumurikirwe, bemera kwicwa ariko ukuri ntikwazimangana.

(33) Abanyabwenge bo mu bantu bazigisha benshi : Ni abubaha Imana by'ukuri, Imigani 1:7 na Yobu 28:28 bigishije benshi kugeza ubu, uhoreye mu gihe cy'ubutegetsi bwa gipapa mu myaka 1260.

Hazaba igihe kirekire bicwe n'inkota n'umuriro bajyanwe ari imbohe bagiye bafatwa na Roma icyo gihe cy'umwijima, niko byabagendekeye, baratwitswe, bicishwa inkota, bicishwa inzara bafungiwe muri za gereza zikomeye cyane, aho umwana arira nyina ntiyumve.

(34) Ni bagwa muri ibyo byago bazabona gufashwa : Ni koko. Amakimbirane amaze guhagarara, hari mu 1798 N.K abavugiraga Imana bifashishije ku bihugu baturukamo. Aho kujuwanwa n'imari yabo ngo bamamaze ubutumwa bwa Kristo ukuri gusakare, bagategereza inkunga ya Leta bituma ubutumwa bunigwa. Rimwe na rimwe inkunga bakayihabwa ubundi bakayibura kubera kwikanyiza k'ubutegetsi.

Benshi bazifatanya nabo babaryarya : Nubwo ibyo bihugu byabafashaga ariko si uko bari bifatanyije nabo; kuko hari ubwo babimaga imfashanyo bitewe no kubirataho. Bigereranye n'igihe cya FILADELIFIYA.

(35) Haratugaragariza impamvu Imana yemera ko abantu bayo banyura mu karengane n'umubabaro. Wibuke Rom.8:28; 2 Tim.3:12.

(36) Uwo mwami azakora uko ashatse yigire munini, yishyire hejuru ngo asumbe byose:

Uwo ni umwami (umukuru w'itorero ry'i Roma) uvugwa wagombaga kwikuza no kwishyira no mu cyimbo cy'Imana. Reba uko yabikoze mu nyandiko zabanje.

Azavuga ibikomeye bisuzuguza Imana nya Mana: Reba nanone muri izo nyandiko zabanje.

Azishyira yizane kugeza aho uburakari buzasohorera: imyigishirize yabo ntizigera ivaho

(irekwa) kugeza ubwo Kristo azagarukira, akabarimbura, akajyana abera be (2 Tes.2:8). Soma guhera 2:3-12.

(37) Uwo mwami ntazita ku mana za ba sekuruza: ntazakorera Imana ngo ayiyoboke, kandi ntazakorera ibigirwamana by'abapagane. Cyangwa ku gushaka abagore: kutarongora kw'Abasaserdoti niho bikomoka.

(38) Azubaha imana y'ibihome : Ibihome bisobanura we n'inkike :

- Inyubako nini cyane.
- Umutima w'impaka no kwishyira hejuru, 2 Kor. 10:4,5.
Imana azayisimbuza imyubakire minini(Kiliziya n'ibikari byazo) ni ibitekerezo by'abantu benshi bahurije hamwe gupinga ukuri kw'Imana Bibliya, (ngo la raison du plus fort est toujours la meilleure). Ibuka rero iby'inzira ngari, Mat. 7:13,14.

Azayubahisha izahabu, ifeza n'amabuye y'igiciro n'icyubahiro :

- a. Izo nyubako azazitaka k'uburyo bukomeye akoresheje amabuye y'agaciro kenshi, atakemo ibintu by'igikundiro. Garura amaso yawe kuri Kiliziya n'amashusho arimo cyane cyane ibibumbano by'amashusho ya Bikira Mariya.
- b. Ibyo bitekerezo by'abantu azabishimangiza guhabwa icyubahiro (Zahabu), guhabwa amafaranga y'imfashanyo (ifeza) n'imyanya mu nzego z'ubutegetsi (agaciro kenshi).

(39) Azanesha ibihome birusha ibindi gukomera :

- a. Azagira impaka zizatera ubwoba, bitume iz'abandi zitagira uzitega amatwi kubw'ibyo bitatu azazishimangiza.
- b. Mu Ruheburayo ngo : "azarundukira mu bihome birusha ibindi gukomera. Ibyo ni imyubakire myinshi kandi minini ya za Kiliziya na za Missioni zabo zizengurutswe n'inkike.

(40). Mu gihe cy'imperuka : Si imperuka y'ibihe. Hari itandukaniro hagati y'igihe cy'imperuka n'imperuka y'ibihe.

Igihe cy'imperuka = Iminsi y'imperuka.

Imperuka y'igihe = Umunsi w'imperuka.

Igihe cy'imperuka cyatangiye imyaka 2300 irangiye. Ni uguhera mu 1844 kugeza umunsi w'imperuka.

Umwami w'ikusi azamutera : Nubwo bitarasohora byose ibyo muri uyu murongo, ariko ntitubura kubigenekereza ngo dutegereze tuzarebe uko bizasohora.

Umwami uzaterwa ni umukuru w'itorero ry'i Roma (Ubupapa). Uzamutera ni Ubutumwa Bwiza bw'imiburo iheruka buzaturuka mu bihugu byo hepfo (Afrika, Amerika) bwerekana ikiinenyetso cy'inyamaswa n'imigambi yayo.

Umwami w'ikasikazi azamutera ameze nka Serwakira : Ubupapa buzarwanya abavuga iyo miburo byihutirwa, bwitabaje abantu benshi maze hacike icyuho.

Azanye amagare n'amafarashi n'inkunge nyinshi atere ibihugu : Muri iyo ntambara hazakoreshwamo intwaro z'ubwoko butari bumwe, aribwo bugereranywa n'amagare, inkuge n'amafarashi. Ntabwo ari muri Egiputa gusa, ahubwo bizagera hose.

Abisandaremo nk'umwuzure w'amazi : Azigarurira aho hantu ku buryo budatinze, kandi azabatera ubwoba kugeza ubwo bazatinya kongera kuvuga iyo miburo.

(41) Agere mu gihugu gifite ubwiza : Intambara izagera no muri Palestina, kugira ngo bayoboke Papa.

Benshi bazatikizwa : Birurumvikana ko hazapfa benshi kuko bazaba bazi Imana ya ba sekuruza, ntibayinamukeho. Bitewe nuko Bibliya izahabwa akato muri icyo gihe, bo ntibayitezukeho kuko na mbere hose bamenye icyo Imana ibashakaho babirebeye mu mizingo.

Abanyedomu, Abamoabu n'imfura z'Abamoni bazamurokoka : Ayo moko yose ni ba nyamujya iyo bigiye. Icyo bapfa ni ukubaho, batagira aho babogamiye. Urushije undi ubushobozi niwe bemera, batarebye niba ari mu kuri, cyangwa icyo azabagezaho. Impamvu rero ni uko bazumva ko Ubupapa bwarikoroje bat: icyo dupfa ni ukutagerwaho n'akarengane. Ntibazazuyaza rero kumwumvira.

(42) Ni igihugu cya Egiputa ntikizamurokoka : Impamvu aricyo kivugwa ni uko ari cyo cyemera imana zacyo gusa, nticyemere iz'ahandi. Nubwo bimeze bityo bwose, bazabicikaho bayoboke imana y'ibihome yo kwa Papa.

(43) Ngo ibintu by'igiciro cyinshi bya Egiputa azabyigarurira.

Abalibiya n'Abanyetiopiya bazamushagara : Aho niho abisilamu biganje cyane. Abo basanzwe bumvira ubutegetsi kuruta Imana. Icyo gihe nikigera rero bazakirana ubupapa umutima ukunze, kuko aribwo buzaba bushaka intebi y'ubwami ku isi nk'uko bahoze mu myaka 1260. Ibyo nibyo bivugwa mu Byah. 13:11-18; 17:8,11.

(44) Inkuru zivuye iburasirazuba n'ikasikazi zizamuhagarika umutima : kuko Amerika izaba yateye ubupapa inkunga, kandi ubupapa bugashaka gutegeka isi, Uburusiya n'ibihugu bimwe by'Aziya n'Uburayi ntibizabyemera bitewe nuko bazavuga ko ari Amerika izaba ibateye, bitume bihagararaho. Biramenyerewe ko Amerika n'Uburusiya aribyo bihangage ku isi mu ntambara.

Impamvu azagira umutima uhagaze ni uko ibyo azaba yarasezeranye n'Amerika bizakomwa mu nkokora n'Uburusiya.

Aveyo arakaye azanywe no kurimbura : Ubwo azahindukira ahere inyuma n'abari basigaye ndetse n'abigeze kumwihakana abihimuremo, ashireho n'itegeko ryo kwica abazaba bafunzwe muri prison ku itariki runaka.

Ubwo nibwo tuzaba twiteguye Kristo uzahagarika iyo ntambara kubwo kuza kwe ko ku bicu, tutarapfa. Niba mushaka kubimenya, ngaho ahazava abantu 144.000, Ibyah. 7:4 batazasongogera ku rupfu. Muri iyo ntambara nimo za nzige zo mu Byah. 9:3-5 zizakora umurimo wazo.

(45) Azabamba amahema y'ubwami hagati y'inanja n'umusozi wera : Inyanja ni Mediterane, umusozi wera ni Yerusalem. Urabyemezwa na Zek. 8:3; Yes. 66:20; Yoeli 3:17. dukurikije ubu buhanuzi, igihe kizaza Papa ashingure intebi ye i Roma, ajye kuyishinga muri Palestina. Birashoboka ko azabiterwa n'abamwanga bazaba bavuye mu bihugu by'Abakominisiti.

Reba uko byanditswe mu igazeti yitwa *The Converted Catholic*, 2/1947 : "The rapid increase of anti-clericalism in Italy may result in an effort to chase Pope out of Rome." Nyamara ngo bizaba bimurangiranye. Birashoboka ko azahazanwa nuko ku ntebe ye hacuze umwijima, Ibyah. 16:10.

*** *** ***

IGICE CYA CUMI NA KABIRI : AKAZAKURIKIRA INTAMBARA

Igice cya 11 cyose kugeza 12 :3 havuga gahunda y'intambara ziheruka. Igice cya 12 :4-13 hari umusozo uvuga ibyahishuwe n'ibizahishurwa, n'igihe bizahishurirwa.

(1) Maze icyo gihe Mikaeli.... Azahaguruka : Mika = Usa ; Eli = Imana. Mu gihe Papa azimuka i Roma hazaba ari intambara ikomeye izahitana benshi. Iyo Tsaba izaba ishaka abana b'Imana. Nibwo usa n'Imana (Mikaeli) Yesu Kristo azagaruka muri iyi isi, azanywe no kugoboka abe. Nuko icyo gihe abantu bawe... bazarokorwa : Abantu ba Danieli ni abubaha Imana yo mu ijuru. Kuri Danieli byari bishyize kera koko, ariko kuri twebwe ni hafi cyane.

(2) Benshi bazaba barasinziriye ...bazakanguka. Ku muzuko wa mbere. Bamwe bazakangukira ubugingo buhoraho : Havugwa bamwe kuko mu bantu ba Danieli

Harimo n'abo ku ivuko (abayuda) abazazukira ubugingo ni abizeye Kristo bakamunambaho.

Abandi bazazukira gukorwa n'isoni ni ba bayuda bihakanye Yesu bakamwica, Ibyah. 1:7

(3) Abanyabwenge bazarabagirana : Abubaha Imana bazahabwa ubwiza. Mbifurije mwese kuzarabagirana ubwo Kristo azagaruka.

Abahinduriye benshi ubukiranutsi bazaka nk'inyenyeri : Abagize abo bagezaho ubutumwa nabo bazahabwa kurabagirana. Kora uko ushoboye woye kuzaburamo.

(4) Bumba igitabo : Ntushake kwibwira ko ubisobanukirwa, ntiwirushye ngo urasobanuza.

Ugifatanishe ubushishi : He kugira undi ucyumva.

Kugeza igihe cy'imperuka : Kugeza mu gihe cy'urubanza (Laodokiya), 1798.

Benshi bazajarajara hirya no hino :

- Muri Bibilia ngo babone gusobanukirwa n'ubwo buhanuzi.
- Mu ngendo kubera imodoka, indege bizaba byaravumbuwe.

Ubwenge buzagwira : - Bwo gusobanukirwa na Bibiliya.

- Bwo kuvumbura ibikoresho by'ubwoko bwinshi.

(5,6) Danieli yabajije igihe bizamenyekanira n'aho bizagarukira.

(7) Igihe n'ibihe n'igice cy'igihe : Iminsi 1260 = imyaka 1260, nibamara kumenagura imbaraga z'abera.

(8,9) Danieli amaze kubaza amenyeshwa ko atari ibye kubimenya kuko atari mu gihe cy'imperuka kandi byo ari ibyaho.

(10) Danieli yabwiwe ko hazabanza urubanza rwo kurobanura ababi n'abeza; kandi ko abubaha Imana (Abanyabwenge, Yobu 28:28) bazabisobanukirwa.

(11) Uhereye igihe igitambo gihoraho kizakurirwaho : Uhereye igihe igitambo cy'i Karuvali kizatangirira gupfobywa, ubwo bazategekerà gukura amaso kuri Kristo bakayerekeza kuri Mariya no ku batagatifu. Ibyo byatangiye muri 508 N.K bashyiraho umugabekazi wagombaga gusimbura Babel = ukwezi kubw'abapagane binjiye mu itorero bagatera amahane.

Bagashyiraho ikizira cy'umurimbuzi : Bakigisha gutega amakiriro kuri Mariya no ku batagatifu, aho kuyahanga kuri Kristo. Hazacaho iminsi 12~~90~~ = imyaka 12~~90~~ : Ubwo ni ukuvuga umunyabugome ahishuwe, 2 TES. 2:3,4. uruguma rwica rugeze, ubupapa bukomwa mu nkokora.

(12) Hahirwa uzategereza akageza iminsi 1335 : 508 N.K + 1335 = 1843.

- Amahirwe ni ayo gusobanukirwa n'ibahanuwe, bakumva imiburo iheruka bakanamenya no kubara ibimenyetso uko bikurikirana.
- Kutazongera kuyobywa n'abigisha batagira icyo basubirisha ikibazo kibajijwe, ngo bapfunyikirwe amazi ngo bicecekwe.
- Kureba ibyo abantu bategereje bagasinzira batarabibona.
- Kubumburwa kwa cya gitabo Danieli yabwiwe kubumba.
- Kubara imyaka ukamenya aho igihe kigeze.

(13) Igendere Danieli utegereze imperuka kuko uzaruhuka :

Ntabwo yabwiwe ko azategereza kugeza mu minsi y'imperuka, ni ukugeza ku munsi w'imperuka. Ntiyari gutegereza ku isi ari muzima kugeza ku munsi w'imperuka, ni mu gitaka yategerereje kuzageza ku muzuko wa mbere. Ntabwo yigeze amenya iby'ubuhanuzi, kandi ntazabumenya keretse amaze kuzuka, 1 Pet. 1:12.

Uzahagarara mu mugabane wawe : Mu migabane ibiri ivugwa muri Dan. 12:2. azahagarara mu mugabane w'abazazukira ubugingo buhoraho.

Iyo minsi nishira: ni iminsi 1335 cyangwa imyaka 1335. Nishira urubanza ruzatangira ube mu migabane wawe. Iyo myaka yashiranye n'i 1843; urubanza rutangira mu 1844 N.K ruhereye mu basinziriye.

IYO NI SHEMA Y'IMYAKA IVUGWA MURI IKI GICE

| | | | |
|-------------------------|---------|------------|----------------------------------|
| Iminsi 1335, Dan. 12:12 | | | |
| 508/9 N.K | 1798 NK | 1843/4 N.K | Imperuka Igihe cy'imperuka |
| Iminsi 1260 Dan. 12:11 | | | |

Agatabo karabumbutse, ibyari ibihishwe byabaye ibyahishuwe. "Ibihishwe ni iby'Uwiteka Imana yacu, ariko ibyahishuwe ni ibyacu n'urubyaro rwacu iteka, kugira ngo twumvire amagambo yose y'amategeko", Guteg. 29:29.

**IMANA IDUHE GUSOBANUKIRWA NO KUBASHA GUSOHOZA
IBYO IDUSHAKAHO, NIBYO MBIFURIZE KANDI MBASABIRA,
NANJYE NISABIRA MU IZINA RYA YESU KRISTO UMWAMI
WACU. AMEN !**

* * * * *

*INTEGUZA Truth and Track
Cell-phone: 08612295.
KIGALI - RWANDA
e-mail: integuza@yahoo.fr*

AMASHAKIRO

| | |
|--|-----|
| Interuro..... | 5 |
| Ubwiru bw'amatorero..... | 11 |
| Iyerekwa ry'ibyo mu ijuru..... | 41 |
| Igitabo gifatanishije ibimenyetso..... | 48 |
| Ibimenyetso 7 bimenwa..... | 50 |
| Ikimenyetso cy'Imana..... | 62 |
| Impanda 7 | 70 |
| Agatabo kabumbutse..... | 78 |
| Abahamya babiri..... | 85 |
| Umugore n'ikiyoka..... | 89 |
| Inyamaswa ebyiri..... | 95 |
| Ubutumwa bw'abamarayika 3..... | 104 |
| Ibyago by'imperuka..... | 113 |
| Ibya Malaya uhetswe n'inyamaswa itukura..... | 121 |
| Igice cya 18..... | 128 |
| Igice cya 19..... | 130 |
| Igice cya 20..... | 133 |
| Igice cya 21..... | 134 |
| Igice cya 22..... | 136 |

UBUSOBANURO BW'IGITABO CY'BYAHISHUWE

1. INTERURO

Ubusobanuro nyakuri bw'ijambo **Apocalypse** ari ryo ryiswe IBYAHISHUWE mu Kinyarwanda ni: KIRIMBUZI (Catastrophe épouventable).

IGITABO CY'IBYAHISHUWE (APOCALYPSE)

Ni igitabo cyerekana amateka y'isi, ariko cyane cyane iherezo ryayo.

A. Umwanditsi w'igitabo cy'Ibyahishuwe ni Yohana mwene Zebedayo, ari nawe mwene se wa Yakobo, na "Wa mwigisha Yesu yakundaga". Uwahoze ari mwene Nkuba yahinduwe na Yesu, aba intumwa y'urukundo, nicyo cyatumye Yohana akunda Yesu cyane (Birasanzwe ko uwabariwe byinshi ari we ukunda cyane uwamugiriye neza. Ntabwo ari Yohana Umubatiza nkuko benshi babitekereza, ahubwo cyanditswe n'uwajyanywe ku kirwa cya Patimo, akaba ariho anacyandikira. Ibyah. 1:1,4,9; 22:8.

Icyitonderwa: - Amagambo ari muri icyo gitabo si aya Yohana ni aya Yesu, Ibyah.1:1

- Abatangije itorero nabo barabyemeza (Papias, Irénée, Tertullien,...).
- Elena White nawe yarabyemeje *Ibyakozwe n'intumwa,p. 517*

Ibindi bitabo byanditswe na Yohana

- Ubutumwa Bwiza bwa Yesu Kristo uko bwanditswe na Yohana.

- Urwandiko rwa 1, 2, 3 rwa Yohana.

Ibyo bitabo byose byanditswe mu buryo bukurikira: Igitabo cy'Ibyahishuwe nicyo cyanditswe mbere ubwo Yohana yari amaze gucirwa ku kirwa cya Patimo, hagati ya 95 na 96 N.K ; agarutse mu Efeso yandika urwandiko rwa mbere rwa Yohana, akurikizaho Ubutumwa bwiza uko bwanditswe na Yohana. Aherutsa urwandiko rwe rwa kabiri hamwe n'urwandiko rwa gatatu.

Abavuga ko ibyavuzwe na Yohana mu Byahishuwe 1:5-8 ari ibinyoma, bakavuga ko Yesu atari umuntu cyangwa ko atabayeho bagahakana ibyo gucungurwa bavuga ko kutabayeho, ahubwo ko ari ikinamico, ibyo

Yohana yarabinyomoje. Avuga ko kuba Yesu yaraje afite umubiri nkatwe ari ryo shingiro ry'inama y'agakiza.

UMUGAMBI W'IBYAHISHUWE

Iby'ingenzi by'uwo mugambi

1. Igitabo cy'Ibyahishuwe cyatangiwe kuyobora itorero, kuritera ibyiringiro n'imbaraga.
 - Ibyahishuwe ni umusingi w'ibyiringiro by'itorero. *Ibyakozwe n'intumwa, p. 519.*
 - Ababwirizabutumwa n'abizera b'amatorero amwe bafata igitabo cy'Ibyahishuwe nk'igitabo cy'ibihishwe ndetse nk'icy'agaciro gake; nyamara nabonye ko icyo gitabo cyari uguhishurwa k'ukuri, cyatangiwe by'umwihariko ku bazabaho mu gihe giheruka, kugira ngo kibabere umuyoboz mu kuzuza inshingano zabo. *Inyandiko za kera, p. 201.*
2. Ni umugisha ku itorero, Ibyah. 1:3.
 - ku basomyi no kubumva bakitondera ibyanditse muri icyo gitabo kibazanira amahirwe abahesha gusobanukirwa n'iby'amateka y'igihe cyashize n'icy' ahazaza. Igihe babyitondeye bikazabahesha n'ubugingo buhoraho.
3. Ibyahishuwe ni isoko yo gukomera mu by'umwuka no gutegereza kugaruka kwa Yesu nk'uko byerekanwe, Amosi 3:2.
4. Ibyahishuwe ni ubutumire mu bwami bw'iteka.

Icyitonderwa : Iki gitabo nta muntu ukwiriye kucyiga adakoreshje uburyo bw'amasesengesho kuko ari igitabo cyuzuye iby'umwuka kandi bihishurwa n'umwuka.

5. Ibyahishuwe si igitabo gifunze gifatanishijwe ibimenyetso, kuko uwahishuriye Yohana iby'ubwo bwiru yatanze umusogongero ufatika w'ibyo mu ijuru k'ushaka wese gusobanukirwa, abishakishije umwete wo kubimanya.

Igitabo cyafatanishijwe ikimenyetso si Ibyahishuwe, ahubwo igitabo cy'ubuhanuzi bwa Daniel nicyo cyagaragajwe gityo kuko cyagaragazaga ibyo mu gihe cy'imperuka. *Ibyakozwe n'intumwa, p. 52. Dan. 12;4.*

Ibihushanyo (Symboles)

Ntawe ukwiriye gucika intäge mu gihe asoma ibyanditswe mu gitabo cy'Ibyahishuwe bitewe n'uko cyanditswe mu buryo bw'amarenga n'ibishushanyo. Iyo myandikire yari ifite impamvu 3 zikurikira :

- Muri icyo gihe hakoreshwaga ibishushanyo mu iyandika ry'inkuru n'amateka.
- Byaberagaho na none kurinda ubusugire bw'inyandiko kugira ngo zidasubizwa inyuma cyangwa zigacibwa kandi zifite umumaro wo mu gihe kizaza, uko niko Imana yagenjereje ijambo ryayo iriha umugaragu wayo mu buryo bw'amarenga n'ibishushanyo mu mayerekwa ye.
- Bwari uburyo bw'imfashanyigisho bwo gutera umwete abantu mu gutekereza, gushakashaka no kujambura.

Amategeko y'isobanura

1. 2 Petero 1:20 : Kudasobanura ibimenyetso n'amarenga uko wishakiye.
2. Gukoresha Bibliya : Itanga ubusobanuro bwuzuye kuri buri renga na buri gishushanyo.
- Urugero : Ibyah. 7; Dan. 7:17. Inyamaswa zasobanuye ubwami.
3. Bikurikiza umuco n'imimerere y'umwanditsi ndetse n'igihe cy'ijo nyandiko (Version)

UMUGAMBI WA YOHANA MU KWANDIKA IBYAHISHUWE

A. Umugambi wa Yohana mu iyandika rye, kwari ukwerereza Yesu yakundaga cyane. Suzuma iyi mirongo yo mu bitabo bimwe yanditse ibyerekana :

- a. Yohana 1:1-5; 9-14.
- b. 1 Yohana 1:1,3.
- c. 2 Yohana 7 (yanditse ayo magambo ashaka guhinyuza inyigisho n'uburyo zari zatangiye kuboneka mu bakristo mu gihe cye).
- d. Ibyah 1:5-8. kubwo guhora yamamaza Yesu, nicyo cyatumye abapagani b'i Roma bamwibasira, nkuko bari baramaze kurenganya abandi bamubanjirije.

1. Nero niwe watangiye akarengane gashyigikirwa n'amaboko ya Leta; yicisha Paulo na Petero nko muri 68 N.K. ; uretse n'abandi bakristo batari bake.
2. Azungurwa n'abandi bami batarambaga ku ngoma, bitewe n'amakimbirane n'imvururu bya Leta (ubupolitike).
3. Muri 69 N.K Vespasiano yima ingoma, arimbura i Yerusalem mu wa 70 N.K.
4. Azungurwa na Tito (niwe muhungu wa Vespasiano, akaba yarahoze ari umugaba w'ingabo za se).
5. Tito azungurwa na Domitiano wafashe Yohana, akagerageza kumwicisha kumujugunya mu ngunguru y'amavuta y'urubindi. Imana iramugoboka, Yohana avamo ntacyo abaye; Dimitiano nko kumwohereza mu kirwa cy'i Patimo kiri ku nyanja ya Aegea, ahatar kure y'umudugudu wo mu Efeso, aho Yohana yabaga, Ibyah. 1:9.

c. Igihe Yohana yanditse Ibyahishuwe ntikizwi neza. Icyakora n'icyo gitabo yabanje kwandika. Kandi yacyanditse ari i Patimo nko mu mwaka wa 96 N.K. Hanyuma ahabwa umudendezo, asubira mu Efeso, aba ari ho yandika ibitabo bye, kuri gahunda iyi ngiyi : 1 Yohana, Ubutumwa bwa Yohana, 2 na 3 Yohana. Nubwo tutazi neza umwaka Yohana yanditsemo Ibyahishuwe, atubwira yeruye ko yeretswe ku munsi w'Umwami, Ibyah. 1:10..

Iby'uwo munsi :

1. Abakomeza dimanche bakunda kwishyingikiriza kuri uwo murongo bati : biragaragara ko Yohana yakomezaga umunsi w'Umwami nkatwe, atari isabato. Bati : igituma umunsi wa dimanche witwa uw'Umwami ni uko ari wo yazutseho.
2. Bibliya ntivuga ko uwo munsi wa 1 w'icyumweru ari uw'Umwami, Mar. 2:27,28, cyangwa se ko Yesu yahinduye umunsi wo kuruhuka, Mat. 5:17,18.
3. Umugenzo wo kwita dimanche umunsi wadutse ku bakristo gito bo muri icyo gihe bashatse guhuza inyigisho zabo n'iza gipagani, bashaka no guhuza ikiruhuko n'abapagani basenga izuba ku munsi wa 1 w'icyumweru, bakawita umunsi w'umwami w'ijuru. Uribuka ko bitaga izuba umwami w'ijuru, ukwezi bakakwita umwamikazi cyangwa umugabekazi w'ijuru. Reba Yer 7:18; 44:17,25.

4. Isabato ni umunsi wa 7, kandi uwo mubare ugaragaza igishyitse, cyangwa icyuzuye kidateze kuvaho. Imana yetse Yohana ibyo mu gitabo cy'Ibyahishuwe ku munsi wayo ushyitse, n'ibiri muri icyo gitabo nabyo ni ibishyitse.

Ibyahishuwe ni igitabo gishyitse

1. Ibikirimo Yohana yabyeretswe ku munsi wa 7; ndetse yeruye ko ari umunsi w'Umwami.
2. Uwo mubare uhora uboneka hato na hato mu gitabo cy'Ibyahishuwe, ukaba ucyizimbyemo hose.

Urugero : 1:4 – Iby'amatorero 7.

- 1:12 – Iby'ibitereko by'amatabaza 7.
- 1:20 – Iby'inyenyeri 7.
- 5:6 – Iby'amahembe 7.
- 8:2 – Iby'abamaraika 7.
- 10:3 – Ibyo guhinda kw'inkuba 7.
- 13:1 - Iby'ikiyoka gifite imitwe 7 n'ibisingo 7.
- 15:1 - Iby'ibyago birindwi
- 17:9 – Iby'imisozi 7.

Ndetse igitabo cy'Ibyahishuwe ubwacyo kirimo imigabane 7 :

1. Ibyerekeye amatorero 7. igice cya 1-3.
2. Ibyerekeye ibimenyetso 7. igice cya 4-7
3. Iby'impanda 7. igice cya 8-11.
4. Iby'ibikoko 7. igice cya 12-14.
5. Iby'ibyago 7. igice cya 15-16.
6. Ibyerekeye Babuloni. Igice cya 17-19.
7. Iby'i Yerusalem. Igice cya 20-22.

Suzuma iyi mirongo ikurikiraho igaragaza imigisha 7 iboneka mu gitabo cy'Ibyahishuwe

1. 1:3. Hahirwa abagisoma, bakacyumva, bakacyitondera.
2. 14:13. Hahirwa abapfira mu Mwami.
3. 16:15 Hahirwa uba maso, akarinda imyenda ye.
4. 19: 9. Hahirwa abatorewe ubukwe bw'Umwana w'Intama.
5. 20:6. Hahirwa ufite umugabane mu muzuko wa mbere.
6. 22:7. Hahirwa uwitondera amategeko y'ubu buhanuzi.
7. 22:14. Hahirwa abamesa imyenda yabo.

Mwene data nkunda, ndasaba Imana ngo iguhe kuboneka muri iyo migabane y'abanyehirwe. Niba uyirimo ntubuze gufashwa n'Imana ngo igusobanurire ibiri muri icyo gitabo kuko ari igitabo kibumbutse. Ibyah. 22:10. Benshi bibwira ko Ibyahishuwe ari amayoberane atabasha gusobanukira abantu. Si ko biri, ahubwo mu Byahishuwe iri jambo rijye riboneka hato na hato ngo: "ufite ugutwi kumva niyumve". Imana iguhe bene ukø gutwi kumva ubwo uzajya wiga ibi byigisho by'ingenzi cyane.

Uburyo igitabo cy'Ibyahishuwe ari igitabo gishyitse:

A. Ni umusozo w'Isezerano rishya, byongeye kandi ni indunduro ya Bibiliya yose. Dore :

- (1) Isezerano rya kera ngo: Mesia azaza.
- (2) Isezerano rishya ngo: Mesia amaze kuza.
- (3) Ibyahishuwe ngo: Mesia azagaruka. Iryo jambo risâbye mu Byahishuwe.

Uhereye mu gice cya 1:7 ukageza no mu gice giheruka 22:20 rihora rikomezwa. Ndetse umwe wa 25 uvuga ibyo kugaruka k'Umwami

Yesu.

(1) Igitabo cya 1 cyo muri Bibiliya (Itangiriro) kivuga ibyo kuvuka kw'isi.

(2) Igitabo cya 1 cyo mu Isezerano rishya kivuga ibyo kuvuka k'Umukiza Yesu.

(3) Ibitabo biheruka byose bivuga ibyo kuvuka ku isi nshya.

Mu gitabo cy'Itangiriro , Bibliya ivuga uko inzoka izakomeretsa agatsinsino ka Mesiya. Isezerano Rishya rigaragaza uko byasohoye kuri Yesu. Ibyahishuwe bisobanura uko Mesiya azamena umutwe w'yo nzoka, ubwo buhanuzi bugasohora rwose. Mu gitabo cy'Itangiriro, Bibliya ivuga ibya Paradiso yo mu Edeni uko yabagamo amahoro asesuye rwose. Imana ubwayo ikabana n'abantu.

Bibliya iherukwa n'amagambo yo mu Byahishuwe agaragaza uburyo abantu bazashumbushwa Paradiso, bakagarurirwa amahoro asesuye. Imana ikongera kubana n'abantu. Ibyah. 21:1-5.

Nuko rero, kuko igitabo cy'Ibyahishuwe ari umusozo wa byose kirondora ibintu byabaye ku itorero ry'Imana, uhereye mu gihe cy'Isezeano Rishya ukageza no mu bihe byabayeho hanyuma, ndetse n'ibizabaho kugeza ku mperuka y'iy'isi, ubwo amahoro azagaruka akadendeza nk'inyanja. Kuko igitabo cy'Ibyahishuwe gihetura ibintu byinshi bingana bityo, ni igitabo

giteye uwoba bushishana, amaherezo kigahumuriza bitangaje. Dushimire Imana kuko yabiduhishuriye bitari byaba ngo tubyitegure bitazadutungura, duhumurizwe n'ibyiza itubikiye.

2. UBWIRU BW'AMATORERO 7

A. AMAGAMBO ABANZA Y'INTERURO

1. Soma witonze cyane Ibyah. 1:1-3:22.

1. Ibyah. 1:1 hagaragaza uburyo Imana igeza ibyayo mu bantu ngo babimenye. Urebe ko Yesu ari we Cyungo cy'isi n'ijuru.
 - a. Niwe wamenyekanishije Data wa Twese utagaragara. Kol. 1:15; Yoh. 1:18.
 - b. Niwe wamenyekanishije ubwiru bw'Imana abuhishurira abahanuzi. Gereranya iyo mirongo ibaye magirirane : 2 Pet. 1:21; 1 Pet. 1:10.
 - c. Elena White yabisongeye amagambo abyerura neza ati : "Guhura kose ku ijuru n'abantu b'abanyabyaha kwabayeho kubwa *Kristo*.

Muri Kristo nimwo Imana yiyunze n'abari mu isi... Umwana w'Imana niwe wahaye ababyeyi bacu ba mbere isezerano ryo kuzacungurwa, Itang. 3:15. Niwe wierekaga Aburahamu, niwe wierekaga abahanuzi, Adamu na Nowa na Isaka na Yakobo na Mose... bavuganaga n'Umukiza wajyaga kuzaza mu isi. Kristo ntuyayoboye Abaheburayo bari mu butayu gusa. 1 Kor. 10:4 yihishe mu nkingi y'igicu yabarangazaga imbere, ahubwo ni nawe bwite wahaye Abisirayeli amategeko. Mu bwiza buhebuje buteye ubwoba kuri Sinaï, Kristo niwe watanze amagambo 10 yo mu mategeko ya Se, abantu bose bumva. Niwe wahaye Mose amategeko akorogoshowe ku bisate 2 by'amabuye. *Abakurambere n'Abahanuzi*, p. 366.

No mu Nama zigirwa itorero, Elena White yongeye kubivuga ati : "Ya Mana yagandanaga na Enoki yari Umwami wacu n'Umukiza Yesu Kristo." P. 101, par.1.

2. Uko Yesu yiyeretse Yohana : Soma Ibyahishuwe 1:12 ff witonze.
 - a. Niwe wa wundi wabonekeye Danieli, Dan. 10:15ff.
 - b. Gereranya Dan. 10:8,10 n'Ibyah. 2:17.

c. Menya aho Yesu yari ari ubwo yiyerekaga Yohana n'ibyo yari afashe mu kuboko kwe, n'ibyo yihanangiririje Yohana gukora, Ibyah. 1:19.

UBUTUMWA BW'AMATABAZA N'INYENYERI 7 :

1. Ubusobanuro bwayo : Ibyah. 1:20. Bigereranye na Mat. 5:14-16.
2. Amatorero 7 agereranya itorero rya Kristo, uhereye mu gihe cy'intumwa ukageza mu mperuka y'isi. Menya ubusobanuro bwa 7 ngo amatorero 7.

a. Amazina y'amatorero yo mu Byahishuwe n'ay'imidugudu 7 yo mu Asia Nto

I. Iyo midugudu ikikiye nzira nyabagendwa yo mu Asia Nto. Iyo nzira igererenya uruhererekane rw'ibihe, uhereye mu gihe cy'intumwa ukageza mu gihe cy'imperuka y'isi.

II. Izina ry'umudugudu wose rifite ubusobanuro bugaragaza imimerere y'itorero ryo mu gihe runaka. Uko imidugudu yari ikurikiranye ikikiye ya nzira nyabagendwa, niko n'itorero rya Kristo ryagize imimerere itari imwe kubw'ibihe n'ibyabagaho muri ibyo bihe bimwe.

III. Hari amagambo abwirwa buri torero ryose, niyo aduha gusobanukirwa n'uko ryari rimeze muri ibyo bihe.

IV. Wibuke rero : Amatabaza 7 agereranya amatorero ya Kristo yabaye mu midugudu 7 yo muri Asia Nto ubwo Yohana yari i Patimo. Byongeye kandi agereranya ayo matorero 7 yabaga muri iyo midugudu 7 agereranya itorero rya Kristo rishyitse ryo mu bihe byose, uhereye mu gihe cy'intumwa ukageza imperuka.

3. Ijambo ry'ihumure :

a. Ni uko Yohana yabonye Yesu agendagenda hagati y'amatabaza 7 :

Uko bisobanurwa : Yesu ahora yitaye ku itorero rye uko ibihe biha ibindi. Ntiyigeze arireka cyangwa ngo arihane. Dore uko arihozaho umutima : "Nta kiriho mu isi kibereye Imana inkoramutima kuruta itorero ryayo. Naho ryagira integre nke rikagwa mu moshya, ariko ihora irizirikana urudaca, ikaririnda nk'imboni y'ijisho ryayo." *Abahanuzi n'Abami,*

"Kristo agendagenda mu matorero ye yose iyo ava akagera. Ayahozaho ijisho ubudahwema ayitayeho rwose, yifuza ko ajya mbere mu by'umwuka, ngo atume ubwami bwe bwaguka. Kristo aba mu iteraniro ryose ry'ab'itorero rye, azi neza rwose ibyo umuntu wese ugira umugabane akora mu itorero rye." *Ibihamya vol. 6. p. 419.*

b. N'uko Yohana yabonye Yesu afashe inyenyeri 7 mu kuboko kwe kw'iburyo.

I. Menya ubusobanuro bwazo : Ibyah. 1:20 kandi wibuke ubusobanuro 2 bw'iri jambo ngo : MARAIKA uko riri mu Rugiriki n'Uruheburayo.

II. Menya impamvu yo kuvuga 7 ngo : Inyenyeri 7.

III. Mat. 28:18-20. Menya aho bihuriye n'ibyo tumaze kwiga byerekeye izo nyenyeri Yohana yabonye ziri mu kuboko kwa Yesu.

IV. Icyo kwibaza, Mbese umuyobozi w'itorero gito udatunganye aba mu kuboko kwa Yesu? Yesu yamurinda se? Yamufasha? Yohana n'akanwa ke?

3. UBWIRU BW'ITORERO RYA MBERE: EFESO.

A. Ubusobanuro bwa Efeso

Ni icy'igikundiro cyangwa icyifuzwa. Icyatumye uwo mudugudu bawita Efeso ni uko hari heza cyane n'umudugudu ubwawo ukaba agahano.

1. Wabaga ku nkengero y'inyanja ya Aegea ahari umwaro mwiza rwose w'inkunge z'ibiruzwa zavaga mu bihugu bizengurutse inyanja ya Mediterane byose.

2. Wabaga ku mutwe wa ya nzira nyabagendwa yanyuraga muri Aziya nto ukaba 'mu ihuriro ry'abantu benshi: ari abagenda n'amaguru bava mu bihugu byo muri Aziya nto cyangwa abagenda mu nkuge.

B. Uko byasuraga itorero rya Kristo ryo mu gihe cy'intumwa:

1. Ryari ryiza cyane rinyuze umutima w'Imana, koko ryari Efeso.

2. Nkuko Efeso yari mu itangiriro ry'inzira nyabagendwa niko n'itorero ry'intumwa ryari rikiri ritoya, rihagaze mu ntangirro yitwa iy'ibihe by'ubukristo. Bigereranye na Kolosayi 1:18.

3. Nkuko umudugudu wari ihuriro ry'abantu benshi, niko n'itorero rya Kristo ryo mu gihe cy'intumwa ryatumye amahanga ahuriza ubumwe muri we. Soma Galatiya 3:26-28.

Ibindi byerekeye umudugudu wa Efeso wa kera:

1. Paulo yahamaze imyaka 3 yamamaza ubutumwa bwiza muri ibyo birere. Ibyak.19.
2. Yanditse urwandiko rwa mbere rw'Abakorinto ariyo.
3. Itorero ry'i Kolosayi ryahanzwe n'abavuye mu Efeso.
4. Paulo avuyeyo asiga Timoteyo kuba ariwe uragira iryo torero ryaho.
5. Yohana yamaze guhabwa umudendezo yimukira mu Efeso aba ariho yandikira ibitabo bye.
6. Hari iwabo w'ubupagani. Hari ingoro ikomeye ya Arutemu yatwaye imyaka 120 bayubaka. Nawe umva ko yari igitangaza rwose. Ibyakozwe 19 :35. Ya myizerere wize mu nteruro muri Bibiliya yari yarahiganzuye cyane. Za nkingi basenga bari bakizifite ndetse basengaga n'ibiti ubwabyo bakagira ngo nibyo bibabeshaho. Ndetsse hanyuma inyigisho z'ibinyoma zitari zimwe zaseseye mu itorero rya Kristo ziturutse mu Efeso.
7. Icyo kirere cyaterwaga n'ibishyitsi cyane. Ndetsse ahahoze mu Efeso kera, kuri ubu haritse, hasigaye ari igishanga.

Ibindi bike byo mu Efeso byasuraga itorero rya Kristo ryo mu gihe cy'intumwa :

1. Nk'uko itorero ryo mu Efeso ryayoborwaga n'abagabo b'Imana koko nka Paulo na Timoteyo na Yohana, niko n'itorero rya Kristo ryo mu gihe cy'intumwa ryayoborwaga n'abantu b'Imana, rikanogera Umukiza.
2. Nk'uko mu Efeso hari ubupagani bwinshi, niko n'itorero rya Kristo ryo mu gihe cy'Intumwa ryatumwe mu isi y'iborero ngo riyihindure ukundi.
3. Nk'uko mu Efeso haterwaga n'ibishyitsi, niko n'isi mbi yahindaga umushyitsi kubw'emyigishirize y'abagabo b'Imana bo muri icyo gihe nka Paulo. Icyitegererezo : Ibyak. 18 :3 ngo : « Abubitse ibihugu byose baje n'ino.”

4. Nk'uko mu Efeso hahindutse ukundi kubw'ibyo bishyitsi, niko n'imitima y'abantu benshi yahindutse ukundi rwose kubw'ubutumwa bwabwirijwe n'itorero ryo mu gihe cy'intumwa. Paulo ubwe ni icyitegererezo cyiza cy'ibyo. Soma Gal. 1:23.

Tutarakomeza gusobanura iby'itorero ryo mu Efeso ryasuraga, ubanze usome witonze cyane Ibyah. 2:1-7, witaye ku ijambo ryose rihari.

1. Uko Imana yashimye iryo torero :

a. Yarishimiye imirimo myiza, Ibyah. 2:2 n'umuhati. Tumaze kubona uburyo iryo torero rya Efeso ryagiraga umuhati wo kwamamaza ubutumwa muri Azia nto bagahanga itorero ry'i Kolosayi. Uwo muhati n'imirimo myiza yo kwamamaza Yesu by'ab'itorero ryo mu Efeso ni icyitegereezo cy'uburyo ab'itorero ryo mu gihe cy'intumwa bashishikariye kwamamaza ubutumwa bwiza mu isi yose, nubwo bwari ubutumwa bushingiye ku muntu wabambwe, 1 Kor. 1:23.

Iyi mirongo 2 igaragaza umuhati w'ab'icyo gihe :

- Ibyak.21:22 ngo : "Uyu niwe wa muntu wigisha hose abantu bose..."
- Kol. 1:6,23 hagaragaza ko mu gihe cya Paulo ubutumwa bwari bwageze mu isi yose no mu baremwe bari munsi y'ijuru.

b. Akarengane kahereye mu gihe cya Stefano, ubwo yaterwaga amabuye n'Abayuda banze kwemera Yesu Kristo ko ari Mesiya. Ibyak. 8:1-4. Ako karengane katumye abakristo b'i Buyuda batatanira mu bihugu by'abanyamahanga b'abapagani banze kureka idini yabo ngo badahinduka abakristo, basanga akandi karengane kabagezeho. Ako karengane katurutse hirya no hino niko kakoze kuri Yakobo, Mwene se wa Yohana wishwe na Herode, Ibyak. 12:1,2, na Paulo na Petero bishwe na Nero nko muri 68 N.K ; ndetse Yohana wanditse Ibyahishuwe yaciriwe ku kirwa cy'i Patimo.

c. Yarishimiye kugenzura kwaryo rikamenya abigisha b'ibinyoma, Ibyah. 2:2,6.

1. Uribuka ko byahanuwe na Yesu n'abandi batari bamwe ko hanyuma y'igihe cyabo hazaduka abahanuzi b'ibinyoma bashaka kuzana inyigisho z'ibinyoma mu itorero ry'Imana. Soma ubuhanuzi bumwe bubivuga :

2 Tes. 2:3 ; 2 Pet. 2:1-3 ; Ibyak. 20 :28-31 ;
 1 Tim. 4 :1-3 ; Ibyak. 20 :29

Paulo yavuze ko namara gupfa hazaduka abayobozi gito mu itorero. Paulo yapfuye muri 68 N.K.. ariko akiri muzima yavuze ko amayoberane y'ubugome yari yamaze gutangira gukora mu itorero, ariko rwihihwa, 2 Tes. 2 :7. Hamwe na hamwe yagiye ababazwa no kunamuka kw'abakristo bamwe (nk'abo mu itorero ry' i Galatiya : Gal.1 :6-9), ubundi akababazwa n'ibice bamwe bari batangiye kwirema nk'abo mu itorero ry'i Korinto : 1 Kor. 1 :10-13. Bene ubwo bugome bwakomeje gusaba mu bakristo bamwe. Maze bigejeje mu gihe Yohana yari amaze gusaza, ndetse avuye i Patimo ubwo yageraga mu Efeso yababajwe cyane no kubona ko itorero rya Kristo ryari rimaze gucikamo igikuba bitewe n'abigisha b'ibinyoma bashatse kuzana imyizerere y'abapagani mu itorero, reba 1 Yoh. 2 :18,19.

Bamwe bashatse kugundira inyigisho z'ubuginoso, ibya Yesu birabayobera, kuko abaginoso batizeraga ko ikintu cyose gifite umubiri cyaba cyiza. Niko kuvuga ko Yesu yabonetse mu isi adafite umubiri w'inyma ukorakorwa, ahubwo wagaragaraga gusa. Reba nawe uko Yohana abyanditse abiseserezaho mu rwa 1 Yoh. 4 :2,3. Itondere iyo mirongo igaragaza ko iyo nyigisho y'Ubudekeo n'ubuyobe mu itorero byari bimaze kuboneka.

Mu gihe cye, umukristo witwaga Irenaeus yanditse ibya Yohana, ati : « Yohana yagiye kwiyuhagirira mu nzu biyuhanagiragamo yo mu Efeso, asangamo uwitwa Serintusi. Amurabutswe arasimbuka, ararangurura ati : Yemwe , duhunge inzu itatugwira. Dore Serintusi, umwanzi w'iby'ukuri ayrimo. » mbese Serintusi uwo yari nde ? Yari uwiyitaga umukristo gito wo mw'Alekizanderia, akaba n'umuyobozi w'umutwe w'abakristo gito bitwaga Abanikolaiti, bafataga inyigisho zimwe z'ubukristo n'izindi z'ubuginoso. Abo banikolaiti nibo bavugwa mu Byah. 2:6.

Wibuke muri icyo gihe (nko mu iherezo ry'ijana rya mbere N.K) handitswe igitabo cyitwa DIDACHE kirimo ijambo rya mbere rigaragaza ko abakristo bamwe bari batangiye kubatizwa mu buryo budasanzwe. Ngo “ Mujye mubatiza mutya... Mujye mubatiza mu mazi mazima (ni ukuvuga atemba) . ariko niba nta mazi ahari menshi mujye tuyasuka mu mutwe gatatu, mu izina rya Data n'iry'Umwana, n'iry'Umwuka Wera.

Icyo gitabo cyanditswe na bene abo bakristo gito bashakaga guhuza umubatizo na wa mugenzo w'abapagani witwaga Taurobolium. Yesu yashimiye itorero ry'intumwa ko ryanze kwemera bene izo nyigisho ziyobye, ntiryemere n'abiyita intumwa kandi atari zo. Wongere usome Ibyah. 2:2,6.

2. Uko Imana yagaye itorero ryo mu gihe cy'intumwa ryagereranyijwe n'iryo mu Efeso
 - a. Soma Ibyah. 1:4,5.
 - b. Urukundo rwa mbere, ngo nirwo bari baretse. Urukundo rwa mbere ni uruhe? Ni urwo Yesu yahanze mbere agitangira itorero rye : Mat. 5 :43,44. Bene urwo rukundo rwo gukunda abanzi babo no kubasabira nirwo rwatangiye kubura.
 - c. Ni iki cyarukomye mu nkokora ?
1. Akarengane. Urumva nawe ko bikomeye kugira ngo umukristo akomeze gukunda abamwica ngo abasabire umugisha ku Mana.
2. Amahane mu itorero yaterwaga n'abakristo bamwe bashakaga kwiyunga n'abapagani ku nyigisho zabo zimwe.

Ibyo byombi nibyo byatumye amahoro n'urukundo rushyitse bibura mu itorero muri icyo gihe, nicyo cyatumye Yesu abihanangiririza kwihana ati : « nimutabikora nzaza aho muri nkure igitereko cy'amatabaza cyanyu ahacyo ». Ibyah. 2 :5. Mu yandi magambo Yesu yajyaga kubaca, ntabe akibemerera ko ari ab'itorero rye. Nubundi birumvikana ko abantu bangana badashobora kubarwa ko ari abakristo nubwo baba barabatijwe.

3. Isezerano Imana yasezeranje iryo torero : Soma Ibyah. 2 :7.
 - a. Kunesha kuhavugwa ni ukuhe ? Ni ukunesha iyo nenge tumaze kuvuga.
 - b. Nkuko twamaze kubivuga, mu Efeso bari bigisenga ibiti mu gihe cya Yohana, bibwira ko bibasha kubabeshaho no kubaha kororoka no kurumbuka. Nuko Yesu arababwira ati : Nimunesha, ntimwemere ko za nyigisho zisesera muri mwe ; mugakundana, mugasabira abanzi banyu, nzabaha ku giti cy'ubugingo. Arik si bya bindi abapagani bategaho amakiriro biri mu Efeso, ahubwo ngo : « Igit cy'ubugingo kiri muri Paradiso y'Imana. »

4. UBWIRU BW'ITORERO RYA KABIRI, SIMURUNA, Ibyah. 2 :8.

- a. *Simuruna.* Iryo zina risobanurwa ngo : *Ishangi*. Ishangi rero ni ikimera gihumura neza, ariko cyane cyane iyo gikandiwe cyangwa gitwikwa cyangwa se gusebwa, nibwo kirushaho kugira umubavu mwiza rwose. Nicyo cyatumaga aba kera bayikoresha mu mihangyo yabo yo gusenga, bayishyira mu byotero byo mu nsengerero zabo.
- b. Bisa naho bitiriye aho mu mudugudu ishangi kubera ko watewe n'ibago n'akaga by'uburyo bwinshi, maze aho guhera, ugakomera. Ari uguterwa n'abanzi no gusukwa kenshi, no gutwikwa ibihe bitari bimwe, ari ibishyitsi n'ibyorezo byahateye, byose byabaye uruhererekane muri uwo mudugudu, nyamara ntiwarimbustse. Ahubwo na n'ubu uracyariho, ari umwe mu midugudu 7 ivugwa mu Byah. 2 na 3 niwo wonyine ukiraho.
- c. Ako kaga kose kabaye akarande i Simuruna, ntikabuze gukora ku bakristo bahaturaga, ahubwo ndetse hari akandi kaga gakomeye kakubitiye ku bindi byose katumye abakristo bahorana imitima ihagaze. Ako kaga mvuga ni ako kurenganyirizwa kwizera kwabo, barenganywa n'Abayuda n'abapagani. Twatanga Polykarupo ho icyitegererezo. Uwo yigishijwe ibya Yesu na Yohana intumwa, aba umukiranutsi, ahabwa kuragira itorero ry'i Simuruna, ari umupastoro waryo, nkuko Timoteyo yari uwo mu Efeso.

Mu byago byose byateye ab'i Simuruna, Imana iramurinda, arasaza. Ageze mu zabukuru, Abayuda gito bamugambanira ku Mwami w'i Roma ngo : aragandisha abantu. Gereranya icyo kirego n'ibyo Abayuda bajyaga barega Paulo, Ibyak. 21:28,27,38. Nuko abasirikare bafata Polykaripo, ariko babonye ukuntu ashaje ageze mu zabukuru, impuhwe zirabasaba, bati : "Twe kumwica, ahubwo tumucire akanzu. Atuke Yesu wa wundi yishingikirizaho, amwihiakane, maze tumureke."Polykaripo ati: "Ko nakoreye Imana imyaka 86 yose ntigire ubwo impana, ntimpemukire, nakwihiakana nte uwankijije." Nuko baramusumira baramwica. Ubwo hari mu mwaka w'168 N.K. Uko Polykarupo yapfuye akarengane azira Umwami Yesu, niko n'abandi bakristo benshi b'i Simuruna bishwe nabi; nyamara si ab'i Simuruna gusa, ahubwo habayeho akarengane ka rusange kakoze kuri benshi babaga hose.

- d. Itorero ry'i Simuruna rigereranya itorero rya Kristo aho ryabaga hose rirenganira Umukiza waryo. Ako karengane katurutse ku Bayuda gito

n'abami b'Abaroma bakomeye uhoreye mu iherezo ry'ijana rya mbere, ariko cyane cyane ku ngoma y'Umwami w'i Roma witwa Diokletsia. Koko Nero yarenganyije abakristo ariko ntibyarî itegeko ry'ubwami bw'i Roma ko bakwiriye kugirirwa nabi, bigejeje ku ngoma ya Trajani (wimye uhoreye mu mwaka wa 98 N.K- 117 N.K) aca iteka ry'uko umuntu wese wizera iby'ubukristo akwiriye guhanwa bibi keretse yihakanye Yesu. Mu mwaka wa 303 N.K. Diokletsia aca iteka ry'uko abakristo bakwiriye guhigwa, ngo he kugira n'uwa kirazira usigara; ati : Abakristo bakwiriye gucurwa inkumbi, bakarimbukira mu bwami hose. Ntitwavuga uko bagirirwaga muri ako karengane. Bajugunyirwaga ibikoko, bababambaga ku biti bisongoye, baratwikkaga, Abayuda bakababuza guhamba abapfuye babo, bakaborera aho baguye, bakaribwa n'imbwa babireba. Muri icyo gihe cy'akarengane n'ibyago bishishana Yesu yabibukije yiyerekezaho ati : Ndi uwari warapfuye, none nkaba ndi muzima, ayo magambo yari ay'ihumure ku bantu be bapfaga ngo bamenye ko naho bapfa bazongera kubaho nkuko Umukiza wabo yapfuye akaba muzima, Ibyali. 2:8.

e. Ariko iyo ishangi ikandagiwe, ikaribatwa, igatwikwa, nibwo irushaho guhumura neza. Nabo bakristo niko bari bameze. Mu cyimbo cyo kubarimbura, akarengane niko kabejeje, bagarura rwa rukundo rwari rubuze mu itorero ry'ijana rya mbere, banogera Imana rwose. Nta mugayo uvugwa ku itorero ry'i Simuruna. Abapagani babonye uko bifata n'uko bahinduka abakristo. Mu kigwi cyo gukomwa mu nkokora, itorero rya Kristo ririyongera; ndetse byatumye Abakaisali bumirwa bati : Amaraso y'abakristo ni imbuto zera abandi. N'ubundi ngo ukuri guca mu ziko ntigushya. Abakristo barakandagiwe, baranyazwe, baratwitswe, ariko ntibahera; ahubwo impumpuro yabo yashimishije Imana n'abapagani, ituma abakaisali bifata ku munwa barumirwa. Koko rero babaye ishangi.

f. Ariko kandi bati : Igisiga cy'urwara rurerure cyimena inda. Uwo mugani ntiwabuze gusohorera ku bakaisari barenganyaga abakristo. Uhoreye kuri Trajani, dore uko byagenze : We yaguye ku rugamba, amaze gutsindwa n'abo yarwanyaga i Mesopotamiya. Magisimini yaguye mu mahanga ya kure, umwana we nyirizina niwe wari wamwiyiciye. Diokletsia yabonye iby'ubwami abibuze yiyicisha inzara. Galeri yishwe n'igisebe cy'umuvogo." Mariko Aureli yishwe n'indwara y'icyorezo. "Septimini Severi, umwana we amaze kumugera inkota nk'aho yayimusogose, aragenda yicwa n'agahinda. Konstantino abibonye atyo yikubita agashyi, ati: kwica abakristo ni ukurushywa n'ubusa, byongeye

kandi ni ukwikkoraho. Ibyiza ahubwo ni ukwiyunga nabo. Nuko mu mwaka wa 313 N.K. aca iteka ari i Milano ribuza abantu kurenganya abakristo rigategeka kubasubiza ibyo babanyaze bose. Nuko abakristo bava ikuzimu bajya ibuntu.

g. Ubusobanuro butari bumwe bw'ibyanditswe mu Byah. 2:8-11 byerekeye itorero ry'i Simuruna :

1. Abiyita Abayuda nyamara atari bo ahubwo ari isinagogi ya Satani." 2:9. Abayuda bakundaga kwirata ubwoko bibwira ko gukomoka kuri Aburahamu bizabakiza. Yesu yajyaga ahugura Abayuda kuri ibyo, ababwira ko ubwoko bw'umuntu butazamukiza, Yoh. 8:33,34. Imbere y'Imana umuyuda si umuntu wavutse mu muryango w'Aburahamu, ahubwo ni uwabyawe ubwa kabiri na Yesu; si uwakebwe umubiri, ahubwo ni uwakebwe mu mutima.

Paulo yarabyeruye neza ati : Ugaragara ko ari Umuyuda, atari we muyuda nyakuri; kandi ko gukebwa kugaragara ko ku mubiri, atari ko gukebwa nyakuri, umeze atyo ntashimwa n'abantu, ahubwo ashimwa n'Imana.... Ubwo muri aba Kristo, muri urubyaro rw'Aburahamu, muri n'abaragwa nk'uko byasezeranijwe." Rom. 2:28; Gal. 2:29. Ubundi kandi ati : Abana b'umubiri si bo b'Imana, ahubwo abana b'isezerano nibo bemerwa ko ari urubyaro rwayo." Rom. 8:8.

Abayuda birataga ubwoko, ariko bakagira imitima y'ibirimarima nibo bavugwa mu Byah. 2:9. Nibo barenganyaga abakristo.

2. "muzamara iminsi 10 mubabazwa." , 2:10. Uko bisanzwe, iminsi 10 ya gihanuzi igereranya imyaka 10 bwite. Icyakora si ukuvuga ko abakristo bajyaga kuzababazwa imyaka 10 gusa, ahubwo bakomeje kurenganywa uhereye kuri wa munsi abayuda gito bishe Stefano.

Ibivugwa mu Byah. 2:10 ni akarengane gashishana rwose katangije mu gihe cya Diokletsia ko karimbuza abakristo bose ifuni iheze. Wibuke ko yaciye iteka mu wa 303 N.K Akarengane gakomeza guvana bitangaje kugeza ubwo Konstantino yaciye irindi teka mu 313 N.K acubya akarengane kose.

3. Suzuma andi magambo abwirwa itorero ry'i Simuruna mu Byah. 2:10,11; urebe uko ahuje n'akaga n'urupfu rwazengurukaga abakristo impande zose.
4. Nta mugayo na muke uvugwa kuri iryo torero. Birasanzwe ibyago nibyo bituma abantu bibuka Imana bakaba intungane. Soma witonze Yak. 1:2-4 ubigereranyije n'iby'itorero rya Kristo ryabayeho muri iyo myaka y'akarengane gateye uwobwa.

5. UBWIRU BW'ITORERO RYA GATATU, UKO ARI PERUGAMO

- A. **PERUGAMO.** Iryo zina risobanurwa ngo : AHIRENGEYE, AHISUMBUYE, AHITARUYE.
- B. Icyatumye bita uwo mudugudu batyo, ni uko wubatswe mu mpinga y'umusozi muremure. Byari akamenyero k'aba kera kubaka imidugudu yabo ahirengeye, bakayizengurutsaho inkike ndende, ibyo byombi babikoreraga kwirinda abanzi. I Perugamo rero hari igihome gikomeye cyane, byatumye umwami Lysimakusi ahabitsa ubutunzi bwe bwasagaga amafranga 1.000.000.000.
- C. Kubwo kugendererwa na Lysimakusi, i Perugamo habaye ikirangirire. Abaturage biyumvagamo ko basite isumbwe kubwo kugendererwa n'umwami. Ndetse mu mwaka wa 133 M.K. wagizwe umurwa mukuru w'intara y'Asia. Bahashyira urukiko rw'ikirenga, abacamanza bagatwara ikimenyetso cy'ubugabe aricyo nkota ndende ifite ubugi impande zombi.
- D. Itorero ry'i Perugamo rigereranya itorero rya Kristo, uhoreye nko mu mwaka wa 313 A.D. Mu yandi magambo ni ukuvuga ijana rya 4 N.K n'irya 5 N.K., ubwo ryahabwaga isumbwe mu isi.
- E. Uko izina ngo Perugamo ryasohoreye ku itorero rya kristo muri icyo gihe : Kubwo kwima k'Umwami Konstantino mu wa 313 N.K itorero ryavuye ikuzimu rijya ibuntu. Uretse gukoma akarengane kose mu nkokora no kugarurira abakristo ibyo bari baranyazwe, yavuze ko ubukristo bubaye idini ya Leta y'ubwami bw'i Roma

bwose. Mu wa 323 N.K avuga ko abaye umukristo nawe (nyamara ari ukuryarya), kuko yanze kubatizwa, ahubwo yakomeje kuziririza imiziro n'imihango yose y'ubupagani. Icyatumye aba umukristo (ku izina) ni uko yabonye ko abandi bami bose barenganyaga abakristo bapfuye nabi, byongeye kandi yashatse guhuza ubumwe mu moko atari amwe yo mu bwami bwe yari yatangiye kubyutsa umutwe akishakira ubwigenge. Amaze kumenya ko abakristo bagwiriye mu moko yose, ati : Icyabahuza ni uko nanje navuga ko ndi umukristo. Ati : nibwo banyumvira. Nuko ahera ko ashaka uburyo bwose yatona ku bakristo, cyane cyane umukuru w'itorero ry'inyarurembo ry'i Roma. Mu mwaka wa 325 N.K akoranya inama z'itorero, agabira umukuru w'itorero ry'i Roma inyumba ya cyami yo ku musozi w'i Latrani, ati : w'itorero ry'i Roma inyumba ya cyami yo ku musozi w'i Latrani, ati : Ntihakagire umuvuguruza. Hanyuma mu wa 330 N.K ubwo yimukiraga i Konstantinople, asigira umukuru w'itorero ry'i Roma kumutegekera mu Italia.

1. Nk'uko Perugamo risobanurwa ngo : Ahirengeye niko n'itorero rya Kristo ryari rigeze ahirengeye muri icyo gihe, kubwo guhabwa isumbwe no kudamarara.
2. Nkuko i Perugamo habaga urukiko rw'ikirenga, niko Konstantino yavuze ko hadakwiriye kugira uvuguruza umukuru w'itorero ry'i Roma; ndetse hanyuma uwo mukuru yabaye uw'abakristo bose bajuririragaho.
3. Nkuko Lysmakusi yabikije ubutunzi bwe i Perugamo, niko n'abami benshi bajyaga batura amaturo ku butunzi bwabo bayatura umukuru w'itorero ry'i Roma.
4. Nkuko ba bacamanza b'i Perugamo bitwazaga inkota ngari ifite ubugi impande zombi, niko Yesu yivuze, ati : "Ufite inkota ityaye impande zombi, aravuga aya magambo, ati : Nzi aho uba, ko ari aho intebé ya Satani iri." Nubwo muri icyo gihe umukuru w'itorero ry'i Roma yahawe ubutware butamukwiriye (ubupolitike); akagirwa n'umucamanza mukuru mu isi yose, nyamara Yesu yashatse kubibutsa ko mu by'ukuri atari umukuru w'impande zombi, ahubwo ariwe ubwe. Ndetse yavuze amagambo atari meza, agaragaza ko uwo mukuru atuye " aho intebé y'ubwami bwa Satani iri".

F. " Aho intebé y'ubwami bwa satani iri." Ni hehe? Kugira ngo turusheho gusobanukirwa n'iby'ayo magambo agereranya, dukwiriye gusubiza

ibitekerezo byacu i Babuloni mu gihe cya Kuro. Ubwo yahanguranga ubwami bwa Belushazali mu wa 539 M.K yahaye abantu b'i Babuloni bose umudendezo.

Mu mwaka wa 538 M.K yahaye Abayuda uburenganzira bwo gusubira iwabo. Ibigirwamana byinshi n'ibindi byanyazzwe abanyamahanga na Nebukadinezari n'abandi bamuzunguye byagaruriwe bene byo. Ariko ibyo ntibyanjeje Abakaludaya b'i Babuloni kuko aribo banyaze abatambyi bo mu ngoro ya Bel-Marduk. Nuko bagomera Kuro; maze agaba ingabo arabatera. Barahunga, bagera mu Asia Nto, ndetse amaherezo bahungira muri cya gihome cyo mu mpinga y'umusozi cyitwa Perugamo.

Bahageze bahashora imizi, babona uburenganzira bwiza bwo kwamamaza idini yabo y'ubupagani, bahahaha ishuri rikomeye ryo kwamamaza idini. Mu mwaka wa 133 M.K umwami w'i Perugamo yegurira umurwa we umwami w'i Roma, maze iryo dini ribona akito ko kugera i Roma.

Uribuka ibyo wigishijwe muri Introduction de la Bible byerekeye amadini y'ubupagani y'abakera. Bubakaga iminara miremire cyangwa se za segurati, bashaka icyabahuza n'ijuru. Abatambyi babo babitaga Pontifia Mazimus, risobanurwa ngo : Iteme rikomeye. Icyatumye babita batyo ni uko bibwiraga ko abatambyi babo bashobora kubahuza n'ibiza bituruka mu ijuru ku zuba n'ukwezi n'inyenyeri mu gihe basengaga 5. Nuko rero, ubwo Abakaludaya bahungaga i Babuloni (aribo babanje kubaka Sigurati, idini y'ubupagani igakomera cyane bazanye inyigisho zabo muri Asia nto, amaherezo zigera n'i Roma, ha handi itorero rya Kristo ryari rimaze kubona isumbwe ritangaje kubwa Konstantino.

Reka dusubize ikibazo twabajije mbere tuti : "Aho intebe ya satani yabaga ni he? "Ubwa mbere ni Perugamo kuko ariho Abakaludaya bahanze ishuri rikomeye cyane ryo kwamamaza idini yabo y'ubwiru mu bihugu by'iburengerezuba.

Ubwa kabiri, mu buryo bwo kugereranya itorero ry'i Perugamo n'irya Kristo ryo mu isi yose mu ijana rya 4 n'irya 5 N.K. twavuga ko ari i Roma, kuko i Roma ariho hitaruye cyangwa hirengeye mu bitekerezo by'abantu bose, cyane cyane abakristo. Muri ibi byigisho tuzabona iburyo

inyigisho zakomotse i Babuloni zaseseye mu itorero ry'i Roma kubw'ubucakura bwa Konstantino afatanyije n'umukuru w'itorero ry'i Roma. Aliko we kwibwira ko abakristo bose bari bafatanije n'inkozi z'ibibi muri icyo gihe, ahubwo ijambo ry'Imana rirabigaragaza neza : Ibyah. 2:13 Handitse iri shimwe ngo : "Nzi aho uba, ko ari ho intebé y'ubwami bwa satani iri : nyamara ugakomeza izina ryanje, ntihakane kunyizera, ndetse no mu minsi ya Antipa umugabo wakiranukiraga kumpamya, wiciwe iwanyu aho satani aba."

1. . Ayo magambo yandikiwe bande? Yerekejwe hehe? Ubwa mbere yerekejwe i Perugamo ubwaho; ubwa kabiri yerekejwe ku itorero ryo mu gihe cyo kudamarara, cyane cyane iry'i Roma.
2. Kuki aho hombi hitwa intebé y'ubwami bwa satani? Ubwa mbere i Perugamo hiswe hatyo kuko ariho habaye nk'isoko y'ubupagani kubw'ishuri ry'abakaludaya. Ubwa kabiri : i Roma hiswe hatyo kubera ko mu isi yose nta handi hari hirengeye cyangwa hisumbuye. I Roma kuko wari umurwa mukuri w'isi yose ukubitiyeho no kuba amendeze yo kugwiza inyigisho z'ubupagani mu itorero kubw'umwami wabo w'indyarya. Niwe satani yakoreragamo kuruta undi wese muri icyo gihe, kugira ngo asohoreze imigambi ye mibi muri Konstantino.
3. Imana yashimiye abakristo ko bataretse gukomeza izina ryayo, mu yandi magambo ntibabaye abakristo ku izina gusa, ahubwo no mu mitima bakomezaga iryo zina rya Yesu, akaba ari we banambaho. Iryo zina ngo : Yesu risibanurwa ngo : Yehova ni agakiza kanje. Muri icyo gihe, ubwo abantu benshi bashukwaga ngo batege amakiriro ku bupagane, bakabwirwa ko umukuru w'itorero ry'i Roma ariwe usigaye mu cyimbo cy'Imana mu isi, byashimishije Imana kubona ko i Roma bwite hariho bamwe bataretse kwizera ko Yehova ari we gakiza k'abantu, ntihakane kumwizera bitewe n'abandi benshi bari bamaze guhindukirira umukuru w'itorero ry'i Roma bakamwita Pontifex Mazimus, bakanamwita Papa (= Data) kandi Data wa Twese ari uwo mu ijuru gusa.
4. Mbese Antipa, "umugabo wakiranukiraga kumpamya, wiciwe iwanyu aho satani aba " ni nde? Ubwa mbere ni umukristo w'i Perugamo washikamiraga mu kuri kw'Imana, akayihamiriza mu

bapagani. Bamaze kumuzinukwa baramufata, bamushyira mu gicaniro cy'imana yabo cyasaga n'imfizi; (biggeranye n'ibyo wize byerekeye Mithra). Icyo gicaniro cyacuzwe mu muringa, kandi cyasaga n'imfizi, hejuru ku mugongo w'iyo mpfizi hari umwenge munini. Antipa bamushyiramo, barapfundikira, maze bacanira munsi y'icyo gishushanyo, Antipa ahiramo imbere. Ubwa kabiri irylo zina ngo : Antipa rifite ubusobanuro bwerekereye ibyabaye i Roma. Ubonye nawe ko ubu buhanuzi bwose bwerekerega ahantu habiri. Dusesengure irylo zina rya Antipa.

Anti ni Urugiriki rusobanura ngo : kurwanya, kutemera. Nka : Anti-Kristo; uwo muntu ni uwishyira mu cyimbo cya Kristo ngo amurwanye akamupfobya. Pa ni Urugiriki na none rwakomotseho n'iri jambo ngo Papa (data).

Mu busobanuro bwa kabiri rero, Antipa ni abantu b'abakristo babagaho ubwo umukuru w'itorero ry'i Roma yakomezaga guhabwa isumbwe no gukuzwa, barwanya inyigisho zerereza uwo mukuru w'itorero ry'i Roma bati : "Nta undi ukwiriye kwitwa Papa keretse Imana, kuko Papa ari Imana yonyine, kuko ariyo Data wa twese wenylene. Kuko So ari umwe, ari uwo mu ijuru kandi ntimuzitwe abakuru kuko umukuru wanyu ari umwe ari Kristo." Matayo 23:8-10.

Usanzwe uzi uburyo bene abo banze kwemera Papa w'i Roma bishyize mu kaga gakomeye, ndetse wibuke ko abantu basaga miliyoni 50 bamuzize. Ariko ibyo tuzongera kubigeraho hanyuma.

h. Nubwo Imana yashimiraga itorero ry'icyo gihe ko ririmo bamwe batemera gufatanya na satani, ariko kandi yabagaye ko babagamo bamwe bakomezaga inyigisho za Balamu, wigishije Balaki gushyira igisitaza imbere y'Abisiraeli, kugira ngo barye intonorano, kandi basambane. Byongeye kandi ngo : "Ufite abakomeza inyigisho z'abanikolaiti." Bisome neza : Ibyah. 2:14,15.

- I. Inyigisho za Balamu wigishije Balaki gushyira igisitaza imbere y'Abisiraeli ni izihe? Wibuke : Balaki (wari umwami w'Abamoabu) yasabye Balamu kumuvumira abisiraeli kuko bajyaga mbere neza, bigatera Balaki ubwoba ko bazamunyaga ingoma. Balamu akora ibizira kabiri : ubwa mbere yemeye gufatanya n'uwo mwami w'umupagani kubw'indamu yajyaga kumuhesha. Niko n'umukuru

w'itorero ry'i Roma yemeye gufatanya n'umwami Konstantino wari umupagani muhama kubw'indamu n'isumbwe yajyaga kumuhesha. Ubwa kabiri : ubwo Balamu yabonaga ko yananiwe kuvuma abo Imana Yahaye umugisha, agambana na Balaki ati : Nushaka gutsinda Abisraeli, ukabatandukanya n'Imana yabo ibaha imigisha yose, ubasambanishe. Abakobwa banyu n'abagore banyu nibaseseremo maze babatware imitima. Abisraeli nibamara gusambana nabo, nta kundi, ibyabo bizaba bishize." Wisomere igitekerezo kibabaje, uko byagenze kubw'izo nyigisho z'abatindi Balamu yigishije Balaki : Kubara 25:1-3; 31:16.

Mu by'umwuka rero, gusambana gusobanura ngo : kuvangavanga ukuri n'ibinyoma, gufatanya inyigisho z'ukuri n'iz'ibinyoma (ubupagani).

2. Umukuru w'itorero ry'i Roma agereranywa na Balamu. Balaki niwe mwami w'i Roma. Mu cyimbo cyo kwirinda uwo mwami w'umupagani, umukuru w'itorero ry'i Roma aramwemera. Yabonye ko gufatanya nawe bizamuhesha isumbwe mu gihugu no mu itorero. Nuko uwo mukuru w'itorero yemera ko Konstantino ayobora inama z'itorero, bituma azanamo inyigisho za gipagani.

Izo nyigisho nizo gisitaza kivugwa mu Byah. 2:14. Yategetse abantu bose guhinduka abakristo byanje bikunze, atuma abatware barushanwa "kwihanisha" bensi ku gahato. Nuko itorero rigibwamo n'abantu ishyano ryose binjiramo bya nikize. Ubwa mbere bakomeza gufatanya ubukristo n'ubupagani rwihihwa, hanyuma bya nikize, hanyuma baratinyuka, byose babikora ku mugaragaro. Bene abo bakristo b'ibyitiriro nibo twita Abamoabu kazi baseseye mu Bisirayeri ngo basambane nabo. Abo bakristo binjiye mu itorero kubw'amategeko ya Leta nibo basambanishije abakristo beza, babanduza ingeso zabo mbi, no kubigisha inyigisho zabo mbi za gipagani. Inyigisho nyinshi rwose zihabanye n'izo muri Bibiliya ziri mu matorero amwe y'abakristo na n'ubu zaseseyemo muri icyo gihe. Mu gihe cy'itorero rya Efeso Imana yashimiye abakristo ko bangaga imirimo y'Abanikolaiti, ariko noneho bigejeje mu gihe cy'itorero ry'i Perugamo,iti: iwanyu ufite abakomeza inyigisho z'Abanikolaiti."

Mbega ubuhenebere bubabaje! Yewe nkubwire byatangazaga ndetse n'abapagani ukuntu abakristo bensi bari bamaze kwiyunga nabo,

bakagenza nkabo. Umva aya magambo ateye isoni umupagani witwaga Faustusi yandikiye umukuru w'itorero ry'i Roma, ati : "Mwebwe abakristo muziririza imiziro n'imitukiro n'imihango y'abapagani, ndetse n'iminsi mikuru n'ibirori byabo murabigira, ntacyo mwaretse. Yewe ingeso z'abapagani mwarazigundiriye rwose, nta tandukaniro na rike. Nta kibatandukanya n'abapagani na gito, keretse ko mujya muteranira ukwanyu."

- i. Nicyo cyatumye Yesu yandikisha Yohana amagambo y'imbazi akomeye ngo : "Wihane, kuko nutihana, nzaza aho uri vuba, ndwanye abo, mbatikure inkota yo mu kanwa kanje."
- j. Mu Byah. 2:17 harimo isezerano ryerekeye abatsinda, ntibemere antikristo wari watangiye kwaduka mu gihe cy'itorero ry'iPerugamo:

1. Manu yahishwe. (Ubusobanuro buri muri Yohana 6:31-35).

- a. Ni Yesu.
- b. Guhishwa kwe, nta kigaragara, ahubwo aba mu mitima y'abantu bicisha bugufi bakamukunda bakamwiha burundi. Wibuke ko idini yabaye gikwira (Catholique) yatumye abantu birengagiza ibihishwe byo mu ijuru (ari byo bwiru bw'ukuri), bagasobwa Yesu ko ari we wenyine uduhesha agakiza, bakamukuraho za Tamidi ze, bagahugira muri bya bigaragara byo muri za Kiliziya. Ubyibuke uko wabyize muri Daniel.

2. Iby'ibuye ryera": Mu gihe cya Yohana abapfumu bakoreshaga amabuye 2 mu gihe cyo kuragura (nkuko ab'ino batera inzuzi). Ibuye ryera ryerekanaga amahirwe no gutsinda, naho ibuye ryirabura ryagaragazaga akaga no gutsindwa.

3. Izina rishya". Abakristo gito bo mu gihe cy'itorero ryagereranijwe n'i Perugamo birataga izina ngo ni Gatolika. Izina rishya rivugwa na Yesu n'iriranga imico y'umuntu yo mu mutima, atari ibigaragara by'imibare myinshi y'abantu. Ni iry'Imana yajyaga kwita abayo bwite ibandika mu gitabo cy'ubugingo, ritazwi n'abandi keretse Imana ireba mu mitima, kandi ritaratwa n'abantu. Ongera usome Ibyah. 2:17 witonze.

6. UBWIRU BW'ITORERO RYA KANE: TUATIRA

- a. Soma witonze cyane Ibyah. 2:18-28.
- b. Bamwe bakeka kimwe, abandi bakeka ikindi, ariko mu by'ukuri ntituzi neza ubusobanuro nyabwo cyane bw'iri jambo ngo Tuatira, gusa ni amayoberane.

Niko itorero rigereranywa n'iryo zina ryabayeho mu gihe cy'amayoberane akomeye, ya yandi yavuzwe na Paulo muri 2 Tes. 2:7. Muri uwo murongo yavuze ko ayo mayoberane atazahishurwa keretse uyabuza akuwaho. Uwo muntu w'inkomyi ni umwami w'Ababarobaro wategekaga i Roma.

Reka dutekereze ho hato iby'uwo muntu :

1. Ubwa mbere ni umwami wese w'i Roma warenganyaga abakristo, uhoreye kuri Nero ukageza kuri Gareli umwami w'i Roma wazunguwe na Konstantino.
2. Ubwa kabiri ni umwami w'Abaheruri wanyaze Romulus Agustulus mu mwaka wa 476 N.K.
3. Ubwa gatatu ni umwami w'Abastrogoti wazunguye umwami w'Abaheruli ku ngoma y'i Roma.

Mu mwaka wa 538 N.K Abostrogoti birukanywe i Roma, noneho wa mukuru w'itorero ryabo wari warahawe gutegeka ariko akagwabizwa, aragara, akora ibyo yishakiye. Tuatira igereranya itorero rya Kristo ryo mu gihe cyo kugara kw'abapapa, uhoreye mu mwaka wa 538 N.K ukageza mu wa 1798 N.K. Muri iyo myaka nibwo abapapa babaye abami bakomeye rwose ndetse babemeye, bakabasenga. Inyigisho z'ibinyoma nyinshi rwose nibwo zinjiye mu itorero, rivuye mu madini y'abapagani, n'abakristo banze kuzakira bakabirenganyirizwa bishishanye.

Nk'uko Tuatira ari itorero ryo hagati mu matorero 7, niko rigereranya itorero rya Kristo ryo muri za " Moyens âges."

c. Ibyerekeye umudugudu w'i Tuatira ubwawo :

1. Nubwo ubu buhanuzi bwerekereye itorero rya Kristo ryo mu gihe cy'umwijima wa gipapa, ariko kandi dukwiriye kwibuka ko bwandikiwe itorero ryo mu mudugudu w'i Tuatira ubwawo na ryo.

2. I Tuatira wari umudugudu w'inganda nyinshi : cyane bacuriragayo ibikoreshwu by'imiringa. Wibuke ibyo igithe usoma ibi bikurikiyeho :
- Akarengane kageze mu bakristo uhoreye mu wa 538-1798 N.K niko ruganda rw'Imana ivugutiramo abayo. Reba Dan. 12:10.
 - Genzura mu isano y'amagambo Yesu yavuze n'iby'inganda. Ibyah.2:18.
3. I Tuatira wari umudugudu w'ikirangirire kandi kubw'umwuga wo kuzinga imyenda cyane cyane iy'umuhemba n'iy'umutuku. Soma Ibyak. 16:14. Ntitubasha guhamya neza ko Ludia ari we wamamaje ubutumwa bwiza i Tuatira, ariko uruhererekane rw'ibitekerezo by'ibyabaye niko rubivuga. Ibyo kuzinga imyenda y'umuhengeri n'umuhemba ubigereranye n'iy'itorero Gatolika, byongeye kandi usome Ibyah. 17:4.
4. I Tuatira hari ingoro nkuru y'Apolo, niyo mana y'izuba. Muri iyo ngoro habaga umuhanuzikazi (cyangwa umushitsikazi) abantu bakamwubahiriza cyane, ndetse no kumusenga.
- d. Ishimwe Yesu yahaye itorero ry'i Tuatira :
- Soma Ibyah. 2:19.
 - "Imirimo ya nyuma ngo iruta iya mbere kuba myinshi. Ibyo byerekeye imirimo y'abagorozi babayeho mu myaka iheruka uhoreye mu gihe cy'abagabo nka Luteri na Calvin na Zwingli n'abandi.
- e. Umugayo werekeye itorero ry'i Tuatira : Ibyah. 2:20.
Ibyitonderwa: kuko iminsi 1260 yagabanijwe n'Imana ngo hagire abarokoka. Twavuga ko iby'i Tuatira byagejeje 1755 N.K. Mat. 24:22.
- A. Ibya Yezebeli :
- Ubwa mbere bisesereza kuri wa mushitsikazi wabaga mu ngoro ya Apolo y'i Tuatira mu Asia nto. Bisa naho mu gihe cya Yohana abakristo bamwe b'i Tuatira bayobejwe n'ubuhenzi bw'uwo mushitsikazi, bagasambana bakurikije uwiru bw'abapagani, bagafatanya n'abapagani babo mu mihangi yabo yo kurya intonorano.
 - Ubwa kabiri : biggereranya akaga kagejejwe n'ubupapa mu itorero rya Kristo uhoreye muri 538 N.K Kugira ngo ubyumve neza, ukwiriye

kwibuka ko Yezebeli yari umugore warongowe n'umwami Ahabu, niko n'itorero ryayobowe n'umwami papa. Wibuke ko Yezebeli yatumye Abisiraeli bata Imana, bakarundukira mu busambanyi, soma i Abami 16:29-33 na Zaburi 9:22.

c. Uko Yezebeli yari afitanye isano n'itorero rya Kristo ryo mu myaka y'umwijima:

1. Umugore agereranya itorero : Yer. 3:8;12;20;31:31,32.Umwari cyangwa umugore mwiza agereranya itorero riboneye ryera naho malaya ageranya itorero ryononekaye ribangikanya ibyera n'ibyanduye rigasambana mu by'umwuka." Bisesereza kury'i Roma ko ryabangikanje inyigisho z'ukuri n'iz'ubuyobe zavuye mu bwiru bw'abapagane:
2. Yezebeli yabonye akito ko konona Abayisiraeli kubwo kurongorwa n'umwami Ahabu; niko n'itorero ry'i Roma ryafashijwe n'abami ngo ryamamaze inyigisho zaryo z'ibinyoma.

Urugero :

1. Mu wa 323 N.K. Konstantino (wari umwami) yavuze ko ahindutse umukristo: mu wa 325 N.K. ayobora inama z'itorero, avuga ko umukuru w'itorero ry'i Roma aruta abandi bakuru b'amatorero, amugabira n'inzu ye i Latrani. Mu wa 330 N.K. yimukira i Byzantium, asigira uwo mukuru w'itorero kumutegekera igihugu.
2. Mu wa 508 N.K. Clovis (wari umwami w'Abafransa) yahindutse umugatolika, abera ayandi mahanga y'Abariusi amendeze yo guhinduka Abagatolika.
3. Mu wa 533 N.K Justiniani (wari umwami w'i Konstantinople) yongeye kubahiriza Papa w'i Roma cyane, maze mu wa 538 N.K atuma umugaba we Belisariusi ngo yirukane Abostrogoti i Roma.
4. Mu wa 756 N.K umwami Pepin w'Ubufransa atsinda Abarombardi baturaga mu bwatsi bw'ikasikazi h'Italia, igihugu cyabo cyose akigabira umupapa w'i Roma.
5. Mu karengane gashishana kageze ku bakristo, mu gihe cy'i Tuatira abapapa batwazaga abami ngo babicire abakristo banze gufatanya nabo.

Ibyo gufashwa n'abami no kwivangavanga muri politike byabaye akarande mu itorero ry'i Roma uhoreye kera, na n'ubu ntibirashira kandi ntibizashira. Soma Ibyah. 17:1,2.

B. Imana yagayiye abakristo bari banze gufatanya n'itorero ry'i Roma kuko batitandukanyije n'inyigisho zaryo ruhenu. Uko byasohoye : ni uko mu gihe cy'ubugorozi hariho inyigisho z'ibinyoma bakundiye gusigara mu itorero rya giprotestanti (nka : izerekeye abapfuye, iby'isabato, ibyo gutonyanza mu cyimbo cyo kubatiza, n'ibindi bitari bikeya nko guhaza Ukarisitiya; etc...)

6. Imana yahaye Yezebeli uburyo bwo kwihana Ibyah. 2:21.

Ngo : Namuhaye uburyo bwo kwihana." Ibyah. 2:21. Nkuko Imana yari yarahaye abayuda igihe cyo kwihana, Dan. 8:24 niko amahanga yose ahabwa igihe n'uburyo bwo kugarukira Imana. Byongeye kandi niko Imana yahaye itorero ryayobye uburyo bwo kuraruka ngo rigaruke mu nzira y'ukuri. Umuntu wese ukwe nawe ahabwa n'Imana igihe cyo kwihana, dore uko yabihihuriye umuja wayo Elena White :

" Imana igenera umuntu wese igihe cye bwite cyo kwakira umucyo n'imigisha, kikaba ari igihe cyo kumugerageza no kumukuyakuya ngo yikiranure n'Imana ye. Ariko izo mbabazi z'Imana zigira iherezo. Mbabazi ashobora kumara imyaka akomanga ku rugi rw'umutima, asaba kwinjira, agahinyurwa no kurangaranwa no kwirengagizwa; ariko haza igihe Mbabazi akomanga ubuheruka. Iyo umutima winangiye cyane, ugwa ikinya, ntube ucyumva ijwi ryoroheje ry'Imana, ndetse iryo jwi rikaba ritakinginga uwo mutima ukundi : imiburo y'Imana ikawushiramo, agahinduka ikirimarima cy'akahebwe."

Uwifuzwa ibihe byose, p. 569.

7. Amagambo aheruka Yesu yabwiye ab'itorero rya Tuatira : Ibyah. 2:24-29.

1. 2:24 ngo : "Mwebwe mwese abasigaye b'i Tuatira badakurikiza izo nyigisho." Ni ukuvuga abakristo bake bari basigaye batiyunze n'itorero ry'i Roma, nk'Abavaudois mu Bulaya n'abayoboke ba Wycliffe bo mu Bwongereza.
2. Ubwiru bwa satani. Wibuke ko ari ubwo amadini ya gipagani bushingiyeho kuri anti-Kristo. Wibuke ibyo wize uko byanditswe mu **Rufatiro rwo gusobanukirwa na Bibliya.**
3. Nta undi mutwaro mbikoreza. Uwo bari basanganywe ni uwuhe?
4. 2:26,27 harimo amagambo y'ihumure cyane ku bantu bahigwaga n'itorero ry'i Roma mu myaka myinshi, bakaragizwa naryo inkoni y'icyuma. Bigereranye na 2 Tes. 1:5,6.

5. Isezerano bahawe baramutse banesheje : 2:28. Inyenyeri yo mu Ruturuturu ni Yesu. Reba Ibyah. 22:16. Gereranya iryo sezerano n'iryahawe itorero ry'i Perugamo, ko ari irihebuje irindi ryose Imana yabasezeraniye, kubana na Yesu ntako bisa no kumuronka ni ubutunzi butagira icyo twabugereranyaho.

7. UBWIRU BW'ITORERO RYA GATANU, ARIRYO RY'I SARUDO

- a. Ubusobanuro bw'iri jambo ngo : Sarudi ni IGISAGUTSE, IGISIGAYE. Mu myaka y'akarengane n'ubuyobe byaturutse i Roma, abakristo b'ukuri hafi ya bose batsembweho. Iyo Imana. itagabanya ya myaka 1260 ntihajyaga kugira urokoka n'umwe, Mat. 24:22. Arikо kubw'imbabazi zayo, Imana igabanya icyo gihe cy'akarengane gashishana, maze hasigara abantu bake bagereranywa na Sarudi. Akaga kabо ni uko akarengane kamaze gushira, barirara, barahenebera, ubugorozi burahagarara, burapfa. Itorero ry'i Sarudi ryahereye nko mu 1755 ubwo ubugorozi bwari bumaze guhenebera, Abaprotestante ntibabe bakivumbura ukuri ko muri Bibliya kwari kwarahishwe. Idini yabo ihinduka iy'imihango n'imigenzo ya gikristo gusa, igira ishusho yo kubaho, arikо yari ipfuye mu by'umwuka, nicyo cyatumye Yesu abagaya ati : Mufite izina ry'uko muriho nyamara mukaba muri intumbi.
 b. Soma witonze ubutumwa bwose bwandikiwe itorero ryo muri icyo gihe uko bwanditswe mu Byah. 3:1-6.

8. UBWIRU BW'ITORERO RYA 6, ARIRYO RY'I FILADELIFIA

- a.Ubusobanuro bw'ryo jambo ngo : Filadelifia ni : Urukundo rwa kivandimwe, cyangwa se urukundo rwa bene data (Brotherly love). Mu Rugiriki Filos = urukundo, Adelphos = mwene Data.
 b. Itorero ry'i Filadelifia ryahereye nko mu 1833, ubwo ibimenyetso byo kuza kwa Yesu byatumye abantu benshi bikanga bagasubira gucunguturaniriza muri Bibliya, maze ni ruto bavumbura ukuri kwari kwaribagiranwe. Igishyitsi cy'i Lisiboni mu wa

1755 N.K n'ubwirakabiri bwo mu wa 1780 N.K no kugwa kw'inyenyeri ko mu mwaka 1833 N.K byahagaritse imitima y'abantu ibihumbi byinshi; mu bwoba bwabo bibuka Bibliya, maze basanga ko ibyo byose byari bimaze kuba bihuje n'ibimenyetso Yesu yavuze ko bizabanziriza kugaruka kwe. Mu isi yose hatangira kuboneka imitwe y'abantu babwirizanya umwete ko kuza kwa Yesu kwegereje. Nyuma ya 1833 N.K. nibwo umurimo wakomeye cyane, nicyo gituma benshi bavuga ko itorero ry'i Filadelifiya ryatangiye mu wa 1833 N.K. Igishyitsi cy'i Lisbone cahitanye abantu ibihumbi 50.000.

Muri iyo myaka yose Imana yahagurukije ababwiriza benshi b'ibitangaza nka Spurgeoni n'abandi, ituma ndetse n'abana bahangwamo n'umwuka wayo maze babwiriza inteko nini z'abantu bakuze (nko muri Suwede). Mu si yose haba guhembuka gukomeye, idini ya benshi yari nk'intumbi, noneho ibyutsa umutwe, iba nzima. Urukundo rusaba mu bakristo benshi maze kubwo gukunda bagenzi babo batizeye (Filadelifiya), bagura ibyabo ngo haboneke amafaranga yo gutuma ababwirizabutuwa mu isi yose kuburira abapagani. Twibuka bamwe nk'abatumwe muri icyo gihe :

William Garey watumwe mu Buhindi mu wa 1793 N.K

Robert Morriso watumwe mu Bacaina (Chine) mu wa 1807 N.K

Robert Moffat watumwe muri Afrika mu wa 1817 N.K

David Livingstone watumwe muri Afrika mu wa 1841 N.K

Yosefu Wolff watumwe mu bihugu byinshi cyane.

Ubundi kandi bashishikariraga gusakaza Bibliya mu isi yose, niko guhangga ingaga z'abacapyi ba Bibliya babasha gucapa. Bibliya ku giciro cyo hasi cyane, nk'izi: British & Foreign Society yahanzwe mu wa 1804 N.K. American Bible Society yahanzwe mu wa 1816 N.K

Soma witonze wiyibutse ibyo wize mu MAHAME no mu MWUKA W'UBUHANUZI, ntubure kubyibazaho cyane.

Nta mugayo na muke uvugwa ku itorero ry'i Filadelifiya. N'ubundi urukundo nirwo amategeko yose asohoreraho. Rom. 13:10

c. Ubusobanuro bw'ubutumwa bwagenewe itorero ry'i Filadelifia :

1. Mu Byah. 3:7,8, havuga ko Kristo afite imfunguzo zo gukingura ntihagire ukinga, kandi ngo yaduhaye iz'imbere y'ab'i Filadelifia urugi rukinguye. Urwo rugi rukinguye rugereranya uburenganzira bwo kwamamaza ubutumwa bw'ukuri gushyitse mu isi yose

bwahaw'abo mu kinyejana cya 18 na 19 N.K. Gereranya urwo rugi rukinguye n'iyi mirongo : Kol. 4:3; 1 Kor. 16:8,9; 2 Kor. 2:12.

Wibuke kandi ko mu mwaka wa 1844 N.K Yesu yakinguye urugi, ngo yinjire ahera cyane ho mu ijuru, atangira guca urubanza.

2. Ibyah. 3:8 ngo : Ufite imbaraga nke. Ayo magambo si umugayo. Si ukuvuga ko bari babuze umwete mu gihe cy'i Filadelifia ahubwo ni amaboko make bari bafite abagereranyije n'itorero Gatulika. N'ubundi Imana ntishimishwa n'imibare myinshi y'abantu badakiranuka cyangwa amaboko y'itorero ryononekaye. Imimuriko myinshi y'ibyitiriro ntishimisha Imana. Ubusanzwe: "agahimbaza umusyi kava mu ngasire". Nicyo cyatumye Imana ishima:
 - itorero ry'i Simuruna kubw'ubukene bwaryo. (2:9)
 - itorero ry'i Tuwatira kuko babaye bake nyamara ntibadohoka (2:24)
 - itorero ry'i Filadelifia kubw'imbaraga nke (3:8)

Ubwinshi bw'abantu cyangwa ibintu cyangwa inyubako nyinshi sibyo bimenyetso bishimisha Imana. Ubutungane nibwo Imana yifuza kuruta ubwinshi. Nubundi ubunini sibwo bugabo; byongeye kandi Yesu yaravuze ati: hahirwa abakene mu mitima yabo, kuko ubwami bwo mu ijuru ari ubwabo Mat. 5:3.

3. Ibyahishuwe 3:9 Abayuda baracyakomeza isabato ndetse bakerensa abakristo ko bayiretse bati: niba muri abakristo nkuko mwivuga, ni iki gituma mutitondera umunsi wayo ? Mu ijana rya 19 nyuma ya Kristo ubwo Abadivantiste bavumburaga isabato, nibwo amagambo yo mu Byahishuwe 3:9 yasohoraga.
4. Ibyahishuwe 3:11. Reba uko uwo murongo uhuje na context y'ibyari mu bitekerezo by'ab'itorero ryo mu gihe cya Filadelifia.
5. Ibyahishuwe 3:13, Ni ukuvuga ko uwatsinze, Imana izamuhindura ukomeye mu bwami bwayo. Imana yashimye cyane itorero ry'i Filadelifia kubera ko bari bavumbuye ukuri kwinski kwari kwaramaze imyaka myinshi cyane guhishwe. Kuko babaye

inkoramutima zayo, nicyo cyatumye ibasezeranira kuzabagira inkingi mu rusengero rwayo.

(Akandi kajambo kamwe): "wibuke yuko mu gihe cy'itorero ry'i Filadelifia Yesu yinjiye ahera cyane ho mu rusengero rwo mu ijuru. Guhera mu 1844 N.K ubwo igithe cy'itorero ry'i Filadelifia cyarangiraga, imitima y'abantu benshi yari yerekeje mu rusengero rwo mu ijuru kuko bibukaga ko urubanza rwab'isi rwari rutangiye.

9. UBWIRU BW'ITORERO RYA 7, UKO ARI LAODOKIA

a. Ubusobanuro bw'iryo jambo ngo : Laodokiya ni : Gucira abantu urubanza.

Mu Rugiriki Laos = abantu; Diakeo = guca urubanza. Igihe cy'iryo torero cyahereye mu mwaka 1844 N.K, ubwo Yesu yinjiraga ahera ho mu buturo bwo mu ijuru, agatangira umurimo wo gucira ab'isi urubanza. Turiho mu gihe cy'itorero ry'i Laodokiya kuri ubu; ni naryo rizakomeza kugeza imperuka, ubwo Umwami Yesu azagaruka. Mu yandi magambo, niryo torero ryo mur'iy'isi. Tugeze mu mahenuka y'ibihe.

b. Ibyerekeye umudugudu w'i Laodokiya ubwawo :

1. Wubatswe na Antiokusi II, wa wundi watandukanye n'umugore we Laodike, agacyura umukobwa wa Ptolemy witwaga Bernike. Wiyibutse ibyo wize muri Dan. 11:6. umudugudu yawitiriye umugore we w'isezerano Laodike.
2. Wari wubatswe ku iherezo rya ya nzira nyabagendwa aho ishamitse kabiri. Ni kuri iri torero ryacu rigeze ku iherezo ry'uruhererekane rw'ibihe. Imbere yacu hari amayirabiri y'inzira.
3. Laodikia wari umudugudu w'amajyambere menshi n'ubutunzi bwinshi. Habaga amasoko manini na za banki zikomeye zidendejemo imari. Niko n'itorero rya Kristo ryo muri iki gihe rimeze. Insengeri nziza, ibitaro bikomeye, amashuri atangaje, abizera ni benshi. Koko, mu bihugu byinshi itorero ry'Abadiventiste ryarakungahaye.
4. Mu mihana y'i Laodokiya bororaga intama zifite ubwoya bw'umukara cyane, ariko kandi iyo burasiweho n'izuba bwarakengeranaga bugasa n'izahabu (nkuko amoya y'inyoni zimwe ameze). Abakungu b'i Laodokiya bambaraga imyambaro iboshye muri ubwo bwoya, ikaba umurimbo wabo ugaragaza

- cyane isumbwe, kuko ubwo bwoya butabonekaga ahandi, ndetse n'ubu ntibukiboneka.
5. I Laodokiya habaga amasoko y'amashyuza, avamo amazi y'akazuyaze abarwayi benshi bazaga ngo biyuhagire muri ayo mazi, kuko yagiraga umumaro wo kuvura indwara zimwe. Nuko kugendererwa n'abarwayi benshi kwatumye ab'i Laodokiya bazirikana umwuga w'ubuvuzi, niko kuahangâ ishuri rinini ry'ubuvuzi ngo bavumbure uburyo bwo gukiza indwara. Bavumbuye umuti wo gusiga ku maso bitaga Collyrium. Bawukoraga mu ifu babaga baseye mu mabuye yabaga hafi y'amashyuza, bayivangavanze n'amavuta.
 6. Paulo yigeze kwandikira itorero ry'i Laodokiya ariko urwandiko rwe rwaratakaye. Reba Kol. 4:16.

c. Uko Yesu yivuze abwira itorero ry'i Laodokiya, Ibyah. 3:14 :

1. Ngo ni Amen, kandi ngo : Ni umugabo wo guhamya ukiranuka w'ukuri.

Amagambo Yesu yashatse kubwira iryo torero yari akomeye cyane yo kubatesha. Ntiyari kubanezeza na hato, nyamara Yesu ntiyabobeye ngo aryamire ukuri aberurira akaga barimo mu by'Umwuka. Yari yiteguye kubivuga kandi yari azi ko ntawe ushobora kubivuguruza kuko ukuri kutavuguruzwa. Niko kwiyita Amen, utivuguruza, cyangwa utavuguruzwa. Umuntu wese w'umudiventiste utaryarya ntiyabura kuvuga ati : Amen, iyo asomye amagambo y'ubutumwa Yesu afitiye iri torero ryacu. Ni ay'ukuri rwose n'indimi zose bizavugira hamwe biti : Amen. Ibyo Yesu yavuze ni imvaho y'ukuri koko, Ibyah. 5:13; Fil. 2:9; Yes. 45:23.

Umukristo wese yizeweho kugera ikirenge mu cya Yesu, ntaryamire ukuri, nawe abe Amen, abe n'umugabo wo guhamya ukiranuka w'ukuri. Nubwo ukuri kwaca mu ziko; ntikwashya, amaherezo kuzahagarara kudatsinzwe.

1. Ngo ni : Inkomoko y'iby'Imana:
Muri iyi minsi amadini aradendeje. Inyigisho z'ibinyoma ni ishyano ryose. Abantu benshi barayoba, bagatega amakiriro ku bintu bitagira agakiza. Bamwe bagira za sakramento ngo ni zo zizabakiza; Abadventiste benshi basigaye batega agakiza ku migenzo y'imihango y'itorero,

bakibagirwa ko Yesu ariwe nkomoko y'iby'Imana. Utamufite ntiyabona n'intandaro yo gukira. Niwe ibyiza byose uko bingana bikomokaho.

Niwe nyine dukwiriye gutegaho amakiriro. Niwe ukwiriye kuba Alfa na Omega mu kubaho kwacu, Ibyah. 1:18. nk'uko Yohana yamubonye agendagenda hagati y'amatorero 7 yose, ahereye kurya mbere ryo mu Efeso akageza ku riheruka ry'i Laodikiya, niko Yesu agomba kuba nyambere mu kubaho kwacu, akaba no hagati; akaba ariwe ibyiringiro byacu byegamira, akizimba mu mitima yacu no mu byifuzo byacu byose.

Niwe wenyine rukumbi ushobora kutugeza mu ijuru, kuko ari we banze ryo kwizera, kandi niwe wenyine uguusohoza rwose, Abah. 12:2. Nta na kimwe twaharanira gukora cyiza ngo kitugeze mu ijuru; nta gukiranuka na guke twakwiha ngo twemerwe n'Imana. Yesu niwe nkomoko y'iby'Imana; tutamufite tuba turi abo kubabarirwa.

d. Ishimwe Yesu yahaye itorero ry'i Laodikiya : ntaryo, haba na rike.

Niryo torero ryonyine mu matorero ritahawe ishimwe. Mbega akaga karyo ! Mbese ni akahe ko gakabije?

e. Umugayo werekeye itorero ry'i Laodikiya : Soma ibyah.3:15-17
witonze cyane.

1. Kuba akazuyaze : Ni ukugereranya ubute mu by'umwuka, ni ukudakonja ngo ube umupagani werure, cyangwa ngo urunduke mu by'Imana umaramaje, ntugire ishyaka ntugire ubwuzu, ukaba imbera byombi n'icyegamizi mu itorero. Kuba akazuyaze, ntukonje, kandi ntubire ni uguhera mu rungabangabo ugafata impu zombi. Ni ukuba umukristo ku isabato mu mibyizi ukaba umupagani mu migirire. Ni ukubwiririza ku ruhimbi ku isabato, ugahora ku kibindi kibira mu mibyizi. Iyo abaganga bashatse gutuma umuntu aruka, bamunywesha amazi menshi y'akazuyaze arimo umunyu. Mu buhanuzi amazi agereranya abantu; umunyu ukagereranya ab'itorero (muri umunyu w'isi). Tugeze mu gihe Imana yanyoye amazi menshi y'akazuyaze arimo umunyu; abakristo baradendeje; inzovu nyinshi z'abantu zikomeza isabato y'ukuri buri cyumweru, ariko akaga ni uko babaye akazuyaze. Bateye Imana iseseme. Kubwira umuntu wese w'akazuyaze aya magambo ateye uwobwa ati : Ngiye kukuruka. Mbega imvugo ibabaje kandi ishishana ! Uwarukwa n'Imana yajya

he ? Cyakora, icyanezeza Imana ni uko umuntu yasigara mu bupagani bwe akaba uw'isi byeruye kuruta ko yakwihana igice, akayigayisha, akayobya abandi bashaka kwihana by'ukuri ngo babe abayo, nyirizina. Bene abo bakristo b'ibyitiriro ni abakozi b'abacanshuro irababwira iti : Mbese ko wigisha abandi ntiwiyyigishe ?

Ko uhana kwiba nawe ukiba ? Ko uvuga ngo ntugasambane nawe usambana ? Ko wanga ibishushanyo bisengwa, nawe ukanduza urusengero ari rwo mubiri wawe; uwandurisha kunywa ibitanyobwa no kutiyuhagira no kutamesa ? Ko wirata amategeko, nawe ukagayisha Imana kuyacumura ? Izina ry'Imana ritukwa mu bapagani ku bwanyu. Rom. 2 :21-24.

2. Akaga gakabije, ako tumaze kuvuga, ni uko Abadventiste benshi babaye abatindi mu by'umwuka, bahindutse aboro mu by'ingeso z'ikinyabupfura, ni impumyi zitazi kugenzura no kurobanura ibibi mu byiza, ariko ntabamenya ko bari mu buhanya. Ako kajambo ko mu Byah. 3:17 ngo : Utazi, niko kababaje bitavugwa. Uhasome kandi uce inzira munsi y'iryo jambo. Kutimenya ni ishyano itorero ryagwishije. Twibwira ko turi abakire mu by'Imana kandi turi impezamajyo. Twirata ko twambaye imyambaro yo gukiranuka ikengerana nk'izahabu, nyamara imbere y'Imana irirabura by'umukara rwose nka ya myambaro abakuru b'i Laodokiya bambaraga, bakayirata. Bensi bahawe ubupastoro bakabubangikanya no gutwaza umukumbi w'Imana imyaka iyi n'iyi bakabumburira abandi ijambo ry'Imana batararyibumburira, kandi bafatisha intoki zabo amaturo y'abandi.

Yesu arabizi niko kuvuga ati : Umuntu wese watura izina ryanjye ngo : Mwami Mwami, siwe uzinjira mu bwami bwo mu ijuru, keretse ukora ibyo Data wo mu ijuru ashaka, Mat. 7 :21.

Imana yise ab'itorero ry'i Laodokiya impumyi zitazi gutandukanya icyiza n'ikibi. Niko abakristo batari bake ndetse n'abakozi bamwe b'iki gihe bameze koko. Ntibazi gutandukanya ibyera n'ibyanduye biteye isoni. Bene abo bagushije ishyano ryahanuwe muri Yes. 5:20. Uhasome winira

Abakozi b'Imana ba kera ari bo Balewi, Imana yabagiriye inama ngo bamenye gutandukanya ikibi n'icyiza ntibishuke... Akaga ni uko twebwe twatereye agati mu ryinyo, ntitwite kuri iyi nama. Yisome ngiyi ngo: " Ntukanywe inzoga cyangwa igisindisha kandi wowe n'abana bawe muri

kumwe mudapfa. Iryo ribabere itegeko ridakuka mu bihe byanyu byose, ngo mubone uko mutandukanya ibyera n'ibitari ibyera, n'ibihumanya n'ibidahumanya. Lewi 10:8-10.

f. Inama tugirwa ngo tuve mu buhanya bwatwokamye : Ibyah. 3:18,19.

1. Ungureho izahabu : Si ukuvuga ko twagira icyo dutanga ngo tugure n'Imana. Iby'Imana ntibigira igiciro : ntibigurwa. Ibyo biragaragara neza muri Yes. 55:1. iby'Imana byose ni iby'ubuntu, n'ubundi ngo " Iraguha ntimugura, n'iyo muguze iraguhenda." Kugura kuvugwa muri uwo murongo ni ugusanga Imana ukayegera nk'uko umuntu ushaka kuronka akwiriye gusanga umucuruzi akamwegera.

Izahabu ivugwa ni ingeso nziza z'indatwa nyazo z'igiciro cyinshi zo mu mutima, zitari iz'umutako w'inyuma abantu biha ubwabo. Ita kuri aya magambo : "Haba ubwo twagira ingeso nziza zigaragara, zitavuye kuri Kristo. Irari ry'isumbwe n'icyubahiro, no kwifusa kuratwa n'abandi, haba ubwo bibasha gutuma tugira ukubaho kuboneye. Kwiyubaha kwatuma umuntu yigengesera ngo adakora ibibi, ariko naho yagira ubwenge bwahe, n'imbaraga n'ubuhanga ntiyashobora kwihindura. Icyakora ibyo byose byabasha kwitondesha umuntu ku mugaragaro, ariko ntiyashobora guhindura umutima we wa kamere". *Kugana Yesu*, p. 42,13.

Bene uko gukiranuka kw'inyuma, uko twambara nk'umwitero ntikwemerwa n'Imana. Gukiranuka twiha ubwacu, Imana ikwita ubushwambagara bufite ibizinga, Yes. 64:6. dukwiriye rwose kugira gukiranuka ko mu mutima, tuguheshejwe n'uko twegereye Imana, ikatugabira bene ayo mahirwe agira agaciro gakomeye nk'ak'izahabu. Yesu yavuze ko bene iyo zahabu yo mu by'umwuka itunganirizwa mu ruganda, ni ukuvuga gukiranuka nyako ko mu mutima na kamere twaguheshwa n'uko duciye mu magorwa, mu byago, mu biruhije, tukihangana ntitudohoke. Begereranye na Yak. 1:2-4.

2. Ungureho imyenda yera. Iyo myenda yera igereranya gukiranuka Imana ibara ku muntu wicujije ibyaha bye, akabyatura. Uko bisanzwe iyo umuntu acumuye maze akababazwa n'icyo cyaha yakoze; akizinukwa, akikiranura n'uwo yagiriye nabi, akitwara ku Mana, bisa naho imwambitse gukiranuka (iyo imubabariye),

ikamureba nk'aho atigeze acumura. Bene uko gukiranuka kudashyitse kugereranya n'umwambaro gusa, kuko gutwikira isoni z'ubwambure bwacu (nibwo gukora nabi. Wiyibutse ibyo wize mu Mahame) soma Yes. 61; 10; Zek. 3:3,4.

3. Ungureho umuti wo gusiga ku maso yawe ngo uhumuke. Ayo magambo asesereza kuri wa muti wa collyrium ab'i Laodikiya bakoraga. Uwo muti ugereranya Umwuka Wera uhesha umutima w'umuntu guhumeka no kumenya ibibi n'ibyiza, ntibabe bagiheze mu bujiji n'ubuhumyi bwo kutimenya. Mu by'ukubaho kwa gikristo twacurika ayo magambo 3 y'inama tugirwa :
 - a. Tubanze tugire Umwuka Wera. Nitumara kwisiga ku maso nibwo twakwimenya, tukizinukwa, tukireba uko Imana itureba, tukihana.
 - b. Tumaze kwihana nibwo twababarirwa, tukambikwa imyambaro yo gukiranuka kw'inyuma, ariko kubabarirwa no guharirwa ibicumuro twakoze.
 - c. Nitwihanganira ibishuko bituzaho, ntitudohoke, nibwo tuzatunganywa rwose, ni ruto ni ruto kugeza ubwo Imana yadusohorezaho ingeso za kamere yayo, imitima yacu igahinduka myiza itangaje, ikabonerera Imana n'izahabu nziza ikengerana.
4. Ugire umwete wihane: mbese mwene data, niba utarakira Yesu by'ukuri ntiwabikora ubu ugisoma? Ntiwakingura urugi rw'umutima wawe ukinjiza Yesu? Arakomanga; ariko ntazahora akomanga iteka. Umuntu wese ahabwa igithe cyo kwihana, nikirangira atihannye azaba akoze icyaha cy' iteka ryose. Ariko niwakira Yesu by'ukuri, isezerano yasezeranje ab'i Laodikiya rizagusohoreraho. Risome : Ibyah. 3:21.

Igihe cyose utiyeguriye Imana ntuteze kugubwa neza. Izagucisha mu magorwa, iguteze indwara, iguhana ngo urarame uyibuke, uyihe burundi. Niba uhanwa n'Imana, ugahora ku nkeke z'umutima, umenye ko bikubayeho igukunze, Ibyah. 3:19. Humura rero, ugire umwete wihane bigishoboka ko Uwiteka abonwa, kuko ntutabikora uzagira ubwo ubishaka ukabiheba, Itang. 1:27-29. Ubwo Yesu azatunguka benshi bazamushaka bati, : Mwami. Nawe asabasubiza ati : Nimumveho mwa nkozi z'ibibi mwe sinigeze kubamenya. Mat. 7:21f.

UBUTUMWA KU MATORERO 7

EFESO

100 N.K

LAODIKIA

SIMURUNA

313N.K

1844 N.K

FILADELIFIYA

PERUGAMO

538 N.K

SARUDI

1833 N.K

TUATIRA

1755 N.K

10. IYEREKWA RY'IBYO MU IJURU N'INTAMA N'UMUZINGO WAFATANISHIJWE IBIMENYETSO

Ubanze usome witonze Ibyah. 4 na 5.

Ibyo twamaze kwiga byose n'interuro y'ibyo tugiye gusesengura mu bice bikurikiye icya 3. Ubu tugeze mu mugabane w'imena w'igitabo cy'Ibyah. Ubwo Yohana yari amaze guhabwa ubutumwa bw'amatorero 7, ari yo matorero rya Kristo ryo mu bihe byose no mu isi yose, arararikwa ngo aze imbere y'Isumba byose ubwayo ngo ahangane amaso nayo mu iyerekwa, yerekwa ibizaba mu gihe Yesu azatsindishiriza abera be, akeza ubuturo kubw'umurimo wo guca imanza. Paulo yaravuze ati : Imana yashyizeho umunsi wo guciraho urubanza rw'ukuri rw'abari mu isi bose, izarucisha umuntu yatoranyije. Ibyak. 17:31. Byongeye kandi yanditse ati : Twese dukwiriye kuzagaragazwa imbere y'intebe y'imanza ya Kristo, kugira ngo umuntu wese ahabwe ibikwiriye ibyo yakoze akiri mu mubiri, ari ibyiza cyangwa ibibi. 2 Kor. 5:10. ibyerekeye urwo rubanza rukomeye cyane nibyo Yohana agiye kwerekwa mu gice cya 4 n'icya 5 cy'Ibyahishuwe.

Urugi rukinguye rwo mu ijuru, Ibyah. 4:1. Urugi ruvugwa ni urwo mu rusengero rwo mu ijuru. Ni kenshi cyane Yohana yahugukiye kwitegereza no kuzirikana iby'urwo rusengero rwo mu ijuru. Reba ibi byitegererezo bimwe :

Ibyah. 11:1 ngo : Bampe urubingo rusa n'inkoni bati : haguruka ugere urusengero rw'Imana. Ibyah. 15:8 ngo : Rwa rusengero rwuzura umwotsi uva mu bwiza bw'Imana. Ibyah. 16:1 ngo : Numva ijwi rirenga rivugira muri rwa rusengero. Ibihe bitari bimwe Yohana yeretswe abamalaika bava muri rwa rusengero rw'Imana bakaza muri iyi si Ibyah. 14:17 : Urubanza rukomeye ruriho hagati y'Imana na satani ni rumara kurangira hazumvikana ijwi rirenga rivuga riti :"Birarangiye"! Iryo jwi rizava mu rusengero rw'Imana rwo mu ijuru, Ibyah. 16:17. Biragaragara ko urusengero rw'Imana rwo mu ijuru rukomeye cyane, nicyo cyatumye Yohana aruvuga hato na hato, ni nacyo cyatumye Imana irumwereka kenshi. Elena White nawe yeretswe ibyarwo, maze arandika ati : "Mu rusengero rwo mu ijuru nimwo umurimo wa Kristo wizimbye, uwo akorera abantu. Rufite icyo ruhuriyeho n'umuntu wese uhumeka uri muri iyi si... Kubw'ibyo ni ngombwa rwose kw'abantu bose bazirikana no gusesengura ibirwerekeyeho." *Intambara ikomeye, p. 488.*

Mu Byah. 4, Yohana yeretswe urwo rusengero, kandi yabonye ko urugi rwarwo rukinguye. Gukingurwa kwarwo niko kватwaye umutima we, maze abikomoza hato mu Byah. Ati : "Urusengero rw'ihema rwo mu ijuru rurakinguye." Ibyah. 15:5.

Hanyuma abona ijuru ubwaryo rikinguye, maze ati: mbonye ijuru rikinguye, kandi ngiye kubona mbona ifarashi y'umweru; uhetswe nayo yitwa Uwo kwizerwa kandi uw'ukuri. Niwe uca imanza zitabera. Ibyah. 19:11. Niba dushaka gusobanukirwa n'iby'urusengero rukinguye dukwiriye kwibuka uwarugiyemo rumaze gukingurwa ko ari uca imanza zitabera. Mu Byah. 15:5 rwitw urw'ihema ryo guhamya. Mu rusengero rwo mu ijuru nimwo ubuhamya butangirwa, nimo imanza zicibwa. Rufite aho ruhuriye n'imanza rwose. Ubwo Yohana yerekwaga ko urugi rwarwo rukinguye, ibyo ni kuvuga ko yeretswe igihe imanza zizatangirira. Urusengero rwakinguriwe kugira ngo abagabo bo guhamya n'abacanza binjire. Imanza zicibwe.

Urusengero rw'Abayuda rwo mu isi rwari icyitegererezo cy'urwo mu ijuru, reba Kuva 25:9. Heb. 9. Rwarimo ibyumba 2 byitwaga ahera n'ahera cyane. Rimwe mu mwaka gusa Umutambyi mukuru wenyine yinjiraga ahera cyane ku munsi w'impongano, ngo yeze urusengero, Abisraeli bacirwe urubanza n'Imana, umuntu wese akemerwa cyangwa agacibwa. Wari umunsi ukomeye w'urubanza. Abantu bagombaga kwinira no kwisuzuma ngo bere bikiranure n'Imana uwo munsi

utarasohora. Ndetse umutambyi mukuru ubwe yaradagadwaga uwo munsi usohoye, kuko yari azi ko agiye kugaragara imbere ya shekina y'Imana ageze ahera cyane, abandi batambyi niko kumutongera bati : "Umenye ko ugiye guhagarara imbere y'Umwami w'abami bose wicara ku ntebe y'urubanza." *The Babylonian Talmud, Vol. 6, p. 146.*

Urugi Yohana yeretswe ni urwo hagati y'ahera n'ahera cyane ho mu ijuru, maze yumva ijwi rirenga nk'iry'impanda (isesereza kuri za mpanda zavugaga buri mwaka ubwo umunsi w'impongano wari wegereje) riti : zamuka uze hano, nkwereke ibikwiriye kuzabaho hanyuma y'ibyo. Ibyah. 4:1. aherako ajya mu mwuka, yerekwa Ibyah. 4: Nuko yinjira ahera cyane, maze ahabona ibyerekeye urubanza rukomeye rw'Imana na satani.

Yabanje kubona Imana ubwayo n'ibyegera byayo, n'intumwa zavuye mu isi, hanyuma Yesu ubwe aragaragara, maze atanga ubuhamya bwe, uko buboneka uhoreye mu gice cya 6. Igitabo cy'Ibyahishuwe kirangira Imana imaze gutsindishirizwa, ubuturo bwayo bwose bumaze kwezwa, amahoro asesuye akagaruka mu byaremwe byose, Imana igatura muri iy'isi ikayihindura ubuturo bwayo bwera. Nibwo amagambo yo muri Dan.8:14 azaba asohoye rwose.

Ibyo Yohana yabonye ageza ahera cyane :

Wibuke ko ahera cyane mu buturo bwo mu isi ariho shekina (cyangwa presence) y'Imana yabaga, hejuru y'intebe y'imbabazi. No mu ijuru, ahera cyane niho Imana iba, niho intebe yayo iba. Ibyo Yohana yeretswe ahageze bihuje rwose n'ibyo Danieli yabonye, ubwo yerekwaga iby'urubanza rwo mu ijuru. Soma witondeye akajambo kose Dan. 7: 9:10. tubigereranye.

1. Yohana ati : Mbona n'uwigayeho. Danieli ati : Haza Umukuru nyiri ibihe byose, aricara.
2. Yohana ati : Mbona intebe y'ubwami iteretswe mu ijuru. Danieli ati : Nkomeza kwitegerezza kugeza aho bashyiriye intebe z'ubwami.
3. Yohana ati : Yasaga n'ibuye ryitwaga Yasipi (ni ibuye ryera de). N'iryitwa Safiro (iryo ni ibuye ritukura). Danieli yabivuze atabiciriye amarenga yeruye ati : Imyambaro ye yeraga nka shelegi, kandi umusatsi we wasaga n'ubwoya bw'intama bwera. Ibyo bihuje Yasipi. Kandi : Intebe y'ubwami bwe yasaga

n'ibirimi by'umuriro (utukura nka safiro) kandi inziga zayo zasaga n'umuriro ugurumana. Ezekiel nawe yahawe kwerekwa iby'ahera cyane hejuru y'imitwe yabyo hari igisa n'intebé y'ubwami, isa n'ibuye rya safiro (iryo ni ibuye ritukura tukutuku rwose); kandi hejuru y'iyo ntebe y'ubwami hariho igisa n'umuntu. Ez. 1:26; komeza gusoma kugeza ku murongo wa 28. usoma ibyo byose urumva nawe ko ahera cyane ho mu ijuru ubwaho hateye ubwoba cyane.

4. Yohana yasongeye iri jambo asobanura iby'intebé y'Imana, ngo yari igoswe n'umukororombya, Ibyah. 4:3. uwo mukororombya ugereranya iki ? Ubusanzwe nta mukororombya ubaho hatari imvura n'izuba. Iyo byombi bihuye haba umukororombya. Izuba rigereranya ukuri kw'Imana, imvura igereranya amarira cyangwa agahinda k'umuntu iyo atsinzwe n'ukuri kw'Imana, akababazwa cyane n'uko yayihemukiye, akizinukwa. Iyo umuntu yemeye gukurikiza ukuri akihana atyo nibwo haboneka umukororombya mu kubaho kwe. Uwo mukororombya rero :

- a. Ni ihuriro ry'ukuri n'agahinda, nibyo zuba n'imvura.
- b. Ni ihuriro ry'imbabazi z'Imana n'umurava wayo bituma umutima w'uwo muntu utururukwa.
- c. Ni ihuriro rya Yesu n'uwo muntu usabana nawe. Iyo umuntu yihannye by'ukuri bitewe n'uko yemeye ukuri kw'Imana, Imana iramubabarira, Yesu aramuhabera. Dawidi yari abizi, niko kubabwira ati : « Imbabazi n'umurava birahura, gukiranuka n'amahoro birahoberana. Zab. 85 :10. Ezekiel nawe yarabutswe umukororombya w'Imana wo mu ijuru, maze arabyandika ati : « Uko umukororombya uba ku gicu ku munsi w'imvura, niko kurabagirana kwari kuyigose kwasaga. Ibyo byari igishushanyo cy'ubwiza bw'Uwiteka. Ezek. 1 :28.

Ubwiza buvugwa cyane cyane ni ubw'ingeso bwo kubabarira umunyabyaha wemejwe n'ukuri akagira agahinda ko mu buryo bw'Imana kubwo gucumura kwe. Nibwo imbabazi z'Imana n'umurava wayo bihura, uwo muntu agaharirwa umwenda we. Nyamara kandi umukororombya si ihuriro ry'imbabazi n'umurava gusa, ahubwo ni iryo gukiranuka n'amahoro, ibiboneka mu mutima w'umuntu wihannye by'ukuri.

Agahinda ko kwhiana gakubiye hamwe n'imbabazi z'Imana ni byo shingiro ryo kunguka gukiranuka n'amahoro yo mu mutima, inkeke no kwishinja bigashira, uwo muntu agatera intambwe agatambuka agakura mu by'umwuka. Nicyo cyatumye Yohana avuga ko umukororombya w'Imana usa n'ibuye ryitwa simaragido.

1. Simaragido ni ibuye risa n'icyatsi kibisi. Icyatsi kibisi ni ibara rigereranya uburumbuke cyangwa gukura. Ibimera bisa n'icyatsi kibisi nibyo bikura ; iyo bipfuye ibara rirahinduka. Nuko rero, iyo izuba n'imvura bihuriye mu mutima w'umuntu (ari ho hera cyane ho mu mubiri w'umuntu, aho Imana imuberamo) ; nibwo imbabazi z'Imana n'umurava wayo bihoberana, uwo muntu agakura mu byo gukiranuka nk'ikimera kizima, akarushaho kugwiza amahoro mu mutima we, azi ko nta kimutandukanya n'Imana, akaba atagitwarwa n'amategeko amuhoza ku nkeke z'umutima iteka.

Icyakora amahoro avugwa si ayo mu isi, kuko ataramba, ni aya Yesu yo mu mutima, Yoh. 14:27 ya yandi yahesheje Paulo na Sila kuririmba no kwishima bamaze guhemurirwa Yesu no gufungirwa mu kazu k'imbohe kanuka. Nta mpamvu yatuma aba-Kristo nyabo bibera mu byo gucogora no kwivovota no gucika intege.

Iyo habonetse umukororombya we, mu mutima w'umuntu, ahora yishimye. Mbese siyo mpamvu Paulo yavuze ati : Mwishime iteka, 1 Tes. 5:16. kandi ati : Mu bibaho byose muhore mwishima iteka, kuko ari byo Imana ibashakaho muri Kristo Yesu. Umurongo wa 18. ubundi kandi ati : Mujye mwishimira mu Mwami wacu iminsi yose : Mbese bene uwo mutima urawugira ?

Byongeye kandi umukororombya ugereranya isezerano ry'Imana ry'uko izahorana imbabazi ku bantu, Itang. 9:14-17. Elena White yarabivuze ati : "Umukororombya ugose intebe y'ubwami bw'Imana ni icyemezo cy'uko Imana idahinduka, ntigire n'igicucu cyo guhinduka." *Christ's Object Lessons, pp. 148.*

Ntizica isezerano ryayo ryo kutubarira turamutse twemeye ko izuba ryayo ritangaza ibizira bihishwe mu mitima yacu, rigahurira n'imvura mu mitima yacu. Muri 1 Yoh. 1:9 harabihamya, bisome. Ya ntebe y'imbabazi Yohana na Danieli na Ezekieli babonye irahari koko. Tuyishimire Imana dukurikiza ibyo Paulo yabivuzeho ngo : "Nuko rero twegera intebe

y'ubuntu tudatinya, kugira ngo tubabarirwe tubone ubuntu bwo kudutabara mu gihe gikwiriye. Heb. 4:16.

Abo Yohana yabonye bari ahera cyane ho mu ijuru : Ibyah. 4:4-11

1. Abakuru 24. ni bande? Bari bavuye he ? Cyo dusesengure ibyabo :

 - a. Bari bicaye ku ntebe. Si intebé zisanzwe, ahubwo mu Rugiriki ni thronos: TRONE MU GIFRANSA na Throne mu Cyongereza. Ni ukuvuga intebé z'ubwami. Mu yandi magambo ni abantu bari bamaze kuragwa ubwami.
 - b. Bari bambaye imyenda yera. Ni ukuvuga ko bari intungane rwose.
 - c. Bari bateze amakamba ku mitwe yabo. Ikamba ni igishushanyo cya gihanuzi cyo gutsinda. Tuzi ko abageragejwe na satani bagatsinda ari ab'iyi si. Ab'ayandi masi ntibatsinze kuko batigeze kurwana.
 - d. Bari abatambyi, kuko bari abarengezi bafashe inzabya zuzur'amashengesho y'abera bo muri iy'isi. Arikorero kugira ngo babere abantu abatambyi n'abarengezi, bagomba kuba babatowemo. Nicyo gituma Yesu Kristo ubwe yihinduye umuntu, agira ngo abere abantu Umurengezi n'Umutambyi Mukuru, soma Heb. 2:1-17. abo bakuru 24 ni abantu bazutse, Mat. 27:52,53 bakajyana na Yesu mu ijuru, ubwo yazamurwaga, Ef. 4:8. Ku munsi wa Pentekote, ubwo Yesu yasigirwaga kutubera Umutambyi Mukuru, bagenzi ba Yesu ni bande ? Ni abo bari bahuje kamere si abamalaika. Yesu ntienze kamere yabo, ahubwo yenze kamere y'abantu, abita bene se, Heb. 2:16,17. Abantu nibo bagenzi ba Yesu. Abo Imana yarutishije Yesu ubwo yamusigiraga kutubera umutambyi mukuru ni 24 bari bacunguwe mu bantu, ikabahindura abami n'abatambyi. Ibyah. 5:9,10. Ubwo urubanza rwo mu ijuru rwacibwaga, abo bantu bazamukanye na Yesu bagabaniye hamwe nawe mu mirimo y'ubutambyi ari intumwa zavuye muri iyi si zo kurengera bagenzi babo basigaye mu isi. Babaye icyuzuzo cy'ibyo mu buturo bwera bwo mu isi, kuko aho naho mu Balewi hari abatambyi b'imigabane 24 bajyaga bafasha umutambyi mukuru. Zakariya, se wa Yohana umubatiza yari uwo mu migabane w'abosaga imibavu. Reba Luka 1:8,9.
 - e. Nubwo gutanga ubwo buhamya bwose buvuga abakuru 24 ari abantu bazutse bakazamurirwa hamwe na Yesu, hari amagambo amwe yo mu Byah. asa nabihinyuza. Ibyah. 14:2,3 hasa n'aho havuga ko abakuru 24 batacunguwe. Niba ari byo, baba bande ?

Byashoboka ko baba intumwa zivuye mu yandi masi zije mu rubanza, kuko tuzi ko ubuturo bwera bwose bwindujwe n'ibirego bya satani, imitima y'abatakoze icyaha iba ihagaze.

2. Imyuka 7 y'Imana, Ibyah. 4:5.

- a. Ni Umwuka Wera w'Imana ushyitse rwose, ubera hose icyarimwe, ukamenya byose. 2 Ngoma 16:9; Imig. 15:3.
- b. Ugereranya n'amatabaza 7, kuko Umwuka Wera ari wo umurikira imitima y'abantu, ukayobora mu kuri kose, Yoh. 16:13.
- c. Gereranya Ibyah. 4:5, no Kuva 19:16-18. Reba nawe uko igitinyiro cy'Imana kimeze.

3. Igisa n'inyanja y'ibirahuri, isa n'isarabwayi, Ibyah. 4:6.

- a. Mu buhanuzi, amazi agereranya abantu, Ibyah. 17:15.
- b. Inyanja ni ukuvuga abantu benshi rwose.
- c. Ibirahuri n'isarabwayi ni ibintu bibonerana neza. Nta kibirimo hagati kitagaragarira amaso neza. Niko n'abantu bose babonerana bari imbere y'Imana irondora byose. Nta na kimwe kiri mu bitekerezo byacu twayihisha, Zab. 139:7,12. Mu rubanza abantu bose bayibereye nk'ibirahuri bibonerana. Umubw. 12:14; Luka 12:1-3.
- d. Abo bantu batabarika Yohana yagereranyije n'inyanja y'ibirahuri bavugwa na Danieli mu byerekeye urubanza. Soma Dan. 7:10, Ibyah. 2:1a.

4. Ibizima 4, Ibyah. 4:6-8.

a. Ni Abakerubi 4.

- I. Ezekiel yarababonye nawe, abasobanura muri Ezek. 1. Muri Ezek. 10:16 yongeye kubasobanura avuga ko ari abakerubi.
- II. Abakerubi nibo bahetsi b'intebe y'ubwami y'Imana, Ezek. 1:26 no hejuru y'isandugu y'isezerano hari ibishushanyo by'abakerubi 2 byatandaga amababa hejuru y'intebe y'imbabazi.
- III. Wibuke uko ibishushanyo byavumburiwe mu matongo y'aba kera biggereranya ibyegera by'Imana n'ibizima bihwanye n'ibyo Yohana na Ezekiel babonye.

IV. Abakerubi bahoraga hafi y'Imana mu iyerekwa n'imigabane 4 abisiraeli bigabanyagamo bakambitse. Umugabane wose wagiraga ibendera ririho ishusho ihwanye n'ikizima kimwe kimwe cyo muri bya bindi 4 Yohana yeretswe. Soma Kubara 2 :1-3,10,18,25,17.

Uko amabendera yabo yasaga :

Irya Yuda : nk'intare,

Irya Efraimu : nk'ikimasa → biggereranye n'Ibyah. 4 :7.

Irya Reubeni : nk'umuntu

Irya Dani : nk'ikizu kiguruka. biggereranye n'Ibyah. 4 :7.

Nkuko ibyo bizima 4 bihora bizengurutse intebé y'Imana niko. n'imigabane 4 y'Abaheburayo yazengurukaga ubuturo bwera bwabagamo intebé y'Imana.

b. Kuzura amaso kw'ibyo bizima 4 : kugereranya ubwenge bwabyo buhebuje bifite. Ibyah. 4 :8.

c. Umurimo wabyo ni uwo kubahiriza Imana no kuyerereza, Ibyah. 4 :9-11.

5. Umwana² w'Intama. Soma Ibyah. 5 :6 ;5 :5. Ibyo Yohana yabonye byose byo mu buturo bwera bwo mu ijuru byasesereje ku buturo bwo mu isi n'umurimo wabukorerwagamo. Nicyo cyatumye Yesu Kristo witangiye gupfira abantu, yagereranijwe n'Umwana w'Intama, reba na Yoh. 1 :29.

a. Amahembe 7 : ubushobozi n'ubutware bwose, reba Mat.28:18.

b. Amaso 7 : ubwenge bwose, reba Kol. 2:3 ngo niyo myuka 7 biggereranye na 1 Kor. 2 :10-16.

c. Intare yo mu muryango wa Yuda : Wibuke ubusobanuro bw'Intare. Reba n'Itang. 48 :9 Yesu yakomotse ku muryango wa Yuda, Mat. 1 :2f.

IBY'IGITABO GIFTANISHIWE IBIMENYETSO 7:

Ibyah. 5 :1-14.

1. Banza usome witonze Ibyah. 5:1-4.

2. Icyo gitabo cyari ngombwa mu rubanza kuko cyari kirimo ubuhamya bwajyaga gutuma ab'Imana bo mu isi batsindishirizwa, Imana nayo ikagaragara ko ikiranuka. Akaga ni uko cyari gifatanishijwe ibimenyetso

7, hakabura umuntu uwo ari we wese wo mu ijuru no mu isi n'ikuzimu wo kukibumbura, 5:3.

Nicyo cyatumye Yohana arira cyane, abonye uko inama y'Imana yo gukiza ab'isi yenda gukomwa mu nkokora, impagarara no gushidikanya bigahora mu batazi icyaha icyo ari cyo. Mu ijuru bagwa mu kayubi. Bakiri muri ako kiyumviro, Yesu Kristo ariyerekana asa n'uwatambwe. Asanga Se, ashyikira icyo gitabo, maze mu ijuru impundu zivuga urwunge. Igice cya 6 gisobanura ibyabaye ubwo Yesu yamenaga ibyo bimenyetso bigifatanije, akakibumbura.

2. Mbese icyo gitabo ni ikiuhe?

Kuki se bitashobokeraga undi wese keretse Yesu kucyakira no kukibumbura?

- a. Icyo ni igitabo cy'urwibutso, menya ibyacyo : Mal. 3:16.
- b. Wibuke ko satani yareze Imana ngo amategeko yayo ni amananiza, ngo : ntibishoboka ko abantu bayakomeza, haba ngo bagere ku rugero rwo gukiranuka no kwera, bacika kuri kamere ibatsikamira hasi. Arikò Yesu yapfiriye abantu no kubazukira ngo bagere ku rugero rw'igihagararo cye bwite mu bihe byose yagiye abona abantu bamwe bamwihaye burundi, abo yashoboye gusohorezaho ibyifuzo bye n'imigambi y'Imana, Ef. 1:4. Bene abo bantu nibo bajyaga kubera Imana abagabo bo kuyihamya ko ibyayo bibashobokera bitari amananiza. Nicyo cyatumye handikwa igitabo cy'urwibutso kirimo ibyiza byose bakoze, ari imirimo, cyangwa ingeso, cyangwa amagambo cyangwa ibitekerezo, n'imitima myiza y'agahano abo bantu bagiraga. Ubwo hari habuze uwo kukibumbura rero, abo mu ijuru bagwa mu kayubi, Yohana ararira, azi ko ibye bibuze hepfo no haruguru.

c. N'iki cyatumye bidashobokera undi kukibumbura keretse Yesu?

Nuko ari we wenyinę nyiri kubahesha kamere nshya, nta undi. Iyo umuntu abaye muri Kristo nibwo ahinduka icyaremwe gishya. Yesu niwe wadutambiwe, niwe watuzukiye, iyo abona ko yatsinzwe, ntabone abakristo nyakuri baba na bake, ni nde wundi wajyaga kubamurikira imbere y'abo mu rubanza rwo mu ijuru?

- d. Soma iyi mirongo isesereza kuri uko kumurika kwa Yesu ahamya ko ubushake bw'Imana n'imigambi yayo byasohoreye mu bantu bamwe : Mat. 10:32,33; Luka 12:8.

- e. Icyo gitabo cy'urwibutso kirimo imigabane 7 cyangwa se ibice 7, kandi igice cyose cyari gifatanishijwe ikimenyetso. Nubwo cyari igitabo kimwe, cyasaga na birindwi. Ubwo abo mu rubanza bazarangiza gusesengura ibiri muri icyo gitabo, abantu bazaba bemewe bazandikwa mu gitabo cy'ubugingo. Ibyo biseserezwaho muri iyi mirongo : Ibyah. 3:5; 20:12.
3. Ni bimara kumvikana neza aho Yesu yegejeje bamwe kuko bamwihaye burundi, abo mu ijuru bagasobanukirwa igitangaza cy'imbaraga z'Imana zishobora guca umuntu ku bibi byamwaritsemo zikamweza rwose, bazatangara rwose, 2 Tes. 1:10 havuga ko Yesu azashimirwa abera be kuri uwo munsi, no gutangarirwa kubw'abamwizeye bose. Kuko rero, iyo abantu bizeye Kristo kwa kwizera gukiza gukorera mu rukundo, Gal. 5:6, ashobora kubakoreramo ibitangaza bihebuje bituma n'abamalaika bumirwa kubwabo. Ubwo bizaba nibwo hazasohora amagambo yo mu Byah. 5:13,14; Fil. 2:9; Yes. 45:23.

11. IBIMENYETSO 7 BIMENWA, UBUHAMYA BUTANGWA

- a. Soma witonze cyane Ibyah. 6-8:1. Muri iyo mirongo yose hari igitekerezo cy'itorero rya Kristo, uko ryifataga mu bihe byose ryoshwaga na satani. Icyo cyitegererezo gisobanura uko ibihe byagiye biha ibindi, nibwo buhamya Imana itanga igira ngo yiregure ukuri kugaragare, ukiranuka by'ukuri amenyekane, ko ari yo ubwayo cyangwa satani.
- b. Ntitwasobanukirwa n'igice cya 6 cy'Iyahishuwe keretse twibutse contexte yacyo uko iri mu Byah. 4 na 5. Muri ibyo bice byombi Yohana yajyanywe ahera cyane ho mu ijuru, abona iby'urubanza rw'Imana na satani.

Yesu noneho araboneka abo mu ijuru bamaze kwiheba babuze icyatuma urubanza rugira gica, akura igitabo cy'urwibutso cyari kiri mu kuboko kwa se, ngo akibumbure, imibereho y'umuntu wese wigeze kugira neza isuzumwe, ingaruka yo gukabakabwa n'Umwuka Wera w'Imana igaragare ko ari nziza cyangwa mbi. Muri ubwo buryo rero umuntu wese wigeze gukurikiza umutima mwiza uhana, akagira imico myiza

n'ibitekerezo byiza, aba ari umugabo Imana itangaho ubuhamya muri urwo rubanza.

1. Uko icyo gitabo Yesu yashyikiriye cyari gifatanishijwe ibimenyetso akabimena kimwe kimwe, niko no mu rubanza rwo mu ijuru abacamanza bazirikana abantu bakurikije ibihe babagamo n'ibibazengurutse uko byari bimeze mu gihe byagiye bikurikirana nk'uruhererekane. Igihe cyose kizirikanwa ukwacyo, kigasuzumwa n'abari bariho muri icyo gihe. Imana ntifpa gukubira abantu bose hamwe mu rubanza, itibutse ibyabaye ku muntu wese ukwe.

2. Umuntu wese acirwa urubanza bibutse:

a. Aho yavukiye: uko byari bimeze mu gihugu cye ubwo yabagaho. Abavukiye mu ngo za gikristo ntibazacirwa ibihwanye n'abavukiye mu ngo za gipagani. Zab. 87:4-6.

b. Amagorwa n'ibirushya n'ubukene bya buri muntu wese ukwe, Zab. 56:8.

c. Amahirwe y'umuntu wese ukwe: Imana ntizacira umuntu urubanza rw'ibyo atazi. Ahubwo ngo : "Uzi gukora neza ntabikore bimubereye icyaha." Yak. 4:17. soma na Yohana 15:22. Burya Uwahawe byinshi azabazwa byinshi naho uwahawe bike niwe uzabazwa bike. Luka 12:48. Uko Imana izacira Umudventiste urubanza siko izarucira Umugatolika, cyangwa umupagani utazi Kristo. Umuntu wese azazirikanwa ukwe, kandi uwahawe kumenya byinshi azabibazwa nyine. Nicyo cyatumye Yakobo yandika aya magambo yo muri Yak. 3:1

d. Imana yeruye ko itekereza iby'umuntu wese ukwe. Niba tuzagera mu ijuru tuzahagera dutoraguwe umwe umwe. Yes. 27:12. Bitabaye ibyo Imana iba ica urubanza rubera. Guhora umuntu ibyo atazi kwaba ari ugukiranirwa. Mbese umucamanza w'abari mu isi bose ntiyakoze ibyo kutabera? Itang. 18:25b.

e. Kuko abacamanza bo mu ijuru bazirikana umuntu wese ukwe, bakamuzirikana n'igihe cyariho mu mibereho ye, nicyo cyatumye Yesu amena ibimenyetso kimwe kimwe, ngo ibirushya n'amagorwa bya buri gihe bigaragare ukwabyo. Uko yamenaga ikimenyetso cyose humvikanaga ijwi ngo : Ngwino, cyangwa se nimuze, ari uguhamagara ibiri mu gihande cyose cy'icyo gitabo ngo bisohoke, bigaragarira imbere y'abacamanza bo mu ijuru bimeze nk'ibishushanyo bya sinema.

**1. IKIMENYETSO CYA MBERE KIMENWA : IBYAH. 6:2.
IFARASHI Y'UMWERU ISOHOKA**

- a. Ifarashi : Itorero rya Kristo.
 - b. Kwera kwayo : gutungana kw'iryo torero.
 - c. Kugira umuheto k'uyicayeho : kurwana intambara nziza niko kugereranya. Soma Ef. 5:10-13; 1 Tim. 6:12.
 - d. Guhabwa ikamba : Guhamwa gutsinda. Yohana yeretswe ko iryo torero ryari iryo kurwanya ibya satani rikanesha.
- Iryo torero rigereranywa n'ifarashi y'umweru ihetse ufite umuheto kandi wahawe ikamba rya rindi ryo mu gihe cy'intumwa ryitwa iryo mu Efeso. Ryari intungane iryo torero ryo mu gihe cy'intumwa, ritihanganira imirimo y'abanikolaiti, kandi ryakoze umurimo utangaje wo kwamamaza ubutumwa mu bihugu byose; ndetse ryatumye isi ihinda umushyitsi. Intumwa iyo zazaga mu kirere runaka abantu baravugaga bati : Abubitse ibihugu baje n'ino. Iryo torero ryahawe gutsinda koko. Ikimenyimenyi ni uko mu mudugudu wo mw'Antiokiya basagaga 100.000! Paulo nawe yarabyeruye ati : Ubutumwa bumaze kugera mu isi yose! Kol. 1:23; Rom. 1:8, etc.

**2. KIMENYETSO CYA 2 KIMENWA : IBYAH. 6:3,4.
IFARASHI ITUKURA ISOHOKA**

- a. Ifarashi itukura igereranya itorero rya Kristo ryo mu gihe cy'amaraso menshi. Rihwanye n'igihe cy'itorero rya Simuruna.

**2. IKIMENYETSO CYA 3 KIMENWA: IBYAH. 6:5,6.
IFARASHI Y'UMUKARA :**

- a. Ifarashi y'umukara igereranya itorero igihe ubuyobe n'ubujiji n'inyigisho z'ibinyoma byaryinjiyemo. Iyo farashi ihuje n'itorero ryo mu gihe cy'i Perugamo, ubwo Konstantino yubahirizaga ubukristo, ahatira abantu bose kuryinjiramo banze bakunze; nuko barizamo n'imyizerere yabo ya gipagani, maze itorero ryahoze ari iryera rigibwamo n'umwijima w'icuraburindi. Rya torero ryari ryanesheje i Roma mu gihe cy'ifarashi y'umweru noneho rineshwa n'i Roma, rihinduka ifarashi y'umukara.

b. Urugero rw'indatira rugereranya kubangikanya inyigisho z'ukuri n'ibinyoma. Uhoreye mu gihe cya Konstantino cyane cyane abayobozi gito b'abakristo bashishikariraga uko babashije kose guhuza ubumwe n'abapagani. Umva nawe uko umukristo w'umwigisha wo mw'Alekizandriya yanditse ati : Ukuri kumeze nk'uruzi rumwe, ariko uruzi rugirwa n'utugezi twinshi, nka wa mugani ngo : Amasoko arema ingezi. Ati : Twe guhinyura imigenzo n'imihango ya ba sogokuruza ya gipagani, kuko ari byo bishushanywa n' utwo tugezi tuvugwa mu migani, ahubwo byose tubikubire hamwe n'imihango ya gikristo, maze uruzi rube runini. Uwanditse ibyo yitwaga Velentinusi. Iruhande rumwe rw'urugero rw'indatira bashizemo iby'ubupagani maze urundi ruhande bashyiramo iby'ukuri, biba uruvangavange.

Dore :

- Abapagani : Abapagani basengaga izuba ku wa 1 bati : Ni umwami w'ijuru. Abakristo gito bati : Reka natwe dusenge Yesu ku wa 1 abe ariwe dusimbuza izuba, ndetse uwo munsi natwe tuwite umunsi w'Umwami.
- Abapagani basengaga ukwezi bakakwita umugabekazi w'ijuru. Abakristo gito bati : Reka ahubwo dusenge Mariya nyina wa Yesu. Ubwo Yesu ariwe Mwami w'ijuru, noneho Mariya tumwite umugabekazi w'ijuru, duhuze n'abapagani.
- Abapagani batinyaga abazimu bakabasenga, cyane cyane bageze mu birushya bikomeye. Abakristo gito bati : Abazimu tubasimbuze inyigisho za roho z'abapfuye, maze twigishe abantu gutabaza abapfuye duhuze ubumwe n'abapagani.
- I Roma hari ingoro y'abapagani basengeragamo ibigirwamana byabo byose, bakayita PANTHEON (mu Rugiriki : Pan = zose; Theon = imana). Abakristo bati : Iyo ngoro ibaye iyacu noneho, kuko umwami yagize ubukristo idini ya Leta, bati : Uhoreye none izitwa iy'abatagatifu bose. Bityo bityo ibizira bibangikanya n'ibyera, byose babishyira mu murongo umwe; utugezi (aritwo nyigisho z'abapagani) dutembera mu ruzi runini (ari rwo kuri) maze uruvangavange ruba rwinshi.

Ndetse byageze ubwo itorero ryahenebereye rwose, rigahuza ubumwe n'umwijima w'abapagani, byatumye umwe witwaga Faustusi yandikira

umukuru w'itorero ry'abakristo abahinyura ati : Mwebwe abakristo muziririza imiziro n'imitukiro n'imihango y'abapagani ndetse n'iminsi mikuru n'ibirori byabo murabigira. Yemwe n'ingeso zabo mwarazigundiriye rwose, ntacyo mwaretse. Nta kibatandukanya n'abapagani na gito, keretse ko mujya muteranira ukwanyu.

c. Ibya sayiri n'ingano na vino n'amavuta : Ibyah. 6:6 :

1. Sayiri n'ingano ni ibiribwa, naho vino ni ikinyobwa : byose ni ibitunga umubiri. Bigereranya inyigisho zo mu ijambo ry'Imana zitunga umutima. Yob. 23:12; Yer. 15:16. Bigereranye n'Ibyah. 10:8.

Ikindi kandi : Sayiri n'ingano nizo bakoragamo imitsima, Yesu akaba ariwe mutsima w'ubugingo. Yoh. 6:35,48. Nuko rero sayiri n'ingano ni igishushanyo cy'inyigisho zerereza no kubahiriza Yesu, ngo abantu abe ari we bategaho amakiriro wenyine.

2. Vino nayo ni igitunga umubiri cy'ikinyobwa, kikaba kidakomeye nk'ingano cyangwa sayiri ziribwa. Nta wabeshwaho no kunywa vino gusa, ahubwo agomba no kurya n'ibyo bikomeye.

Vino rero igereranya inyigisho zoroshye z'inshingiro z'ubukristo zitabasha gukiza abantu ngo basese akanguhe mu by'umwuka. Paulo yagaragaje ko hari inyigisho zikomeye zirondora ibya Yesu zikuza abakristo, hakaba n'izindi zidakomeye zitababeshaho mu by'umwuka : Heb. 5:11-14 witondere kuhasoma neza.

Imana iturarikira kugira bene ibyo byose bitunga umutima, duhereye ku byoroshye tukageza ku bikomeye byerekeye Umwami Yesu, tudatanze ifeza cyangwa ikiguzi. Yes. 55:1. Ibiguzi bivugwa mu Byah. 6:6 ni amarenga ya gihanuzi yo kwerekana inzara yo kubura izo nyigisho z'ukuri. Bisuzume nawe: soma amaherezo meza y'abantu biciwe Yesu: Ibyah. 7:13-17.

- i. Idenario n'igihembo cy'umuntu 1 ku munsi umwe w'umurimo.
- ii. Igipimo cy'ingano cyangwa sayiri cyo gutunga umuntu umwe 1 ku munsi umwe cyari ingero 24. None ubwo bavuga ko idenariyo 1 yaguraga urugero 1 rw'ingano cyangwa se 3 za sayiri, haba herekana ko mu gihe cy'ifarashi y'umukara inyigisho zikomeye zerereza Yesu zabaga ingume, hakaba inzara yo kuzibura. Reba uko byahanuwe n'Amosi 8:11,12 ngo : Dore iminsi izaza, ni ko Uwiteka Imana ivuga, nzateza

inzara mu gihugu, ntizaba ari inzara y'ibyo kurya; cyangwa inyota yo gushaka amazi, ahubwo izaba ari iyo kumva amagambo y'Uwiteka. Kandi bazajarajara bava ku nyanja imwe bajye ku yindi, bazava ikasikazi bajye iburasirazuba, bazakubita hirya no hino bashaka kumva ijambo ry'Uwiteka, be kuribona. Ibyo byasohoye ubwo abakristo gito binjizaga inyigisho z'ibinyoma mu itorero, bagakoma mu nkokora iz'ukuri zerura intandaro nyayo y'agakiza, ko ari Yesu wenyine, Anti-Kristo akabona akito ko kugara. Dore icyitegererezo cy'uburyo abayobozi gito bakomaga ijambo ry'Imana mu nkokora muri icyo gihe, bakarigoreka bakaryerekeza ku bitari iby'ukuri.

Umukristo ukomeye wo mu Alekizandreri witwaga Valentinus yavuze ibya Mose yanditse mu Itangiriro abisobanura nawe amuhimbira ati : Mose yavuze ko Paradiso ari inda y'umugore utwite, uruzi ruturuka mu Edeni ruyinetesha ni urureri. Kandi ngo : Uruzi ruyivamo rwigabanyamo kane. Itang. 2:10. Ati : Ibyo bigaragaza uburyo urureri rugabanyijemo imigabane ine y'ingenzi. Mu ruhande rw'urureri hirya no hino hari za ariteri ebyiri zinyurwamo n'umwuka, na za veno ebyiri zinyurwamo n'amaraso. Ibyo byose babivuze bamuhimbira bamubeshyera kugira ngo ibinyoma byabo byemerwe mu itorero. Uwo yarongeye ati : Aho Mose yavuze ko isi yaremwe mu minsi 6, ni ukuvuga ngo yaremwe mu bubasha 6!

Abandi bakomeje guhimba ibindi bapfobya inyigisho zikomeye z'ukuri nk'uwitwaga Justin Martyr wavuze ko Imana yategetse abantu gukebwa ku munsi wa 8, ati : Ubwo Imana yabategetse gukebwa bamaze iminsi 8 bavutse, niko natwe dukwiriye gukebwa imitima yacu ho ibibi ku munsi wa 8 w'icyumweru ari wo wa mbere.

3. Amavuta agereranya Umwuka Wera (Col, p. 407). Ni ukuvuga ko muri ibyo bihe byo kugoreka ijambo ry'Imana no gupfobya Kristo, no gutega amakiriro ku mihango mu cyimbo cyo kuyatega ku gukunda Umukiza we, Umwuka Wera yakomeje gukabakaba imitima y'abantu, hakaboneka bamwe batemeye guhenebera kw'abandi bakristo benshi. Bigereranye n'Ibyah. 2:13 witondeye amagambo yose ahanditswe.

**4. IKIMENYETSO CYA 4 KIMENWA: IBYAH. 6:7,8.
IFARASHI Y'IGITARE CY'IGAJU ISOHOKA**

- a. Kugajuka kw'iyo farashi : Ibimera iyo bitwikiriye, ntibibona umucyo, biragajuka. Niko n'itorero ryo mu myaka y'umwijima uhoreye mu wa 538 ifarashi-igajutse.
- b. Umwijima uhavugwa : Ni uw'ubuyobe, kandi uhuje n'amayoberane yo mu itorero ry'i Tuatira.
- c. Rupfu agereranya akarengane k'iminsi 1260.
- d. Kuzimu agereranya guhambwa no gutsembwaho kw'abahowe Yesu muri iyo myaka y'akaga gashishana.
- e. Guhabwa ubutware bwa kimwe cya kane cy'isi : Bigereranye na Dan. 11:34 wize, ukubitiyeho no kwibuka ko hapfuye abakristo basaga 50.000.000 muri'ako karengane, Yohana yabonye ko ari benshi cyane ati : Ni kimwe cya kane cy'ab'isi bose hamwe.
- f. Soma amaherezo meza y'abo bantu biciwe Yesu uko azaba: Ibyah. 7:13-17.

**5. IKIMENYETSO CYA 5 KIMENWA: IBYAH. 6:9-11. IMYUKA
ITAKIRA MUNSI Y'IGICANIRO**

Ngo dusobanukirwe n'iby'icyo kimenyetso dukwiriye kwibutsa ibi byerekeye ubuturo bwera bwabaga mu isi, bukaba bwararimbwe mu wa 70 N.K.

- a. Ahera cyane n'ahera hagereranyaga mu ijuru ubwaho: Ahera hagereranya umurimo w'ubutambyi Yesu yatangiye gukora muri 31 N.K akaba akiwukora na n'ubu. Ahera cyane hagereranyaga umurimo w'ubucamanza Yesu yatangiye gukora mu wa 1844 N.K
- b. Igikari cyagereranyaga iyi si. Nk'uko ibitambo byatambirwaga mu gikari, niko Yesu yatambiwe mu isi. Igicaniro cy'ibitambo abakera batambaga cyari mu gikari rero.

Nuko rero, wibuke ko ibyo Yohana yabonye, byavuye muri cya gitabo cyari gifatanishijwe ibimenyetso 7 ari ibishushanyo n'amarenga bya gihanuzi, atari ibintu nyabyo.

A. Imyuka y'abapfuye bahowe Yesu: Bamwe bakunda gutanga ibyaha. 6 :9 ho ubuhanya bati : Harerekana ko za roho z'abapfuye ziri mu ijuru zikamenya zikavuga. Ibyo ntibishoboka kuko: Bibiliya yerura rwose ko abapfuye ari ntacyo bazi na gito. Umubw. 9 :5,6.

Yohana ntiyumvise imyuka y'abapfuye by'ukuri, ahubwo ni amarenga. Amafarashi yari amaze kwerekwa ntiyari amafarashi nyayo na Rupfu na Kuzimu yabonye ntibariabantu nyabantu, keretse ibishushanyo bya gihanuzi. Na none amajwi y'imyuka y'abapfuye ntiyari amajwi yayo bwite, ahubwo ni imvugo ya gipica isobanura ko iyo abo bapfuye baba maso bakumva, bari gutaka batyo.

Yohana ntiyumvise iyo myuka itakira mu ijuru, kandi iyo ukurikije imvugo y'abigisha ko roho z'abapfuye ziba mu ijuru, iyo myuka iba yaratakiye mu ijuru kuko yari iy'abantu beza rwose bemeye kwicirwa Yesu aho kumuhemukira. Nuko rero Yohana ntiyayumvise itaka iri mu ijuru, keretse munsi y'igicaniro. Icyo gicaniro cyari igikari, kandi icyo gikari cyagereranyaga isi. Kubw'ibyo iyo myuka yari mu isi ntiyari mu ijuru. Byongeye kandi ngo : Yari munsi y'igicaniro ; mu yandi magambo ni munsi y'igitaka, ikuzimu, mu bituro.

Ibyah. 6 :11 herura ko atari imigambi y'Imana ko imyuka y'abapfuye ijya mu ijuru, ahubwo ngo : Babwirwa kumara ikindi gihe gito baruhuka, kugeza aho umubare wa bagenzi babo bagiye kwicwa nkabo, uzuzurira. Ibyo bihuje rwose n'ibyo Paulo yandikiye Abaheburayo, bisome witaye cyane ku mirongo 2 iheruka : Mu Baheburayo 11 :36-40.

B. Icyatunye iryo jwi ryumvikana: Nuko mu gihe cy'icyo kimenyetso cya 5 (ari ikigereranya itorero ry'i Sarudi), ubugorozi bwari bwahenebereye, iby'umwuka bigasa n'ibipfuye, Ibyah. 3 :11.

Byasaga nkaho hari hasigaye imyaka myinshi cyane nge urubanza rutangire, amaraso y'abazize Yesu agahorerwa. Nuko abari mu bituro bararambirwa, baracogora (ibyo ni amarenga gusa), nuko barataka bati : Ayi Mwami Wera, uzageza he kudaca amateka no kudahora abari mu isi uhorera amaraso yacu, ko bigiye gutinda cyane ?

C. Imana yababwiye kuba baruhutse kugeza ubwo abandi baziwa nkabo, bakuzuza umubare.

1. Ni bande bavugwa ? Ni abazaca mu karengane gakomeye cyane katuri imbere kazabanziriza kugaruka kwa Yesu.

2. Umubare ni uwuhe ? Ni abazaba bari hamwe na ba bandi 144.000 ariko bo Imana ikazabareka ngo basinzire bitewe nuko izaba yabonye ko batazatsinda muri ako karengane ; bigatuma bihakana Imana kandi bayikundaga. Wibuke ko hari abo Imana izatabara muri ubwo buryo.

**6. IKIMENYETSO CYA 6 KIMENWA: IBYAH. 6:12-17.
IBIMENYETSO BYO KUZA KWA 2 KWA YESU BIGARAGARA.**

Ikimenyetso cyahereye mu mwaka w'1755. Ni nkaho Imana yumviye amajwi y'abo mu kinyejana cya 6-18 ; abo mu kinyejana cya 5 ikagabanya iminsi 1260 ngo ye kugera ku mwaka w'1798 N.K.

A. Ibyanditswe mu Byah. 6:12,13 byarasohoye :

I. 1755 N.K Igishyitsi gikomeye bikabije cyatigishije isi yose mu mwanya w'amadakika 6. Cyumvikanye bikomeye muri Amerika no muri Afrika no muri Asiya, ariko cyane cyane mu Burayi. Ciytwa icy'i Lisiboni kubera ko uwo mudugudu wo muri Portugali watsembweho nacyo, mu kanya gato hagwa abantu basaga 30.000. Abakomeretse nabo bamaze gupfa, umubumbe ugera ku 75.000 bisaga.

II. 19/05/1780 N.K izuba ryijimye uhereye nka saa 3 ku gasusuruko. Ntiryongeye kuboneka uwo munsi wose. Ku manywa y'ihangu inka zari zimaze gutaha, uducurama dusohoka mu twobo twato. Muri iyo joro ukwezi kwabonetse gusa n'amaraso.

III. 13/11 1833 N.K abantu bakangukiye ku rwererane batazi ikibiteye. Basohotse babona za kibonumwe zigwa ari ibihumbi n'ibindi, zinyuranamo mu isanzure hose. Icyo gitangaza cyahereye nka saa 9 n'ijoro, kirakomeza ubwo bwacyaga. Ababibonye bagereranyije umubare w'izaguye bati : Zarenze 200.000 kuri buri saha. Mu mwaka wa 1866 N.K zongeye kugwa, ariko atari nyinshi

nk'izo mu wa 1833 N.K. Zabonetse mu bihugu by'Uburayi no muri Asia gusa no muri Afrika ikasikazi.

Ibyo ni ibyagaragariye amaso gusa; ariko dusesengure:

Izuba, Ukwezi, n'inyenyeri byose byerekana umucyo, urumuri. Izuba rigira umucyo mwinshi cyane. Ukwezi gucana umucyo uvuye ku izuba. Inyenyeri imurika umucyo mukeya ariko ari uwayo. Uko niko izuba rigereranya Ijambo ry'Imana Bibiliya. Ukwezi kugereranya umuvugabutumwa kuko, abukura muri Bibiliya. Inyenyeri igereranya umwizera kuko imirimo ye imibereho ye aribyo bivuga ubutumwa mu gihe batangazwa nuko ari umuntu mwiza.

Igishyitsi rero aricyo Nyeganyega Mme White yabonye (*Umwiteguro w'imvura y'itumba p. 3*), kigereranya ubwoba buterwa, n'ubutumwa buvugwa ntibwumvirwe bigatuma banyeganyega.

Dore uko bikurikirana: Igishyitsi (ubwoba buterwa n'Ubutumwa Bwiza) kizakurikirwa no kwijima kw'izuba (gukurwaho kwa Bibiliya nk'uko byahoze mu gihe cya Tuatira), ibyo bikurikirwe no guhinduka amaraso k'ukwezi (kubabazwa ndetse no kwicwa kw'abavugabutumwa babukuye muri Bibiliya izaba yakuweho). Nguko uko bigiye gukurikirana uhereye ku gishyitsi turimo cyatumye abayobozi bikanga ngoabantu babaye abarokore.

B. Ibyo mu murongo wa 14 ntibirasohora. Ahubwo ibyo bizasohora ubwo ibyo tumaze kubona haruguru bizaba bigeze ku iherezo. Nubwo mvuze ku iherezo, ariko siko bizaba bihagarariye aho; nuko aribwo Kristo azaba aje ku bicu. Bigereranya na Daniel 12:1,2. Mu yandi magambo rero, turiho mu gihe cy'ikimeyetso cya 6. Hasigaye bike rwose Yesu agatunguka. Mbese nibiramuka bibaye uzaba witeguye? Cyangwa se uzaba mu mubare w'abavugwa mu murongo wa 15-17? N'ibyo kwibaza cyane ngo wiwitire bigishoboka ko wakira.

C. Ibyo gukurwaho ku ijuru : Ni ukuvuga ijuru rya mbere. Bigereranye na 2 Pet. 3:10.

**7. IKIMENYETSO CYA 7 KIMENWA: IBYAH. 8:1. ITUZA RIBA
MU IJURU MU GIHE CY'IGICE CY'ISAHA**

- a. Mu ijuru (mu bwami bw'Imana) hazaba ituza rwose ubwo Yesu n'abera bari yo bose bazaza muri iy'isi ngo bajyane abamukunda. Mat. 25:31. Kuko ari ntawe uzasigara mu ijuru nicyo gituma hazaba ituza.
- b. Igice cy'isaha kigereranya iminsi 7 bwhite. Dore uko ibarwa:
 Umunsi (amasaha 24) ni umwaka (iminsi 360)
 $Isaha\ 1 = 360 : 24 = 15.$
 Isaha = Icyumweru inshuro 2 (iminsi 15).
 $\frac{1}{2} \text{ cy'isaha} = \text{Icyumweru} \ (\text{iminsi } 7)$
- c. Iby'iyo minsi ihuje rwose n'ibyo Mme White yeretswe byerekeye kugaruka kwa Yesu. Ati : "Bidatinze amaso yacu yerekezwa iburasirazuba, kuko hari hatugutse agacu gatoya kirabura, kangana n'ikiganza cy'umuntu, ako twese tuzi ko ari ikimenyetso cy'umwana w'umuntu.... Uko karushagaho kudusatira niko karushagaho kugira ubwiza, kugeza ubwo kabaye igicu kinini cyera. Ku ruhande rwo hasi cyasaga n'umuriro; hejuru y'icyo gicu hari umukororombya, naho impande hari abamaraika inzovu inshuro inzovu. Kuri cyo hicaye Umwana w'umuntu. Umusatsi we waru umweru... kandi ku mutwe hariho amakamba menshi. Ibirenge bye byasaga n'umuriro kandi mu kuboko kwe kw'iburyo yari afite umuhoro utyaye.

Amaso ye yasaga n'ibirimi by'umuriro, nuko twese turarangurura tuti : "Ninde ubasha guhagarara adatsinzwe?" Ubwo nibwo Yesu yavuze ati: "abafite amaboko atanduye nibo bazahagarara n'ab'imitima iboneye, ubuntu bwanjye burabahagije."

Nuko ya mpanda ya Yesu iravuzwa, ubwo yamanukaga mu gicu, ari mu birimi by'umurimo. Areba ibituro by'abera basinziriye, nuko yubura amaso n'amaboko ayatunga mu ijuru, ararangurura ati : Nimukanguke Nimukanguke yemwe abasinziriye! Ibituro birakinguka, abapfuye bavamo bambaye kudapfa ukundi. Ba bantu 144.000 batera hejuru bat : Haleluya! Twese tujyananwa mu gicu, tumara iminsi 7 tuzamuka twerekeje iyo ku nyanja y'ibirahuri". *Inama zigirwa itorero*, p. 36.

12. ABANTU 144.000 BASHYIZWEHO IKIMENYETSO, N'INTEKO Y'ABATABARIKA

Soma witonze Ibyah. 7 kugira ngo urusheho kumenya iby'abantu 144.000 bahavugwa, usome no Byah. 14:1-5.

Igice cya 7 cy'Ibyah. Ni icyitegererezo cy'ubuhanuzi bwitwa « Erratique », kuko budakurikira ubwo mu gice cya 6, ahubwo ni ubwo Yohana yeretswe busobanura ibizaba ku bantu b'Imana hagati y'umurongo wa 13 na 14 w'igice cya 6, ubundi burakurikira ubw'Ibyah. 8:1. Mu gifaransa bene ubwo buhanuzi babwita « prophetie entre parenthèses ».

Mu gihe cy'ikimenyetso cya 6 cyo mu Byah. 8:12-17, abazaba bahinyuye agakiza k'Imana, nibabona ibyago biteye ubwoba bihavugwa, imisozi igakurwa ahayo isi ikadagadwa nk'uciriweho iteka ryo gupfa, bazataka bati : Umunsi ukomeye w'umwijima urasohoye, kandi ninde ubasha guhagarara adatsinzwe? Ibyah. 6:17. Ariko muri icyo gihe bamwe bazaba bariho bazashobora guhagarara badatsinzwe, ndetse bazararama. Barangamiye Yesu uzaba aziye ku bicu, bati: Uyu ni Uwhiteka twategereje, tuzanezerwa twishimire agakiza ke. Yes. 25:9. Iby'abo bantu batazatsindwa bazaba bakiraho ubwo Yesu azagaruka, bakamusanganirana amahoro, nibyo bivugwa mu gice cya 7.

A. INTERURO Y'IGICE CYA 7

Soma Ibyah. 7 :1-3.

1. Abamalaika 4 bafashe imiyaga 4 yo mu mpande 4 z'isi ,7:1.
Bigereranya uburyo Imana izatuma abamalaika bayo ngo bakorere mu bantu, bacubye intambara iheruka Yesu ataragaruka ngo haboneke igihe cy'amahoro ubutumwa buheruka buvugwe muri icyo gihe bubone gusakara hose butagize inkomyi.
2. Ngo hatagira umuyaga uhuha mu isi cyangwa mu nyanja cyangwa ku giti cyose. 7:1
 - a. Inyanja : abantu benshi cyane.
 - b. Isi (ni ukuvuga ahatari amazi menshi) : ahatuwe na bake.
 - c. Igit : umukiranutsi w'Imana (Zab. 1 :3). Muri icyo gihe abantu b'Imana bazabona uburenganzira bwiza bwo kwamamaza ubutumwa buheruka badafite ibizira. Ubwo butumwa bugereranywa na malaika.

3. Ibya Malaika uwo :

- a. Ngo : ni maraika wundi (i.e udasanzwe), 7:2. Ni ukuvuga ko ubutumwa buzatangira kwamamara muri icyo gihe buzaba bwarigeze gusakara mu mahanga menshi ubundi ariko muri icyo gihe buzasakara cyane, kuko ngo :
- b. Maraika uwo azazamuka ari iburasirazuba, 7:2. Nkuko izuba iyo rirashe mu gitondo, rizamuka imyambi igakomeza umucyo waryo ugasaba mu bihugu byose, niko n'ubwo butumwa buzasa nubuzamuka, bugakomeza gukomera kugeza ubwo buzumvikana mu bihugu byose, mu byah. 18:1,2 Yohana yongeye kubugereranya na Malaika wundi, ati : Mbona maraika wundi aguruka amanuka ava mu ijuru, afite ubutware bukomeye (cyangwa imbaraga nyinshi), isi imurikirwa n'ubwiza bwe.
- c. Soma ubutumwa bwa maraika uwo mu Byah. 18:2,4. Yesu ataragaruka amadini yayobye yose azagaragara ko yasambanye mu by'umwuka, Ibyah. 17:1-3. Umuntu wese azabisobanukirwa kubw'ubutumwa buzumvikana muri icyo gihe ; maze umuntu wese ahabwe guhitamo idini y'ukuri cyangwa ubuyobe. Umuntu uzumvira ubwo butumwa niwe uzashyirwaho ikimenyetso cy'Imana.

4. IKIMENYETSO CY'IMANA KIZASHYIRWA KU BANTU MURI ICYO GIHE

Ubusanzwe ikimenyetso kibamo ibintu bikurikira :

- Izina -Umurimo -Aho abarizwa

Isabato niyo kimenyetso cy'Imana:

- a. Izina = Uwiteka Imana
- b. Umurimo = Umuremyi

c. Aho abarizwa = mu ijuru no mu isi. Soma Kuva 20:9-11.

Wibuke ko Umunyezaburi yavuze ati: "ijuru ni intebi yawe Mana. Isi nayo ni intebi y'ibirenge byawe".

Ikimenyetso cy'umuntu kigaragaza ko ari we nyiracyo gishyirwaho. Ari inkoni, imanzi za nyirayo nizo kimenyetso cye cyerekana ko ari we nyira cyo.

Ari igitabo, nyira cyo acyandikaho izina rye ngo ribe ikimenyetso kiranga ko ari we nyiracyo. Ikimenyetso cy'Imana ni iki ?

1. Ni igishyirwa mu ruhanga rw'abayo, Ibyah. 7:3. ntigishyirwa mu biganza by'abantu (aribyo biggereranya imirimo yabo) ngo be gutega amakiriro ku mirimo yabo myiza n'ingeso zabo nziza, Ef. 2:8,9, ahubwo ikimenyetso cy'Imana kizashyirwa mu ruhanga rugereranya, intekerezo. Mu by'ubuhanuzi, ari uruhanga, cyangwa umutima, byombi biggereranya intekerezo z'abantu. Uzahabwa ikimenyetso cy'Imana mu ruhanga rwe azaba asohoreweho na Yer. 31:31-33, n'aya magambo ya Mme White ngo : « Nitwemerera Yesu, azaduhwanya nawe rwose mu byo dutekereza no kugambirira. Azafata imitima yacu n'intekerezo zacu, maze abihuze n'ubushake bwe bibe isanga n'ingoyi bitume ibishinja byacu byose biba ibyo kumwumvira, tutaruhiye tubyihatiye rwose. » *Uwifuzwa ibihe bose*, p. 668.

Icyakora, nta wakwiha bene ibyo bigwi bitangaje rwose byo gucika ku ntekerezo mbi ya kamere twavukanye, ahubwo bitangwa n'Umwuka Wera wa Yesu iyo agendereye umuntu cyane. Kubw'ibyo, ikimenyetso cy'Imana gitanganwa ijambo ry'Umwuka Wera.

2. Ni uguhabwa Umwuka Wera ku rugero rushyitse, Ef. 4:30. Abazashyirwaho ikimenyetso cy'Imana nibo bazavubirwa ya mvura y'itumba, bagahabwa ubushobozi butangaje mu by'Imana, bagakora ibitangaza, bakabwirizanya bwa butumwa buheruka imbaraga z'indengakamere, uku niko Imana yabyerekanye: Nkuko Umwuka Wera yasutswe ku bantu ameze nk'imvura y'umuhindo igithe ubutumwa bwiza bwatangiraga kubwirizwa niko azongera kubavubirwa ameze nk'imvura y'itumba, bagahabwa ubushobozi butangaje mu by'Imana, bagakora ibitangaza, bakabwirizanya bwa butumwa bwiza bwatangiraga kubwirizwa niko azongera kubavubirwa ameze nk'imvura y'itumba, ubwo ubutumwa bwiza buzaba bugiye kurangira. Nibwo bya bihe byo guhemburwa bizasohora, ibyo intumwa Petero yahoze arangamira, akabivuga ati : "Nuko mwihane, muhindukire, ibyaha byanyu bihanagurwe, ngo iminsi yo guhemburwa ibone uko iza, ituruka ku Mwami Imana", Ibyah. 3:19,20.

Icyo gihe ni kigera, abagaragu b'Imana bazihutira kujarajarira hirya no hino bavuga ubutumwa buturutse mu ijuru. Mu maso habo hazaba hakeye, ari abantu batandukanye n'iby'isi,

bera. Amajwi y'abantu ibihumbi byinshi azakubira hamwe gusakaza ubutumwa bw'imbuzi mu isi yose. Ibitangaza bizakorwa, abarwayi bazakizwa. Ibitangaza bizakorwa, abarwayi bazakizwa. Ibitangaza bizakurikira abizera. Satani nawe azakorera mu bitangaza bihendana ndetse azamanura umuriro uva mu ijuru, abantu babireba. Ibyah. 13:13. kubw'ibyo abo mu isi bazaba bakwiriye guhitamo kimwe cyangwa ikindi; ntawe uzashobora guhera mu rungabangabo“. *Intambara ikomeye, pp 611.* Abazahitamo neza nibo bazahabwa ikimenyetso cy’Imana. Icyo kimenyetso ni :

3. Ni izina ry’Imana Data wa Twese n’iry’Umwana Yesu kristo.

Ngo ubyumve, ugereranye Ibyah. 7 :3 na 14 :1 havuga iby’abantu 144.000 bazashirwaho ikimenyetso cy’Imana. Abazaba babaye ab’Imana bwite, ari amaronko yayo, ariyo nyirabo, nibo bazashyirwaho izina ryayo, wibuke ko izina rishyirwa ku kintu ngo rigaragaze nyiracyo. Dore uko Bibliya ivuga abo bantu bazashyirwaho ikimenyetso cy’Imana ngo :

- a. Ni uwoko bwa Yesu bwite. Tito 2 :14.
- b. Ni abantu Imana yaronse. 1 Pet. 2 :9.
- c. Ni uwoko yironkeye. Gut. 14 :2.

Uko umwana asa na se, niko n’abo bantu bazaba ari abaziranenge batunganye rwose nkuko Data wa twese atunganye rwose. Mu Byah. 14 :5 hari abavuga ngo : « Mu kanwa kabonkoko ntihabonetsemo ibinyoma ; kuko ari abaziranenge. Elena White nawe yeretswe ko bazaba ari abantu batandukanye n’iby’iy’isi, bera. Reba haruguru uko byanditse). Icyakora ntibazashyirwaho izina rya Data wa twese gusa, ahubwo bazandikwaho n’irya Yesu nawe. Iryo zina rifite icyo risobanura kizaba cyasohoreye ku bazarihabwa muri icyo gihe.

Yesu ni izina ryahinwe, ryakomotse kuri iri ngo YEHOSHUWA, rigasobanura ngo Ngo : YEHODA NI AGAKIZA KACU, (Reba na Yer. 23:6).

Nuko rero abazashyirwaho izina rya Yesu bazakizwa nuko badakomeza amategeko y’idini ku mugaragaro bakayica biherereye; ahubwo ni abantu bemera kunamba kuri Yesu rwose, bazi Yehova ari we wenylene ushobora kubahindura ukundi, bakamwiha burundu. “Abo bose bazaba abakiranutsi, bazaragwa igihugu kugeza iteka ryose; bazaba ishami nitereye, umurimo w’intoki zanje zanjiye umpesha icyubahiro”. Ntawe uzashyirwaho ikimenyetso

cy'Imana niba yiyiringiye ubwe akibwira ko yihagije ubwe. Mu byah. 7 Yohana yeretswe abazaba bageze mu ijuru, ati : Bazaba bambaye ibishura byera. Nibo bonyine bazahabwa ikimenyetso cy'Imana mu ruhanga rwabo. Kubw'ibyo, ikimenyetso cy'Imana ni :

4. Ni ikigaragaza ko icyagishyizweho ari igishytse, cyuzuye, kidahinduka.

Urugero :

- a. Inzandiko zanditswe na Yezebeli, ubwo yari amaze kuzihomaho ikimenyetso cya Ahabu, zarebwaga nk'aho ariwe ubwe zaturutseho. Bazitekerezaga nk'aho ariwe bwite, zishytse za cyami kuko zari zifite ikimenyetso cye. Soma 1 Abami 21:8.
- b. Icyashyirwagaho ikimenyetso cy'umwami ntibyashobokaga ko gihinduka. Soma Esiteri 8:8.
- c. Iyo amategeko mashya amaze kunoganywa n'inama nkuru z'ibihugu, ntakomera keretse umuperezida cyangwa umwami ayanditseho izina rye, cyangwa ashizeho cachet ye. Iyo abikoze ayo mategeko aba ahamye rwose.

Uko niko n'abazashyirwaho ikimenyetso cy'Imana bazaba ari abantu bahamye rwose mu by'umwuka, basheshe akanguhe, bashytse. Iyo Imana ibashyizeho ikimenyetso cyayo, ibyabo biba bishize. Ntibaba bateze guhinduka ukundi ngo basubire mu by'isi. Bazaba babaye abandi, niko bazaba baciwe ku bidatunganye kubwo kubana na Yesu cyane; ni ruto ni ruto kugeza ubwo Imana izaba ibagejeje ku rugero rushytse rwose ishaka. Nibwo izabashyiraho ikimenyetso cyayo ngo bahore bahamye iteka, ngo : Uwera agumye yere, n'ukiranutse agumye akiranuke. Ibyah. 22:11. Umuntu wese nacika kuri satani rwose, akaba atakiri mu rutabi rwe, ari uw'Imana rwose, nibwo izamushyiraho ikimenyetso cyayo cy'izina ryayo. Abayo bose bazaba bari mu isi muri icyo gihe, nibara kunogerezwa n'Imana byimazeyo, no gushyirwaho ikimenyetso cyayo, nibwo izaruhuka. Icyo kiruhuko cy'Imana nicyo kivugwa mu Baheb. 4.

Isabato ni ikiruhuko nyacyo, kandi itwibutsa ibintu 2 :

- a. Ko ifite ububasha bwo gufata iyi si yariho umwijima w'icuraburindi idafite ishusho cyangwa uburanga, Itang. 1:1, ikayinogereza ikayeza neza rwose mu minsi 6, ikaruhuka ku munsi wa 7. Itang. 2:2,3.

b. Itwibutsa imyaka igihumbi tuzamara mu ijuru turuhuka imihati yo mu isi. (Heb. 4:9; Ibyah. 20:4b). Iyi mirongo yose irerekana ko isabato ariyo kimenyetso cy'Imana : Ezekiel 20:12; 20:20; Mat. 12:8. Ko iyo Mana Rurema ifite ububasha bwo gufata imitima y'abantu babi yuzuyemo umwijima w'icuraburindi w'ibyaha, ikayinogereza mu minsi y'ukubaho kwabo iyo batabyanze, ikayiha uburanga bw'ingeso, ikayeza, amaherezo ikaruhuka. Nicyo cyatumye isabato ishyirwaho kuba ikimenyetso cyo kukwibutsa ko umuntu atakwitandukanya n'ibibi kubwe ngo yiyeze, ahubwo ngo twibuke iteka ko Uwiteka ariwe utweza.

Uko ibihe bizahita niko satani azarushaho guharanira gutuma abakristo bibagirwa ibyo. Agatuma barushaho gutega amakiro ku mihango y'idini, bakirengagiza ishusho yo kubaha Imana, bahakana imbaraga zayo zo guca umuntu ku bibi bye. Kuko isabato izabashinja bitewe n'uko igaragaza yeruye ko atari twe twakwiyeza, nicyo kizatuma abakristo gito barenganya abanga kureka isabato. Amaherezo abantu b'Imana bose bo bazava mu madini yayobye, bemere isabato. N'Abadventiste batari bo bazayireka bajye muri Babuloni. Muri icyo gihe itorero ritagaragara (l'eglise invisible) rizasanga itorero rigaragara ((l'eglise visible) baziririze isabato hamwe biteguye kujya gusanganira Kristo ku bicu. Kristo ataragaruka isabato niyo izaba ibendera ry'Imana mu mahanga abantu bayipfire.

Ubwo ibihamya by'ubuhanuzi buzaba bwenda kurangira, nibwo Imana izavuga iti : Bumba ibihamya (birarangiye), amategeko uyafatanishe ikimenyetso mu bigishwa banje. Yes. 8:16. Itorero ry'Imana rizaba risigaye mu gihe cy'imperuka rizaba irikomeza amategeko ribiheshejwe no kwizera Yesu, ariko kwizera gukorera mu rukundo. Ibyah. 14:12 ; Gal. 4:6b.

5. NI BANDE BAZASHYIRWAHO IKIMENYETSO CY'IMANA ? NI ABANTU 144.00

Mbese abo ni bande ?

1. Ngo : Ni imbata z'Imana, Ibyah. 7:3b. kuki bitwa imbata z'Imana. Iyo umuntu yihaye Imana burundu, Imana imukuramo ibishinja bye bya kera bibi, buhoro buhoro, kugeza ubwo imuhindura ukundi rwose, imushushanyije nayo ubwayo. Ibitekerezo n'amagambo n'imirimo bya bene uwo bibabihuje

n'ubushake bw'Imana. Ibyo akora byose biba bisa nk'aho bigengwa n'Imana imugize imbata y'ibyiza. Uva mu rutabi rwa satani ahinduka imbata y'ibyiza. Bigereranye n'iyi mirongo ; Rom. 6:16; 1 Yoh. 3:9.

2. Ngo : Ni abantu bazaba bakiriho ubwo Yesu azagaruka. Bazaba bariho mu gihe bwa butumwa buheruka buzamamazwa, ndetse nibo bazabwamamaza. Ubwo abamalaika bazarekura ya miyaga bazaba bafashe, ibyago 7 bizasukwa, akaga gakomeye kagere kuri abo bantu b'Imana. Bazarenganywa basohoze Ibyah. 6:11b. icyakora ntibazicwa rwose, kuko Imana izabarinda. (Soma Zab. 91 yose ibiberekelye). Ariko ababi bazabibasira bibi, itegeko ritangwe ry'ikubahagahu ngo bicwe bacurwe inkumbi. Nibwo Yesu azabagoboka ashagawe n'abamaraike be batabarika. Azasanga abe bakiriho, abajyane mu ijuru bataruhije bapfa. Nibwo bazaririmba ya ndirimbo nshya. Ibyah. 14:3.
3. Ngo : Ni Abisiraeli bose. Ubwoko bw'Abisiraeli bugereranya itorero ry'ukuri. Abo bantu 144.000 bazaba Abisiraeli kubera ko bazaba bamaze kuva mu madini yayobye, bose bari mu itorero ry'ukuri. Uko imiryango y'Abisiraeli yose itondaguye mu Byah. 7:5-8 niko abo bantu bazava mu b'Isiraeli nyabo bo mu moko yose n'amahanga yose. Nta shyanga na rimwe rizirengagizwa.
4. Ngo : Ni abantu 144.000. twibwira ko ari umubare wa gihanuzi muri Bibliya. 12 ni umubare werekana ibifitanye isano n'ubwami bw'Imana.

Urugero :

- a. Imiryango 12 y'Abisiraeli mu Isezerano rya Kera bazaragwa ubwami.
- b. Intumwa 12 zo mu Isezerano Rishya zizaragwa ubwami.
- c. Amarembo 12 y'ururembo rwera rw'i Yerusalem nshya, Ibyah. 12:21.
- d. Imfatiro zarwo 12, Ibyah. 21:19,20.
- e. Uburebure bw'ikijyaruguru bw'inkike zarwo ni mikono 120, (12 x 10), Ibyah. 21:17.
- f. Umuzenguruko warwo ni stadio 12.000 (12 x 1000). Ibyah. 21:16, ubundi kandi 12 ni umubare werekana icyo Imana yujuje rwose.

Urugero : a. Umwaka ugirwa n'amezi 12.

b. Umunsi ugirwa n'amasaha 24 (12 x 2).

Nuko rero, twerekeje uwo mubare kuri abo bantu 144.00, utwibutsa ko bazaba ari abantu bujujwe n'Imana, banogerejwe nayo rwose, bashyitse. Byongeye kandi bazaba bakwiriye ubwami bw'Imana. Bidashidikanywa. Kuko ari nta n'umwe wo mu ijuru uzaba ufite agatima ko kwibwira ko Imana ishaka kubabera ibanyaze satani, niko kubagereranya n'umubare ushyitse rwose ugaragaza kandi ko bakwiriye kujya mu bwami nta shiti ngo : $12 \times 12 \times 1.000 = 144.000$. Uwo mubare ni amarenga agaragaza ko bemewe rwose.

6. ABANTU 144.000 BAGERA MU IJURU

Igice cya 7 cy'Ibyah. kivuga ibyabo bakiri mu isi. Mu gice cya 14 : 1-5 havuga uko bazamera bageze mu ijuru.

a. Bazinjira mu Rurembo rwera ibyishimo n'indirimbo y'ishimwe ryinshi. Soma Ibyah. 14 :2,3 (Amazi menshi asuma biggereranya iki ?) Bisa nk'aho Imana nayo izafatanya nabo muri iyo ndirimbo y'ishimwe (inkuba zihinda.)

b. Bazaririmba indirimbo nshya itazwi n'abandi (Ibyah. 14 :3)

Igituma abandi batazashobora kuyimenya, nuko bazaba batagize ibigwi nk'iby'abo bantu 144.000 nta bandi bavutse muri iy'isi bazaba bakiyirimo bakiri bazima ubwo Yesu azagaruka ngo bamubone bataruhije bapfa, bamusanganire mu kirere batageze ikuzimu. Nibwo abo bantu 144.000 bazaba baciye mu karengane, ariko bazaba bafite impamvu nyazo zo kuririmba indirimbo nshya.

c. Bazaba abari batandujwe n'abagore. Ibyah. 14 :4.

Mu yandi magambo bazaba bararetse amatorero cyangwa amadini yayobye (niyo bagore banduye). Bazaba ari Abisiraeli nyabo.

d. Bazaba ari umuganura ku Mana no ku Mwana w'Intama, Ibyah. 14 :4 :

1. Yesu niwe wabaye umuganura ku Mwana Data wa Twese wenyine, 1 Kor. 15 :20.
2. Ba bandi bazamukanye na Yesu ntibashoboye kubera Data wa Twese umuganura, kuko Yesu ari we wamubereye umuganura muri icyo gihe. Byongeye kandi ntibabereye Yesu umuganura, kuko ubwe yari wo.
3. 144.000 nibo muganura kuri Data wa Twese na Yesu bakubiye hamwe. Bisa nk'aho ari bo bazabanziriza abandi bose kuva muri iy'isi kugera mu ijuru mu gihe cy'imperuka.

Mbese abandi bazagera aho ni bande ? Ni abazaba bapfiriye muri Yesu nabo. Yohana yeretswe ibya bamwe muri bo mu Byah. 7:9-17.

7. INDI NTEKO Y'ABANTU BATABARIKA, Ibyah. 7:11,12.

A. Inteko ya mbere y'abantu 144.000 baririmbiye ba bakuru 24 n'ibizima 4 babashimira urubanza rwo kutabera babaciriye. Ariko inteko ya kabiri irimo abantu batabarika bageze imbere y'abo bakuru 24 n'ibizima bine, ibinezaneza birabasaba babonye ukuntu ari beza kandi benshi, maze bikubita imbere y'Imana. Ibyah. 7:11,12.

B. Iyo nteko ya kabiri ni iy'abarenganyirijwe Kristo muri ya myaka 1260, Ibyah. 7:13,14; hamwe n'abandi Imana izareka bagasinzira mbere y'akaga katuri imbere' abo Imana izabona ko batazahasohoka kandi bayikunda. Ibyah. 10:11. Ni nabo bavugwa mu Byah. 6:11.

C. Menya ibi :

1. Amagambo y'ihumure abavugwaho, uko ahuje n'ibyababayeho muri ka karengane katurutse i Roma : Ibyah. 7 ;14-17.

i. Amaraso

ii. Kwicwa n'inzara n'inyota

iii. Amazi y'ubugingo

iv. Amarira

2. Ubusobanuro bw'ibi :

i. Igishura cyera, 7 :9.

ii. Amashami y'imikindo : ikimenyetso cy'ibyishimo no kunesha, 7 :9.

iii. Urya mubare mwinshi, 7 :14.

iv. Urusengero rw'Imana, 7:15.

13. IBY'IMPANDA NDWI

A. Interuro : Mu gice cya 2 n'icya 3 Yohana yahawe ubutumwa bwerekereye amatorero 7. Mu gice cya 4 na 5 yeretswe ibyo mu rukiko rwo mu ijuru, no mu gice cya 6 na 8:1 yeretswe ubuhamya buzatangwa muri urwo rukiko mu buryo bw'ibimenyetso 7. Mu mirongo ikurikiraho yo mu gice cya 8 n'icya 9 ndetse no muri 11:15-19 yeretswe iby'impanda 7. hasome witonze utarakomeza kwiga ibikurikiyeho.

B. 8:2. Yohana yeretswe abamalaika 7 bahora imbere y'Imana, maze bahabwa impanda 7. Mu ba kera kuvuza impanda wari umugenzo bagiraga wo kuburira ku gikomeye kizaba, ari :

1. Umunsi ukomeye :

- a. Uko bavuzaga amahembe ku itariki ya 1/0 7 kubwo kuranga umunsi wa 10 w'uko kwezi, umunsi w'impongano; Lewi 23:23,26,27.
- b. Umunsi ukomeye w'Uwiteka : Yoweli 2:1,2; Zef. 1:14-

2. Intambara cyangwa amakuba akomeye, cyangwa ibiteye ubwoba Hoseya 5:8,9; Amosi 3:6a. Ubwo Yohana yabonaga abo bamaraika 7 bahawé impanda 7, mu isi, no kubatera ubwoba, kubw'intambara n'imvururu n'amahane n'akarengane.

C. 8:3,5 ngo : Haza Maraika wundi, udahuje imirimo nabo.

- 1. Igicaniro kivugwa ni icyo koserezaho imibavu.
- 2. Umurimo wa maraika uwo ni uw'ihumure, uko ugaragaza ko mu gihe cy'ibago n'amakuba, Imana itirengagije amashengesho y'abayo. Mu gihe cy'impanda icyotero cy'imibavu nticyirengagizwa ngo kibure. Imbere y'Imana ni icy'ingenzi cyane, niko kuvuga ko cyacuzwe mu izahabu.

D. 8:5. Maraika ajugunya umuriro mu isi, hakurikiraho amajwi n'inkuba zihinda, n'imirabyo n'igishyitsi.

- 1. Umuriro ni igishushanyo cy'intambara, Luka 12:49-51; Mat. 10:34. Ni akababaro (umuriro).
- 2. Amajwi ni ay'umuvurungano w'abari mu ntambara n'induru n'imvururu.
- 3. Inkuba n'imirabyo bisura guturika kw'imbunda zikomeye na za bombe.

4. Igishyitsi ni cya kindi kizaheruka ibindi ubw'inkozi z'ibibi zizatakira imisozi n'ibitare ngo bibagwire. Muri uwo murongo umwe Yohana yarondoreye hamwe impanda 7 zose. Mu mirongo ikurikiyeho agiye kurondora ibya buri mpande ukwayo.

E. Ibyitonderwa byo gusobanura impanda 7. Tujye twibuka ko ubuhanuzi buvuga ibizaba butatangiwe kutumara amatsiko y'ibitaraba, ahubwo bugenewe kongera kwizera kwacu, iyo tubonye uburyo bwasohoye, Yoh. 13:19. Icyakora hari ubuhanuzi butari bumwe bwerura neza ibitaraba n'ubu ngo :

- Nzagaruka mbajyane iwanjye, Yoh. 14:1-3.
- Abapfiriye muri Kristo bazabanza kuzuka. 1 Tes. 4:16f.

Bene ubwo buhanuzi ntiburushya isobanura. Ariko iyo bubaye amarenga n'ibishushanyo bya gihanuzi, bukaba butarasohora, dukwiriye kubwitondera, ntitugerageze kubusobanura nk'aho tuzi byose kandi ari ukugenekereza gusa. Nicyo gituma iby'impanda 7 biturushya kuko bitarasohora byose. Hariho ubusobanuro 3 abantu babitangaho :

1. Impanda 7 zigereranya ibyabaye mu isi bya gipolitike, uhoreye mu gihe cy'Abaroma ukageza ku mperuka.

2. Zigereranya ibyago 7 bivugwa mu Byah. 16. Gereranya ibya buri mpanda n'ibya buri cyago uko byanditswe mu Byah. 8f na 16 urasanga ko bifitanye isano cyane.

3. Zigereranya ibiteye ubwoba bizaba mu minsi y'imperuka byerekeye ab'itorero ry'ukuri n'ab'amadini y'ibinyoma.

Muri ibi byigisho tugiye gukurikiza ubusobanuro bwa 3. Ariko kandi n'ubwa 1 ntabwo tubuhakanye, kuko bishoboka ko bwombi buba ubw'ukuri.

F. Itandukaniro ry'impanda 7 : Impanda 7 zigereranya ibifite ibyo bihuriraho n'abantu b'Imana byerekeye iby'Umwuka. Kuri izo mpamvu bikwiriye gusobanurwa mu buryo bw'umwuka. Ibyago 7 byo bizatezwa abakiranirwa gusa, Ibyah. 16:2; Zab. 91. Kubw'ibyo byago 7 ntibisobanurwa mu buryo bw'umwuka, ahubwo ni ibintu bwite bizaba. Mu magambo ahiniye hafi rero, impanda 7 zisura ibirushya bizatezwa abantu b'Imana, naho ibyago 7 bizatezwa ibinanira-mana ubwo igihe cy'imbabazi kizaba kimaze gushira.

G. Aho impanda 7 zihuriye n'igihe cy'imbabazi :

1. Impanda za mbere enye zizaba igihe cy'imbabazi kitarashira.
2. Impanda ya 5 kugeza iya 7 zitwa amahano. Impamvu ni uko igihe cy'imbabazi kizaba kimaze gushira. Reba Ibyah. 9:4. Ibyago 7 byo mu Byah. 16 bizasukwa ku bantu mu gihe cy'impanda 3 ziheruka.

H. Gusesengura iby'impanda yose ukwayo :

1. IMPANDA YA MBERE Ibyah. 8:7.

a. Urubura : Gukonja kw'abakristo mu by'umwuka. Bigereranya na Mat. 24:12.

b. Umuriro : Ni ugushyuha birenze urugero no gukabya kw'abantu bamwe bazashegera inyigisho zitari ukuri, bihimbira amadini yabo no kwikururiraho abigishwa. Bitewe, nuko satani nawe azazana inyigisho z'ibinyoma igatera abantu kuyoba bizatuma benshi batemera ukuri maze barwanye abakwemeye. Soma *Umwiteguro w'imvura y'itumba*, p. 8 *n'Intambara ikomeye*, p. 659-661.

c. Amaraso : Ni amahane azaterwa n'inyigisho zidashakwa n'abakuru b'amadini (ukuri kuberanye n'iki gihe). Bigatuma abaharanira ukuri barengana. Soma Mat. 10:17,18; *Intambara ikomeye*, p. 667pr 4,659pr.2,683pr.2.

d. Kimwe cya gatatu cy'isi : Yohana yabonye ko umubare w'abantu bazagerwaho n'akarengane gatewe n'izo nyigisho zivanze n'ubushyuhe ari munini abigereranya na 1/3 cy'isi. Birashoboka rero ko ako karengane kazakoreshwamo za bombe bigatuma hangrika abantu benshi. Reba Ibyah. 11:18b.

e. Kimwe cya gatatu cy'ibiti : Igit i gisanzwe ari igishushanyo cy'umukiranutsi. Ikintu cyose kibisi kigereranya umuntu uri muzima mu by'umutima. Urumva nawe ko no mu basobanukiwe cyane ijambo ry'Imana hazavamo abihakana Imana kubw'akaga kazaba kariho.

f. Ibyatsi bibisi : Ni abakiri bato mu by'umwuka. Ibyatsi ntibikomeye nk'ibiti nyamara ni bibisi. Birumvikana ko n'abadakomeye mu byiringiro bose bizagerwaho n'ubwoba no gushidikanya.

2. IMPANDA YA KABIRI, (Ibyah. 8: 8,9).

a. Umusozi munini waka umuriro : Umusozi ugereranya ubwami cyangwa umwami cyangwa umutware cyangwa umuyobozi mukuru. Hano biravuga umwami uzashyiraho inyigisho yo kurwanya ukuri kw'Imana, inyigisho izategeka abantu kuyemera ku ngufu, abatayemeye bakagirirwa ibya mfura mbi. Biragereranya ibikorwa bya ya nyamaswa yariho ikaba itakiriho ikazongera kubaho. Ibyah. 17:11. ari nayo ivugwa mu Byah. 13:11-18.

b. Kimwe cya gatatu cy'inyanja gihinduka amaraso : Amaraso agereranya intambara n'akarengane kazagera ku bantu benshi kubw'uwo muyobozi. Birumvikana ko benshi bazatikizwa bazira inyigisho z'uwo muyobozi. Reba *Intambara ikomeye*, p. 668pr.1 n'*Umwiteguro w'imvura y'itumba*, p.28-30.

3. IMPANDA YA GATATU, Ibyah. 8:10,11.

a. Inyenyeri nini : Ubusanzwe inyenyeri ziberaho kumurika n'ijoro. Inyenyeri ivugwa muri uwo murongo igereranya umutwaramucyo mukuru wo mu itorero uzagwa ntabe akimurikira abantu mu by'umwuka. Umuhanuzikazi w'Imana yavuze uburyo abayobozi tuzaba twarishimiye, bazata. Ati : Bidatinze ibigeragezo bikomeye bizagera ku muntu wese. Abakristo gito bazaduhatira gukomeza isabato itari yo, ngo turutishe ibihimbano by'abantu amategeko y'Imana. Muri icyo gihe izahabu y'ukuri izatandukanywa n'inkamba, ab'Imana b'ukuri batari indyarya bazagaragara batandukane n'abacanshuro b'ibyitiriro. Inyenyeri nyinshi tuzaba twishimiye kurabagirana kwazo zizazima zicure umwijima. Abazaba bambaye imyambaro y'ubupasitoro, bakaba batambaye gukiranuka kwa Kristo bazamwara, isoni z'ubwambure bwabo zibamare." *Abahanuzi n'Abami*, p. 188.

Uwo muyobozi Yohana yagereranje n'inyenyeri nini yitwa Muravumba (mu Rugiriki ni Apusinto). Impamvu yo kwitwa atyo nuko azaba arura, yivovota, asharira. N'ubundi abanzi b'itorero benshi ni abahoze ari abaryo ndetse abayobozi bo muri ryo, bagasharira bakarivamo bakarirwanya.

b. Iyo nyenyeri izakora kuri kimwe cya gatatu cy'amazi yose anyobwa ari imigezi ari inzuzi n'amasoko atandukanye n'ayo mu

nyanja, kuko anyobwa, naho ayo mu nyanja ntanyobwa kubw'umunyu mwinshi uyarimo. Inzuzi n'imigezi n'amasonko biggereranya abantu b'Imana b'uburyo bwose bazaba bakwiriye kubera ab'isi amazi mazima y'ubugingo. Arikho igihe kizaza abo bantu bazasharirira na Muravumba, bate basharire nka we.

Ngay'amaherezo ateye ubwoba y'umuyobozi uteshuka inzira akagira umutima usharira wo kwivovota no kutanyurwa. Paulo yaratuburiye ati : Mwirinde hatagira umuntu ugwa akava mu buntu bw'Imana, kandi hatagira umuzi wo gusharira umera, ukabahagarika umutima, abenshi bagahumana. Heb. 12:15.

4. IMPANDA YA KANE, Ibyah. 8:12.

- a. Ibiva byo ku isanzure: biggereranya abantu bizeweho kumurikira abandi. Mat. 5:14.
- b. Gukorwaho kwabyo: niko kugwabizwa. Arikho rero ni kimwe cya gatatu cy'abo bantu b'Imana bazakomwa mu nkokora. Abandi 2/3 bazakomezanya imbaraga nyinshi kwamamaza ukuri kw'Imana, kandi Umwuka Wera azabasukwaho nk'имвura y'itumba muri icyo gihe, ubwo imbabazi z'Imana zizaba zenda gushira.

Umuja w'Imana yarabivuze ati : "Uwiteka azakorera mu bikoresho bye byoroshye byicisha bugufi. Abakozi be bazabashishwa gukora ibitangaza babihawe n'Umwuka Wera atari ubwenge bazaba bize mu mashuri. Abantu buje kwizera b'abanyamashengesho bazagira ishyaka ryo kwatura amagambo Imana izashyira mu kanwa kabo....Isabato ni yo izaba igipimo giheruka kizagera mu bantu, agati kazatambikwa hagati y'abayoboka Imana n'abatayiyoboka by'ukuri... Ubwo ukuri kw'Imana kuzagaragarira kweruye imbere y'abantu bose, umuntu wese uzakandagira amategeko y'Imana ngo akomeze amahimbano y'abantu azashyirwaho ikimenyetso cy'inyamaswa maze abandi bazahitamo kugandukira uwo mu ijuru bagahabwa ikimenyetso cy'Imana." *Intambara Ikomeye, pp. 604-607.*

IMPANDA YA KANE NIMARA KUVUGA IGIHE CY'IMBABAZI KIZABA GISHIZE

Impanda 3 zisigaye zitwa amahano. Reba uko iri jambo ngo : ishyano rivugwa gatatu mu Byah. 8:13. Ikizu kihavugwa gisura ibisiga bizateranira ku ntumbi z'abazaba bishwe mu mahano azakurikiraho. Soma

Mat. 24:28. Abazicwa muri icyo gihe si abazaba bashyizweho ikimenyetso cy'Imana keretse ibinaniramana. Ibyah. 9:4.
 Nta mukiranutsi n'umwe uzicwa igihe cy'imbabazi kimaze gushira. Elena White yabivuzeho aya magambo ati : Iyo amaraso y'abahamya bakiranuka ba Kristo aseswa muri icyo gihe, yahindutse imbuto zera abandi bakristo, nko mu gihe cy'abahowe Kristo mu myaka y'umwijima no mu gihe bishwe n'abami b'i Roma. Gushikama kwabo kuabera abandi ubuhamya bwo kubemeza kwakira ukuri kw'Imana. *Intambara ikomeye*, p. 634.

5. IMPANDA YA GATANU, ARIRYO SHYANO RYA MBERE, Ibyah. 9:1-12.

a. Inyenyeri: Igereranya satani.

1. Bigereranye n'Ibyah. 12:10-12. Mbese hari aho bihuriye n'ibyo mu Byah. 9:1, ko igitabo cy'Ibyahishuwe kirimo ubuhanuzi bwinshi bwa erratique?

2. Bigereranye n'aya magambo ya Mme White yanditse avuga ibyo mu gihe cy'imperuka izaba yegereje cyane, ati : "Ighendo cya satani giheruka kizaba ari ukwigana Kristo, akgira nka we. Azi ko itorero rimaze imyaka myinshi rirangamiye kugaruka kwa Kristo. Nuko rero satani ubwe, ari we mushukanyi mukuru, azahenda abantu ubwenge, atume bibwira ko Kristo aje. Hamwe na hamwe mubihugu bitari bimwe byo mu isi yose satani azigaragaza mu bantu, afite ishusho y'igitinyiro nk'iy'umwami, irabagirana bihebuje, imeze nk'iya Kristo, uko Yohana yeretswe mu Byah. 1:13-15. Azifubika ubwiza bw'akataraboneka. Azamanika amaboko ye, abwira abantu amagambo y'ihumure n'ayo kubahesha umugisha. Azavugana ineza n'impuhwe ubutumwa bwiza bwavugwaga na Yesu akiri mu isi. Azakiza abantu indwara zabo, ababwire ko yahinduye isabato akayishyira dimanche, abategeke kuruhuka uwo munsi." *Intambara ikomeye*, p. 677, para.1.

b. Urwobo rw'ikuzimu : Ni inturo y'abamarai ka ba satani. 2 Pet. 2:4; Yuda 6.

c. Umwotsi ucumba : Ni imyuka mibi ya satani izatumwa mu isi yose ngo ishuke abantu bose.

d. Inzige : Ni abantu babi bazahangwamo n'abamarai ka ba satani ubwabo bazishushanya n'abantu. Dore uko Mme White yabyeretswe , ati :

Neretswe ko abamaraika babi bazishushanya n'abantu bagakorera mu itorero ryacu ngo batuzanemo umutima wo kutizera no gukerensa iby'Imana. *Intambara ikomeye*, p. 582.

e. Kubabaza abantu kw'izo nzige : Ibyah. 9:3-6. Bisa n'aho hasesereza ku byago 7 bizasukwa ku binaniramana igihe cy'imbabazi nigishira.

- i. Uko Mme White yabyeretswe : ububasha butangaje Imana yagabiye abamarayika bera, nibwo buzaba bufitwe nanone n'abamaraika ba satani ubwo Imana izababererekera. Ubwo ba bamaraika 4 bazarekura ya miyaga 4 y'ibishinja bibi by'abantu, imidugararo n'imvururu n'intambara ishishana, bikabije cyane kuruta ibyasohoreye kuri Yerusalemu bizisuka. *Intambara ikomeye*, p. 614.
- ii. Skoropio ni agasimba karyana bibi; aho kariye umuntu harabyimba hakotsa nk'umuriro. Bigereranye na 16:2,8; na Ibyah. 16:10 na 9:2.
- iii. Abazababazwa :
 1. Ibyah. 9:4 Sobanukirwa n'amarenga yose ahanditswe, na 16:2 na Zab. 91:5-10.
 2. Mme White yabibonye nkaho yari ahari, niko kubyandika, ati : Mu gihe cy'ibago twebwe twese twahunze mu midugudu n'ibirorero ariko ibigoryi biradukurikira byinjira mu mazu twari twihishemo, bimanika inkota bashaka kudutikura, zimenekera mu maboko yabyo zigwa hasi ari ibice. Turataka, dukesha ijoro ryose turirira Imana. Ikiriri cyacu kizamukira imbere y'Imana. Mu gicuku iratugoboka; izuba rirarasa, ukwezi kurahagarara ntikwarenga, imigezi irorera gutemba, gahunda y'iby'isi yose ihinduka ukundi. *Inyandiko za kera*, p. 34.

Reba n'aya magambo yandi yanditse agaragaza ko abakiranutsi b'Imana batazagira icyo baba muri icyo gihe cy'akaga gashishana : "Imana ntizemera ko abakiranira bica abanga kwakira ikimenyetso cy'inyamaswa." *Abakurambere n' Abahanuzi*, p. 256. "Mu gihe cy'ibago kizabanziriza kuboneka kwa Kristo, abakiranutsi bazaramirwa n'abamaraika bo mu ijuru, ntibagirwa icyo batwara." *Inyandiko za kera*, p. 284. "Ibigeragezo n'ibishuko biteye uwoba bitegeree abantu b'Imana ariko mu gihe cy'ibago bishishana intore z'Imana zizahagarara zishikamye. Satani n'ingabo ze ntibashobora kubatsembaho, kuko abamaraika bafite imbaraga z'akburarugero bazabahagararaho." *Ibihamya*, Vol. 9, p. 17.

f. Amezi 5 : Biragaragara ko ari amezi asanzwe, atari aya gihanuzi, kuko icyago cya gatatu kizatera ubwo abantu bazaba bakirwaye ibisebe by'icyago cya mbere. Ibyah. 16:10,11.

g. Umwami w'inzige :

- i. Ngo : ni maraika w'ikuzimu.
- ii. Abadoni n'Apuluoni : Reba ubusobanuro bw'ayo magambo ukurikije Bibliya yawe.
- iii. Ni nde ? Ni marayika w'ikuzimu.

6. IMPANDA YA 6, ARI RYO SHYANO RYA KABIRI, Ibyah. 9 :13-21.

- a. Igicaniro kihavugwa ni cya kindi cyo mu byah. 6 :9,10. Reba n'isano y'amagambo n'amajwi yaturutse kuri icyo gicaniro mu Byah. 6 :9,10 na 9 :13,14. Igicaniro gishimishijwe ni uko cyabonye ko amaraso y'abapfuye bazize Yesu agiye guhorerwa.
- b. Abamalaika 4. Reba Ibyah. 7 :1.
- c. Uruzi runini Ufurate :
 - i.. Uruzi runini : abantu benshi.
 - ii. Ufurate : niyo yatemberega mu mudugudu w'i Babuloni hagati ; nicyo gituma abahanuzi bavuga ko urwo ruzi rugereranya abantu b'itorero ribangikanya iby'isi n'iby'umwuka. Rushaho gusoma iby'iryo torero ryitwa Babuloni uko byanditswe mu Bah. 17 :4-6.
- d. Intambara izakurikiraho : Ibyah. 9 :15-19. Ibyo Yohana yabonye mu iyerekwa byaramuyobeye kuko ari byo mu gihe bitari byavumburwa mu gihe cye. Nk'uko Nyantaba yagenekereje iby'imbunda avuga ko yabonye abazungu bitwaje imyuko, niko Yohana yagenekereje iby'imbunda n'amatasu n'ibikoresho by'intambara biriho muri iki gihe. Iyo ntambara iheruka izaba hagati y'amahanga, nigera iwa ndabaga, abanyepolitike bazahindukirana abakristo bati : Nimwe muduteje akaga kose, maze batange itegeko ry'ikubagahu ryo kumaraho abakristo b'ukuri. Nibwo Yesu n'ingabo ze zizagoboka, zikarangizanya intambara imbaraga z'indengakamere, urugamba rwa Har-Magedoni rukaba uruheruka. Soma witonze : Ibyah. 16 :12-16 ; 17 :14 ; 19 :11-18.

7. IMPANDA YA 7, ARI RYO SHYANO RYA GATATU, Ibyah.
11:15-19.

Mu gihe cy'iryo shyano rya 3 satani n'abamalaika be bazarimburwa, ingoma yimwe na Kristo, amahoro yongere asesure kuko ubuturo bw'Imana buzaba bumaze kwezwa rwose, Imana ikagarurirwa icyubahiro cyayo n'ibyaremwe byose iyo biva bikagera.

14. MARAIKA N'AGATABO KABUMBUTSE

A. Soma Ibyah. 10. Icyo gice n'ikimeze nk'icya 7 kuko ari icyo muri "Parenthese". Kirimo ubutumwa bw'ingezi bukwiriye kubwirizwa Yesu ataragaruka.

B. IBYA MALAIKA UKOMEYE, Ibyah. 10:1 :

1. Ni maraika wundi : atari uwo muri babandi tumaze kwiga ibyabo, ahubwo abarusha ubwiza no gukomera. Ibimenyetso bimuvugwaho bifitanye isano cyane n'ibyo Yohana yanditse kuri Kristo amaze kumwerekwa mu gice cya 1:
 - a. Kwambara igicu : kwambara igishura cyera, Ibyah. 1:13.
 - b. Umukororombya : Ibyah. 4.
 - c. Ibirenge nk'inkingi z'umuriro : Ibyah. 1:15.
 - d. Mu maso hasa n'izuba, Ibyah. 1:14,16.

Ibindi bimenyetso by'ubumana byabonekanye na maraika uwo, Ibyah. 10:3 bituma twibwira ko ari Kristo ubwo Yohana yongeye kwerekwa. Mu gice cya 6 yaherutse kumwerekwa amena ibimenyetso 7 bifatanyije igitabo kibumbuye, noneho yongera kumwerekwa afashe agatabo kabumbutse; ni nkaho Yesu yakuye igice cya 6 muri cya gitabo gifite ibice 7, ab'ari cyo we ubwe asomera Yohana.

2. Guhagarara kwe ku nyanja n'ubutaka : 10:5. Bigereranya uburyo ubutumwa bwo muri ako gatabo bukwiriye gusakazwa hose, ari mu bantu benshi cyane ndetse bukagera ahatuwe na bake.

C. IBY'AGATABO KABUMBUTSE :

1. Kuvuga ko kabumbutse bigaragaza ko kahoze kabumbye, ndetse Yohana amaze kumva amagambo yo muri ko, ijwi riramubwira riti : "Ubizigame bibe ubwiru; ntubyandike." Ubwo butumwa ni bwa bundi bwerekeye iminsi 2.300 bwahawe Danieli, akihanangirizwa kubuzigama ndetse ubusobanuro bwabwo bwamuhibishwe ngo ye kubumenya :
 - i. Dan. 12:4a
 - ii. Dan. 1:8,9.
 - iii. Byagaragajwe ko ubwo butumwa buzasobanukira abanyabwenge mu minsi y'imperuka : Dan. 12:4b,10. Yohana nawe yabwiwe kubuzigama kuko iminsi y'imperuka yari itaragera.
2. Ibitwemeza ko ubwo butumwa Danieli yahawe bwerekeye iminsi 2.300 ari bwo Yohana yeretswe mu Byah. 10:
 - a. Bombi bahanangirijwe ngo babuzigame.
 - b. Uwabonekeye Danieli abumuzaniye ni nawe Yohana yeretswe mu Byah. 10. Dore :
 - i. Yari yambaye igishura cyera kimeze nk'igicu. Dan. 12:7; Ibyah. 10.
 - ii. Yari atunze ukuboko mu ijuru, arahira : Dan. 12:7; Ibyah. 10:5.
 - iii. Yarahiye Uhoro : Dan. 12:7; Ibyah. 10:6.
 - iv. Yarahiriye ibyerekeye ibihe : Dan. 12:7; Ibyah. 10:6.
 - v. Yavuze ko iherezo rizaba ibyo bihe bimaze gushira : Dan. 12:7; Ibyah. 10:7.
3. Ibyo kuzigama ubwo buhanuzi bwahawe Danieli bwerekeye iminsi, no kutabwumva byahindutse uruhererekane mu bantu, ndetse Abayuda bo babihinduye ikizira, bati : Harakabora amagufa y'umuntu wese uzagerageza kubara ibyumweru 70 byo muri Dan. 9:24-27.

D. NGO : NTIHAZABAHO IGIHE UKUNDI, Ibyah. 10:6.

1. Yohana yeretswe agatabo kandi ngo kari kabumbutse. Ubwo kari kamaze kubumbuka nibwo humvikanye aya magambo ngo : Ntihazabaho igihe ukundi. Ibyo bisobanurwa ngo : Ubwo abantu bazavumbura ubusobanuro bw'iminsi 2.300, bazaba bageze ku

iherezo ry'ubuhanuzi bwose bwerura imyaka y'ibizaba. Koko rero tuzi neza ko nta buhanuzi bundi muri Bibliya buranga undi mwaka N.K. buri nyuma y'1844 N.K. Mu mwaka wa 1844 N.K nibwo ibihe bya gihanuzi bibarwa byarangiye. Ntihakiriho igihe cy a gihanuzi kibarwa gisigaye.

2. Ayo magambo afite n'ubusobanuro bwa 2. Burebe uko bwanditswe muri Bibliya yawe ngo : Ntibigitinze. Uko byasohoye :

- a. Mu wa 1755 N.K ibimenyetso biranga igihe cy'imperuka byatangiye kuboneka. Abaprotestanti bari biraye, barikanga bibwira ko iherezo ry'isi risohoye, nuko birukira gusoma Bibliya zabo.
- b. Bageze kuri Mat. 24:29,30, niko gutangira kubwirizanya imbaraga ko Yesu yenda kugaruka mu isi. Uko ibimenyetso byo mu 1755 na 1833 byakomeje kungikana, niko barushije gusakazanya uwira ayo magambo ngo : NTIBIGITINZE.
- c. Mu bihugu byinshi abagabo bamwe bashishikariye kuburira abantu ko Yesu yenda kugaruka. Ndetse muri Suwede, aho Leta yari ifite amategeko abuza abantu bakuze kubwiriza keretse abayobozi bemewe na Leta, Umwuka Wera yihanga mu bana, ab'ari bo babwiriza ubwo butumwa.
- d. Mu 1831 N.K , umugabo wo muri Etazuni witwaga William Miller yari amaze gusesengura ubuhanuzi bwa Danieli, avumbura ubwerekeye iminsi 2.300 bwo muri Dan. 8:14, yibwira ko Yesu azaza mu isi kuboneza ubuturo bwe. Imana ikundira Miller kubara iyo minsi, kuko igihe cyo kubumbura ako gatabo kahoze kabumbuye cyari kigeze. Abanza kwibwira ko iyo minsi izarangira mu 1843 N.K. Ubwo ngubwo hari hasigaye imyaka 12 ngo umwaka w'1843 usohore. Miller yandikiye inshuti ze ibyo yavumbuye ariko atinya kubivugira mu ruhame. Umwuka w'Imana uramutoteza cyane, nuko mu wa 1831 abwiriza iteraniro rye rya mbere. Kuva icyo gihe agwiza imbaraga nyinshi n'ubushizi bw'amanga, yirundurira mu murimo wo kuburira

abantu ko Yesu azaza ku itariki 22 Mars 1844. Umwaka w'1844 usohoye , bavumbura ifuti mu ibara rya Miller, basanga ko iminsi 2.300 ikwiriye kurangira le 22/10/1844. babivumbuye batyo, noneho humvikana ijwi ry'ikubagahu ngo : NTIBIGITINZE! Hasigaye ibyumweru bike Umwami Yesu akaza! Ubuhanuzi bwo mu Byah. 10:6 busohora butyo. Soma igitekerezo gishyitse uko cyanditswe mu *Mwuka w'Ubuhanuzi, pp. 130-140..*

E. KWAKIRA AGATABO NO KUGACONSHOMERA, Ibyah.

10:8-10 :

1. Kukakira no kugaconshomera bisobanura ngo : kwemera ubutumwa bukarimo no kubwizera , bukabikwa mu mitima yabo. Bigereranye na Ezek. 3:1; Yer. 15:16. Bisura uburyo abo mu gihe cya William Miller bemeye ubutumwa bwe babikuye ku mutima rwose bamaramaje.

Ubwo byari bigejeje mu itangira ry'ukwezi kwa10/1844 N.K, abigishwa ba Miller bari bamaze kwhianisha abantu barenga 255.000. baritanze rwose batanga n'ibyabo bagurishije imirima n'amasambu, bagurisha ibyabo byose ngo bakuremo amafaranga yo kwamamaza ubutumwa bw'ikubagahu ngo busakare mu bandi bakiri kure. Uwo murimo bawirunduriramo rwose birengagiza iyabo mirimo; ntibaba bagihinga, ntibaba bakita ku by'isi na hato. Koko rero, bari bakiriye ako gatabo no kugaconshomera, bakizeye by'ukuri.

2. Kuryohera mu kanwa bisobanura kunyurwa kwabo; bishyimiye kuzava muri iy'isi y'imburagasani bidatinze, bakagera ibudapfa. Elena White yari umwe wo mu bihannye bo muri icyo gihe. Dore uko yabyanditse ngo : "Twari tuzi ko bitagitinze. Igihe cyo kuboneka kwa Yesu twahoze turangamiye cyari cyegereje cyane. Nta bwoba twari dufite nta n'igishyika; ahubwo imitima yacu yari ituje, itikenga, twiteguye gusanganira Umwami Yesu. Abizera baruhuka mu mitima yabo, bafite umushyikirano uryoshye n'Imana. *Life Sketches, pp. 56f.*

3. Gusharirirwa mu nda bisobanura ubwihebe n'agahinda gasaze bari bafite ubwo umunsi wa 22 wacyaga ukira, Yesu ntaze. Ikiriri cy'abantu benshi bari bacitse umugongo gisaba ikirere. Dore uko

umwe wo muri bo witwaga Hiramu Edisoni abyanditse ati : "Ibyiringiro biryoshye twari dufite byahindutse ubwihebe, ibyishimo bishinduka ubusharire, Umwaka wo kurira uradutwikira. Turarira, turarira. Nta juru nta mudugudu w'abakijijwe, nta paradiso bibaho? Ibyo byose ni imigani yahimbwe gusa? Nuko ubwo ijoro ritandukanye, maze igitondo cy'Ukwakira 23 kigeze gisanga nkirira. »

Elena White nawe abyanditse abihiniye hafi ati : Umwaka wahise, Yesu nawe ataje bitubera agahinda gasharira. » *Life Sketches, p. 61.*

F. IMANA NTIYABATAYE MU KANGARATE bamaze gucika intege batyo, ahubwo yakoreye mu bantu batari bamwe, cyane cyane umuja wayo wahindutse umuhanuzikazi wayo mu wa 1844 N.K (mu kwezi kwa 12).

Yamumenyesheje iby'ubutumwa bw'itorero ry'Abadiventiste ko bukwiriye gukomeza kwamamazwa. Amubwira yuko kuri ya tariki bari bategereje ho Kristo aribwo ubuturo bwo mu ijuru bwatangiye kwezwa. Turebye ukuntu ubutumwa bw'Abadiventiste bumaze koromya ibihugu hafi ya byose no kumvikana mu ndimi nyinshi cyane. Mu by'ukuri koko, ibyanditswe mu Byah. 10:11 byadusohoreyeho ngo : "Ukwiriye kongera guhanura imbere y'amoko menshi n'amahanga menshi n'indimi nyinshi n'abami benshi." Tugeze mu mahenuka. Igisigaye ni ugusohora kw'Ibyah. 10:7. Mbese ubwo bwiru bw'Imana buhavugwa buzarangira buzaba bwagusohoreyeho nawe? Kol. 1:27.

G. AHO UBUTUMWA BWACU BUKWIRIYE KWEREKEZA : Amagambo abanza yo mu gice cya 11 ni indunduro y'igice cya 10. Wibuke ko ibice n'imirongo bitanditswemo mbere na mbere Bibliya icyandikwa n'abahanuzi, ahubwo byashyizwemo hanyuma n'abakarani, kugira ngo tugere ku magambo dushaka gusoma bitaturuhije. Ibice bimwe babigabanijemo nabi.

Ibyah. 11:1-3 hagaragaza aho ubutumwa bwacu bukwiriye kwerekeza. Kubw'inyigisho z'ubwiru bwa satani (busimbuza Umwami Yesu za Antikristo z'uburyo bwose) imitima y'abantu benshi yahugijwe ibyo mu ijuru. Abapagani batega amakiriro ku mihango yabo itarimo Kristo, n'Abagatolika batumye imitima y'abakristo benshi cyane inyaga Kristo ibitambo bye. Mu kigwi cyo gutega agakiza ku gitambo cye gihebuje no ku kuzuka kwe kwamuhesheje kutubera Umurengezi, abakristo benshi

basigaye batega agakiza ku mihango y'idini nka za sakramento, bakibwira ko bazaheshwa kwinjira mu ijuru n'imrimo yabo myiza. Ubwo ni ubuyobe bukomeye. Muri Danieli bwitwa : "gusenya ubuturo bwera bwo mu ijuru." Dan. 8:11-14.

Ubwo Yohana yari amaze kwerekwa ka gatabo karimo ubutumwa bugaragaza ko ubwo buturo bwo mu ijuru bwagenewe kwezwa no kugarurirwa icyubahiro cyabwo (Tsada) ni bwo yeretswe ko buzabera bamwe ubutumwa buryoshye hanyuma bugasharira.

Maze abwirwa ko bakwiriye kongera guhanura imbere y'amahanga menshi bamamaza ubutumwa bwagenewe ab'igihe cy'imperuka. Ubwo butumwa bwahawe twebwe Abadventiste, ni ubwo gukura imitima y'abantu ku by'isi n'ibiru mu isi ngo bareke kubitegaho amakiriro, bareke za Anti-Kristo zose, bareke gupfobya ibyo mu ijuru, bareke kwirengagiza Yesu, bamugarurire za tamidi ze (ibitambo). Nicyo cyatumye Yohana yarahawe igipimo kimeze nk'urubingo ngo agere urusengero rwo mu ijuru.

1. Kugera urusengero : urusengero rugereranya ijuru ubwaryo. Heb. 9:24. Kurugera ni ukurwitaho, no kurusesengura no kurwitegerezza, gupima ahantu hose harwo. Mu magambo asanzwe biggereranya guhugukira ibyo mu ijuru cyane, ngo bibe aribyo bitwara imitima yacu kuruta imihango nkaho ariyo yadukiza; gahunda zose nziza ntitwabura kuzikomeza, ariko tureke kuzitegaho amakiriro. Ibyo mu ijuru nibyo bikwiriye kuzura mu bitekerezo byacu. Dukwiriye gufata igipimo maze tukagera urusengero.

2. Kugera igicaniro : Igicaniro kivugwa ni icyo mu rusengero, ni ukuvuga icyo koserezaho imibavu, iri ahera. Igicaniro cy'ibitambo si cyo kivugwa kuko kitari mu rusengero keretse mu gikari cyangwa se mu rugo, kandi Yohana yabwiwe kutita ku rugo, Ibyah. 11:2a. Igicaniro cy'imibavu kigereranya amasengesho y'abera b'Imana. Kugipima rero bisobanura ngo : Kwita ku mugenzo wo gusenga Imana, guhugukira uwo mugenzo mwiza. Mu cyimbo cyo kwitegaho amakiriro kubw'imrimo myiza no gusenga Mariya n'abandi bapfuye bagahera, ubutumwa bwo muri iki gihe turimo bukwiriye gutuma barushaho cyane gusobanukirwa n'umumaro ukomeye w'amasengesho. Dukwiriye gutuma " bagera igicaniro."

3. Kugera abarusengeramo : Ni ugupima abakristo b'ukuri. Si umuntu wese wiyyita umukristo wemerwa n'Imana. Natwe dukwiriye kwiyunga n'abakristo beza, tukitandukanya n'abagenda ukundi ngo batatwanduza. 1 Kor. 15:33 ngo : Ntimuyobe, kwifatanya n'ababi konona ingeso nziza.

4. Kureka urugo rw'urusengero : urusengero ubwarwo rugereranya ijuru naho urugo rugereranya isi. Kurureka bisobanurwa ngo : Kutita ku by'isi n'imihango iyikorerwamo, iyo abantu bahinduye anti-Kristo bayishimbuje Kristo. Imitima yacu ikwiriye kwimuka ikava muri iy'isi, igahora ku byo mu ijuru. 2 Kor. 4:18 ngo : Ntiturebe ku biboneka, ahubwo turebe ku bitaboneka; kuko ibiboneka ari iby'igihe gito, naho ibitaboneka bikaba iby'iteka ryose. Mwene data nawe ukwiriye kureke urugo rw'urusengero, ahubwo ukita k'urusengero ubwarwo.

5. Ngo: Kuko rwahawe abanyamahanga : bagereranya abatari ubwoko w'Imana by'ukuri. Intore z'Imana zitwa Abisraeli, naho abandi b'ibyitiro bitwa abanyamahanga. Bisobanura ngo : Imana yabererekeye abatari abayo ngo basohoze umurimo wa satani biganzure mu isi yose. Cyane cyane bisesereza ku byabaye mu myaka 1.260, ubwo ubupagani bwasabye mu itorero.

6. ngo : Umudugudu wera bazamara amezi 42 bawukandagira :

- a. Umudugudu wera: ugereranya umurwa wera wo mu ijuru, aribwo buturo bwera bw'Imana. Bigereranye na Dan. 8:3.
- b. Kuwukandagira: Kutita ku byo mu ijuru, no kubipfobya banyaga Kristo za Tamidi ze (ibitambo) bavangavanga ukuri n'ibinyoma, wibuke ibyo wize kuri Dan. 8:3.
- c. Amezi 42: agereranya imyaka 1.260, uhoreye mu wa 538-1798 N.K Muri 538 N.K. Papa yabonye akato ko kugara ubwo Abastrogoti bari bamaze kwirukanwa i Roma. Muri 1798 N.K, Papa Pio VI yanyazwe na Berthier w'umugaba w'ingabo z'Abafransa kubwa Napoleon.

H. Umurongo w'Ibyah. 11:3 ni icyungo gihuza ibyo mu gice cya 10 na 11;1,2 n'ibyo muri 11:4-13. Ibyah. 11:3 ni indunduro y'ibyanditswe haruguru, byongeye kandi ni interuro y'ibikurikira.

15. ABAHAMYA B'IMANA BABIRI

A. Soma witonze Ibyah. 11:3-13.

B. Abahamya b'Imana babiri ni bande? Bigereranya imigabane ibiri ya Bibliya ariyo Sezerano rya Kera n'Irishya. Mu Byah. 11 Ngo :

1. Ni abahanura, Ibyah. 11 :3. Bibliya niyo irimo ubuhanuzi bw'Imana ni nayo ihamya Imana.

2. Ni ibiti bya Elayo 2 n'ibitereko by'amatabaza bibiri, Ibyah. 11 :4.

Bibilia niyo tabaza ry'Imana. Zab. 119 :105,13 ; Imigani 6:23. Ubusobanuro bw'ibiti by'Elayo turabugeraho hato, kuko bwerekeye ubutumwa bwa Bibliya buvugwa cyane cyane ubuhuje na context yo mu mirongo yo haruguru. Tubwiteho :

a. Ubutumwa bw'abo bahamya babiri : Bugaragarira kuri iryo jambo ngo : Ibiti 2 by'Elayo. Muri Zek. 4 :1-5,12-14 herekana uburyo ibyo biti 2 bifitanye isano n'amatabaza. Hasome neza. Tumaze kuvuga ko amatabaza agereranya Bibliya, n'amavuta agereranya Umwuka Wera, naho ibiti 2 bigereranya abahanuzi banditse Isezerano rya Kera n'Irishya, 2 Pet. 1:21. Zekariya avuga ko amashami 2 agereranya abantu 2 bahora bahagaze imbere y'Imana. Nta bandi bagize ayo mahirwe atangaje kugeza mu gihe cya Zekaria keretse Mose na Eliya. Byongeye kandi biragaragara ko umurimo w'abagabo 2 bakiri mu isi useserezwaho mu Byah. 11, ibyo bikatwemeza ko ubutumwa bari bafitiye abantu ari bwo bukwiriye gukomezwa mu minsi y'imperuka. Reba nawe uburyo umurimo wakozwe na Mose na Eliya ari wo useserezwa ho mu Byah. 11:

Nubwo bimeze bityo bwose, abo bahamya ni lsezerano Rishya n'irya Kera.

Nibo bamaze imyaka 1260 ari igitabo cyaciwe na Kiliziya Gatulika yatangiye gutegeka isi muri 538 N.K. ikageza 1798 N.K., muri icyo gihe Bibiliya idasomwa. Icyatumaga iba ibitabo cyaciwe ni uko uko yose ingana yerekana amafuti ya Kiliziya nuko Papa yishyize hejuru y'icyitwa Imana cyose agafata n'amazina yo gutuka Imana cyangwa amazina yo kwishyira mu cyimbo cy'Imana. Kuva rero ubupapa bwategeka, hapfuye abantu 50.000.000 banze kwemera ko Papa ari Nyirubutungane kuko Bibiliya ivuga ko ntawe ukiranuka numwe. Banze ko umuntu witwa Papa kuko Bibiliya itubwira ko Data wa Twese ari uri mu ijuru wenyine, n'ibindi byinshi. Mat. 23:8-10.

Ngo bazahanura bambaye ibigunira: Ibyah. 11:5

Nubwo bari bambaye ibigunira, barahanuye. Ni ukuvuga ko bariho. Uko niko Bibiliya zaciwe bagasigaza iyo kwa Papa ari nayo Luther yasomye ubwo yatangiraga ubugorozi. Izindi zose zaratwitswe hasigara iyo Papa yandukuriramo amavanjiri asomwa mu Kiliziya. Niyo mpamvu ibyo basoma wumva biri muri muri Bibiliya ariko ubusobanuro atari bwo. Kwambara ibigunira rero, bisobanura kutajya ahagaragara ahubwo igakorera mu bwihihisho.

Ngo yahanuye mu minsi 1260 :

Umunsi ni umwaka mu buhanuzi Ezekiel 4:6; Kubara 14:34. Bibiliya yamaze imyaka 1260 itemerwa gutungwa n'abantu kugeza ubwo ubupapa bukomwe mu nkokora muri 1798, aribwo ubuhanuzi buvugwa muri 2Tes. 2:3-5 bwari busohoye.

Ngo ni ibiti bibiri bya Elayo:

Elayo ni ibiti biturukwaho n'amavuta meza cyane. Muzi ko amavuta agereranya Umwuka Wera. Ibyo bisobanura ko kuri ayo Masezerano yombi ariho Umwuka Wera yaheraga ayobora abantu, kubwo gusoma tugasobanukirwa na We. Mwibuke ko Umwuka wera abereyeho guhamya Kristo, akatwibutsa ibyo twasomye, ibyo tutazi, akatuyobora mu Byanditswe. Yoh. 16 :8-11 ; Mat. 10 :19,20.

Ngo ni ibitereko by'amatabaza abiri :

Amatabaza yerekana umucyo. Ibitereko ni ibyo ateretseho. Ibyo bisobanura ko ku Isezerano rya Kera no ku Rishya ariho umucyo w'ukuri ushingiye. Ntitwabasha kumenya ukuri kw'Imana tutamurikiwe n'ayo Masezerano yombi. Mu gihe dusoma Bibiliya nibwo tubona umucyo tugomba kugenderamo ntituyobe ngo twitanye n'Imana.

Ngo bahagarara imbere y'umwami w'isi:

Umwami w'isi ni satani wayigabanye ikaba ari kuyibuza epfo na ruguru. Bibiliya iri imbere ya satani nubwo satani atabyishimiye. Ukinishije wese kwanga ubutumwa ivuga azahanwa ibihano biyibonekamo. Ibyah.22:18.

Ngo bashobora gukinga ijuru imvura ntigwe no guhindura amazi amaraso, ndetse no guteza isi ibyago: uko niko bizagenda ubwo isi izaba imaze kwanga ko ab'Imana bayibamo. Bitewe nuko Imana itazemera ko imvura inyagirira abana bayo mubihuru aho bazaba bihishe mu gihe cy'akaga bazira kumvira abo bahamya babiri (Bibiliya) uko bikwiriye, imvura izahagarara. Bitewe nuko benshi batazumvira abo bahamya imbabazi

zikarinda zirangira, ababasuzuguye bazahura n'ibyago byanditswe muri abo bahamya. Ibyah. 16 cyose.

Ngo nibamara guhamya bazicwa n'inyamaswa ivuye ikuzimu:

Iyo myaka yarangijwe no gukurwaho k'ubupapa mu 1798 N.K. bwavanyweho na Napoleon. Reba uko byagenze: kuri 26/11/1793 inama nkuru y'Ubufaransa yarateranye yemeza ko ubukristo bukurwaho burundu bigira inama yo kugomera Papa wari Nyirugusengwa. Bigeze 1798 nibwo Papa wariho Pio VI yafashwe agafungirwa muri prison y'i Valance, agwamo ubupapa bumara imyaka 131 butavugwa ku isi hose. Ugahera 1798 ukageza 1929 N.K. ibuka Histoire de l'Europe: La révolution Française na La persecution des cultes uko wabyize niba waragine amahirwe yo kubyiga mu mashuri yisumbuye.

Ubufaransa bwo bumaze gufata Papa nibwo basatse inzu ya Papa bahasanga Bibiliya nini. Ntibabitinze ho bahise bayihambiriza iminyururu irinda ihashirira ikimanitse hagati mu mujyi w'Ubufaransa, hatagekwa kutazagira umuntu n'umwe usoma Bibiliya cyangwa uytunga. Wibuke ko ibyo byabaye Luther yarayigaragaje muri 1520 N.K. ubwo yaburanaga na Papa agatsindira imbere y'isi. Nguko uko iyo nyamaswa yishe abahamya babiri.

Inyamaswa ivugwa hano ni Leta y'Ubufaransa yari yahanzwemo na satani igakuraho ijambo ry'Imana.

Kwicwa kw'abahamya babiri: guhindura Bibiliya ikizira

Umudugudu munini : Ni Paris.

Witwa Sodomu: kubera ubusambanyi bwaho bwatumye isezerano ryo gushyingirwa hasinywaga imyaka bazamarana n'umugore yashira bakiyongeza cyangwa bagatandukana ; ntibirirwa bajya gushyingirwa na Leta cyangwa idini.

Witwa mu Egiputa: Hiswe gutyo kubera ubupagani bwari buhibasiye, bahinduka nk'abapagani batazi amategeko y'Imana.

Ngo niho Umwami wabo yabambwe: Isezerano rya Kera ryerekana Kristo wagombaga kuzaza mu isi; Isezerano Rishya ryerekana Kristo waje kandi akazagaruka. Ayo masezerano yombi ahanya Kristo kandi niwe yerekana. Nguwo unwami w'ayo masezerano nguwo Umwami w'abo abahamya bombi.

Uko niko Kristo yabambwe ku musaraba niko n'abahamya bombi babambwe ku musaraba. Aho umwami Yesu Kristo yabambwe, niho nabo babambwe. Ni ku musaraba rero.

Ngo bazamara iminsi 3 ½ : nicyo gihe itegeko ry'Abafransa ryamaze ribuzanya kugira cyangwa se gusoma Bibliya. Ubwo Napoleon yabonye Bibiliya zisutse atazi iyo zongeye kuva, avuga ko iby'Imana ntawashobora kubirwanya, ngo umuntu wese yige mu idini ashaka. Iyo myaka 3 ½ yarangiyе mu 1802 N.K.

Mu 1804 N.K. abantu bo mu bakristo bahanze urugaga rw'abacapyi ba Bibiliya rwitwa British & Foreign Bible Society yo mu Bwongereza, bashishikarira gusakaza Bibiliya mu isi yose.

Mu 1816 N.K. Abanyamerika nabo bahanga urundi rugaga rw'abacapyi ba Bibiliya. Nguko guhaguruka kw'Abahamya babiri (kuzuka kwabo). Kuva icyo gihe Bibiliya yarazutse ikwizwa mubihugu byo ku isi hafi ya byose. Wibuke uko abacapyi ba Bibliya bashatse inzu bagura ngo bayigire icapiro, bakagura iyo Voltaire yabagamo, n'amagambo yari yaravuze ko imyaka 100 izashira nta mukristo ukiriho.

Kuzamuka kw'abahamya babiri bajya mu ijuru : Bigereranye kugwira kwayo ubu imaze guhindurwa mu ndimi zisaga 1.100, kandi hamaze gucapwa za copi uduhumbagiza twinshi. Nkuko Yohana yabonye ba bahamya 2 bazuka bakajya mu ijuru, niko Bibliya yavuye ikuzimu ikajya ibuntu.

Ibivugwa mu murongo wa 13 : Ubwo butumwa buhamagarira abantu kureka ubusambayi bwo mu by'umwuka kubw'inyigisho za Baali zikiri mu bakristo, no mu isi yose, kubihanangiriza kwita kuri Dekalogosi, ni bumara gusakara mu isi yose, ngo bibuke ikimenyetso cyo guhamya mu mahanga yose, Mat. 24 :14 nibwo imperuka izaherako ize, maze Ibyah. 11 :13 bigasohora. Icyakora kandi uwo murongo usura imivurungano n'intambara byabaye i Paris barwanira idini.

Igice cya 12 ni interuro y'ikindi gihande cyo mu Byah. Kivuga iby'intambara yo hagati ya satani n'itorero ry'Imana ry'ukuri. Igice cya 12 kirimo imigabane itatu.

1. 12 :1-6 havuga igitekerezo cy'itorero uhoreye mu gihe cy'itangira ry'Isezerano Rishya kugeza mu wa 1798 N.K.
2. 12 :7-12 havuga ibyo kugwa kwa satani kutari kumwe, aciriwe muri iy'isi, uhoreye kera isi ikimara kuremwa, kugeza ubwo azajugunywa mu nyanja yaka umuriro. Iyo mirongo y'umugabane wa kabiri imeze nk'iri muri paranthese.

3. 12:13-17 hongera gukomeza igitekerezo cyo mu mugabane wa 1 no kongeraho izindi ngingo zerekeye imibereho y'umugore uvugwa mu mugabane wa 1.

UMUGABANE WA MBERE : UMUGORE N'IKIYOKA.

A. Soma neza IBYAH. 12:1-6

B. Ubusobanuro umurongo ku murongo :

1. (12:1) Umugore mwiza uboneye: itorero ry'ukuri. Yer. 6:2; Yes. 54:5; Yoh. 3:29; 2 Kor. 11:2; Ibyah. 19:7,8.

i.Umugore wa malaya agereranya itorero ry'icyitiriro, ribangikanya inyigisho zimwe z'ukuri n'izindi nyinshi z'ibinyoma. Yer. 3:10; 3:1,8; Ez. 16:26-29; 23:2-4; Yes. 50:1; 2 Kor. 11:2; Ibyah. 17.

ii.Uko Yohana yeretswe umugore umwe, niko n'itorero rya Kristo ry'ukuri ari rimwe gusa. Idini ry'ukuri ni imwe rukumbi; ayandi yose ni amahimbano. Ef. 4:5.

a. Kwambara izuba k'uwo mugore : Izuba rigereranya Kristo (kuko ariwe mucyo w'abari mu isi), ni ubutumwa bwo mu Isezerano Rishya. Itorero ryambara izuba ni iryerereza Kristo no kumwambara mu migirire no mu myigishirize, rikaba isanga n'ingoyi nawe.

b. Ukwezi: Ukwezi kugereranya Isezerano rya Kera. Nk'uko ukwezi kudatanga uwako mucyo, ahubwo kumurika uwo kumurikiwe n'izuba, niko n'Isezerano rya Kera ridashytse ubwaryo, ahubwo ryasuraga Irishya. Heb 7:22. Imihango yo mu gihe cy'Isezerano rya Kera yari ibicucu by'ibizaba mu gihe cy'Irishya; umubiri w'ibyo bicucu ni Kristo ubwe, Abaheb. 10:1; Kol. 2:17. Nkuko ukwezi kumurika iyo izuba rikurasiye, niko n'Isezerano rya kera ntacyo ryajyaga kuba rimaze.

c. Kuba munsi y'ibirenge by'umugore: Kuba rimaze kurangira ubwo uwo mugore yaratwite. Kuba ari rwo rufatiro rw'Irishya. Gal 3:24,25

d. Kwambara ikamba ku mutwe biggereranya : Uburyo ukuri kw'Imana kwakomeje gutsinda mu gihe cy'imyaka myinshi, uhoreye kera kose mu

gihe cy'Isezerano rya Kera, ukageza no mu gihe cy'Isezerano Rishya. Ukuri kw'Imana ntikwabashije gutsindwa na satani nubwo yakwibasiye mu buryo bwose. Wa mugani ntuva ku busa ngo : Ukuri guca mu ziko ntigushya.

Byongeye kandi ikamba ni ikimcnyetso cy'ubugabe cyangwa se ubwami. Nicyo gituma itorero rya Yesu ryitwa : abatambyi b'ubwami. 1 Pet. 2:9. Abakristo b'ukuri ni imfura, ndetse n'ibikomangoma by'ubwami butazahanguka. Mbese imyifatire yawe igaragaza ko uri imfura koko?
e. Inyenyeri 12 : Twamaze kwiga ko 12 ari umubare ugaragaza iby'ubwami bw'Imana. Mu Isezerano rya Kera hari imiryango 12 y'Abisiraeli, no mu Isezerano Rishya hari intumwa 12.

f. Kuba ku mutwe: Bwashorewe nazo kugeza ubu. Wibuke ko iyo ikintu kijya imbere habanza umutwe (ubwato, indege, imidoka...).

1. (12:2) **Yari atwite**: itorero ryari rigiye kuvukiramo Umukiza.

Gutakishwa n'ibise : Umukiza yari hafi kuvuka; yari yegereje ivuka. Kugereranya ukuntu abantu b'Imana bahoraga bahagaritse umutima kubw'ibibi byari bimaze kwiganza mu isi yose. Abantu bashayishaga mu bibi, ndetse Elena White atubwira ko Yesu yaje mu isi ubwo umwijima wari icuraburindi. Kuruta mbere hose, Imitima ya benshi cyane yari iheneberejwe n'ubuhanya bwo kubura Imana. Ibyo nibyo byatakishaga ab'Imana bagasuhuza umutima ku bwabyo. Yesu amaze kuvuka nibwo bamwe bamumenye, imitima yabo igatururukwa. Urugero : Luka 2:25-32.

2. (12:3) **Ikiyoka kinini** : Leta ya Herode yihanzwemo na satani. Gutukura kwacyo kugereranya ububi bukabije bwa satani. Niwe se w'ibibi byose, Kugereranya amaraso avushwa aho satani aba yibasiye hose. Akarengane n'intambara n'ubwicanyi nibyo bimenyetso bye. Yoh. 8:44.

Imitwe irindwi y'ikiyoka: Igereranya abami bose bigeze kubaho satani yakoreyemo, n'abantu bakuru b'abayobozi gito bose babaye ibikoresho bye. Reba Ibyah. 17:3,9 :

| | |
|---------------------------|------------------------------|
| Egiputa (1500 –750 M.K.) | Abagiriki (331-168 M.K.) |
| Abasiriya (625-605 M.K.) | Abaroma (168 M.K.-476 N.K.) |
| Babuloni (605-539 M.K.) | Ubupapa (538 N.K.-1798 N.K.) |

Medi-Peresi (539-331 M.K.)

Nubwo ubupapa bwari butarabaho, leta ya Herode yakoze nk'uko ubupapa bwakoze mu gihe cyabo, ubwo bicishaga abantu barenga 50.000.000 ngo ntibemeye kubayoboka.

Amahembe 10 yacyo: agereranya ya moko 10 y'Ababarobaro bateye mu bwami bw'Abaroma bakabihangara. Niyo moko 10 yo muri Dan. 2 n'amahembe 10 yo muri Dan. 7: *Abadage, Ababiligi, Abongereza, Abesipanyoli, Abafaransa, Abaportugali, Abasuwisi, Abaheruli, Abavandali, Abostrogoti.* Abo nibo bahanguye ubwami bwa Roma muri 476 N.K.

Gifite ibisingo 7 ku mutwe: Bisobanurwa ko ari ibimenyetso biranga buri ngoma mu mikorere. Iyo warebaga imikorere y'ubwami bwa Herode ukazirikana imikorere y'ubwami 7 bwavuzwe haruguru, wasangamo imikorere ya buri bwami.

4. (12:4) Umurizo w'ikiyoka: Ikiyoka twabonye ko ari leta ya Herode yihanzwemo na satani. Biragaragara ko ari ubutegetsi buyobowe na satani. Umurizo rero usobanura ngo kera kose, amambere, mbere na mbere.

Gukurura 1/3 cy'inyenyeri zo mu ijuru no kuzijugunya mu isi: bisesereza ku buryo Lusiferi yoheje 1/3 cy'abamalaika bo mu ijuru, bagacibwanwa nawe. Abo nibo babandi bamanukanye nawe mu ijuru bakiwa abadayimoni.

Gutsotsoba umwana akimara kuvuka biggeranya imigambi ya satani yari afite yo kurimbura Yesu buheriheri akimara kuvukira mu isi akoresheje Herode. Reba Mat. 2:13-21.

5. (12:5) Umwana uzaragiza amahanga yose inkoni y'icyuma: Ibyah. 12:5,6.

Ni Yesu ubwo azima ubwami agarutse uhereye ku munsi w'imperuka.

Uko azaragiza amahanga inkoni y'icyuma : Ibyah. 19:11-16.

Gusahurwa kwe : kujya mu ijuru kwa Yesu agiye gutangira umurimo wo kudutambirira muri 31N.K. Gereranya Ibyah. 12:5b na Mar. 16:19.

6. (12:6) Guhunga mu butayu k'umugore : kwatangiye bidashyize kera Yesu amaze gusubira mu ijuru. Byahereye muri 34 N.K. bica Sitefano Ibyah. 8:1-4. Mu butayu: ahadatuwe n'abantu benshi. Ibyo guhungira mu butayu byabaye cyane mu gihe cy'akarengane katewe n'abapapa b'i Roma. Abakristo bameneshejwe nawe bahungiye mu

bisozi bya Alps byo mu Burayi, abandi bambutse inyanja ngari bahungira muri Amerika y'ikasikazi, abandi bajya muri Afrika y'ikusi. Muri icyo gihe ibyo bihugu byari bitaraturwa nk'uko biri ubu. Kugaburira uwo mugore kumubeshaho ngo ye gupfa: gutuma itorero ridahera.

Iminsi 1260 : ni ya myaka 1.260 yahereye mu 538 -1798 N.K.

UMUGABANE WA KABIRI : **KUGWA KWA SATANI**, Ibyah. 12:7-12

1. Intambara yo mu ijuru yabaye ubwo Imana yaciraga satani hamwe n'abamalaika bagomanye nawe.
2. Ngo : Ahabo ntihaba hakiboneka. Reba Yuda 6.
3. Reba ubusobanuro bwose bw'iri zina ngo satani. Ibyah, 12:9. Hagereranye na 12:1. Wibuke ko satani yajyaga asubira mu nama z'Imana, amaze gucibwa ubwa mbere Yobu 1:16f. Nta kindi cyamujyanagayo keretse kurega no kwivovotera ab'Imana. Ubwo Yesu yari amaze kwitegura gupfa mu cyimbo cyacu, nibwo satani yategetswe kutazongera guhinguka mu ijuru kuko yajyanwaga no kurega abana b'Imana, Yesu akabitangira.

(12:10) Hatubwira ko ijuru ryishimye ubwo satani yari abujijwe kongera kurega abana b'Imana kandi Yesu akaba yari atsindiye uruhushya rwo gucungura umuntu. Guhera kuri uwo murongo wa 10-11 herekana ibyishimo byo kutazongera kubona satani aje kurega (rwa rwandiko rwari rukuweho).

(12:12) Satani ybabajwe nuko atazongera kurega kandi ko atazongera kubona uko mu ijuru hasa, maze agira umujinya mwinshi agambirira gukora uko ashoboye kose ngo n'itorero ntirizajyeyo. Yiyemeza gushuka abantu; yakoresha Bibiliya ngo ayobye n'intore nibishoboka, yakoresha iterabwoba n'imbaraga za leta, yakoresha amafaranga, icyo apfa ni icyabuza ab'Imana kuzabona ubwiza atagihawe.

4. Kugwa kwa satani kutari kumwe kuvugwa muri Bibliya :
 - a. Ni mbere na mbere akigomera Imana ari mu ijuru. 2 Pet. 2:4.
 - b. Ubwo Yesu yazukaga. Yoh. 12:31-33.
 - c. Ibyah. 9:1f. Iby'iryo shyano nibwo bivugwa mu Byah. 12:12.

d. Mu myaka 1.000. Ibyah. 2:1-3.

e. Nyuma y'imyaka 1.000 azagwa ubutabyuka. Ibyah. 20:10.

UMUGABANE WA GATATU : IBY'UMUGORE WABAYE IMPUNZI, 12:13-17.

(12:13) Satani abonye ko ubutegetsi bw'Imana butamwemerera kugera mu ijuru, ahita ahiga itorero ry'Imana ryayukiyemo Umukiza Yesu maze rihugira muri Amerika kuko hari hataraturwa (aribwo butayu, ikidaturwa). Icyo gihe ni satani wakoreshaga ubupapa kurwanya itorero kuko ryanze kwifatanya n'imihango ya gipagani kandi ryanga kwemera ko umuntu aba Data wa twese.

Imisozi n'amavumo n'amashyamba n'ubutayu nibyo byabaye ubuhungiro bw'abakristo banze kwemera inyigisho z'ibinyoma zari zabonye ishyikizo mu bakristo bamwe. Ubwo abarenganyi bashakaga abakristo banze kwemera inyigisho z'ibinyoma zari zabonye ishyikizo mu bakristo bamwe. Ubwo abarenganyi bashakaga abakristo banze kudohoka, kenshi cyane barababuraga; ni nkaho isi yasamye akanwa kayo ikabamira.

(12:14) Amababa agereranya ubwihute bwo guhunga.

a. Igihe : Umwaka umwe wa gihanuzi : Imyaka bwite 360.

b. Ibihe : Imyaka ibiri ya gihanuzi : Imyaka bwite 720.

c. Igice cy'igihe : $\frac{1}{2}$ cy'umwaka wa gihanuzi: Imyaka bwite 180

UMUBUMBE 1.260

Ari amezi 42, Ibyah. 11:2 cyangwa iminsi 1260, Ibyah. 12:6 cyangwa igihe n'ibihe n'igice cy'igihe, Ibyah. 12:14, ibyo byose biggereranya imyaka 1260 bwite uwo mugore yabaye impunzi kubw'akarengane. Ni nabwo ba bahamya b'Imana 2 bahanuraga bambaye ibigunira, Ibyah. 11:2.

(12:15) Amazi ameze nk'uruzi ikiyoka cyaciye :

-Ni abantu bensi bakoreshejwe na satani, agira ngo bamareho abakristo b'ukuri babarenganya no kubicisha urupfu rw'uburyo bwose.

-Ni inyigisho z'ibinyoma nyinshi (zavuye mu kanwa k'ikiyoka). Wibuke ko inyigisho za gipagani nyinshi zaseseye mu itorero mbere y'ibyo by'akarengane. Nizo satani yashatse kurimbuza idini y'ukuri mu gihe cy'akarengane.

(12:16) Igihe kizagera ukuri kujye ahagaragara n'ikinyoma kijye ukwacyo. Umuntu yihitiremo aho ukuri kuri. Nguko uko isi izaba yasamuye akanwa kayo ngo imire urwo ruzi; ibyo bizaba ubwo isi izategeka ko haruhukwa icyumweru gusa kuri bose kandi hose (Dimanche pour tous et partout).

Kwasamira akanwa: gutegeka, gutanga amategeko. Igituma bivugwa ngo izakasamurira kumira uruzi ni uko iryo tegeko rizaberaho gukuraho akajagari k'inyigisho ngo zituma abantu bata igihe ngo barasenga kandi batera isi imidugararo n'ubwoba ngo Yesu agiye kuza, bikadindiza amajyambere ya leta.

(12:17) Ubwo ukuri kuzajya ahagaragara itegeko ryasohotse, bamwe bazemera kurirengaho kubwo kumvira ijambo ry'Imana. Imbere y'isi rero bazaba ari abanzi b'amahoro, abikanyiza kuri leta, abatera umuvurungano mu bantu, abanzi b'Imana kuko batumvira leta kandi ngo nta butegetsi butavuye ku Mana. *Intambara ikomeye*, p.660. Icyo gihe muzibuke Ibyak. 4:11,12,20; 5:29.

Kubera ko bazanga kumvira amakosa ya leta bakishingikiriza ku Mana, hazatangwa itegeko ryo kwica ab'Imana. Nguko uko kizaba gihize no kurwanya insigarira z'ab'itorero ry'Imana (urubyaro rwa wa mugore). Dore bimwe mu bimenyetso by'itorero ry'ukuri:

- i. Ryubatswe ku kwirinda ibiyobyawenge, Abalewi 10:6-10.
- ii. Ryubatswe ku isanduku y'isezerano, Yosuwa 3:6,10,11 Abah. 9:4.
- iii. Ryubatswe ku mategeko n'ibihamya, Yes. 8:20-22; Ibyah. 12:17;14:12.
- iv. Isabato, ikimenyetso cy'Imana, Ezek. 20:12,20; Lew. 23:1-3.
- v. Ryubatswe ku kwirinda ibiryo bizira, Lew. 11:1-47; 1Kor.3:16,17; 6:19,20.
- vi. Ryubatswe ku rufatiro rw'intumwa n'abahanuzi, Efes.2:19,20.

Mugenzi nkunda, itorero ry'ukuri ririho. Gusa ikiribuza kugaragara n'ingeso n'imyifatre y'abaririmo, bigatumwa ritamenyekana kuko ibyo bavuga batabikora. Twirinde kureba ku bantu rero, dukurikire iby'ukuri, twibuke Yes. 2:22 na Yak. 4:17 na Ezek. 2:3-8.

17. INYAMASWA EBYIRI ZO MU BYAHISHUWE 13

A. INYAMASWA YAVUYE MU NYANJA : Ibyah. 13:1,2.

(1) Inyamaswa ihavugwa itandukanye n'ikiyoka kuko yo ifite ibisingo ku mahembe si ku mutwe. Inyamaswa bivuga ubwami cyangwa Umwami Dan. 7:23; Ibyah. 13:18

Ngo yari ivuye mu nyanja: ubwo bwami bwari buturutse ahatuwe cyane n'abantu benshi; ni mu Buraya.

Ngo bufite imitwe 7 n'amahembe 10: ni bwa bwami 7 bwategetse isi yose na za Leta zigabanje isi muri 476N.K.

Ibisingo 10: ibimenyetso bigaragaza imikorere y'ibyobihugu muri ubwo bwami uko ari 10.

Ku mitwe hariho amazina yo gutuka Imana: mu bwami bwose nta gihe batapfobeje Imana ngo bihe icyubahiro gikwiriye Imana kugeza ubwo bigize Imana ubwo bahakanaga Imana bakabona ko aribo bakomeye.

(2) Gusa n'ingwe kw'inyamaswa: ubusanzwe ingwe izwiho kunyaruka. Ubwami bw'Abagiriki bwiswe ingwe (Dan. 7:6) bitewe nuko bwigaruriye isi yose mu kanya gato. Ubwo bwami bwagereranijwe na none n'isekurume igenda idakoza amaguru hasi bitewe no kunyaruka. Dan. 8:5. Inyamaswa Yohana yeretswe ni ubwami bwa gipapa muri 538 N.K.

i.. Bwari Ingwe kubera kwigarurira isi mu gihe gito nk'Abagiriki.

ii. Amajanja nk'aya Aruko (idubu): bisobanurwa ngo amategeko ahana ni nk'Abamedi Peresi kubwo kutavuguruzwa. Wibuke igitekerezo cya Kuro wari uwami i Bumedi-Peresi. Uwo yaciye iteka ko nihagira ufatwa yasambanye azahanishwa gukurwamo amaso yombi. Bitaramara kabiri, umuhungu we w'imfura arafatwa, bamuzanira umwami bati yafashwe. Kuko amategeko yabo atavuguruzwaga, byatumye Kuro atanga ijisho rimwe n'umwana atanga irindi kuko yagombaga gukurwamo abiri.

ii. Akanwa nk'ak'Intare : Imitegekere (amategeko-nyobozi) ni nka Babuloni. Bisesereza no ku nyigisho z'ibizira byagejejwe mu itorero n'ubutegetsi bw'ijo nyamaswa. Uko intare yivugira mu ishyamba, inyamaswa zikagira ubwoba, niko n'amategeko yavaga iw'ubwo bwami yabaga ateye ubwoba.

iv. Ikiyoka cyayihaye imbaraga n'intebe n'ubutware : Uko niko Leta y'(isi yaguriye ubupapa intebe y'ubutegetsi, ikabutiza imbaraga zo mu rwego rwa gisirikare.

(3) Uruguma rwica : Icyo ni igihe ubupapa bwakomwaga mu nkokora bugahagarara imyaka 131, bukuweho na Napoleon.

Urwo ruguma rurakira : Ubwo ubupapa bwasubiye kubaho guhera mu 1929 N.K bushubijweho na MUSOLINI. Byatangaje benshi cyane kubona ubupapa bwari bumaze iyo myaka yose bugasubira kubaho. Ibyo byatumye hafi y'abantu bose bumva ko ubupapa ari ubwami bukomeye cyane. Nawe na Egiputa ntiyorongege gutegeka, Abasiliya shwi da, Babuloni reka da, n'Abamedi-Peresi, n'Abagiliki ndetse na Roma; nyamara Ubupapa bwo bwongera kugaruka. Byari ngombwa ko batangara:

(4) Hatubwira ko bishimiye leta yemeye ko ubupapa bwongera kubaho, bagatangarira iyo, ngo ntawe uhwanye nayo. Ibyo niko byagenze kugeza n'ubu, bemera ubupapa cyane bakabutangarira, cyane cyane iyo agiye gusura ahantu bumva ko ari nk'Imana ihasuye.

(5) Akanwa kavuga ibikomeye : Mu Kinyarwanda bakoresha ibikomeye bashaka kuvuga ibyo umunntu atahangara kuvuga. Ibyo rero niko gufata amazina y'Imana akayiha ; Nyiri ubutungane bwose, Nyir'amahirwe yose, Nyiricyubahiro cyose, n'ibindi byinshi bidakwiye kwitwa umuntu. Gutegeka ngo Bibliya icibwe, kwigisha ngo Kristo si igitambo gihagije, n'ibindi byinshi. Bisome mu gitabo cyitwa « **Prompta Bibliotheca, The Holy Sacrifice of Mess, Foi de nos Péres, Imbonerarugo, Gatigisimu, n'ahandi henshi.** »

Ngo "ihabwa no kurama ngo imare amezi 42". Ubwo Konstantino yavaga i Roma, hanyuma Romulusi Agustulusi akanyagwa, byasaga naho ubutegetsi bw'i Roma bushize, ariko rero siko byari biri. Ahubwo burakomeza, Imana irabubarekera, maze muri 538 N.K ibucira akanzu ko kugara ngo bukomeze kurama amazi 42 bugeza mu w'1798 N.K

(6) Ibumburira akanwa kayo gutuka Imana n'izina rya yo : Ijambo gutuka, iyo urebye muri Bibliya y'Uruheburayo, bivugwa ko ari ukwiha amazina y'Imana cyangwa kwishyira mu cyimbo cy'Imana. Gereranya rero nawe aya mazina yahawe abapapa kandi ari Imana yonyine nyirayo : Nyiri amahirwe yose, Nyirubutungane bwose, Nyirubukuru bwose, Uri mu cyimbo cy'Imana (Kristo) n'andi menshi. Niba wifuza kumenya byinshi ubisome muri **Petit Larousse, Dictionnaire Universel, article « Papauté », vol XII, p. 137.** Reba na **Our Country**, Chap. V; cyanditswe na Dr. Josiah Strong.

Kwigereranya n'Imana. Soma iki gitekerezo cyanditswe n'Abagatolika : "Papa afite icyubahiro n'ikuzo bihebuje. Ntabwo ari umuntu gusa, ahubwo ni nk'Imana; ari mu cyimo cy'Imana. Papa yitwa Nyir'ubutungane bwose, kuko ari koko. Nuko rero, ni umwami ukomeye wera; ni umwami w'abami. Nicyo gituma yambara amakamba 3 agerekanye agaragaza ko ari Umwami wo mu ijuru n'uwo mu isi n'ibyo munsi y'isi. Ubutware n'ububasha bwa Papa w'i Roma si ubwo gutwara ibyo mu ijuru n'ibyo mu isi n'ibyo munsi y'isi gusa ahubwo atwara n'abamraika abahebuje bose. Iyo bishoboka ko abamaraika bacumura, cyangwa se bagatekereza ibiciye ukubiri n'ukuri, baciriweho iteka, bacibwaga na Papa. Papa afite icyubahiro giheranije n'ubushobozi, nicyo gituma afatanya na Kristo guca. Nuko rero, icyo Papa akora cyose, bisa nk'aho ai Imana igikoze, kuko ububasha bwe butari ubw'umuntu, ahubwo ari ubw'Imana. Ni we uri mu cyimbo cy'Imana muri iyi si, afite ububasha bwose bwo kuboha n'ubwo kubohora intama zayo". Ayo magambo yabanje gucapwa mu mwaka wa 1746 N.K. mu gihe cya ya minsi 1260.

Gusuzugura ihema ry'Imana n'ababa mu ijuru. Ayo magambo asesereza cya gicumuro kinyagisha (Dan. 8:11-13 , kuko ihema ry'Imana (ni ryo rusengero rwayo) ryasuzuguwe mu myaka 1260; nicyo cyatumye Yohana abwirwa kurugera, Ibyah. 11:1.

(7) Ihabwa kurwanya abera no kubanesha :Ibyo byerekana igithe ubupapa bwari bwigarurtiye isi, hagapfa abantu 50.000.000 zirenga, maze abantu bose bemera kuyoboka Gatolika ku ngufu bitewe n'ubwoba.

(8) Hatubwira amashira kinyoma ko umuntu wese uzemera gushyingikira ubupapa, akifatanya nabwo, azaba atarigeze kwandikwa mu gitabo cy'ubugingo, kuzageza iteka ryose. Reba na Dan. 7:11; Mat. 24:48-51. Aha rero hahanura iby'akarengane gashishana ko mu myaka 1260 y'umwijiima katazabura kubyuka ubwa kabiri Yesu ataragaruka. Ubwo ukuri ko muri Bibliya kuzagaragara kweruye rwose Yesu agiye kugaruka, ab'lmana batari indyarya bazava muri iryo torero ryaciye ukubiri n'ukuri, ariko abandi bose "bari mu isi yose bazaramya iyo nyamaswa, umuntu wese izina rye ritanditswe mu gitabo cy'ubugingo". Amaherezo iyo nyamaswa izarimburwa, kandi umurongo wa 9 n'uwa 10 harimo imiburo y' iyo nyamaswa ireganya.

Mu Byah. 13:8b havuga ko Umwana w'Intama yatambwe uhereye ku kuremwa ku isi. Uwo Mwana w'Intama ni Yesu, ariko yatambwe ate

uhereye ku kuremwa kw'isi, ko nzi ko yabambwe muri 31 N.K, ubwo isi yari ifite ubukuru busaga imyaka 4.000?

Igisubizo : Wibuke ko imbere y'Imana byose bihora bizwi nayo. Kuko izi iherezo, ihereye mu itangiriro (Yes. 46:9,10), ikamenya n'itangiriro ihereye mu iherezo, nta mpitagihe cyangwa se inzagihe biba mu bitekerezo by'Imana, ahubwo imbere yayo byose bihora mu ndagihe. Bigereranye na Rom. 4:17b.

(9) Usite ugutwi kumva niyumve : Bisobanurwa ngo ushaka kumenya namenye kuko ibyahishwe ni iby'Imana, ariko ibyahishuwe ni ibyacu n'urubyaro rwacu.

B. INYAMASWA YAVUYE MU GITAKA, 13:11-18.

1. (11) Inyamaswa yavuye mu giutaka ivuga ubwami bwavuye ahatuwe na bake. Amahembe 2 ni UBUPOLITIKE N'IYOBOKAMANA. Ibyo byombi birerekana ko Amerika yari ishingiye ubutegetsi bwayo kuri Bibiliya no ku Mana bigatuma umuntu agira umudendezo uhagije. Ndetse babihamirishije intego banditse ku idorali ryabo bati : "Mu Mana niho twishingikirije" (In our God we truth).

Ivuga nk'ikiyoka : Igihe kizagera ubwo Amerika izakuraho intego yiyeje, itegeke gukuraho ukwishiira ukizana kw'amadini n'inyigisho, yemeze inyigisho ihuje n'ibyo bishakiye, ihuze n'itorero Gatorika yahungaga. Reba *Ibihamya by'itorero, vol. 5 p. 451, Umwiteguro w'imvura y'itumba, p. 29, para 2*. Ubwo rero izaba itegetse nka Leta yihanzwemo na satani, kuko izaba irwanyije Imana.

2. (12) Ngo Amerika izategeka nka bwa Bupapa bwa mbere mu gihe cy'akarengane, Bibiliya yongere inyagwe agaciro, ibe igitabo cyaciwe ikurweho rwose. Ubwo nibwo izuba lizaba ryijimye. Mat. 24:29; Ibyah. 6:12. Wiyibutse ubusobanuro bw'izuba, ukwezi, inyenyeri.

Ibyo si ukuvuga ko Amerika izategeka isi, ahubwo izashygira ubupapa ibutize imbaraga ngo burwanye abatabwemera ngo babuyoboke. Ibyo bigaragarira mu magambo akurikiyeho ngo : "Ihata abari mu isi kuranya ya nyamaswa ya mbere yakomeretse uruguma rugakira". Ubwo nibwo bupapa bwabayeho bugahagarara imyaka 131, bukongera bukabaho uhereye mu 1929.

3. (13) Hatumenyesha ko hazabaho ibimenyetso n'ibitangaza kugeza ubwo umuriro uzava mu ijuru bitewe n'ubwo Bupapa, kugira ngo babuyoboke. Wibuke uko Yesu yasize abivuze ati : „Kuko abiyita Kristo n'abahanuzi b'ibinyoma bazaduka bakora ibimenyetso bikomeye n'ibitangaza kugira ngo bayobye n'intore niba bishoboka. Mat. 24:24.

Kuva ku murongo wa 13-17 hatubwira ubuyobe buzabaho nubwo abantu bazahatirwa kwitabira, bakabona kwemererwa ibintu byose kubikora. Nkuko twabibonye ku kimenyetso cy'Imana, reka turebe n'icy'nyamaswa :

Twiyibutse ko ikimenyetso kigizwe : n'izina rya nyiracyo; n'umurimo akora; n'aho abarizwa (Adresse).

Tumaze gusoma neza rero ko bigaragara ko ikimenyetso cy'nyamaswa ko ari Icyumweru Dimanche yashyizweho n'umuntu akimura isabato ayashyizweho n'Imana. *Intamara ikomeye p. 657; para.3. Ibihamya, vol. 7 p.141.*

4 (18) Iby'umubare w'iyo nyamaswa, ibyah. 13:18.

Ngo ni 666. Ibyo bisobanura bite ? Bibiliya ivuga ko ari umubare w'umuntu. Mbese umuntu agira umubare ate ?

Igisubizo :

1. Mu nyandiko y'indimi z'abakera n'iz'Abaheburayo n'Abagiriki n'Abaroma, nta mibare bagiraga, ahubwo inyuguti zakoraga imirimo ibiri, ari ukuranga ijwi no kuranga imibare.

Urugero : Mu Rugiriki

A = 1; B = 2 ; G = 3 ; D = 4; E = 5; n'ibindi....

Mu Rutaliyani rw'Abaromani

I = 1; V = 5; X = 10; L = 50; C = 100; D = 500; M = 1000.

Igitekerezo cyo kugira inyandiko y'imibare yihariye ibimenyetso byayo bwite cyakomotse mu Barabu. Kubw'ibyo rero, iyo Abaroma bashakaga kwandika imibare bateranya inyuguti, umubumbe wazo bakawuhuza n'umubare babaraga bashaka kuranga.

Dore uko bandikaga 265 (ibi ni urugero) :

$$\text{CC} = 200$$

$$\text{LX} = 60$$

$$\underline{\text{V} = 5}$$

265 uko bandikaga : CCLXV.

2. Kuko inyuguti zabo zimwe zari zifite agaciro k'imibare, byabaye intandaro yo kongeranya agaciro k'inyuguti zo mu izina

ry'umuntu, umubumbe bakawita umubare w'iryo zina, cyangwa se umubare w'uwo muntu. Gushaka umubare w'izina ry'umuntu babikoraga ku mpamvu 2 :

- a. Guhinira izina hafi ;
- b. Kurihisha.

Muri Bibliya y'Abagatolika (Version ya Douay) hari ubusobanuo bw'Ibyah. 13 :18 ngo : « Inyuguti z'izina ry'uwo muntu uvugwa muri uwo murongo nizo zikwiriye kwongeranywa ngo zigire umubumbe wa 666 ». Mbese uwo muntu ni nde ?

Twamaze kuvuga ko inyamaswa yo mu Byah. 13 :1ff igereranya ubutegetsi bw'i Roma bwigereranya n'Imana bukarenganya abayo ; kandi rero umwami wabwo kuri ubu ni Papa. Mbese izina Papa rrimo inyuguti zifite agaciro ka 666 ?

Tubirebe :

- a. Muri Gazette y'Abagatolika yitwa « Our Sunday Visitor » yacapwe tariki 18/04/1915 harimo ibi ngo : « Mbese inyuguti bavuga ko zanditse ku ikamba rya Papa ni izihe, kandi zisobanura iki ?

Igisubizo : « Inyuguti zanditswe ku ikamba rya Papa ni izi : VICARIUS FILII DEI. Ni imvugo y'Ururatini isobanurwa ngo :URI MU CYIMBO CY'UMWANA W'IMANA. » ngaho tubare duhereye kuri iryo zina « officiel » rya Papa :

| <u>VICARIUS</u> | <u>FILII</u> | <u>DEI</u> | <u>Tubyongeranye byose:</u> |
|-----------------|---------------|---------------|-----------------------------|
| V ni 5 | F ni 0 | D ni 500 | VICARIUS = 112 |
| I ni 1 | I ni 1 | E ni 0 | FILII = 53 |
| C ni 100 | L ni 50 | <u>I ni 1</u> | DEI = <u>501</u> |
| A..... | | | |
| R ni 0 | I ni 1 | 501 | |
| I ni 1 | <u>I ni 1</u> | | Umubumbe = 666 |
| U ni 5 | 53 | | |
| S..... | | | |
| | 112 | | |

b. Reka ntange ni ikimai cyitegererezo dunereye ku kugiriki. Abagiriki bitaga Papa « LATEINOS » = (umunyalaini). Agaciro k'iryo zina dukurikije gahunda y'inyuguti z'urugiriki ni aka : L = 30 ; A = 1 ; T = 300 ; E = 5; I = 10; N = 50; O = 70; S = 200

Uwo mubare 666 wahoze ari ikimeneytso cy'ubwiru bw'idini y'abapagani b'i Roma uhoreye kera cyane. Abatambyi babo bambaraga impigi zitwaga

IBIMENYETSO BY'IZINA. Zameraga nk'imidari Abagatolika bambara: iruhande rumwe hari ishusho y'izahabu n'aya magambo ngo : UBWENGE BW'IZUBA. Ku ruhande rwa kabiri hari iyi mibare y'ubwiru bwabo :

| | | | | | |
|----|----|----|----|----|----|
| 6 | 32 | 3 | 34 | 35 | 1 |
| 7 | 11 | 27 | 28 | 8 | 30 |
| 19 | 14 | 16 | 15 | 23 | 24 |
| 18 | 20 | 22 | 21 | 17 | 13 |
| 25 | 29 | 10 | 9 | 26 | 12 |
| 36 | 5 | 33 | 4 | 2 | 31 |

Igitangaza cy'iyo mibare ni uko niwongeranya umurongo wose, imirongo itambitse cyangwa ihagaze, wasanga ko umubumbe uhari ari : 111. Biragaragaza rwose ko 666 ari umubare i Roma yihariye, uhoreye mu gihe cy'ubutegetsi bwabo bwa gipagani ukageza ku butegetsi bwabo bwa Papa.

Dusubire haruguru gato twiyibutse ko:

Yohana ubwo yari amaze kwerekwa inyamaswa iva mu nyanja, yabonye indi izamuka iva mu butaka. Tumaze kubona ko inyamaswa ya mbere igereranya ubutegetsi bw'i Roma uhoreye mu gihe cy'Abakaisali bashakaga kwishyira mu mwanya w'Imana, kugeza mu gihe cy'Abapapa. Ubwo bwami koko bwadutse mu nyanja koko; kuko i Roma ari mu Burayi hari abantu benshi cyane. Ariko Yohana yeretswe ko inyamaswa ya kabiri izamuka ikava mu butaka: ahatuwe n'abantu bake cyane. Mbese aho hantu ni hehe? Ntabwo ari mu Bulayi cyangwa muri Asiya, ahubwo ni hakurya y'nyanja y'Atalantika mu gihugu gishya cy'AMERIKA ikasikazi. Kubw'akarengane k'Abagatolika, Abaporotestante babanje kwambuka iyo nyanja mu 1620 N.K bahungira muri Amerika y'ikasikazi. Mu w'1777 N.K bari bamaze kwemeranya amategeko yabo y'iremezo. Ayo mategeko yari ashingiye ku magambo 2 y'imena ngo : UBUPROTESTANTE, UBUREPUBLIKA. Bari bamaze kwanga ko Papa aba mu itorero, cyangwa umwami aba mu gihugu.

Imico y'iyo nyamaswa, Ibyah. 13:11-14

1. Yavuye mu butaka : biggereranya igihugu gishya cya Amerika.
2. Amahembe 2 nk'ay'umwana w'intama :
 - a. Agereranya amagambo 2 y'imena yo mu mategeko-nshinga y'Abamerika, uko ari UBUPROTESTANTE, BUREPUBLIKA.

b. Nk'uko intama itagira amahane (nkanswe umwana wayo), niko n'ubutegetsi bwabo bwari ubunyamahoro cyane bushingiye kuri Bibliya.

Indi mico yose ivugwa kuri iyo nyamaswa ntirasohora :

1. Kuvuga nk'ikiyoka :(nka satani) ni ukuvuga ko Etazuni zizagera igihe zizategekana ubukana n'inabi.
2. Gutegekesha ububasha bwose bwa ya nyamaswa ya mbere, Ibyah. 13:12,14.
 - a. Abamerika bazarwanya itorero ry'ukuri nka ya nyamaswa ya mbere, Ibyah. 13:7.
 - b. Bazahatira abantu bose gukeza Umupapa w'i Roma.
 - c. Izakora ibimenyetso bikomeye byo gutinyisha abantu no kubayobya: Imanure umuriro uve mu ijuru. Bishoboka ko ibyo bisesereza kuri za bombe atomique ziturikira mu kirere, umuriro ukamanukira abantu.
 - d. Izahatira abantu kurema igishushanyo cya ya nyamaswa ya mbere.

Iby'igishushanyo cy'inyamasa ya mbere, Ibyah. 13:14f

Mbese igishushanyo cy'inyamasa ni iki? Uko bisanzwe, ighushanyo ni ikintu gisa n'ikindi nyir'izina; nk'ifoto y'umuntu isa nawe ku ishusho, nyamara atari we bwite. Muri ubwo buhanuzi, igishushanyo cy'inyamasa kigereranya Ubwiganyi bw'amadini atari amwe bashaka kwiyunga n'Abagatolika, bakigira nkabo, bakagenza nkabo, bakizera nkabo, bakishushanya nabo. Yohana yeretswe ko ari Abamerika b'ikasikazi bazaba amendeze yo guhuza ubwo bumwe muri Amerika bameneshejwe n'Abagatolika! Ko bashingiye amategeko yabo y'iremezo kuri iri jambo ngo : Ubuprotestante, bakanga ko Umugatolika atorerwa kuba prezida wabo! Ngo nibo noneho bazabanza guhereza abagatolika ukuboko ngo bahuze ubumwe; bazaramburira Abagatolika amaboko hejuru y'umworera ubatandukanya ngo bahuze. Ibyo nibimara gusohora, nibwo bazagera ikirenge mu cy'i Roma bahata no kurenganya abazanga gufatanya nabo."

Intambara ikomeye, p. 588f

Twahoze tuyoberwa uburyo ubwo buhanuzi bwasohora, kuko Abagatolika n'Abaprotestante baziranaga, ariko muri iyi minsu tumaze kubona ibimenyimenyi bya mbere bitwemeza ko bizashoboka :

1. Za nama za ekumeniko zahanzwe na Papa Yohana XXIII zabereye kugarurira muri Kiliziya "intama zazimiye" zo mu yandi madini;

- Bati : "uburyo bwiza bwo kuzigarura ni ukuzisaba imbabazi." Ariko kandi bati :"Bakwiriye kwemera inyigisho zacu."
2. Ubwa mbere abatasi b'andi madini bararikwaga kuza muri izo nama, ariko ntibakundirwaga kuvuga muri iyi ya vuba Papa ubwe yemeye kujya mu iteraniro ry'Abaprotestante, bakamubwiriza!
 3. Abakuru bo mu bihugu bya Giprotestante, benshi bamaze gukubita ingendo ndende bajya gusura Papa : Nk'umwepiskopi mukuru w'Ubwongereza n'Umwamikazi waho.
 4. Abagatolika babaye nk'abicisha bugufi. Muri izo nama za ekumeniko havuye iri jambo ngo mwa Baprotestante mwe, tubasabye imbabazi z'ibyo twakoze bidakwiriye. Mutyo twunge ubumwe." Ariko muri uko kurarika ko kunga ubumwe ntibemera kureka inyigisho zabo zayobye.
 5. Zirikana aya magambo yabonetse mu Kinyamateka n° 40, yo mu 1964, p. 2 ngo : "Umubano w'Abagatolika n'Abaprotestante". Ubu abakristo basanzweho mu Rwanda barabana neza n'Abaprotestante cyangwa Abadiventiste bashyizeho umwete. Abakristo bamwe bumvise neza icyifuzo cya Papa na Konsili (inama), gutunganya neza umubano w'Abagatolika n'abakristo bemera Yesu Kristo batandukanyijwe n'impaka. Ibyo bizatuma abakristo batandukanye bongera kwiyunga bagashyira hamwe. Umubano mwiza uhuza abatandukanye kurusha impaka kwemeza abandi ko tubarusha idini, cyangwa amaboko mu gihugu.

Songeraho aya magambo yanditswe muri Kinyamateka, n°, 1965, p.1 asobanura imigambi ya Papa Paulo yari afite ubwo yasuraga mu Buhindi, ngo : "Papa ajya mu Buhindi yatwumvishije ko Kilizya ishaka icyayihuza n'abantu bose muri iki gihe."

Mu isi yose Abaprotetante nabo barashishikarira gufatana urunana n'Abagatolika. Abantu bo muri Etazuni batangiye kubogamira ubupapa cyane Papa nave arabikunze. Aheruka kujya muri Amerika, asura Prezida Johnson; umukobwa wa Prezida Kennedy wazunguwe na Johnson yari Umugatolika. Abanyamerika batangiye kurema cya gishushanyo. Nibamara guhuza imigambi n'inyigisho rwose n'Abagatolika, nibwo Abamerika bazasohoza Ibyahishuwe 13:15-18.

Ikimenyetso cy'inyamaswa icyo ari cyo, ibyah. 13:16-18.

1. Twasanze ko 666 ari umubare w'izina ry'iyo nyamaswa, kandi izina ry'umuntu nicyo kimenyetso cye. Ubwo umubare (666) twasanze ko wakomotse ku bapagani b'i Roma ba kera cyane basengaga izuba, bakariharira umunsi wa mbere wa buri cyumweru, bakawita SUN-Day. Byongeye kandi twasanze ko mu minsi y'imperuka yegereje cyane, abantu bazapfa isabato izaba ibendera ry'Imana muri icyo gihe. Abazemera gukurikiza ukuri bazareka kuziririza Dimanche, baruhuke Isabato.
2. Nibwo Abagatolika n'abazaba bahuje ubumwe nabo bazarenganya abadakomeza umunsi wabo, ari wo kimenyetso cyabo. Bisa naho bazashyira amasoko makuru ku munsi w'isabato, bashaka inzira zose babuza Abadventiste kugura, keretse bakiriye ikimenyetso cy'inyamaswa :
 - a. Mu ruhanga bisobanura ngo : bazaba babahenze rwose babemeza ko icyo kimenyetso ari cyiza. Mu ntekerezo.
 - b. Mu kiganza bisobanurwa ngo : bamwe bazapfa kuruhuka kuri dimanche no gukora ku isabato bya nikize, bazi neza mu mitima yabo ko atari iby'ukuri.

**18. UBU TUMWA BW'ABAMALAIKA 3 BUHERUKA
N'UMUSARURO W'ISI**

Ubutumwa bw'abamaraika 3 buvugwa mu Byah. 14:6-12 nibwo bukurikira ubwa maraika ukomeye uvugwa mu Byah. 10, ndetse ubutumwa bw'abamaraika 3 bwo mu Byah. 14:6-12 nibwo busohoza Ibyah. 10:11. Ubutumwa bw'abamaraika 3 ni ubwo kwitabwaho cyane kuko aribwo buheruka buzabanziriza kugaruka kwa Yesu. Yohana yeretswe ko maraika wa gatatu namara kuranga ubutumwa bwe, aribwo Yesu azaza gusarura isi. Soma Ibyah. 14:6-20 witonze.

A. IBY'ABO BAMARAIKA 3 UBWABO :

Uko ubizi mu Rugiriki iri jambo ngo " MARAIKA ni ANGELOS : iryo jambo rigasobanurwa ngo : INTUMWA (ar'iyo mu ijuru itumwa n'Imana twita maraika, cyangwa intumwa yo mu isi itumwa n'undi). Mu Byah. 14 abamaraika batatu bagereranya abantu Imana ikoreramo ikabatuma ngo bamenyeshe abandi ubutumwa bwayo buheruka. Nk'uko Yohana yabonye abamaraika 3 bakurikiranye, maraika wese agatanga ubutumwa bwe ukwe, niko Imana yageneye igithe cyose ubutumwa bwacyo, buhuje nacyo, ikagena n'abo kubuvuga mu gihe cyabwo.

Urugero : Nowa yahawe ubutumwa bwari bwagenewe igithe cye, na Yona yahawe ubutumwa bukwiriye ab'i Ninewe mu gihe cye bwite. Niko na none Ubutumwa bwa maraika wo mu Byah. 10 bwagenewe kubwiriza kugeza mu w'1844 N.K, naho ubutumwa bwo mi Byah. 14:6-12 bwagenewe kubwiriza muri icyo gihe, abantu bamaze gusobanukirwa n'uko kwezwa k'ubuturo kuyugwa muri Dan. 8:14 kugereranya urubanza rwo mu ijuru rwatangiye mu mwaka w'1844 N.K.

B. UBUTUMWA BWA MARAIKA WA MBERE, Ibyah. 14:7.

1. Ngo : Ni ubutumwa bw'iteka ryose : Nubwo bwatangiye kubwirizwa kera ubwo abantu bari bamaze gusobanukirwa n'ibyatangiye mu wa 1844 N.K, ubwo butumwa buzakomezwa kwamamazwa mu myaka yose kugeza ku mperuka, niko kwitwa ubw'iteka ryose.
2. Ngo buzigishwa mu mahanga yose n'imiryango yose n'indimi zose n'amoko yose: Gereranya ayo magambo yo mu Byah. 10:11. Ubutumwa uko buzakomeza kwamamazwa mu myaka yose kugeza ku mperuka, niko kwitwa ubw'iteka ryose.
3. Ngo nimwubahe Imana... kuko igithe yo guciria abantu urubanza gisohoye:
 - a. Mu gihe cya Paulo n'abandi banditse Isezerano Rishya urubanza rwari rutarasohora. Mu Byak. 24:25 handitswe iby'amateka azacibwa. Mu gihe cya Paulo ayo mateka yari inzagihie.

b. Mu mwaka w'1844 N.K abigishwa ba William Miller bibwiraga ko Yesu azagaruka ku itariki ya 22/10, kuko umunsi w'impongano wabaye kuri iyo tariki muri uwo mwaka. Uwo munsi umaze gucyu no kwira, abantu benshi bacika intege rwose

Bukeye bwaho, ku itariki ya 23/10 wa mugabo wize ibye witwaga Hiram Edsoni yagendaga atazi iyo ajya, ababaye cyane yihebye, ari mu kangaratete. Ubwo yagendaga mu murima w'ibigori, Umwuka Wera amuzaho cyane, maze ngo ajye kubona, abona ku ijuru ibimeze nk'isinema. Abona Yesu ahagaze mu muryango w'ubuturo, ava ahera ajya ahera cyane. Nta kindi uwo mugabo yeretswe, ariko ibyo byari bihagije byo kumumenyesha ko aho bahabiye mu ntekerezo zabo zerekeye Dan. 8:4 atari mu ihera ry'iminsi ahubwo ari mu busobanuro bw'iri jambo ngo : UBUTURO. Ati : "Ubuturo buhavugwa si ubw' iy'isi, ahubwo nabonye ko ari ubwo mu ijuru. Noneho bifuza kumenya ibyakurikiyeho le 22/10/1844.

Mu kwezi kwa 12, 1844 umukobwa witwaga Elina Harmoni (ari we warongowe na Pastor White hanyuma) yatorewe n'Imana kuba akanwa kayo ko kuyobora abo bantu bari basigaye babuze hepfo na ruguru. Kuva mu mwaka w'1845 bashishikarira gicumungutura muri Bibliya ngo bavumbure ubusobanuro bwo kweza ubuturo bwo mu ijuru. Bigejeje mu mwaka w'1848. bateranira hamwe mu mezi atari make, ngo impuguke zo mu materaniro atari amwe zisangire ibyo zungutse, bagera ku gisubizo gishyitse. Elena White yateranaga nabo, ariko ntiyabashije gusobanukirwa n'ibyo baganiraga byose kuko byari ibintu bimurenze cyane bikomeye, nawe akaba yarize imyaka 3 mu ishuri gusa. Hato na hato abo bagabo b'impuguke bageraga mu mpatanwa, bakabura ubusobanuro bw'ibyo biga, bati : "Biratunaniye rwose. Muri bene ibyo bihe Elena White agahabwa iyerekwa ry'izo ngingo, akazibasobanurira. Muri ubwo buryo Umwuka Wera yabagejeje aho bavumbuye ukuri ko kwezwa k'ubuturo bwera; nuko ijwi rya maraika wa mbere riherako ritangira kumvikana ryeruye cyane ngo : Igihe cy'imanza kirashoye.

4. Ngo : "Muramye iyaremye ijuru n'isi n'inyanja n'amasonko: Uretse ko ubutumwa bumenyesha abantu ko imanza zimaze gutangira, ni ubutumwa bwihanangiririza abantu kwibuka Umuremyi. Imana ni Umuremyi mu buryo bubiri :

- Ni Umuremyi w'isi n'ibiyirimo byose.
- Ni Umuremyi w'imitima mishya.

Mu cyumweru cyo kurema Imana yahereye ku isi idafite ishusho, iriho umwijima w'icuraburindi, maze mu minsi 6 irayinogereza. Imana inyurwa n'umurimo wayo bwite, ihanga isabato ngo ibe urwibutso rw'uwo murimo wayo utakorwa n'undi wese. Na none uko niko Imana ihera ku muntu utagira ishusho nziza ku ngeso, umutima we ukaba ucuze umwijima w'ibyaha, ikamunogereza. Imaze kunyurwa n'uwo muntu kubw'umurimo wayo bwite, Yes. 60 :21, nibwo Imana igira isabato ikaruhuka, Heb. 4.

Kubw'ibyo rero, ubutumwa bwo kwibutsa abantu iby'Umuremyi bwizimbyemo n'ijambo ryerekeye isabato ko ari ikimenyetso cyo kutwibutsa ko Imana ifite imbaraga zo kurema isi no kurema imitima mishya. Ezek. 20 :12.

Uburyo ubutumwa bwa maraika wa 1 bukeneye abantu :

- a. Inyigisho za evolutionisme zatumye abantu benshi batizera ko Imana ari
Umuremyi. Ubwo butumwa burayerereza.
- b. Inyigisho z'ubugatolika zatumye abantu benshi bibwira ko bashobora kwikirisha imirimo myiza no gukomeza imihango y'idini. Ubwo butumwa bumenesha abantu ko abantu bazakizwa nuko Imana yahinduye kamere yabo kubwo kubaremamo imitima mishya.
- c. Inyigisho z'ubugatolika zubahirije umunsi w'izuba, maze isabato y'Imana iribagirana. Ubwo butumwa nibwo bwerereza umunsi wibutsa abantu ko Imana ari Rurema.
- d. Ari inyigisho z'ubugatolika, cyangwa imitima yab' yi minsi y'imperuka, byatumye abantu batega amakiriro kuri Papa na Mariya n'abatagatifu na za sakramento no ku butunzi n'isumbwe, bakabirutisha Imana, « bakaramya ibyaremwe, bakabikorera, kubirutisha Imana, Rurema ». Rom. 1 :26. Abandi bahindutse abasenga-nda, bakanywa ibitanyobwa no kurya ibitaribwa. Fil. 3 :19. Ubutumwa bwa malaika wa mbere buteshura abantu ubwo buyobe, ngo bareke ibigirwamana no guhugukira Imana Rurema.

Uhereye mu mwaka w'1848 N.K. ubutumwa bwa maraika wa 1 bwatangiye kumvikana mu buryo bushyitse, bukambuka inyanja, bukagera mu mahanga yose n'imiryango myinshi n'indimi nyinshi cyane. Wowe wizewehe n'Imana kuyibera maraika wa mbere. Urabikora se ? Uzabikora ?

C. UBUTUMWA BWA MARAIKA WA KABIRI, Ibyah. 14 :8.

1. BABULONI

i. Iryo zina ryakomotse kuri iri ry'Urukaludaya ngo BAB-ILU naryo risobanurwa ngo « : Irembo ry'imana nyinshi. Mu Ruheburayo Babeli, risobanurwa ngo : UMUVURUNGANO cyangwa URUDUBI. Mu mvugo y'ubuhanuzi, Babuloni igereranya amadini y'urudubi avangavanga inyigisho z'ukuri n'iz'ibinyoma, nyamara yose agahenda abantu ubwenge ngo ni irembo ry'Imana.

ii. Kugwa kwa Babuloni kuvugwa mu butumwa bwa malaika wa 2 : Ni ukuvuga agaciro mu bitekerezo by'abantu kwa bene ayo madini, ubwo abantu bazakomeza ijambo ry'Imana. Cyane cyane abantu bazarushaho gusobanukirwa n'ubwo buhenzi mu minsi ituri imbere.

Uko ibihe bizakomeza guha ibindi satani azarushaho gukorera mu madini yayobye kugeza ubwo abatari abagatolika barema igishushanyo cy'inyamaswa, bakunga ubumwe n'abagatolika, bagatangira kurenganya no guhata abantu bake bazaba basigaye batemera inyigisho zabo ziyobye, aribo badventiste b'umunsi wa karindwi. Abantu beza b'itorero ry'Imana ritagaragara bazaba bakiri muri Babuloni, ubwo bazabona abasaserdoti babo n'abapasitoro barangaje imbere y'abigishwa babo bagiye gutwika amazu y'abakristo nyabo, bazabahararukwa, bahararukwe n'inyigisho zabo, Babuloni ihereko igwe (mu ntekerezo z'abo bantu beza).

Madame White yeretswe iby'abo bayobozi gito bo muri icyo gihe ati : « Ububasha bw'Imana bazajyana n'abavuga ubutumwa bwa maraika wa 2 buzasarisha abandi. Ababwiriza n'abayobozi n'abapasitoro b'amadini yayobye bazagerageza uko babashije kose kuba umucyo w'Imana ngo we kumurikira imikumbi yabo. Bazabuzanya igitsure abantu babo ngo be kuganira iby'ubwo butumwa, ndetse nibwo Abaprotestante n'Abagatolika bazatabaza amaboko ya Leta, ngo barenganye abanga gufatanya nabo. » *Intambara ikomeye, p. 607.*

iii. Inzoga ari zo ruba ry'ubusambanyi bwa Babuloni

a. Ubusambanyi ni imvugo y'iby'umwuka isobanura gahunda y'amadini yayobye yo kubangikanya inyigisho z'ukuri n'iz'ibinyoma. Ni ugufatanya ingeso nziza (z'imihango y'idini

zigaragara) n'iza kabutindi (nko kurenganya no kwica abadahuje nabo).

b. Inzoga zo zigereranya iki ? Nkuko inzoga ziyobya ubwenge bw'abantu niko n'inyigisho z'amahimbano zayobeje imitima n'ubwenge bya benshi, ndetse zizarushaho kubayobya mu bihe bizaza. Mat. 24:24.

Dore uko umuhanuzikazi w'Uwiteka yabisobanuye ati : "Mbese izo nzoga zigereranya iki? Zigereranya inyigisho z'ibinyoma za Babuloni. Babuloni yahaye ab'isi isabato itari yo, ngo abari yo bakomeza mu cyimbo cy'isabato y'itegeko rya 4. Byongeye kandi Babuloni yakomeje guhererekanya cya kinyoma cya satani, icyo yabeshye Eva ari mu Edeni ngo : umwuka w'umuntu ntupfa. Ibindi binyoma byinshi nk'ibyo nibyo Babuloni yashakaje hirya no hino yigisha inyigisho z'abantu nk'aho ari amategeko y'Imana. Mme White mu rwandiko yandikiye abayobozi b'itorero mu kwezi kwa 11, 1890.

D. UBUTUMWA BWA MARAIKA WA GATATU, Ibyah. 14:9-12.

Ubwo butumwa ni ubwo kuburira bikomeye, bugaragaza amaherezo ateye ubwoba y'abantu bazemera kwifatanya n'inyamaswa n'igishushanyo cyayo nubwo bazi ukuri, bakigiza nkana. Wamaze kumenya ko iyo nyamaswa igereranya ubutegetsi bw'i Roma bwigereranya n'Imana. Kuri ubu ni ubupapa, kandi ni nabwo buvugwa mu Byah. 14:9-12. Igishushanyo cy'inyamaswa gisura ubwifatanye bw'amadini azahuza ubumwe n'ubupapa mu minsi ituri imbere. Ari inyamaswa n'igishuhisanyo cyayo, bifatanirije hamwe nibyo biggereranywa n'umudugudu w'i Babuloni. Mu gihe cya Maraika wa 3 hazumvikana ijwi rihamagarana ubwira riti : " Bwoko bwanjye nimuwusohokemo, kugira ngo mwe gufatanya n'ibyaha byawo, mwe guhabwa no ku byago byawo." Ibyah., 18:4.

Ubutumwa bwa maraika wa 3 buzasakara mu isi, nibwo ubwoko bw'Imana buzava muri Babuloni, ari bo ba bandi b'itorero ritagaragara, ngo baze mu rigaragara. Abanga kuva muri Babuloni, bakemera kwica isabato no kuruhuka kuri dimanche, kandi bazi ko bidahuje n'ijambo ry'Imana nibo bazaterwa n'ibyago 7 biggereranywa n'inzoga (niyo mujinya w'Imana). Soma Ibyah. 13:1-4 uko Yohana yongeye kwerekwa ubutumwa bwa maraika wa 2 na 3.

"Ubwo Yesu yatangiraga umurimo we wa Mesia, yejeje urusengero rw'i Yerusalemu yirukanamo abacuruzi baruhumanyaga, Yoh. 2:15. Na none agejeje mu cyumweru giheruka cyabanjiriye kubambwa kwe yongeye kurweza atyo, Mat. 21:12. Niko no mu murimo uheruka wo kuburira isi, Yesu azahamagara abo mu itorero kabiri :

Ubwa mbere azabahamagaza ubatumwa bwa maraika ngo : "Babuloni iraguye." N'ubwa kabiri azabahamagaza ijwi rya maraika wa 3 ngo : "Nimuyisohokemo bwoko bwanjye... kuko ibyaha byayo byarundanijwe bikagera mu ijuru, kandi Imana yibutse gukiranirwa kwayo."

"Nkuko Imana yahamagariye abana b'Isirali kuva mu Egiputa ngo. bakomeze isabato yayo, niko ihamagara abantu bayo kuva muri Babuloni ngo be gusenga inyamaswa cyangwa igishushanyo cyayo. Wa mugabo nyir'ibyaha washatse guhindura ibihe n'amategeko, yikakarije kwishyira hejuru y'Imana agwiza mu isi yose isabato y'ibinyoma. Icyo kibyariramo cy'ubupapa n'ubupagani cyemewe n'abakristo hafi ya bose, baraghagatira, baracyonsa, bahinyura Imana kubwo gupfobya urwibutso rwayo, bakarusimbuza isabato y'ibihimbano." *Intambara ikomeye*, p. 607.

1. Iby'inzoga zigereranya umujinya w'Imana uzasukwa kuri Babuloni n'abatayisohokamo. Ibyah. 14:10; Imana yashatse mu bintu byose bibi ngo ibone igikabije kuba kibi, abe aricyo ishushanya n'umujinya wayo uteye ubwoba uzagaragarira mu byago 7 by'imperuka. Niko gutoranya inzoga. Soma na Zab. 75:8.
2. Iby'umwotsi uzacumba iteka ryose (Ibyah. 14:11) : Si ukuvuga ko inkozi z'ibibi zizashya ibihe bidashira, ahubwo mu Rugiriki iteka ryose risobanurwa ngo AIONIOS wibuke ubusobanuro bw'iryo jambo butwemeza ko ababa bazatwikwa n'umuriro utabasha kuzima ugifite icyo wakongora. Wibuke ariko ko amaherezo, ababi nibamara gukongoka, umuriro uzazima.

Ubuhamya : Mal. 4:1. Imana y'urukundo ntiyakwishimira kubabaza abanyabyaha ibihe byose bidashira. Gereranya iby'umwotsi uzacumba iteka ryose n'aya magambo avugwa kuri Edomu wakongotse ukarimbuka kera : Yes. 34:9,10.

3. Ngo : "Aho niho kwihangana kw'abera kuri" Ibyah. 14:12 Mu gihe iyo nyamaswa n'igishushanyo cyayo bizashegera gutuma abantu bose bemera ikimenyetso cyayo. Banze bakunze, nibwo ubwoko

bw'Imana buzaba bukwiriye gushikama bya kigabo bukhangana, ntibareke imyizerere ihwanye n'iya Yesu bagiraga akamenyero ko gukomeza isabato, ntibirengagize Dekalogosi, iyo Yesu yarahiye ko ataje gukuraho, haba n'nyuguti imwe cyangwa agace kayo gato. Nicyo cyatumye ubwo Yohana yabonaga ab'Imana bari mu kaga : « aho niho kwihangana kw'abera kuri bitondera amategeko y'Imana, bakagira kwizera nk'ukwa Yesu. »

Guhera ku murongo wa 13-20 hatubwira uko bizamera igihe cyo gukura urukungu mu masaka. Ubwo abamarayika bazamara kurangurura amajwi yabo umuntu wese azahabwa umwanya wo kwihitiramo, ave muri Babuloni cyangwa ayigumemo. Ubwo nibwo urukungu ruzagaragara Kristo akajya guhunika amasaka, urukungu rusigare. Nibwo Kristo azaza gusarura iy'isi.

1. Abandi bamaraika 2 (Ibyah. 14 :17). Ngo : « Umwe afite umuhoro utyaye, undi akaba ari uwo mu gicaniro kivugwa ; ni cya kindi cyo mu gikari cy'urusengero (mu rugo rwarwo) cyasuraga gupfa k'Umwami Yesu no gupfa kw'abakristo bose bazicwa bamuzize. Mu Byah. Icyo gicaniro kivugwa iyo habaye igitekerezo cyerekeye abahowe Yesu. Reba Ibyah. 6 :9 ; 9 :13,14 ; 16 :4-7.
 - a. Maraika wa 1 : Umurimo we ni ukuyobora iby'ibyago 7 by'imperuka ngo birobanure bigere ku rukungu gusa ntibigere ku masaka. Nkuko umusaruzi arobanura niko na maraika uwo azaba afite umuhoro azarobanura.
 - b. Maraika wa kabiri : Umurimo we ni uguhorera abarenganirijwe umwami Yesu no kumaraho inkozi z'ibibi
 - c. (ubwo bazicwa n'umuriro nyuma y'imyaka 1.000, wibuke ko ari maraika wo mu gicaniro, kandi igicaniro gifitanye isano n'umuriro). Inzabibu zinetse zigereranya ababi bazaba bahiye rwose, banetse rwose mu bibi byose.
- a. Umwuzure ugereranya urugamba rwa Har-Magedoni, ruzaba hafi y'i Yerusalem, ariko inyuma yayo. Reba Yoeli 3 :12,13. Wibuke ko igikombe cya
Yehoshafati n'i Yerusalem hateganye.
- b. Umusozzi Megido n'umugezi w'i Kishoni harateganye, Abac. 5 :19-21).

c. Igikombe cy'i Kishoni naho gikombe cya Yehoshaati. Tuzarushaho kwiga iby'urwo rugamba nitugera mu gice cya 16.

2. Amaraso menshi: Ibirimo byayo birangwa mu Byah. 14:20 bigaragaza uburyo hazaba kurimbuka gukomeye rwose, ubwo Yesu azatuma ababi bicana, nawe akabatsema ubwo azagaruka. Sitadio 1600 zingana n'uburebure bw'igihugu gifite ubwiza, uhoreye ikusi ukageza ikasikazi.

E. IZINDI NGINGO NKE ZEREKEYE IKIMENYETSO CY'INYAMASWA :

Hepfo aha tugiye gutanga ubuhamya bumwe bw'abagatolika ubwabo bwerekeye icyo kimenyetso. Twamaze kwiga ko umubare 666 ari uw'izina ry'inyamaswa (ari naryo zina ry'umuntu). Kandi rero izina ry'umuntu riba ikimenyetso cye. Byongeye kandi twasanze ko 666 ari umubare wakomotse mu busengazuba bw'abapagani b'i Roma, ukakirwa n'abapapa bavangavanze iby'ubusengazuba n'iby'ubukristo. Dore uko byanditswe muri gazeti y'abagatolika yitwa *The Catholic World* yacapwe mu kwezi kwa Mars. 1894, p. 809 :

« Kiliziya yenze umunsi wa dimanche, iwuhindura dimanche ya gikristo. ... Muri ubwo buryo dimanche ya gipagani, ya yindi baziririzaga bubahiriza Baali, yahindutse iya gikristo, iyo tuziririza twubahiriza Yesu. »

Mu rwandiko Cardinali Gibbons w'i Baltimore (Etazuni) yanditse mu w'1895 N.K yaravuze ati : « Guhindura umunsi w'ikiruhuko ni umurimo Kiliziya yiratana. Ndetse uwo murimo ni ikimenyetso cy'ububasha bwayo n'ubushoboz iifite bwo kugenga ibyerekeye idini. »

Ubundi kandi bati : « Kiliziya yahinduye ukwera kw'isabato igushyira ku munsi wa mbere w'icyumweru... Abaprotestante bo, bavuga ko Bibliya ari yo muyobozi wo kwizera, nta gihamya bafite gituma babemeza dimanche. » Kuri ibyo, abadiventiste b'umunsi wa 7 nibo baprotestante b'ukuri. » Ibyo byanditswe muri Catholic Universe Bulletin, Aug. 14 ; 1942, p. 4.

Mu gitabo cyitwa The Faith of our Fathers cyanditswe na Cardinal Gibbons, pp. 72 f; handitswe aya magambo ngo :

“Ushobora gusoma Bibliya uhoreye mu Itangiriro ukageza mu Byahishuwe, ntubonemo umurongo n'umwe utegeka abantu kweza umunsi

w'icyumweru. Ibyanditswe bitegeka abanyedini gukomeza umunsi wa 7 ari wo munsi tuteza na hato.”

Undi witwa M.J Scott, yandikiye abagatolika bagenzi be igitabo cyitwa *Things catholic are asked, ku ipaje ya 136* yanditse aya magambo :

« Nta hantu hari muri Bibliya havuga ko umunsi wo gusenga Imana ngo we kuba uwa 7... Ahubwo Kiliziya yarawuhinduye ngo kuko ari yo yabanjirije Bibliya kubaho. Kiliziya yariho mu myaka amagana menshi Bibliya itarahabwa abo mu isi. Kiliziya niyo yaremye Bibliya. Ntabwo Bibliya ariyo yaremye Kiliziya. Nicyo gituma dufite ububasha bwo kwigisha ibya Purigatori nkuko dufite ubushobozi bwo kwigisha ibya dimanche, kandi bitari muri Bibliya. »

Ubu turakurikizaho amagambo make yavuzwe na Elena White yerekeye ikimenyetso cy'inyamaswa.

Nta wari washyirwaho ikimenyetso cy'inyamaswa. Igihe cyo kugergezwa ntikirasohora. Hari abakristo b'ukuri mu matorero yose, utaretse na Kiliziya Gatolika. Ntawe ucirwaho iteka ataramurikirwa n'umucyo, agasobanukirwa nuko ari ngombwa gukomeza itegeko rya 4. Ariko rero ubwo itegeko rizatangwa ryo guhatira abantu gukomeza isabato itari yo (i.e Dimanche) ijwi rya maraika wa 3 rikarangururira kuburira abantu kudasenga inyamaswa n'igishushanyo cyayo, nibwo Imana izatambika agati yeruye hagati y'ibinyoma n'ukuri. Ubwo nibwo abanga kugendera mu kuri bazahabwa ikimenyetso cy'inyamaswa. *Evangelism, p. 234f.*

Ubundi kandi yaranditse ati : « Gukomeza dimanche ntikureba ikimenyetso cy'inyamaswa ; ndetse ntikuzaba cyo keretse itegeko ritanzwe rihatira abantu kwemera iyo sabato y'ibihimbano. Igihe kizaza uwo munsi uzabera abantu ikigeragezo n'igisitaza, ariko icyo gihe ntikirasohora. » *Urwandiko n°118 rwanditswe mu 1899.*

19. IBYAGO BIRINDWI BY'IMPERUKA

Ibyahishuwe 15 na 16 nibyo bice birimo igitekerezo giteye ubwoba rwose cy'ibizaba ku nkozi z'ibibi, igihe cy'imbabazi nikimara gushira. Soma ibyo bice byombi witonze (icyakora Ibyah. 15:2-4 ntihavuga ibya ba bandi 144.000 ubwo bazaba bageze mu ijuru).

A. Icyago cya mbere (Ibyah. 16:2) : IBISEBE

1. Mu gihe cy'ibyago 7 ao mu'isi bazaba bamaze kwigabanyamo kabiri; ari abafife ikimenyetso cy'inyamaswa n'abafite ikimenyetso cy'Imana (nibo ba bandi 144.000). Mu Byah. 16:2 hagaragaza ko icyago cya 1 kizasukwa ku bafite ikimenyetso cy'inyamaswa bonyine. Abazaba barashyizweho ikimenyetso cy'Imana bazaba bari mu "rwihiho rw'Isumba byose". Kuri bene abo isezerano ry'Imana rireruye ngo : "Abantu igihumbi bazagwa iruhande rwawe, abantu inzovu bazagwa iburyo bwawe, ariko ntibizakugeraho. Uzabirebesha amaso yawe gusa, ubone ibihembo by'abanyabyaha. Kuko... wagize Isumba byose ubuturo, nta kibi kizakuzaho kandi nta cyago kizegera ihema ryawe. Kuko azagutegekera abamaraika be, ngo bakurindire mu nzira zawe zose." Zab. 91:7-11.
2. Ibisebe bizatezwa ababi mu cyago cya 1 bizaba bikiryana mu gihe cy'icyago cya 5 (Reba Ibyah. 1-11.)

Icyago cya kabiri, Ibyah. 16:3 : INYANJA IHINDUKA AMARASO

Nubwo inyanja zizahinduka amaraso, ntabwo Imana izahana abayo mu gihe abandi bazaba bishwe n'inyota. Amazi y'inyanja ntanyobwa, ariko rero guhinduka amaraso kwayo kuzababaza abantu kuko inkuge zizabura uko zifyana ibicuruzwa, ifi zigapfa umunuko ugatera abantu iseseme.

Icyago cya gatatu, Ibyah. 16:4-7 : INZUZI N'AMASOKO BIHINDUKA AMARASO

Icyo cyago kizatuma amazi anyobwa abura, ariko amasezerano y'Imana agaragaza ko Itazahana abayo ubwo abandi bazicwa n'inyota. Ngaya, uyasome neza : Yes. 41:17,18; 33:16.

Icyago cya kane, Ibyah. 16:8,9 : IZUBA RYOTSA ABANTU

Icyo cyokere gikomeye kizatuma inyota irushaho kwica abanzi b'Imana.

**Icyago cya gatanu (Ibyah. 16:10,11) : INTEBE
Y'INYAMASWA ICURA UMWIJIMA**

1. Ubwo kuza kwa Yesu kuzaba kwegereje cyane, i Roma hazaba ubwirakabiri, nkuko mu Egiputa hacuze umwijima ku manywa mu gihe cya Mose, ubwo kubaturwa kw'Abisraeli kwari kubegereye cyane.
2. Uwo mwijima ntuzacura hose (wibuke ko mu Egiputa, ubwo hari ubwirakabiri, mu mazu y'Abisraeli hari umucyo).
3. Icyo cyago cy'umwijima kizagaragaza ko umujinya w'Imana uzaba werekeye cyane cyane ku itorero ry'i Roma. Ibyah. 16:10,11 hatubwira ko ab'iryo torero bazababazwa cyane n'uwo mwijima n'ibisebe bazaba bakirwaye. Bazagaragarira imbere y'ab'isi bose ko babaye ibicibwa, maze abantu bamwe batangire kubiufuramo, ndetse uko kwiyufura kwa bamwe niko kuzasohoza icyago cya 6.

**Icyago cya gatandatu, Ibyah. 16 :12-15 : UFURATE
IKAMA**

1. Ngo : Maraika asuka urwabya rwe mu ruzi runini Ufurate.
Bigaragara ko icyo cyago gifite aho gihuriye n'amazi y'urwo ruzi runini.
 - a. Uruzi Ufurate nirwo rwatembaga mu midugudu y'i Babuloni hagati. Na none mu by'umwuka, urwo ruzi rugereranya abantu ba Babuloni. Muri icyo cyago hari ikizaba kuri abo bantu bayobejwe n'amadini y'ibihimbano.
 - b. Ngo : Ni uruzi runini. Mu minsi yegereye imperuka rwose, aba Babuloni bazaba benshi cyane. Ab'itorero ry'ukuri bitwe ab'itorero ryasigaye.
2. Amazi ya Ufurate akama :
Gukama kwayo kugereranya kwimura Papa kw'aba Babuloni. Babonye akaga kamugezeho mu cyago cya gatanu, bizatuma bamukuraho imitima ngo be kuba bakimutegaho

amakiriro. Tuzi ko amaherezo Papa azabura kirengera. Azarimbuka ari ntawe umutabaye. Soma witonze wiyibutsa ibyo : Dan. 7:26; 8:25b; 11:45.

b.Ngo : Amazi ya Efurate azakamira kugira ngo inzira y'abami baturuka iburasirazuba yitegurwe

1. Amazi ya Ufurate ya kera yakamishijwc n'ingabo za Kuro kugira ngo zinjire mu murwa w'i Babuloni, ziwutsinde. Yes. 44:26-28. Kuro na Dariyo bari abami baturutse iburasirazuba, kandi bari bazanywe no kubera ubwoko bw'Imana agakiza. Yes. 41:2

Wibuke uko Kuro yatanze itegeko ryo gusubiza Abayuda iwabo. Wibuke kandi Gaburieli na Mikaeli barwanaga n'abami b'i Buperesi babemeza gufata ubwoko bw'Imana neza. Dan. 10:13; 11:1.

2. Kuro agereranya Yesu uzazanwa no gukiza ubwoko bw'Imana. Elena White atubwira ko Yesu azatunguka aturutse iburasirazuba.

c. Yesu ntazaruka amazi ya Ufurate atarakama. Ndetse gukama kwayo kuzainubera inzira yo kuza, ubwo abo mu itorero ryayobye bazabona Papa amwaye kubw'icyo cyago cya 5; nibwo benshi bazamwimura, bagaye n'abayobozi babo batumye barema igishushanyo cy'inyamaswa. Mme White arabisobanura ati :

“Abantu bazabona ko bahenzwe ubwenge, bazasubiranamo ubwabo baregana, umuntu wese avuge ko yayobejwe na mugenzi we. Bose bazaba barabahanuriye amagambo yorohereye, bagatera abayoboke babo kwica amategeko y'Imana no kurenganya abantu babo bazabahindukirana buzuyemo umujinya bati : Turapfuye, ari mwebwe tuzize. Abahoze bishimira abo bayobozi gito, noneho bazabarundanyirizaho imivumo, baramburire amaboko yabo kubica. Inkota bari bageneye kwicisha abantu b'Imana zizarya abanzi babo. *The Great Controversy*, p. 665f.

Iyo ntambara izaba hagati y'abataye bazasubiranamo ubwabo niyo yitwa Har-Magedoni (Ibyah. 16:13-16). Ndetse niyo izatuma Yesu agoboka aje gukiza abantu be akaga k'iyo

ntambara. Nicyo gituma handitswe mu Byah. 16:12 ko amazi ya Ufurate azakamira kugira ngo inzira ye yitegurwe.

3. Ibyah. 16:13 havuga iby'integuza z'iyo ntambara :
 - a. Ikiyoka kigereranya ubupagani (kuko ari yo dini ya satani).
 - b. Inyamaswa ni ya yindi yo mu Byah. 13:1-8.
 - c. Umuhanuzi w'ibinyoma ni yo nyamaswa ivugwa mu Byah. 13:11-17. Etazuni yabereyeho kugira ngo ikize abantu ubupapa; noneho izunga ubumwe nabwo irenganye n'abatabwemera. Niko kwitwa umuhanuzi w'ibinyoma: Ubuprotestanti.

Bigaragara ko ubupagani n'ubupapa n'ubuprotestanti bwayobye buzakubira hamwe gutegeka kuruhuka umunsi w'icyumweru ku gahato. *Intambara ikomeye p.668. Umwiteguro w'imvura y'itumba* ku kimenyetso cy'inyamaswa.

Elena White nawe yarabihanuye ati : " Kubw'inyigisho 2 z'ibinyoma, uko ari : kwizera ko imyuka y'abapfuye idapfa no kweza umunsi wa dimache, satani azayobya abantu. Kwizera ko imyuka y'abapfuye idapfa niko kuzatuma abiyita abakristo benshi biyunga n'abapagani, naho kweza umunsi wa dimanche niko kuzatuma abaprotestante hafi ya bose biyunga n'Abagatolika. *Intambara ikomeye, p. 588.*

Ngo mu kanwa kabyo hazavamo imyuka mibi isa n'ibikeri:
 Imyuka mibi igereranya amagambo mabi n'inyigisho z'ibizira. Ndetsé 16:14 ngo : Ni imyuka y'abadaimóni izaba yizimbye muri ayo magambo yo koshya abantu ngo bashayishe. Uretse kuyuga amagambo mabi, biragaragara muri uwo murongo ko abazayavuga bazahabwa no gukora ibitangaza ngo barusheho kuyobya abantu. Ibyo ubigereranye na: Ibyah. 13:12,13,14; 19:20; Mat. 24:24.

Kandi rero uburyo context ikurikira iyo mirongo yo mu Byah. 13 na Mat. 24 igaragaza ko ibyo bimenyetso bizakurikirwa n'ibindi bibiri, aribyo :

1. Umubabaro n'intambara, Mat. 24:29 ; Ibyah. 13:15-17.
2. Kugoboka kwa Yesu. Mat. 24:30.

Iyo ntambara iherukwa no kuboneka kwa Yesu yitwa Har-Magedoni.

3. Har-Magedoni : Ibyah. 16:14-16.

a. Har-Magedoni ni izina ryo mu Ruheburayo risobanurwa ngo:

Umusizi Har-Magedoni :

- i. Dukurikije Abac. 5:19-21 bigaragara ko umusizi w'i Magido n'umugezi wa Kishoni biteganye.
- ii. Igikombe cy'i Kishoni niho gikombe cya Yehoshafati.
- iii. Bisa n'aho Har-Magedoni ari ahantu hateganye n'i Yerusalem. Gereranya ibyo bitekerezo n'iyi mirongo ibishyigikira :

1. Twize ko abantu bazimura papa mu gihe cy'icyago cya 6, bagatangira gusubiranamo ubwabo, bagayana ko bahenzwe ubwenge na bagenzi babo. Muri izo mvururu n'intambara papa azahunga i Roma, « abambe amahema y'ubwami hagati y'inyanja n'umusizi wera ufite ubwiza; nyamara azaba ageze ku munsi w'imperuka ye, ntawe uzamuvuna. » Dan. 11:45.

2. Ibyo Yoeli yahanuye, byajyaga gusohora mu gihe cy'Isezerano rya Kera iyo Abaheburayo bakiranuka, nibwo byari gusohora. Soma witonze Yoeli 3:9-15, Ibyah. 14:20.

b. Muri iyo ntambara y'abanyabyaha basubiranamo ubwabo, bazahindukana abantu b'Imana (ba bandi bagereranywa n'umubare 144.000) batange itegeko ry'ikubagahu ryo kubacura inkumbi. Ubwo nibwo umunsi uzasohora, icyago cya 7. kigatangira.

Icyago cya karindwi, Ibyah. 16:17-21 : GAHUNDA Y'ISI IHINDUKA. HUMVIKANA IJWI NGO BIRARANGIYE!

Icyago cya 7 kizasukwa kuri wa munsi ukomeye wahoze uhanurwa uhereye kera ngo : "Ni umunsi w'Umwami; niwo munsi w'imperuka; ni nayo mperuka ubwayo y'iy'isi. Soma iyi mirongo ivuga uby'uwo umunsi : Yes. 2:10-12 ;Yes. 13:6-8 ;Yoeli 1:15; 2:1; :14; Yes 13:9-11. Yes. 34:8. Yer. 46:10. Ezek.13:5; 30:1-3; Amosi 5:1,8-20. Obadia

15,16. Zefaniya 1:17;18; 2:1,3. Mal. 4:5. 1 Kor. 5:5. 1 Tes 5:1-3; 2 Pet. 3 :10

Ibyajyaga gusohora mu gihe cy'Isezerano rya Kera bizasohora kuri uwo munsi uzaba mu gihe cy'icyago cya 7. Kuri uwo munsi :

1. Mikaeli ubwe azagoboka : Ibyah. 19 :11-15.
2. Azamanukira ku musozi wa Elayono, usadukemo kabiri, habe igisiza kinini cy'urugamba. Zek. 14 :1-4.
3. Hazakurikiraho intambara, ababi bose n'abamaraika babi bagerageze kurwanya Yesu n'ingabo ze. Yesu azagaragaza imbaraga ze zitarondoreka, maze abakumbanye. Ibyah. 17 :14. Intumbi zabo zizarambarara ku isi nk'amase : Zek. 14 :12,13 ; Yer. 16 :4 ; 25 :33. Aho hose uhasome witonze cyane.
4. Gahunda y'ibyaremwe izahindurwa:

a. Elena White yanditse iby'icyo gihe, asobanura akaga k'abantu b'Imana kubwa rya tegeko ry'ikubagahu ryo kubatsembaho, ati : "Bamanitse inkota bashaka kudutikura, zimenekera mu maboko yabo, zigwa hasi ari ibice. Turataka, dukesha ijoro ryoze turirira Imana. Ikiriri cyacu kizamukira imbere y'Imana. Mu gicuku iratugoboka; izuba rirarasa. Ukwazi kurahagarara ntikwarenga, imigezi irorera gutemba, gahunda y'isi yose ihinduka ukundi."

Early Writings, p. 34.

b. Bibliya nayo irabivuga ityo isobanura iby'umunsi w'Uwiteka : Yes. 13:9-14 ngo : "Inyenyeri zo mu ijuru n'ubukaka bwazo ntibizaka, izuba rizijima rikirasa, n'ukwezi ntikuzava umwezi wako.

Yoeli 3:14-16 ngo : "Uwo munsi ntihazaba umucyo urabagirana kandi ntuzaba ikibunda. Ahubwo uzaba umunsi umwe, uzwi n'Uwiteka, utari amanywa ntube n'ijoro; ariko nibigeza ni mugoroba, hazaba umucyo."

2 Pet. 3:10 ngo : "Umunsi w'Umwami wacu uzaza nk'umujura, ubwo ijuru rizavaho, hakaka n'umuriro ukomeye."

Ibyah. 16:19. Wa mudugudu ukomeye ugabanywamo gatatu.
Imidugudu y'abanyamahanga iragwa.

- i.Umudugudu ukomeye : ni Babuloni yahoze ivugwa ko ari ikomeye : Ibyah. 14:8; 18:10.
 - ii. Kugabanywamo gatatu : hasesereza ku matage no kwirema ibice kw'abapagani n'abagatolika n'abaprotestante bashatse kunga ubumwe n'abandi (Ibyah. 16:13.)
 - iii. Agacuma k'inzoga : Wibuke ibyo wize ku Byah. 14:10.
2. Intambara ishishana yo ku munsi w'Uwiteka nishira, inkozi z'ibibi zizaba zimaze gutsembwaho rwose. Nibwo rya jwi rizarangurura riti : Birarangiye! Intumbi zabo zizarambarara mu isi yose nk'amase : Yer. 16:4; 25:33.
3. Ibyerekeye abana b'Imana bo muri icyo gihe cy'icyago cya 7 ;
- a. Ntacyo bazaba (wibuke ibyo wize, ariko bazaba bakutse imitima kubw'ibikangisho by'abagome.
 - b. Mu gicuku Mikaeli azatunguka, aje ku gicu, aturutse iburasirazuba.
 - c. Izuba rizarasa, ukwezi guhagarare. Imigezi izarorera gutemba.
 - d. Impanda y'Imana n'ijwi rya Kristo bizatigisa isi, habe igishyitsi gikomeye cyane.
 - e. Ibituro by'abapfiriye muri Kristo bizakingurwa, ababirimo bazuke. 1 Tes. 4 :16.
 - f. Abanyabyaha bazashoberwa, bahunge ubwiza bwa Kristo, batakire imisozi ngo ibagwire.
 - g. Abazaba bakiri bazima, bafite cya kimenysetso cy'Imana bazazamurwa gusanganira abandi mu kirere. 1 Tes. 4 :17.
 - h. Abanyabyaha bose bazaba bariho bazatsembwaho ; ibyo nibyo bizaba icyago cya 7 Zek. 14 :12 ; ngo : « Iki ni cya cyago Uwiteka azateza amahanga yose yarwanije i Yerusalem. Bazashira bahagaze amaso yabo azashirira mu bihene, kandi indimi zabo zizaborera mu kanwa. Uwo munsi

imidugararo ikomeye iturutse k'Uwiteka izaba muri bo, ubwo nibwo na Papa azahinyuzwa n'amagambo ya Yesu ubwe, agaragare ko atigishije iby'ukuri. 2 Tes. 2 :8 harabisobanura hatya ngo : Umwami Yesu azamwicisha umwuka uva mu kanwa ke amutsembeshe kuboneka ko kuza kwe. » Iteka rizacirwa ubupapa n'amadini yose y'ibinyoma rivugwa mu gice cya 17 cy'Ibyah. Rikaba ari ryo tugiye gutekereza mu gice gikurikira iki.

20. IBYA MARAYA UKOMEYE UHETSWE N'INYAMASWA

Mu Byahishuwe igice cya 17 n'icya 18 n'icya 19 havugwa ibya malaya ukomeye witwa Babuloni. Mu gice cya 17 hasobanura ibye, hakagaragaza imico ye, mu gice cya 18 havuga iby'irimbuka rye, buheriheri ; maze mu gice cya 19 herekana uburyo impundu zizavuga ari urwunge namara gutseimbwaho. Ibyo bice 3 bisongeye aya magambo yo mu cyago cya 7 ngo : « Babuloni ikomeye yibukwa imbere y'Imana, ngo ihabwe agacuma k'inzoga, niyo nkazi y'umujinya wayo. » Ibyah. 16 :16.

Mu Byah. 17:1 Yohana yararitswe na Maraika ngo yitegerezze malaya uwo. Ngo : ni umwe muri ba bamaraika barindwi bari bafite inzabya ndwi. Bisa naho maraika uwo ari we wahawe n'Imana guhana malaya, nkuko bivugwa mu Byah. 16:19.

A. IBYA MALAYA UBWE

Soma witonze cyane Ibyah. 17:16, ariko ubanke usome igice cyose ngó wumve aho cyerekeje. Tumaze gusobanukirwa ko mu buhanuzi, umugore agereranya itorero cyangwa idini. Mu Byah. 13 umugore mwiza uhavugwa agereranya itorero ry'ukuri rya Kristo; naho umugore wo mu gice cya 17 afite ingeso zihabanye rwose n'iz'umugore w'igikundiro uboneye. Ngo : ni malaya ukomeye (17 :2). Ndetse ni

nyina w'abamalaya (17 :5) ; ngo : ni umusinzi w'umwicanyi (17 :2) n'umunyenda (17 :4b).

Umugore uboneye aba imuhira, ariko umugore uvugwa mu Byah. 17 ni umugenda-mihana usambana n'abami, akihuza n'iby'isi. Ntabwo yambaye imyenda yera, ariyo igereranya « gukiranuka kw'abera » (Ibyah. 19 : 8) Ahubwo yambaye imyenda y'umuhengeri n'umuhemba, igereranya ibyaha no gukiranirwa. Yohana yabonye ko mu kuboko kwe yari afashe igikombe cyuzuye ibizira n'imyanda. Uwo mugore udamaraye, akirimbisha izahabu n'amabuye y'igiciro cyinshi n'imarigarita, akabusanya bitangaje n'umugore w'igikundiro, nta kindi agereranya keretse urudubi rw'amadini yanduye, ariyo yitwa Babuloni Ibyah. 17 :5. Dusesengure ibya malaya uwo ukomeye.

1. Malaya: Ubusanzwe agereranya itorero cyangwa idini; amadini asambana n'ibyanduye, no kuvangavanga inyigisho z'ukuri ni iz'ibinyoma.
2. Ngo : asambana n'abami bo mu isi : bivuga ko abakomeye bose bishimira kwibera muri ryo kuko ntacyo ribabuza : ari ukwinywera inzoga, itabi, kwishimisha mu buryo bwose. Imihango yo mu bapagani, n'ibindi... Iryo torero rikivanga muri politike n'ubutegetsi bw'isi.
3. Ngo abami bo mu isi basinda inzoga, nizo busambanyi bwe: Inzoga ubwayo niyo ituma bayoboka iryo torero kuko ritayibabuza. Inzoga zigereranya inyigisho zivanzemo ukuri n'ibinyoma. Twiyibutse ko inzoga zigizwe n'umutobe n'umushari; umutobe ugereranya ukuri naho ibinyoma biggereranywa n'umushari. Uko inzoga ihiye iba yumvikanamo agatobe n'agashari, niko n'inyigisho zivanzemo ukuri n'ibinyoma zishimirwa.

4. Ngo : malaya uwo yicaye ku nyamaswa itukura : ni leta iryo dini rishingiyeho cyangwa rikora nkayo. Gutukura bivuga kumena amaraso y'abantu.
5. Yicaweho na malaya : itorero riyigenderaho (mu mategeko, mu bihano, mu mahane no mu kwishyira hejuru) no gutizwa imbaraga.
6. Kwaimbara imyenda y'umuhengeri n'umuhemba :
Ubugoryi : Kubangikanya ubukristo n'ubupagani.
Urupsu : Kurenganya no kwica abanga kwimura inyigisho z'ukuri.
Icyubahiro cy'ubwami : kugira umukuru ari n'umwami (w'i Roma). Uretse no kuba mu marenge gusa, birashoboka ko bivuga amakanzu y'abapadiri n'imishumi barenzaho.
Umuhengeri: mu gifaransa ni blanc clair.
Umuhemba : Rose mu gifaransa. Ibuka rero ibara ry'ikanzu n'iry'umushumi. Imyambaro y'abakardinali n'iby'ubusaserdoti byinshi ni umuhemba, ndetse iryo bara ni ikimenyetso itorero Gatolika ry'i Roma ryihaye.
7. Kwirimbisha izahabu n'amabuye y'igiciro cyinshi: Byerekana gukungahara kw'iryo torero n'uburyo urugaga rw'abazafatanya naryo rizaba rifite ubutunzi bwinshi.
8. Igikombe cy'izahabu : cyuzuye ibizira n'imyanda y'ubusambanyi bwe. Icyo malaya afashe mu ntoke ze, Ibyah. 17:4 : ni inkongoro ya misa yo muri Gaturika.
a. Igikombe kigereranya inyigisho z'igikundiro za gikristo zimeze nk'izahabu.
9. Ibizira bikirimo: biggereranya inyigisho z'ibinyoma itorero ry'i Roma n'Abaprotestante bamwe bashyira mu nyigisho z'ukuri, bikaba uruvangavange. Bene ibyo byigisho by'ibihimbano bitari muri Bibliya babangikanya n'ukuri kw'Imana, Yohana yabyise imyanda y'ubusambanyi bwa malaya. Biggereranya vino (divayi) isharira cyangwa ishaje.

10. Izina rya malaya ukomeye Ibyah. 17:5 : Ngo : Ni iry'amayo berane. Wibuke ibyo wize kuri iryo jambo. Mu Rugiriki ni MUSTERION risobanurwa ngo UBWIRU. Muri Bibliya hari uwiru bw'uburyo 2.
- i. Ubw'Imana butuma abantu bishingikiriza kuri Yesu, bakamunambaho, bakamukunda, bakamwiyegurira burundu. Ubwo bwiru buhesha abantu guhindura imitima n'ingeso, bakaba beza. Kol 1:27.
 - ii. Ubwa satani bwitwa ubugome, kuko butuma abantu bimura Yesu bakamusimbuza ibindi, ngo abe ari byo bategaho amakiriro nka Papa, abasaserdoti za sakramento, za penetensiya, n'indi mihang. Amaherezo y'ubwo bwiru mu mibereho y'abantu ni ubugome. 2 Tes. 2:7, kandi bigaragara mu Byah. 17:5,6, uko byasohoye n'uko bizasohora kuri wa malaya, kuko ngo Babuloni ni nyina w'abamalaya kandi ngo ni nyina w'ibizira byo mu isi. Ibizira byose ni iby'umwanda byose bizageza ubwo bikoranira hamwe mu rugaga rw'amadini yayobye. Dore uko Yohana yabivuze mu Byah. 18:2 ati : "Babuloni ikomeye ihindutse icumbi ry'abadaimoni, aharindirwa imyuka mibi yose n'ibisiga byose bihumanye kandi byangwa."

B. Ngo : ni Babuloni

- i. Iryo zina ryakomotse mu Runyaramaya ngo : Bab-ilu (Irembo ry'Imana imwe) ; hanyuma ab'uwo mudugudu bamaze gusaya mu bapagani bakagwiza ibigirwamana byinshi bawita Bab-ilani (irembo ry'imana nyinshi). Uko niko n'urudubi rw'amadini yayobye ruzasezeranira abantu agakiza ngo : ni irembo, ariyo azaba yuzuyemo ibigirwamana byakomotse mu bapagani no muri gahunda y'itorero ry'i Roma.
- ii. Mu Ruheburayo iri jambo ngo : Babilu rifitanye isano n'iri ngo Urudubi cyangwa umuvurungano. Uko niko malaya witwa babuloni azaba ari urudubi rw'inyigisho nziza n'ukuri n'iz' ibihimbano zidashingiye ku ijambo ry'Imana.

11. Gusinda kwa malaya, asinze amaraso y'abera n'amaraso y'abahowe Yesu: (Ibyah. 17:6): Bisesereza ku karengane k'iminsi 1260, ariko cyane cyane bivuga iby'akarengane kazaza ubwo amadini yayobye yose azunga ubumwe, abakristo b'ukuri bagahatirwa kwakira ikimenyetso cy'inyamaswa.
12. Yohana ati : « Mubonye ndatangara cyane » : Ibyah. 17:6 ntawe udatangazwa n'uburyo Abaprotestanti n'Abagatolika batangiye kunga ubumwe muri iyi minsi, kandi barahoze batumvikana ku nyigisho zimwe. Yohana uwo yabonaga ko Abaprotestante n'abapagani bazafatanya n'Abagatolika kurenganya abadashyira hamwe nabo, yaratangaye cyane.
13. Yohana yabonye malaya yicara ku mazi menshi, Ibyah. 1:1:15 : Abatazafatanya na malaya bazaba bake cyane, niko kwitwa itorero ryasigaye. Mbese nibiza, uzahagarara hehe? Uzashikama mu kuri? cyangwa uzadohoka wifatanye na malaya? Ab'itorero risigaye nibo bonyine bazinjira mu bwami bw'i Budapfa. Mbese wowe uzahagera?
14. Iby'inyamaswa malaya yicaraho: Soma witonze cyane Ibyah. 17:7-18.
1. ngo : "Yahozeho, ikaba itakiriho, kandi izongera kubaho." Ibyah. 17:8. Yohana yabanje gutangazwa nuko malaya azasinda amaraso y'abera b'Imana. Maraika abonye Yohana atangara, aramubwira ati : "reka nkwereke ikindi gitangaje kurushaho." Ibyah. 17:7. Atangira kumusobanurira iby'inyamaswa ati : "Yahozeho, ntiyabaho, nyamara kandi izongera kuva ikuzimu ibeho, maze ijye kurimbuka."
- Ati : icyo nicyo gitangaza gikomeye, ndetse nibibaho, ab'isi bose batanditswe mu gitabo cy'ubugingo bazatangara." Ibyah. 17:8b.
- a. Ngo : Inyamaswa yahozeho : Ni uguhera kera ukageza mu mwaka w'1798 N.K.
- b. Kutabaho kwayo : Ni uguhera mu w'1798 N.K ukageza mu 1929 N.K. Bigereranywa na " rwa ruguma rwayishe." Ibyah. 13:3.

c. Kuva ikuzimu ikongera kubaho : ubwo ubupapa bwongeye guhabwa ubutegetsi na Musolini, kubw'iteka ry'i Latrani mu 1929 N.K.

C. IBY'IMITWE IRINDWI, Ibyah. 17:9-11 :

a. Ngo : igereranya imisozi 7 malaya yicaraho, Ibyah. 17:9 :
 Iyo misozi 7 isesereza ku mudugudu w'i Roma kuko wubatswe ku misozi 7, ndetse abanditsi ba kera b'i Roma b'ibirangirire, bajyaga bita i Roma "Umudugudu w'imisozi 7." (Nk'aba : Horace, Virgil, Martial, Cicero, Propertius). Arikò ni n'ubwami 7 itorero ry'i Roma rikora nkabwo.

N.B : Mutubabarire dukosore ku busobanuro bw'igitabo cyasohotse muri édition ya kabiri, Avril, 2004.

b. Tubisesengureho:

1. Babuloni : 605 - 539 M.K.
2. Medi – peresi : 539 – 331 M.K.
3. Abagiriki : 331 – 168 M.K.
4. Abami b'abapagani ba Roma : 168 – 476 M.K.
5. Ubupapa bw'i Roma : 538 – 1798 M.K.

c. Ngo : Umwe ariho: Uwo agereranya ubupapa uhereye mu w'1798 N.K.

d. Ngo: Undi ntaraza, kandi ngo: naza azaba akwiriye kumara igihe gito.

Uwo agereranya urugaga rw'ainadini yayobye yose azashyira hamwe, akunga ubumwe. Uwo mwami wa 7 agirana isano na cya gishushanyo cy'inyamaswa kivugwa mu Byahishuwe 13:14. Icyakora ngo: uwo mwami azamara igihe gito. Tuzi yuko urwo rugaga ruzahangwa isi imaze kugera mu mahenuka. Ubwo ruzagera, rugatangira kurenganya abazanga kwakira ikimenyetso cy'inyamaswa, bidatinze igihe cy'imbabazi kizashira, ibyago bisukwe mu bantu, Yesu aze mu ntambara y'i Har-Magedoni. Koko rero uwo mwami wa 7 ntazarainba.

e. Ngo: Inyamaswa ubwayo ni umwami wa 8, nyamara kandi ikaba umwe.

Wo muri ba bandi 7 (Ibyah. 17:11): nk'uko twabibonye kare, iyo nyamaswa igereranya ubutegetsi bw'i Roma bwigereranya n'Imana. Mu gihe cy'ubwami bw'i Babuloni n'ubw'Abamedi n'Abaperesi n'ubw'Abagiriki, ntibwabashije gukomera, kuko butabonye ubwigenge.

Uhoreye mu 168 M.K. bukomera nk'icyuma, bumenagura ibantu byose, buzana PAX Romana. Ubupapa bw'i Roma bumaze gusimburwa n'ubupapa inyamaswa ikomeza kubaho. Muwa 1798 N.K. iba itakiriho; mu w'i 1929 N.K. Iy'i kuzimu yongera kubaho, kandi izakomera kugeza no mu gihe abantu bazarema igishushanyo cyayo, amatage no kwirema ibice byice rwa rugaga (Ibyah. 16:19). Ubwo rero umwami wayo azaba yaguye ariko papa w'i Roma azaba akiriho, niwe uzasigara, niko kwitwa umwami wa nyuma kandi ariwe ugereranywa n'umwami wa 5. Ariko nawe azaba ageze mu mahenuka ye, kuko bidatinze azarimbuka ari ntawe umuvunnye. Ongera usome witonze: Dan. 11:45 na Ibyah. 17:11.

D. Iby'amahembe 10 : Ni ya mami 10 yabayeho mu Buraya. Ariko mu gihe cya Yohana Roma yari itarigabanywamo ubwami 10 bwakoronije isi.

a. Guhabwa gutegekera hamwe n'inyamaswa ngo bamare isaha : Ibyah. 17:12. Iri jambo ngo : « Kumara isaha », risobanurwa ngo : « kumara igithe gito cyagenwe. » Tuzi ko ABABAROBARO batangiye gutera no guhindura ibihugu by'ubwami bw'i Roma bahereye mu 167 N.K, maze kandi baba ku ngoma zabo ubwo Papa yasigaraga i Roma, ndetse nibo bamubujije kugara uko yabishakaga (2 Tes. 2:6,7).

b. Bazahuza inama bahe ya nyamaswa ubutware bwabo : Ibyah. 17:13. Muri 508 N.K Clovis w'Abafransa yahindutse Umugatolika abera abandi bami b'Ababarobaro amandezo yo guhindukana nabo no guhuza inama yo gukeza Papa w'i Roma. Ariko si abo bose bemeye Papa, amoko 3 yakomeje kugundira Arius, uko ari Abaheruli, Abavandali, Abostrogoti yanga kwemera Papa. Bigejeje muri 538 N.K papa

afashijwe n'abami bamwemeye barwanya ayo moko uko ari atatu, barangiza kuyanesha muri uwo mwaka.

Ibyah. 17:14 hasesereza ku bintu bibiri :

1. Uko barwanije Umwana w'Intama bamunyaga za Tamidi (ibitambo) ze uhereye muri 538 N.K- 1798 N.K. (Dan. 12:11).
2. Uko bazafatanya na Papa mu kurwanya Yesu mu minsi yegereje imperuka bakoma ibye mu nkokora ubwo bazahanga rwa rugaga rwo gutegeka kweza Dimanche bagakuraho urwibutso rwo gucungurwa ariyo sabato y'umunsi wa karindwi. Byongeye kandi bisura uburyo bazagerageza kurwanya Yesu ku munsi w'Uwiteka, muri ya ntambara y'i Har-magedoni.

Twifashishije igitabo cyitwa: «*Urusaku rw'ijuru* » cyanditswe na **Jack Doukan**, twateguye amagambo y'ibice biheruka by'ubu buhanuzi bw'Iyahishuwe.

IGICE CYA CUMI N'UMUNANI : IRIMBUKA RYA BABULONI

Ibyah. 18:4. ngo «Bwoko bwanje, nimuwusohokemo». Kugira ngo ubusobanuro bw'iki gice bwumvikane neza, reka twifashishe amagambo yavuzwe n'umuhanuzi Yeremiya. Mu gihe Abisirayeri bari barahungiye i Babuloni, humvikanye uku guhamagara. Uyu murwa wa Babuloni wari umurwa wayobye, wasengaga ibigirwamana cyane urwanya Imana nyamana. Nuko Uwiteka aza kuwuhanurira ko azawurimbura awuhoye ibibi byawo. *Yeremia 51:47,52*. Ku bw'ibyo rero Uwiteka yagombaga kuburira ubwoko bwe bwari bukiri i Babuloni, abuhagarira gusohoka muri uwo murwa. *Yeremia 51:45*.

Si aho gusa uku guhamagara kumvikanye, ahubwo kenshi Imana yagiye izirikana ubwoko bwayo aho buri hose ngo busohoke mu rudubi rw'umwanzi:

- Aburahamu ari muri Uri y'Abakaludaya yahamagariwe gusohoka, *Itangiriro 12:1.*
- Loti yahamagariwe gusohoka i Sodomu, *Itangiriro 19:12.*
- Abisirayeri bahamagariwe gusohoka mu Egiputa, *Kuva 12:31.*
- Natwe abakristo turasabwa kutifatanya n'abatizera cyangwa ab'umwijima, *2 Abakor.6:14, Efeso 5:11, 1 Tim. 5:21.*

Babuloni ni iki ? Ni inyigisho, imihango, ibitekerezo, amakosa n'akamenyero byinjiye mu matorero ya gikristo, kandi bidafite aho bihurira n'ijambo ry'Imana. Kubw'ibyo rero, ikibazo si ugusohoka mu itorero Gatulika, ahubwo ni ugusohoka muri ibi byose tumaze kuvuga :

- * Gusohoka muri Babuloni ni ukureka gufata itorero nk'irembo ry'Imana (ibuka iby'umunara w'i Babeli), maze ugasimbuza Imana gahunda y'itorero n'imishyikirano ya politike.
- * Gusohoka muri Babuloni ni ukugira ubutwari bwo kugaragaza ibitekerezo n'imihango byayo bipfuye, maze ukemera kwakira ukuri kuvuye mu ijuru, nubwo kwaba kugusaba guca bugufi. Ukemera kwakira ingaruka zo kwanga kugendera mu binyoima bya kavukire.
- * Gusohoka muri Babuloni ni ugukurikira gahunda yose yo kwihana ugakiza ubugingo bwawe urupfu, maze ukiyandikisha mu gihugu cy'isezerano.

Kurimbuka kwa Babuloni :

Igihe kizagera ubwo amahanga yose yafatanyije na Babuloni azabona neza uburiganya bwayo, maze yange Babuloni. Atari uko bose bihannye, ahubwo mu *Byah.17:16* ngo: «bamunyage bamucuze, barye inyama ze bamutwike». Amahanga yariye ibya Babuloni, ni nayo azayirimbura rero; kandi ayiririre nk'uko umwana watese, aririra igikinisho cye yimeneye.

Mu gihe Yeremiya yahanuraga iby'irimbuka rya Babuloni ya kera, yafashe akabuye akajugunya mu ruzi Euphrate, agaragaza uburyo

ijo Babuloni izarengerwa n'uruzi, *Yeremia 51:64*. Niko no kurimbuka kwa Babuloni y'ubu kuzayoborwa na Malayika ukomeye. Iy'ubu yo igereranywa n'urusyo, si akabuye. Ngo azarufata arujugunye mu nyanja, rurimbuke rwibagirane, *Ibyah. 18:21*. Kujugunya iyo Babuloni y'urusyo, ni nko kurimbura ubuzima bw'abantu, *Gutegeka. 24:6*. Nkuko kuroha akabuye atari nk'urusyo, niyo mpamvu bizaba ibya Malayika ukomeye: imbaraga nyinshi ngo Babuloni yibagirane, haboneke ibyiringiro by'iteka ku bwoko bw'Imana bwarenganiwe nayo igihe kirekire, *Ibyah. 18:24*.

IGICE CYA CUMI N'ICYENDA: MU IJURU BISHIMIRA RIMBUKA RYA BABULONI

Iki gice cya 19, kivuga ibyo gutabarwa k'ubwoko bw'Imana. Ubundi ku munsi w'impongano bakizwaga ibyaha, bikagerekwa ku ihene ya Azazeli ngo yoherwe mu butayu. Ariko ubu bwo, ni ugutabarwa by'iteka ryose. Niyo mpamvu iki gice cyuzuyemo guhimbaza kunesha kw'Imana. Muri uku guhimbaza, hakoreshejwe ijambo "Halleluah". Hallelu: guhimbaza, Yah: YHWH, Imana; *Zaburi 104:35*.

Guhimbaza k'uburyo bubiri kubanza, kurerekeza amaso ku bihise:

Ukwa mbere kurahimbaza Imana kubwa Babuloni irimbutse, ukwa kabiri ni kubw'umwotsi wayo ucumba iteka, bishatse kuvuga gukizwa cyangwa gutabarwa by'iteka. Izi Halleluah zombi ziravugwa n'inteko nini y'abantu batabawe. *Ibyah. 19:3*.

Halleluah ikurikira iravugwa n'abakuru 24 n'ibizima 4. Irahimbaza Imana yicaye ku ntebe, bishatse kuvuga Imana ica amateka. Naho Halleluah ya kane ikavuga Imana ikwiye gutinywa ariko ifata abantu nk'abana bayo. *Ibyah. 19:4*.

Halleluah ya gatanu n'iya nyuma zavuganywe ijwi rikomeye ngo nk'iryo guhinda kw'inkuba, zo guhimbaza Imana yinjiye mu bwami bwayo bw'iteka ryose. *Ibyah. 19:6-8*.

Tuvuye mu kurimbuka k'umugore wa Malaya tugiye mu bukwe bw'umugore wemewe n'amategeko. Umugore witeguye warimbishijwe ngo areshye umugabo. *Ibyah 19:8.*

Mu gihe umugenwa Kristo yarimbishijwe kwicisha bugufi no kwiyorosha, malaya we yirimbishishiye ubwibone, kwiimbaza no kwiyererekana.

- Mu bice *19:10* ngo “*bafite guhamya kwa Yesu*” ni ukuvuga bakomeza amagambo y'iki gitabo aricyo iki cy’Ibyahishuwe. Ibyahishuwe kigomba kubabera igitabo cy’ubuhanuzi buvuga Yesu ugiye kugaruka.

- Mu bice *12:17* ngo “*bitondera amategeko y’Imana*” kuko amategeko agaragaza imico ya Yesu, ni ukuvuga abakiriye Yesu (imico y’Imana) ugiye kugaruka, mu mitima yabo. Uwo niwo mwihariko w’abasigaye nyakuri.

- Kuva ku *murongo wa 11*, baratubwira iby’igihe Kristo azaba aje gutwara ubwoko bwe. Aha niwe uvugwa ngo yicaye ku ifarashi y’umweru, afite amazina ane :

11: Irya mbere ngo ni “*uwo kwizerwa n’ukuri*” ni ukuvuga ko ariho kandi abana natwe by’igihe cyose, kuza kwe ni ihame ridakuka.

12: Irya kabiri ngo “*ritazwi n’umuntu wese*” rihamya uburyo Imana itagaragarira aya maso yacu kandi iturenze kure, bityo kuza kwayo kuzatungura.

13: Irya gatatu ngo : “*Jambo ry’Imana*” rivuga Imana yihishuriye abantu mu Ijambo n’ibikorwa byayo, Imana y’umuntu ku giti cye mu mibereho yose.

16: Irya kane ngo "Umwami w'abami n'umutware utwara abatware" rivuga icyubahiro giheranije cy'Imana Umwami wa hose ariwe Ntama w'Imana, Yesu Kristo.

Igihe Yesu yavugaga ngo Data wa twese uri mu ijuru, yabaga avuze : Data wa twese (Imana ibana natwe, hafi yacu), uri mu ijuru (Imana iri kure cyane).

Ibyago by'i Harmaguédon :

Mu gihe Umwami w'abami azaba aje kurimbura abagome ku murongo wa **13** ngo : « azaba yambaye umwenda winitswe mu maraso ». ibyo biratwereka ko azakoresha inkota ye akamena amaraso yabamenye amaraso (**6:3,4**). Urugamba rusubijwe n'urundi. Aha tubona uburyo abami b'isi bazateranira ku musozi wa Megidoni ngo bahangane n'Ishoborabyose ije gutwara abayo. Nguwo umunsi ukomeye w'Uwiteka : abami b'isi bazicwa n'inkota ivuye mu kanwa k'Uwicaye ku ifarashi, naho inyamaswa (iyavuye mu nyanja, mu butaka cyangwa umuhanuzi w'ibinyoma) bo bajugunywe mu nyanja yaka umuriro.

Nkuko ab'amaheimbe 10 n'inyamaswa batanyaguye Babuloni (**17:16**) niko inyonи nazo zizarya intumbi za bariya bantu. Aha bavuze inyonи, kuko nta wundi muntu uzaba asigaye ku isi.

IGICE CYA MAKUMYABIRI

Aha baratubwira uko satani azabohwa imyaka 1000. Kubohwa kuvugwa, ni uko azaba ari mu kuzimu y'ubutayu (kuko ubuzima bw'ibintu bubaho kuko Imana ihari), ntawe ashuka, nta buzima buhari, ari aho gusa wenyine. Nubwo imyaka igihumbi ariyo koko, ariko ntidukwiriye kwibarira ibihe muri gahunda y'Imana.

Nuko rero kuva ku murongo wa 4, baratubwira abazazuka ubwo Yesu azaba aje (ariwo muzuko wa mbere) ari abera. Bazajyanwa mu ijuru bamare imyaka igihumbi ari abatambyi nabo : bagenzură uko Imana yaciye amateka, imanza), uko niko kwimana na Kristo. Nubwo Imana izaba yaraciye urubanza, ariko mbere yo gusomera amateka mu ruhame nyuma y'imyaka 1000 ngo iby'abagome birangire, izaha abantu nabo kugenzura niba ariko biri koko.

Imyaka 1000 nishira hazaba umuzuko wa kabiri w'abagome. Ibyo bizaba ubwo umurwa w'amahoro Yerusalemu uzaba uje urimo abera, satani akoranye abo bagome ngo bawutere. Yesu agiye kuza bwa mbere, urugamba rw'ubwoko bw'Imana na Babuloni ruzabera Harmagedoni, naho uru rwa nyuma rwo ruzabera Gogi na Magogi : abagome buzuye isi yose.

Nkuko ku ngoma y'umwami Manase yacishaga abana b'ibikomangoma mu muriro mu gikombe cya Hinomu (ariho bakuye ijambo Gehinomu) 2 *Ngoma* 33 :6. Niko n'abagome bazuzura ikibaya cy'isi yose, ngo bagote Yerusalemu. Ubwo nibwo rero ibitabo bizabumburirwa amahanga yose maze habeho kurimbuka kw'iteka. Ngo urupfu ruzapfa by'iteka ryose . *Hos. 13 :14. ; 1 Kor 15 :55.* Uku niko kurimbuka cyangwa urupfu rwa kabiri cyangwa rw'iteka.

IGICE CYA MAKUMYABIRI NA KIMWE

YERUSALEMU Y'IZAHABU: umurwa w'abera. Iby'ijuru n'isi bya kera birangiye, Imana izatuza ubwoko bwayo mu murwa w'amahoro. N'ubundi umurwa wa Yerusalemu wahozezo : Salem, umurwa w'amahoro aho Melikisedeki yayoboraga (*Itang 14:8; Heb. 7:1*), umwami wo gukiranuka wahesheje Aburahamu umugisha mu ntambara ze. Ni kuri uwo mujyi Aburahamu yari agiye gutambira umwana we Isaka maze ahahererwa isezerano ry'ahazaza he. (*Itang. 22:1-18*). Na none niho Imana yahagarikiye inkota yari igiye kumara abisraeli (*1 Ngoma 22:14*). Niwo murwa wa mbere w'abisraeli aho Dawidi yashinze isanduku y'Uwiteka (*2 Samuel 6:12-23*). Wari umurwa w'amasengesho no guhimbaza Imana (*Zab. 48:2; 122:1*), ni ukuvuga ko ari ikinyuranyo cy'umurwa wa Babuloni. Uwo ni nawo murwa Daniel yabonye umanuka utarimbuwe n'intoki z'umuntu ku impera y'ingoma zindi zose (*Dan 2:35*) umeze nk'umusozzi (*Dan 2:44*).

Iyi Yerusalemu ntiyagiraga inyanja cyangwa amazi. Ni Yerusalemu nshya, indi itagira aho ihuriye n'izigeze kumenywa zose. Imana igatangira kurema bwa mbere, hariho inyanja (amazi) (*Itang. 1:1,2*), ariko tuzirikane ko kenshi amazi ntiyabayemo ibyiza : *Zab. 18:12; 28:3-6; Yobu 26:10; Imigani 8:27; Ezek. 26:19-24; Yona 2:6; Habakuki 3:10*; Imbaraga z'umubi zigometse ku Mana zikunda kuba mu mazi. *Yes. 27:1,;51:9,10*). Amazi afitanye isano na Babuloni (*Ibyah. 16:12, Yer. 50:3*). Niho inyamaswa yavuye (*Ibyah. 13:1*). Ahubwo ngo ni Yerusalemu nshya.

Uwo murwa ni igisubizo cyuzuza amasezerano y'abanesha bo mu bihe by'amatorero arindwi mu ntangiriro y'Ibyahishuwe. Mu murwa wa kera habagamo urusengero, ariko muri uyu mushya ho Imana niyo rusengero (*Ibyah 21:3 na Ezek. 48:35*). Noneho ubu bwo Imana izaba ihari igaragarira buri wese (*Ibyah. 21:3,7*). Ntibikiri mu kurambagizanya ahubwo babana bombi nk'abarushinze. *Indirimbo ya Salomo 2:16, 6:3; 7:11*. Ibyo Mose atahawe n'ikindi kiremwa cyose kutabonye Imana, noneho Ibanye n'abayo nta mbogamizi y'icyaha

cyangwa andi makosa ayo ariyo yose. Ahubwo ngo bishimane, basangire. Ibi birasa n'ibyakorwaga nyuma y'umunsi w'ihongerero mu bisraeli, imihango yose irangiye yo kubakiza ibyaha, habagaho guhura kw'abaturutse impande zose bakarya, bakishimana (*Zakaria 14:16*).

Ingero z'uwo mujyi

Uwo mujyi wa Yerusalemu nshya, impande zawo zose uko ari enye zirangana. Uruhande rumwe ni Stadio inzovu n'ibihumbi bibiri, ni ukuvuga km 2.000. Umuzenguruko wawo ni km 8.000; naho ubuso bwawo ni km^2 4.000.000. Ugoswe n'urukuta rurerure rureshy na mikono ijana na mirongo ine n'ine . ni ukuvuga metero 65; ruhagaze ku mfatiro 12. Ushobora guturamo abantu barenga miliyari 40 ; ni umujyi uhagije rero.

Ubwiza bwawo bukomoka ku Mana yawiyubakiye, niyo iwumurikira, noneho rero bukigaragaza mu mabuye y'agaciro y'amoko atandukanye.

Ubusitani bwa Yerusalemu Nshya.

Nkuko Yohana abivuga (Ibyah. 21 :1,2) na Ezekieli yari yarabivuze (Ezek. 47: 12) ngo muri uwo mujyi harimo igiti cy'ubugingo hatemba n'amazi y'ubugingo. Uwo mugi n'icyo gitii ni iby'ubugingo buhoraho. Ubundi rero nkuko tubizi mu buryo bw'Umwuka, ibyo byombi bishaka kuvuga Imana ubwayo. Mu Byah. 22 :3-5. Kuba baramenye Imana, bakayizera, bakayakira mu buggingo bwabo, nibwo bugungo buhoraho nta rundi rumuri urwo arirwo rwose bakeneye. Arikoo noneho nibagera muri uwo murwa, bazaba bahanganye n'Imana imbonankubone, ibyo twavuze bari bafite mu buryo bw'umwuka hano ku isi bizaba impamo no mu buryo bw'umubiri. Nta kwikanga indwara n'urupfu kuko bizaba byaribagiranye. Bazaba ari inzira-muze mu mubiri mu buryo bwose. N'ubundi nkuko umuntu yabaye umuntu muzima nyuma yo guhumekerwamo n'Imana, akaba muzima mu mwuka no mu mubiri,

niko umuntu utizera Imana aba atariho, ntitwagira ukundi tubivuga, ntawe uraho. Niyo mpamvu kugira ngo tubebo, Imana ikwiriye kubanza kuba iri muri twe.

IGICE CYA MAKUMYABIRI NA BIBIRI

Muri iki gicc baraduhamiriza cyane ibyo kugaruka kwa Yesu nk'ihame ridakuka. Aha tuhabona ijambo « kuza » ryasubiwemo inshuro ndwi zose : « dore ndaza » Ibyah. 22 :7

- « dore ndaza » Ibyah. 22 :12
- « ngwino » Ibyah. 22 :17a
- « ngwino » Ibyah. 22 :17b
- « naze » Ibyah. 22 :17c
- « Yee, ndaza » Ibyah. 22:20a
- « Amen, ngwino » Ibyah. 22:20b

Kuba iyi nshinga yarabanje gukoreshwa n'Imana, umuntu n'Imana bakagenda bayisubiramo, bifite icyo bitwigisha mu buryo butatu:

1. Imana niyo yabanje idusezeranira ko izaza noneho umuntu akishyuza iryo sezerano kandi kwizera k'umuntu kuza gukurikiye ijambo ry'Imana ryabanje muri we.
2. Nanone ku rundi ruhande, Imana isezeranira «kuza», abahamagara bifuza ko yaza vuba. Imana izaza kubw'abifuza ko yaza, bishyuza isezerano ryayo.
3. Imana izaza kubw'abizeye isezerano ryayo. Ntabwo iri sengesho risaba ritya, rikwiriye kuba amagambo y'iby'iyobokamana gusa, ahubwo kuba ubyizera kandi bigaragarira mu mibereho yawe ko witeguye kujyana nawe. Niyo mpamvu ubwo Yesu yigishaga gusenga, yibukije iki ngo : «ubwami bwawe buze» Mat. 6:10; Luka 11:2. Niyo mpamvu mu rurimi rw'urunyaramaya, abakristo ba mbere basuhuzanyaga ngo: « Marana tha ! » : ngino mwami wacu. Mu Byah. 22:17: «ufite inyota naze, ushaka ajyane amazi y'ubugingo ku buntu.» Aha haratwereka ko ubwami bw'Imana

ari ubw'ababushaka nk'abafite inzara n'inyota bahagizwa nabwo; batunzwe n'amazi y'ubugingo, ariyo Byanditswe byera. Uko ni ukwakira Yesu we Soko y'ubugingo cyangwa amazi y'ubugingo.

Yeremia 2:13; 17:13; Yoahana 4:10-15; Yohana 7:37-38. Ibyo rero, bibera hano ku isi muri ubu buzima bwa none. Ibyah. 22:7,9 ngo: «ukomeza, witondera amagambo y'ubu buhanuzi» ni ukuvuga ko amagambo yo mu Byahishuwe akwiriye kugaragarira mu mibereho yacu ya none; si ugu soma gusa mu magambo. Mu Byah. 22:18,19, hatubuza gusobanura ubu buhanuzi uko twishakiye mu biterezo byacu, twongera cyangwa tugabanya kubw'impamvu runaka cyangwa amarangamutima. Ububuhanuzi bwo mu Byahishuwe bukeneye idini rizima muri Kristo, rirangwa n'imico ye. Rikaba ryaranyweye ku mazi y'ubugingo, rikakira umucyo w'amatabaza arindwi.

«Imana ibahere hamwe nanjye imigisha n'ubushobozi bwo gusobanukirwa n'ibyanditswe byose. Nibyo mbasabira, nisabira nanjye mu izina rya Yesu Kristo wadupfiriye.» A L. Hands

*** *** ***

INTEGUZA ya Kristo
Cell-phone: 08612295.
KIGALI - RWANDA
e-mail: integuza@yahoo.fr

